



**EQUIPPING CHURCH LEADERS
• EAST AFRICA •**

UBUSOBANURO BWABIBILIYA

Byanditswe na

Jonathan M. Menn

B.A., University of Wisconsin-Madison, 1974

J.D., Cornell Law School, 1977

M.Div., Trinity Evangelical Divinity School, 2007

Equipping Church Leaders East Africa, Inc.

714 S. Summit St., Appleton, WI 54914

+1-920-2846841 (mobile and WhatsApp)

jonathanmenn@yahoo.com

www.eclea.net

Mutarama 2008; bisubiramo muri Gicurasi 2013; bikosorwa muri Nyakanga 2014; bisubirwamo muri Gashyantare 2015; bisubirwamo muri Nzeri 2015; bisubirwamo muri Nzeri 2016; bikosorwa muri Gashyantare 2017

Ishusho n'ubusobanuro bw'amahame y'ukuntu twasobanukirwa Bibiliya mu buryo bwukuri kwayo. Harimo n'imiterere ya Bibiliya, ibitekerezo by'imisemurire yaBibiliya ishusho y'ubwoko bw'imyandikire amahame yo gucukumbura no gusesengura no kwita ku gukoresha Bibiliya uyu munsi. Ingero z'amahame yo gusobanura no gushyiramu bikorwa byaratanzwe mu buryo bunononsoye.

IBIRIMO

I. Bibiliya n'ibikenewe mu kuyisobanura	3
A. <i>Bibiliya ni ihishurirwa ry'Imana ridasanze ku kiremwa muntu</i>	3
B. <i>Uburyo bumwe ubonamo Bibiliya yera bwerekana uburyo ubonamo Kristo</i>	3
C. <i>Impamvu z'amahame yangombwa yo gusobanukirwa Bibiliya mu buryo buribwo no kuyisobanura</i>	3
II. Ubusobanuro, ibikenewe, intego z'ubusobanuro bwa Bibiliya.....	4
A. <i>Imiterere n'ubusobanuro</i>	4
B. <i>Isano riri hagati y'imitetere n'ubusobanuro mu gusobanura Bibiliya</i>	4
C. <i>"Muburyo bw'umwimerere mu rurimi" bunyuranye "ubusemuzi bushingiye kugitekerezo" mu busemuzi bwa Blibiliya.....</i>	5
D. <i>Uburyo bwo gusobanura no gusesengura</i>	6
E. <i>Intego yo gusobanukirwa Bibiliya ni ukubaha ubutware bwayo no gukora ibyo ivuga.....</i>	6
III. Amahame rusange yo gusobanura kugira ngo usobanukirwe Bibiliya	6
A. <i>Bibiliya ubwayo ifite ubutware bwa nyuma bwo kwizera n' ubugingo</i>	6
B. <i>Bibiliya irisobanura ubwayo</i>	6
C. <i>Urujyano ni urufungozo rwo gusobanura no gusobanukirwa buri cyanditswe cyose cya Bibiliya.....</i>	8
D. <i>Ikinyuranyo hagati yo gusobanura ikintu n'itegeko.....</i>	12
E. <i>Ingero ziri hejuru zirerekana umumaro wo kumenya ibyanditswe neza</i>	14
IV. Ingeri z'imyandikire ya Bibiliya.....	14
A. <i>Inkuru</i>	15
B. <i>Ubusizi.....</i>	17
C. <i>Ibitabo by'ubuhanga</i>	18
D. <i>Ubuhanuzi n'iby'imperuka</i>	18
E. <i>Imigani n'ishushanya.....</i>	27
F. <i>Inzandiko.....</i>	30
V. Amahame yogusesengura icyanditswe cya Bibiliya	30
A. <i>Icyo kwitabwaho kugirangoutangire intambwe yo gusesengura</i>	30
B. <i>Imisesengurire iboneye no gusobanukirwa icyanditswe cya Bibiliya bishingira kubantu birimo ibice bitatu—kugenzura; gusobanura; no gukora ibyo icyanditswe kivuga.....</i>	31
C. <i>Gusabanukirwa urujyano</i>	31
D. <i>Imbata y'igitabo, igice cyacyo, umurongo.....</i>	34
E. <i>Soma mu buryo butuma uvumbura</i>	34
F. <i>Itondere ibirebana n'umuco n'amateka akantu ku kandi</i>	35
G. <i>Itondere ibigize ururimi mu cyanditswe</i>	35
H. <i>Itondere akantu ku kandi mu kibonezamvugo.....</i>	38
VI. Ubusobanuro bw' amagambo n'imizimizo.....	41
A. <i>Sobanura amagambo ushingiye ku gihe cyayo n' urujyano rwayo</i>	41
B. <i>Sobanura amagambo ushingiye kunshoberamahanga cyangwa imizimizo</i>	42
VII. Gushyira mu bikorwa igice	47
A. <i>Gushyira mu bikorwa Bibiliya mu buryo buhoraho bifitanye isano no gusobanukirwa Bibiliya</i>	47
B. <i>Gubishyira mu bikorwa Bibiliya mu buryo buboneye bishinze imizi mu ntego yo gusa na Kristo</i>	47

C. Gushyira neza Bibiliya mu bikorwa bigirana isano n'uburyo wayisobanuye ndetse no kuyisesengura	47
D. Gushyira Bibiliya mu bikorwa nabi bifitanye isano no gusobanura ndetse no gusesengura nabi.....	48
E. Amahame ya Bibiliya, inyigisho, n' ingero	49
F. Amategeko ya Bibiliya, amabwiriza, n' imirono ngendarwaho	50
G. Hari "ibantu bigaragara nk' icyuho" hagati y' ibiri muri Bibiliya byerekeye ku bibazo duhura nabyo, kuva Bibiliya idahita ikora mu buryo bwahuranije cyangwa busobanutse kuri buri kintu cyose umuntu yakwibazaho	53
H. Hari "icyuho cy'imico" hagati n' umuco wo muri Bibiliya harimo—amategeko, amabwiriza, n' imico ngenderwaho bishingiye kuri iriyamico—n' indi mico itandukanye n' ibihe turimo uyu munsi.....	54
I. Ibantu bidufasha kwerekana igice ko kiri mu muco ugira aho ugarukira, cyangwa mu bundi buryo utari rusange, n' ibiranga ko umuco ari umuco wambukiranya imbibi.....	56
J. Intambwe eshanu zo gushyiraho ikiraro ku kibazo n' icyuho cy'umuco igihe itegeko rya Bibiliya, amabwiriza, n' imirono ngenderwaho NTI bishobara gukoreshwa ugereranije n' ibihe turimo.....	62
K. Gukoresha uburyo bwogusobanura "mu gihe cy'icungurwa/n'umwuka wo gucungurwa" amategekoya Bibiliya, amabwiriza, n'imirongo nderwaho NTABWO BISHOBORA mu buryo bumwe kuko ntabwo ari amategeko yanyuma cyangwa meza agamba gukurikizwa n'abantu bose ndetse n'imico yose....	64
 IBITABO BYIFASHISHIWE.....	68
 UMWANDITSI	71
 UMUGEREKA A: Gregory Koukl, "Ntuzigere usoma umurongo umwe wa Bibiliya".....	71
UMUGERAKA B: KWIGA BIBILIYA BICIYE MU KUBAZA IBIBAZO KUBWO KUBWIRIZA KURI BISHINGIYE BIBILIYA.....	76
UMUGEREKA C: J. Daniel Hays, "Gushyira mu bikorwa itegeko ryo mu Isezerano rya Kera uyu munsi".....	78
 UMUGEREKA D: T. Wayne Dye, "Umuco n' umutima nama: ihame ntakuka rya Bibiliya n'ihindagurika ry'imico".....	86
 UMUGEREKA E: Cukumbura unavumbure amahame yo gusobanura: Amahame shingiro.....	97

UBUSOBANURO BWA BIBILIYA

I. Bibiliya n'ibikenewe mu kuyisobanura

A. Bibiliya ni ihishurirwa ry'Imana ridasanzwe ku kiremwa muntu

1. Abanditsi b'ibyanditswe byera bemeza ko Bibiliya ari ihishurirwa ry'Imana ry'ibyavuzwe bikanandikwa (reba, urugero, **Kuv 17:14; 20:1; 24:4, 7; 34:27; Neh 9:13-14; Yer 1:4, 9; Luka 3:2-4; 1 Kor 7:10; 1 Tes 2:2-9; 2 Tim 3:16-17; 2 Pet 1:20-21; 3:14-16**).
2. Inama mpuzamahang y'ubuziranenge bwa Bibiliya (ICBI) muri gahunda yitwa "Itangazo rya Chicago ry'ubuziranenge bwa Bibiliya" (1978: n.p.) ivuga muncamake imiterere ya Bibiliya mu buryo bukurikira:

"1. Imana, ubwayo ni ukuri kandi ivuga ukuri gusa, Yahumetse ibyanditswe kugirango binyuze muri byo yihishurire inyoko muntu yazimiye binyuze muri Kristo nk'umuremyi n'umukiza, umucunguzi n'umucamanza. Ibyanditswe byera ni umuhamya Imana yihamirizamo. . . .

2. Ibyanditswe byera, ni ijambo ry'Imana ryanditswe n'abantu bateguwe banayoborwa na Mwuka wera, ni ubutware mvajuru buzira amakemwa kuri buri kintu bivugwa mo cyose. Ni ibyo kwizerwa nk'amabwiriza y'Imana mu byo byemeza byose; bikwiye gufatwa nk'itegeko ry'Imana mu byo bisaba byose, kwakirwa nk'iserano mu byo idusezeranya; mu masezerano yayo yose. . . .

4. Irera kandi ni amagambo- yatanzwe n'Imana, nta makosa aba mubyanditswe byera cyangwa icyinyoma mu nyigisho z'ibyanditswe byose. Ntagupfobia icyo bivuga ku mirimo y'Imana mu irema mu bijyanye n'ibyabaye mu mateka y'Isi n'inkomoko yayo uko bivugwa ko yakomotse ku Mana n'ubuhamya bwayo ku Mana mu gakiza ka buri muntu."

B. Uburyo bumwe ubonamo Bibiliya yera bwerekana uburyo ubonamo Kristo

Urugero utizeramo Bibiliya ni rwo rugero utizeramo Kristo. Kunanirwa kumva bibiliya mu buryo nyabwo ni ukunanirwa gusobanukirwa Kristo.

1. Kristo ubwe yizeye ibyanditswe byera byose (Yoh 10:35). Yizeraga isezerano rya kera amateka yo mu Isezerano rya Kera nk'ayabayeho ko Atari ibihimbano (**Mat 12:39-41; 19:4-5; 24:37-39; Luka 10:12; Yoh 3:14**). Yizeraga ibitangaza byo mu Isezerano rya Kera (**Mat 12:15; Luka 24:25-27; Yoh 6:49**). Yigishije ko ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera ari ukuri bwavuye ku Mana (**Mat 24:15; Luka 4:1-13; Yoh 5:39**).
2. Yesu yavugaga ko Bibiliya ifite ubutware (Mat 4:1-11; Luka 4:1-13; Yoh 17:17). Yemeje ko amagambo ya Bibiliya yahumetswe n'Imana akava ku Mana buri jambo ryayo na buri nshinga biri mu nteruro byahumetswe (Mat 5:17-19; 22:31-32, 44-45; Luka 16:17). Yemeje ko yavugaga ibinyujije mu babantu (**Mat 22:43; 24:15**). Mugihe kimwe yatandukanije Bibiliya mu mico y'abantu itandukanye (**Mat 15:6; Yoh 5:46-47**).
3. We ubwe yivugije ko buri kintu cyose yavuze cyari ijambo ry' Imana (Yoh 8: 28-29; 12:44-50). Yivugije ko Bibiliya igomba kuzurira muri we (**Mat 5:17; 26:56; Luka 4:21; 22:37**).
4. Yanenze ukunanirwa gusobanukirwa Bibiliya kw'abantu (Mat 22:29; Luka 24:25; Yoh 3:10).

C. Impamu z'amahame yangombwa yo gusobanukirwa Bibiliya mu buryo buribwo no kuyisobanura

Bibiliya ni ihishurirwa ry'inyoko muntu igomba gusobanurwa kandi tukayumva. Nyamara, hariho impamu nyinshi dukeneye amahame yumvikana yo gusobanukirwa Bibiliya no kuyumva neza no gusobanura icyo irimo itubwira. Izo mpamu harimo izi zikurikra:

1. Bibiliya ni icumbi ry'ukuri kw'Imana mu mitekerereze ya muntu. Iman itagira iherezo ivugana n'umuntu ufiteiherezo. Yahisemo gukoresha abanditsi bagera kuri 40 banditse mugihe gikabakaba mu myaka 1300-1400 (c. 1400-1200 mbere ya Kristo-na nyuma ya Kristo 70 cyangwa 95). Mukwihihurira ikiremwa muntu Imana yakoresheje uburyo bw'ururimi rw'abantu. Rero dukeneye gusobanukirwa imikoreshereze y'ururimi.
2. Icyaha cy'umuntu, harimo n'imbaraga zo kuba mu cyaha mu bizera byateje umwijiima binanginza imitekerereze y'abantu, n'imyumvire (reba Itang 5:1-3; Zab 51:5; Yoh 8:31-34; Rom 3:9-18; 6:6-21; 7:14-25; Ef 2:1-3; Tito 3:3; 2 Pet 2:18-19).
3. Hariho intera hagati y'abantu n'ibikorwa bivugwa muri Bibiliya n'imico myinshi y'iki gihe. Imigenzo myinshi, uburyo bwakoreshwaga, ibikorwa byo mu iyobokamana, iminsi mikuru, n'ibindi

byaberaga ahantu hamwe bikumvikana mu bantu Bibiliya yandikiwe. Nyamara, biratandukanye cyane, cyangwa ntibyakumva n'abantu, b'ikigihe.

4. Hari intera y'amateka hagati y'abantu b'igihe Bibiliya yandikagwa ndetse n'ibyakorwaga icyo gihe n'iby'abantu b'iki gihe. Amateka yanditswe, gahunda z'ab'icyo gihe, intambara, abaturage, ibijyanye n'ubukungu, byumvagwa neza n'abicyo gihe Bibiliya yandikwaga. Ariko bitandukanye cyane mu kuba; bitumvikana mabantu b'iki gihe.
5. Hari intera y'akarere hagati y'ahantu n'ibikorwa by'abantu bo muri Bibiliya n'abantu benshi b'iki gihe basoma Bibiliya uyu munsi. Gushobora gusura akarere Bibiliya ikomokamo bishobora gufasha cyane imisobanukirwe yacu. Ariko imigi myinshi yo mugihe cya Bibiliya ntabwo ikiriho cyangwa ngo igaragare nk'uko yari iri mugihe cya Bibiliya ubwo yandikagwa ntibanagikikora nk'uko bakoraga muhihe Bibiliya yandikwaga.
6. Hari intera y'ururimi hagati y'ihe cya Bibiliya n'icyacu. Isezerano rya kera ryanditswe mu Giheburayo (n'Icyarameya). Isezerano Rishya umwimerere waryo ni Ikigiriki (n'Icyarameya). Izi ndimi zahinduriwe mubihugu. Kandi zirimo indimi zigezweho amagambo, inshoberamahanga, imvugo, itandukaniro rituma Utahuza nk'Ikinyarwanda n'izindi ndimi zigezweho.
7. Hari intera hagati y'imyandikire yo mugihe Bibiliya yandikwaga n'iy'ubu. Abanditsi ba Bibiliya bakoresheje ingeri nyinshi z' imyandire, kimwe n'imizimizo, inshoberamahanga, imitererey'imyandikire byari bimwe mu mico yabo. Bimwe mubigize iyo myandikire ntibihura n'imizimizo yacu n'uburyo bw'imyandikire.

II. Ubusobanuro, ibikenewe, intego z'ubusobanuro bwa Bibiliya

A. *Imiterere n'ubusobanuro*

1. Imiterere y'urwego rw'ururimi (ruzwi "imiterere y'inyuma") yita ku kibonezamvugo (imitererey'amagambo, interuro, n'ibitekererezo). Imitere y'interuro (imitondekere y'amagambo mu nteruro).
2. Urwego rw'ubusobanuro bw'ururimi (ruzwi kandi nko "gusesengura'imiterere yimbitse y'ururi") n'ibantu bigize ubutumwa birema imvugo yanditswe. Ubusobanuro bwa Bibiliya bushingiye mu gucukumbura ibyo Bibiliya ivuga. Ariko ubwo busobanuro bufatira kuri iyo miterere.

B. *Isano riri hagati y'imitetere n'ubusonuro mu gusobanura Bibiliya*

Kuvuga icyo umurongo wa Bibiliya usobanura tugomba kwita ku bintu bitatu:

1. Umwanditsi. Gusobanukirwa neza Bibiliya—cyangwa izindi nyandiko zifite agaciro zujuje amategeko —ikibazo cyambere tugomba kwibaza ni iki: “Ni iki *umwanditsi* yashakaga kuvuga igithe yandikaga uyu murongo?” Geisler avuga kubyerekeye ibijyanye n'ibi ibi bikurikira: “Icyo umurongo uvuga gishimangirwa n'umwanditsi ntabwo ari ingingo yo guhindurwa n'umusomyi. Ibi ntibivuga ko ihishurirwa ku murongo wa Bibiliya ridafasha cyane mu kugera ku gusobanukirwa kuzuye kuri uwo murongo ariko ntabwo ubusobanuro buri mu gice runaka uko kuri kuri muri irylo hishuriwa rije hanyuma. Ubusobanuro kandi buba bugaragara n'ukuri k'umwanditsi hakaba hari imbago z'imvugo n'ubusobanuro bw'umanditsi mu rurimi runaka mu muco no mu bihe barimo. Ubusobanuro butangwa n'umwanditsi, bugahishurwa n'umusomyi.” (ICBI 1982: Ingingo VII)
2. Umujoboro w'ibanze utwara ubutumwa. “Imana ntivigeze ivugira mu tuyaga ahubwo burigihe yavuganaga n'abantu bazwi neza ku kintu runakaka kizwi neza. Ubutumwa bwari bwanditswe mururimi rwabo, hakoreshwaga imvugo yabo bazi neza uburyo bw'imuyandikire bemera.” (Volvaardt 2005:19). Kuva ibitabo byo muri Bibiliya umwimerere wobyo byumvikana ko yandikiwe abantu bo mubihe byihariye. Tugomba kubanza kwibaza iki kibazo: “Ni iki iki gice kivuga mu rurimi rw' umwimerere?”
3. Igice ubwacyo. Hejuru y'umwanditsi n'umusomyi, hari “umwanzuro igice kigiramo uruhare kigaragaza ubusobanuro” (Ryken 2002: 116). Impamvu ni iyi, “Ntidufite umuntu wanditse Bibiliya ugomba gusobanura icyo ivuga mu gice runaka. Kandi ntitunafite abasomwi bandikiwe Bibiliya ngo babe bayidusobanurira baduhe ubusobanuro bw'ibyo bumvise mu gice runaka. Kubwiyo mpamvu tugomba kwemera igice dusomye nk'ukuri kugaragazwa n'umwanditsi yashakaga kuvuga nk'uko abakiriye ubutumwa bambere babwumvise.” (Walvaardt 2005: 47) Kubwiyo, “abasesenguzi mu busemuzi batwihanangiriza kutagwa mu mutego, ngo reka dutekereze ko umwnditsi yashakaga kuvuga ikindi kintu gitandukanye ni icyo yanditse” (Caird 1980: 61).

4. Incamacye.

- a. Ubusobanuro buvugwa muri buri gice cyo muri Bibiliya ni bumwe, burasobanutse, kandi ni ndakuka ni bwo busobanuro nyirizina.
- b. Kugenzura neza ubusobanuro mu gice ni ubusobanuro bwo mu gice cy'umwimerere no kucyo buvuga nyirizina.
- c. *Ubusobanuro bwa buri cyanditswe cya Bibiliya buringenga kandi bushingiye ku miterere yacyo.*

C. “*Muburyo bw’umwimerere mu rurimi*” *bunyuranye “ubusemuzi bushingiye kugitekerezo” mu busemuzi bwa Bibiliya*

Kuva igice ari igice cy’umwimerere mugushaka ubusobanuro, inyandiko yaBibiliya turimo dukoresha (tugomba kumenya ko iyo nyandiko yasemuwe) ni ingenzi cyane. Hari uburyo bwibanza bubiri bwo GusemuraBibiliya: (1) ubusemuzi “bushingiye kumwimerere w’ururimi ijambu ku ijambo” nka NASB, ESV, NKJV, na RSV, na (2) “ubusemuzi bushingiye kugitekerezo” ubusemuzi nk’ubwa NIV, NRSV, Good News Bible, New Living Translation, na Contemporary English Version.

1. Ibitekerezo biri inyuma y’ubusemuzi bwa Bibiliya (Ryken 2002: 85-91).

- a. “*Ubusemuzi bw’umwimerere mu rurimi*” bwibanda kurwego rw’imiterere y’ururimi rwo mu byanditswe bya Bibiliya. Bibanda *ku gusobanura amagambo* (ni ukuvuga, ibyemezo birebana n’icyo amagambo y’[Ikinyarwanda] avuga neza neza nk’Ikgiriki n’Igiheburayo mu mwimerere w’ibice byo muri Bibiliya).
- b. “*Ubusemuzi bushingiye ku gitekerezo*” bunita kandi ku miterere y’ururimi ariko bushingira ku “gitekerezo” cyangwa urwego rw’ubusobanuro. Biyemeza *gusobanura ingingo nyamukuru* igice kibumbatiye mu gice cy’umwimerere (ni ukuvuga, *ubusobanuro bushingiye ku imenyekanisha Mana* byo mubusobanuro bw’igice mu mwimererew’igice). Bitera gukoresha amagambo atondetse,ninteruro,itsinda ry’amagambo bidahuye n’umwimerere w’Ikgiriki n’Igiheburayo,nyamara, gusimbuza ayo amagambo nta n’umwe wavuga aho byakorewe. Ubusemuzi bwita kugitekerezo nyamukuru basobanuriye Bibiliya abasomyi ariko abasomyi ntibashobora kuvuga aho bikomoka. NIV na NRSV byita cyane ku kurinda umwimerere (muyandi magambo gutsimbarara ku gusemura bashingiye ku ijambu ku ijambo) kurusha uko bimeze kuri Jerusalem Bible cyangwa Good News Bible.
- c. *Kuvuga mu magambo yawe.* Hejuru yo gusemura ubusemuzi bwita kugitekerezo (muyandi magambo hirya y’inyandiko) ni ukuvuga mu magambo yawe kuvuga mu magamboyawé “kuvuga mu magambo yowe muburyo bwo kwita ku gitekerezo ariko icyarimwe hashyirwaho ikiraro kumico imwe n’imwe n’imwe byifashishwa hagati yacu n’igihe cya Bibiliya” (Wolvaardt 2005: 54). Kubwibyo “abasomyi bakira ubumenyi bwagutse muri uko gusemura bitewe n’umusemuzi (rero bikwiye gufatwa gutya)” (Ibid.). Inyandiko nk’izi zishobora kudufasha cyane mu kubona ibisobanuro bya Bibiliya, ariko hakitbwaho ko kubigereranya n’inyandiko z’umwimerere niba umuntu ashobora kuzibona.

2. Ikibazo cy’ingatu ku busemuzi bushingiye ku giterezo. Ubusemuzi bushingiye ku gitekerezo bwita ku “kubijanye no gusoma” ibyasemuwe kubw’abasomyi bo muri icyo gihe kuruta kwita kumyandikire y’abandi banditse. Nk’ingaruka bahindura umwimerere wa Bibiliya mu buryo nta wabyihanganira biramutse bikozwe ku icyinamico yakera cyangwa igitabo cy’inkuru ndende. Birangira bakuyemo amagambo menshi y’ingenzi mu bumenyi mu by’Imana yakoreshejwe n’abanditse umwimerere. Bityo, ubusobanuro bwa Bibiliya bw’ukuri bugahinduka ikintu gikomeye muri iki gihe—by’umwihariko ibijyanye no gusobanukirwa n’itandukanirio rito n’ubwiza bw’igice, harebwa ingingo zishingiye ku magambo amwe namwe, itsinda ry’amagambo n’imvugo hagereranwa ibyanditswe n’ibindi—igihe umuntu akoresha ubusemuzi urujyano nyendimi rutwereka ukuntu ibika cyangwa ibindi binyabumwe byuzuzanya mugice kinini cy’ibyanditswe. Ruduha kubona neza ubusobanuro nubwo ntacyo tureba kerekereye umwanditsi cyangwa se amakuru yerekeye abo yabwiraga (ni ukuvuga, ubusonuro bw’ururimi”), aho kuba ibyo abakosozi b’ikigihe batekereza ko umwanditsi w’umwimerere yatekerezaga (ni ukuvuga, “ubusobanuro bushingiye kungingo nyamukuru”) (Ryken 2002: 117, 147).

D. ***Uburyo bwo gusobanura no gusesengura***

1. Uburyo bwo gusobanura bugaragaza amahame abantu bakoresha kugirango basobanukirwe icyo ikintu runaka gisobanura ni ku kwisanisha n'ubuzima n'uko twabishyira mubuzima.
2. Gusesengura hanyuma bigakoresha ariya mahame mu kwiga witonze, ibyanditswe mu mu buryo bwa buri munsi bwo kwiga ibyanditswe mu kuvumbura umwimerere, w'ubusobanuro bw'igice bukenewe.
3. Uburyo bwo gusobanura n'ubwo gusengura byombi byisanisha gutya: “[Uburyo bwo gusobanura] bugirana isano n'uburyo bwo gusesengura nkubw'igitabo-cy'amabwiriza y'umukino kigira ku. . . Amabwiriza ntabwo ari umukino, kandi umukino ntacyo uricyo uafite amabwiriza. Uburyo bwo gusobanura mu kuri ntabwo ari uburyo bwo gusesengura, ariko uburyo bwo gusesengura bukoresha uburyo bwo gusonura” (Ramm 1970: 11).
4. Uburyo bwo gusobanura no gusesengura“bwifashisha” intambwe z'umwanditsi. “Igihe dusobanura icyanditswe dutangirana n'ijambo n'interuro biri imbere yacu tugasoza dusobanukiwe icyo bisobanura. Mu by'ukuri mugitekerezo gitandukanye n'icy'umwanditsi yafashe ige yandikaga icyanditswe. Abanditsi batangiranye n'icyo bashakaga gutangaza (ubusobanuro) hanyuma babishyira mu buryo , butari mu magambo, interuro, ibikan'ikomatanya ry'ibika.” (Wolvaardt 2005: 46)

E. ***Intego yo gusobanukirwa Bibiliya ni ukubaha ubutware bwayo no gukora ibyo ivuga***

1. Intego nyayo yo gusobanukirwa Bibiliya no kuyisobanura ni ugukora icyo ivuga. Gucira bugufi ubutware bwa Bibiliya no kumvira ibyo yigisha byombi ni intego yo kuyisobanukirwa kandi ni ngombwa biri mu bisabwa k'ubwo gusobanukirwa k'ukuri (reba **Zab 111:10; 119:98-100; Mat 7:24-27; Luka 6:46-49; Yoh 7:16-17; Rom 2:13; 1 Kor 13:2; 1 Tim 1:5; Heb 4:12-13; Yak 1:22-25**).
2. N'ubwo Bibiliya yandikiwe mu buryo bw'umwimere abantu bazwi no kumpamu runaka izwi, yandikiwe gutanga ubutumwa kubantu bose ngo bakore ibyo ivuga no mubihe byose (reba **Guteg 31:9-13; Neh 8:1-8; Yoh 17:20; Rom 15:4**). Kubw'ibyo, Osborne asobanura ko ubusobanuro bwa Bibiliya nk “izingiro” uzungurukaho “guhera kugice werekeza kurujyano, kuva kubusobanuro bw'umwimerere ubuhyanisha ni cyo bivuga cyangwa ubusobanuro bw'itorero uyu munsi” (Osborne 1991: 6). N'ubwo buri cyanditswe gifite *ubusobanuro bwacyo cyangwa uburyo bwo kugisobanura*, nyamara gishobora *kugira ishyirwa mubikorwa* mu buryo bw'inshi (reba ICBI 1982: Ingingo VII). Nyuma yo kuba twasobanuye icyanditswe no gusobanukirwa ubusobanuro bwacyo ningombwa rerokubaza tuti , “Gute iki cyanditswe nagishyira mu bikorwa?” Byanashoboka byaba ingenzi cyane, dushobora kubaza tuti, “Ni iki iki cyanditswe kimbuza?”

III. **Amahame rusange yo gusobanura kugira ngo usobanukirwe Bibiliya**

Amahame akurikira yo gusobanura ibyanditswe buri gihe arakoreshwa ige umuntu asoma anasobanura igice icyaricyo cyose cya Bibiliya. Amahame shingiro umunani yo gusobanura icyanditswe ari muncamake mu **MUGEREKA E: Cukumbura unavumbure amahame yo gusobanura: Amahame shingiro**.

A. ***Bibiliya ubwayo ifite ubutware bwa nyuma bwo kwizera n' ubugingo***

Kuva Bibiliya ari ijambo ry'Imana, nibwo butware bwanyuma. Itorero ririho mu bwigenge, imigenzo y'itorero, amateka y'itorero, kubaha abize Bibiliya, inararibonye ry'umuntu, n'ibitekerezo ni ingenzikandi bikwiye kumvwa kandi bikubawa. Nyamara, Bibiliya ifite ubutware hejuru y'ibintu byose. Niba umuntu, impamvu ze, ubunararibonye bwe, ubuyobozi bwe, cyangwa imigenzo ye bifite ubutware hejuru ya Bibiliya, ubwo uwo muntu aba yishyize hejuru y' Imana. Niyo mpamvu amategeko yose yo gusobanura no gusesengura ari ingenzi—gusa gusobanura neza ijambo ry' Imana nibwo dushobora kumva neza icyo Imana irimo kutubwira.

B. ***Bibiliya irisobanura ubwayo***

Bibiliya ni ikinyabumwe gihishura inkuru y' icungurwa mu kwizera biciye muri Kristo (reba **Luka 24:27, 44-47; Yoh 5:39**). Nyamara, ihishurirwa ry' Imana rigenda rikura—ni ukuvuga ko, ryihishurira muri Bibiliya. Umubare w' amahame y' ingenzi aturuka mu kuri.

1. Ntabwo ibyanditswe bivuguruza ibindi byanditswe.

a. *Bibiliya ibumbiye hamwe.* Rero, ibyanditswe bibiri bigaragara nk' ibivuguruzanya ariko usanga atariko bimeze ige bizasesengurwa neza. Umurongo umwe ushobora guhindura undi cyangwa ukawuha ubusobanuro, ariko ntibizavuguruzanya.

b. *Rimwe na rimwe ibitekerezo bibiri cyangwa birinze byombi bizagaragara nk' ibitekerezo biboneye, ariko ntibizagaragara nk' ibihanganye.* Urugero, ubutware bw' Imana n' inshingano z' umuntu birakomeye kubihuza, ariko Bibiliya ibygisha byose neza. Murugero nk'uru, wibuke ko Bibiliya irimo ukuri kw' Imana ku muntu ufite imitekerereze ifite aho igarukira, mu bitekerezo. "Igihe ibitekerezo bibiri cyangwa birenga ari ukuri byigishwa mu magambo agaragara nk' ashayamiranye, wibuke ko ubwenge bwawe bufite aho bugarukira. Wifata iyo nyigisho mu buhezanguni ngo ufate Imana nk' itaragize gahunda yo kutayihuza n' imyumvire yawe! Reka Imana ivuge utageragaje kuyikosora no kuyisobanurira ibyo ubwayo yivugiye. Ibuka ni Imana—uri umuntu. Gusa ca bugufi mu mutima wawe mu kwizera wizere ibyo Imana ivuga, nubwo waba utabyumvise cyangwa ngo ubihuze n' imyumvire yawe ako kanya." (Arthur 1994: 62)

2. Zombi intambwe z' amategeko y' icungurwa "inama z' Imana zose" (**Ibyak 20:27**) zigomba kwita ku ngeri kugira ngo tugire gusobanukirwa icyanditswe cyihariye. Bibiliya ni ikinyabumwe kitubwira inkuru imwe ibumbiye hamwe. Nyamara, ukuri kwa Bibiliya ntikwhahishuriwe icyarimwe kwahishuwe gahoro gahoro mu gihe kirekire. **Isezerano rya Kera** riteguriza ubutumwa bwiza, ibitabo by' **ubutumwa** bwiza bigaragaza ubwo butumwa; **Ibyakozwe n' intumwa** ni ukwaguka k' ubutumwa, **inzandiko n'** ubusobanuro bw' ubutumwa, n' **ibyahishuwe n'** umwanzuro w' ubutumwa. Ubusobanuro bwuzuye bw' icyanditswe cyihariye ntibushobora gusobanuka igihe Bibiliya yose ititaweho n' intambwe z' amateka yo gucungurwa zititaweho. "Gusoma Bibiliya murujyano rwayo rwuko *ari ijambo ry' Imana* harimo kuzuza amategeko nko kuboneza umuzoso w' urujyano rw' icyanditswe cyihariye" (Johnson 2007: 156).
 3. Isezerano Rishya risobanura Isezerano rya Kera. Bivugwa ko "Irishya riri mu rya Kera mu buryo butagaragara, Irya Kera ryahishuriwe mu Rishya." "Ukuza k' Umwami wacu kwahinduye uburyo twari dusanzwe dusobanukiwemo Isezerano rya Kera. Intumwa zasobanukiwe amategeko mu mucyo w' umurimo wa Yesu, ubutumwa n' icyubahiro cye. Imyumvire ya kera y' amagambo ya Mose n' abahanuzi yangombaga guca mu guhindurwa no kuza k' Umwami wacu." (VanGemeren 1990: 83) Yesu n' abanditsi bo mu Isezerano Rishya babonye mu buryo bumwe Bibiliya nk' igitabo kivuga kuri Yesu, niwe muntu w' ingenzi kandi niwe nsanganyamatsiko ibumbatiye (**Luka 24:25-27, 44-45; Yoh 5:39, 40, 46; Ibyak 3:18, 24; 10:43; 26:22-23; 2 Kor 1:20; Heb 1:1-3; 1 Pet 1:10-13**). Gusobanukirwa Isezerano rya Kera bidufasha gusobanukirwa ibyo Yesu yivuzeho. Isiraheli yo mu Isezerano rya Kera n' amategeko yayo, n' imihango, n' ibindi bakoraga byari "igicucu," "igishushanyo," cyangwa "inger" z' ukuri ko mu Isezerano Rishya (**1 Kor 10:1-6; Kol 2:16-17; Heb 8:1-10:22**). Amategeko yomu Isezerano rya Kera n' imihango n' ibindi byakorwaga by' uzurijwe muri Kristo (**Mat 5:17; 2 Kor 3:13-16; Gal 3:23-4:7**). Hari ugukomeza no kudakomeza hagati y' Isezerano Rishya n' Isezerano rya kera. Isezerano Rishya ryubakira ku bitekerezo by' Isezerano rya Kera akensi mu buryo butangaje. Rero, "buri gihe somera ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera mu mundorerwamo y' ibyanditswe byo mu Isezerano rishya" (Leher 2006: 177). Mu ngero kuri ibi harimo ibi bikurikira:
- a. *Amategeko mboneza mirire.* **Lewi 11:1-23** kubuza Abisiraheli kurya ubwoko bw' inyamaswa zitandukanye. Muri **Mariko 7:19, Ibyak 10:9-15, Kol 2:16-17**, na **1 Tim 4:1-5** iri buzwa ry' ibyo kurya ntirikiriho. (Itandukaniro rito ni kunyamaswa zaterekerejwe ibigirwamana zifatwa nkizizira **2 Abakorinto 8**.) Ubusobanuro bwimbitswe cyangwa ukuri ko mu byo mu Isezerano rya kera, ubuhanuzi, n' ibindi bintu byose bilihinka ibintu byumvikana mu umucyo w' Isezerano rishya. "Isezerano rishya" ryatangajwe na Yeremiya muri **Yer 31:31-34**, mu ishusho ryaho hagaragara ko havuga ubwami bwa Isiraheli na Yuda. Mu byukuri isohora ryaho riboneka muri Kristo ndetse n' abamukurikira (reba **Luka 22:20; 1 Kor 11:25; 2 Kor 3:6; Heb 8:6-9:15**). Mu buryo bumwe ku Munsi wa Pantekote mu **Ibyak 2:29-36** Petero yabivuze neza ko umuzuko wa Kristo washohoje ibyavuzwe muri **2 Samweli 7** (ni ukuvuga, "Isezerano rya Dawidi") Igihe Imana yarahiriraga Dawidi ko abamukomokaho bazicara ku ngoma ye.

4. Icyanditswe cyumvikana gishobora gusobanura icyanditswe kitumvikana cyangwa kigoye kumvikana.

a. *Ibice bimwe bishobora kuzana urujijo bigasaba ibindi bice byo kubisobanura.* Muri **Yes 7:14** *ijambo ry'* igiheburayo ryasemuwemo "isugi" risobanura mu buryo buri bwo "inkumi" nyamara Matayo yasubiragamo uyu murongo mu Kigiriki akarikoresha ku kuvuka kwa Yesu (**Mat 1:23**); *ijambo ry'* Ikigiriki akoresha rifite ubusobanuro bw' "isugi."

- b. *Imirongo imwe igaragara nk' iyumvikana ariko itumvikana mu buryo bwuzuye.* Ibindi bice ni ngombwa mu kuzuza imyumvikanire yabyo. Urugero, **Mat 21:22** haravuga ngo “*ikintu cyose uzasaba mu isengesho, wizeye, uzagihabwa.*” Bamwe bakoresha uyu murongo babijyaho impaka “ babyita ko ari ubumenyi mu by’ Imana—ni ukuvuga ngo abizera bashobora kubona ibyo basenjeye, gusa impamvu ni uko batabibona kuko baba badafite ukwizera. Nyamara icyanditswe cyunganira ugusobanukirwa kwacu ku birebana n’ isengesho. Yakobo aravuaga ati “*murasaba ntimuhabwe kuko musaba nabi mushaka kubyahisha irari ryanyu*” (**Yak 4:3**). **1 Yoh 5:14-15** isengesho ryiza rifite icyo risabwa mu kurisenga “*kugendana n’ ubushake bw’ Imana*” (ntabwo ari ubushake bwacu). Imana Data yanze gusubiza icyifuzo cy’ intumwa Pawulo (**2 Kor 12:7-9**) ndetse n’ Umwami Yesu ubwe (**Luka 22:41-42**)—nta n’ umwe wari ufute ikibazo cyo kubura ukwizera”.
- c. *Igice kitumvika nicyo kiba gifite ubusobanuro butumvikana cyangwa bitoroshye kubwumva.* Icyanditswe kitumvikana ni kimwe kiba gifite imvugo iri ukwayo—ni ukuvuga ishobora kuboneka ahantu hamwe gusa, noneho hakabaho ikintu kiba cyarashizweho n’ umwanditsi mu buryo cyaba gisobanura gake ku byashyizweho n,’umwanditsi wa Bibiliya kubijyanye n’ icyo bisobanura mu buryo bwihariye. Kubera ko ubusobanuro butumvikana, ntabwo dukwiriye kurema inyigisho tuwushingiyeho.

(1) Mu gihe nk’ iki dukwiriye kwita ku bintu bibiri:

(A) *Reba icyanditswe cyumvikana ku ningo imeze kimwe ni iyicyo cyanditswe kitumvikana mu “rujyano rusange” rw’ ibisigaye by’ igitabo cyose, imvugo, cyangwa na Bibiliya uko yakabaye yose.* Gerageza guhuza icyanditswe kitumvikana n’ icyanditswe cyumvikana. Icyanditswe cyumvikana gishobora kutubwira ibyo icyanditswe kitumvikana kitasobanuye.

(B) *Ita ku kuntu “ibitekerezo bigenda bikurikirana” n’ intego y’ibanze “y’ urujyano rwaho icyanditswe kiri.”* Urujyano rwaho iyo mvugo itumvikana iboneka” hashobora ubwaho kuzana imbibi kucyo gishobora gusobanura cyangwa ntihanabisobanure.

(2) Icyanditswe kitumvikana gishobora gukomeza kutumvikana. Mu kugira mu bitekerezo igisigaye cyo ku cyanditswe, biriya bintu byumvikana, n’ ukuri kuko ibyanditswe bitavuguruza ibindi, dushobora kuvuga nibura icyo icyanditswe kitavuga kitumvikana. Dushobora kuvuga na none icyo icyanditswe kitumvikana kivuga dushobora ntagushindikanya, cyangwa uburyo bushoboka bwose, gisobanura.

(3) Urugero rw’icyanditswe kimwe kitumvikana ni 1 Kor 15:29 kivuga ku bantu ba “babatiriijwe abapfuye.” Nta kindi cyanditswe kivuga ibintu nk’ ibi haba k’ “umubatizo” cyangwa “abapfuye” hateganya ikintu nk’ iki. Ikintu cyumvikana neza kidufasha gusobanura neza imvugo ni urujyano rwaho icyanditswe kiboneka. Imvugo ya Pawulo ntabwo yari integeko (ni ukuvuga ko adategeka abantu kubatizwa mu muckyimbo cy’ abapfu b’ abavandimwe n’ inshuti zabo). Urujyano rwo mu **1 Abakorinto 15** ni uko Pawulo “Pawulo abatiza abapfuye” ntabwo biboneye, itsindagira ry’ ingongo zo kurwanya abarwanya umuzuko (**1 Kor 15:12**). Nyamara imiterere n’ ubusobanuro “byo kubatirizwa abapfuye” ntabwo byumvikana, icyo Pawulo ashimangira ni ukuri: “Nib anta muzuko, niba abapfuye batazuka ni iki umubatizo wo kubatiza abapfuye umaze? Abakora uno muhango bagaragara nk’ abasazi niba nta muzuko w’ abapfuye? . . . Izingiro ry’ iki gitekerezo ni ukuvuguruzanya haba hagati y’ imyemerere yabo n’ ibyo bakora. Bizera ko nta muzuko uriho. Bizera konta muzuko, imirimo yabo igahakana iyo myizerere yabo.” (Kaiser, et al. 1996: 617).

C. *Urujyano ni urufungozo rwo gusobanura no gusobanukirwa buri cyanditswe cyose cya Bibiliya*

Urujyano ni ikintu kiza kugirango usobanukirwe unasobanure icyanditswe icyaricyo cyose. Urujyano rusobanura “ibijyanan’ igice.” Hari, mu by’ukuri, *ubwoko bubiri bw’ urujyano bugira* icyo bukora kuri buri cyanditswe: *Urujyano nyendimi n’ urujyanonyamateka (nyamuco).* Urujyano nyendimi rushobora kwigirwa muri Bibiliya gusa. Urujyano nyamateka rusaba gukoresha amakuru ari inyuma ya Bibiliya.

1. Urujyano nyendimi.

- a. *Urujyano nyendimi ni “amagambo, interuro ibika, cyangwa ibice bizengurutse binafitanye isano n’ igice”* (Doriani 1996: 31). Urujyano nyendimi rutwereka uko igika cyangwa ibindi binyabumwe byuzuza igice kinini cy’ icyanditswe. Ruduha ishusho nini y’ ubusobanuro, n’ ubwo tutaba tuzi byinshi ku mwanditsi cyangwa abo yabwiraga ba mbere.
- b. *Ibice bya Bibiliya n’imibare ntabwo byari bifite ahobihuriye n’inyandiko z’umwimerere za Bibiliya ya.* Ibice tubona muri Bibiliya muri iki gihe ntibyabagaho ntibyagaragaraga kugeza mu 1200; imirongo yo mu Isezerano rya Kera ntiyari yakagaragara imirongo yo mu Isezerano rya Kera yagaragaye mu 1400 imirongo tubona yo mu Isezerano Rishya igaragara yabonetse mu 1551 (Metzger na Coogan 1993: 105-07). Kuberako ibice n’imirongo byandikiwe kugirango bidufashe nko kumenya ibyo dusomye aho tubikuye “Ntibyemerwa burigihe mu mwimerere mu myagukire y’igitekerezo mu gice” (Ibid: 105). Inimero ku mirongo ziteza urujijo kuko umurongo “utagaragara wonyine”mu busobanuro bwawo, ariko ntibubikora.
- c. *“Ibitekerezo biri hamwe”muri Bibiliya ni gika, ntabwo biri mu mu murongo.* “Urufunguzo rw’ubusobanuro rwa buri murongo buva mu gika ntabwo ari mw’ijambo riri ukwaryo” (Koukl 2001: n.p.). Impamu y’iki ni uko “urujyano rwubaka umurongo rukawuha ubusobanuro nyakuri. . . . Ibi bibaho kubera itegeko rigenga itumanaho: Ubusoanuro burigihe buhera hejuru humanuka bujya hasi kuva kugitekerezo kinini ujya ku gito ntayindi nzira ihari. (Ibid.) Icyongeyeho, “igika gishingira kungingo yumvikana kibumbatiye. Nyamara iyo ngingo ishobora gushingira kubantu bitandukanye ibi byihuriza hamwe mu kurema ingingo.” (Wolvaardt 2005: 99) Amagambo gusa n’igikoresho gikoreshwa n’umwanditsi avuga igitekerezo cyagutse nk’ingingo afite mu mutwe we. “Ijambo ntiriyiga rikoreshwa ryonyine rikorana n’ayandi mu kurema interuro (cyertse mu ijambu rimwe iyo interuro yihagije, ku nteruro ziyizengurutse mu kwerekana ubusobanuro bwayo)” (Ibid:48).
- d. *Nyamara amagambo ukwayo n’imirongo, ni ingirakamaro, mugusobanukirwa Bibiliya neza icyibanze ni uguhera ku kungingo nto ujya ku nini.* Ijambo rikomeye kumvikana mu rujyano rw’umurongo aho riboneka; umurongo ugasobanurirwa mu umucyo w’igika ugaragaramo igika gikenera gusobanurirwa mu mucyo w’ibindi bika kigaragaramo bikizengurutse ibantu byose bikwiriye gusobanurwa n’ingingo nyamukuru igize igice cyangwa igitabo cyose. Iki ni ingenzi cyane Koukl ashiraho iyi ngingo: itegeko ry’ibanze rigira riti, “*Ntuzigere usoma umurongo.* Ahubwo, nibura, jya usoma igice. Buri gihe ushakishe urujyano rw’umurongo. Ugenzure uruhererekane rw’ibitekerezo. Hanyuma wite ku murongo. . . . Ni ingenzi cyane ni isomo ryo gushyirwa mubikorwa ntigeze niga . . . kandi [ikintu] cyoroshye ntazirirwa nkwigisha”(Koukl 2001: n.p.; tiyi ngingo yongewe ku **MUGEREKA A**).
- e. *Urujyano nyendimi ni nk’urwego rw’ibitekerezo.* “Ibice bya Bibiliya bigaragaza intambwe imwe incuro imwe, mu buryo bw’urukurikirane, igitekerezo kimwe gikurikira ikindi gikurikiraho. Nk’uko bitaba aribyo kugera ku mutambiko wa karindwi, w’urwego uturutse kumutambiko wambere ukamanuka ukajya kuwagatatu ntakwita ku buryo urwego imitambiko ikurikirana, kubwiyo mpamu ni ubusazi gusimbuka ‘urwego’ muri Bibiliya ntakwita kuruhererekane,rw’ibitekerezo n’ibikorwa.” (Doriani 1996: 32)
- f. *Urujyano nyendimi ni nk’ikizenga.* Umuntu akwiye kwita kuri byombi kurujyano nyendimi “rusange” (bishatse kuvuga, agace, igitabo, imvugo y’aho umurongo uri, n’ubusobanuro “butaziguye”nyendimi “bifatiyeho” ni ukuvuga interuro, ibika, bizengurutse umurongo uri kwigwaho) igehe usobanura intego n’ubusobanurobw’umurongo ibyo aribyo. “Igihe umuntu ajugunye ikibuye mu kizenga, agace kijugunyemo gahinduka uruziga aho ikibuye cyaguyemo. Izingiro ryaho ibuye ryaguye bihwanye n’icyanditswe uri kwigaho, ukwibirindura kw’amazi ajya hirya no hino guhagarariye igice kindi gisigaye cy’igitabo. Uruziga rwo mu izingiro ni izingiro (ubusobanuro), ubwo busobanuro burushaho kuyobora icyanditswe usoma.” (Doriani 1996: 33)
- g. *Nibyiza gusoma igitabo cyose mbere y’uko usoma igice kihariye.* “Kubera ko umwanditsi yatambukishije ubatumwa bwe bwose muri icyo gitabo ubusobanuro bwacu ku gice kihariye kubusobanuro bwo mu gitabo aho icyo gice giherereye” (Wolvaardt 2005: 90). Mu gusoma igitabo cyose ubona “ishusho nini” uruhererekane rw’ibitekerezo nk’uko umwanditsi yabitondetse uko bigenda bikura biturutse muntangiriro y’igitabo kugera kumusozo wacyo.

Gerageza kwirengagiza igice n'imirongo uko bigabanijemo. By'umwihariko mubitabo bigufi ushabora kubisoma uko ubishaka muri gahunda imwe mu byukuri gusoma igitabo incuro irenze imwe ni byiza cyane. Utangira kubona ingingo nkuru n'ibantu umwanditsi yitayeho mu kwandika. Utangira kubona ibika ubwabyo ukuntu byuzuzanya muri make utangira kubona byombi ubusobanuro buziguye n'utaziguye mu icyo gice urimo gusoma.

h. *Hafi ya buri murongo uwariwo wose wa wusobanura murujyano nyendimi ruwuzengurutse.* Rimwe narimwe ubusobanuro bw'umurongo buba bwumvikana, ariko rimwenarimwe ubusobanuro nyendimi butanga urujyano rw'ukuri. Hano hari ingero ebyiri:

(1) Akensi incuti z'abakirsto, cyangwa abashumba mu gusabirana umugisha bashobora gusubiramo uyu murongo Itang 31:49 nk'ijambo ry'ubucuti no guhana agaciro—“Uwiteka agenzure hagati yacu nituba tutakibonana.” Nyamara ubusobanuro bw'umurongo bwerekana imvugo yakoreshewe yari iya Labani abwira Yakobo. Ubusobanuro bwagutse bwo mu **Itang 29-31** haduhishurira uburiganya bwa Labani kuri Yakobo, no kubura ikizere hagati yabo. Ubusobanuro bwaho bushingiye mw'**Itang 31:22-55** hatwereka imvugo yakoreshewe nk'inxitizi z'ikizere gike. Nk'ingaruka, z'icyo yavugagaLabani nicyo iki “Imana igushyireho ijisho kandi iguhane nurenga uyu murongo cyangwa ugahemukira abakobwa banje.” Kubwibyo, ubusobanuro bwerekko imvugo ya Labani itankukanye n'ubusobanuro uhoreye kumikoreshereze y'iki cyanditswe (igihe gikuwe mu busobanuro).

(2) Muri Luka 17:5 abigishwa babwira umwami bati “Twongerere ukwizera!” Mubigaragara ni ikifuzo cyiza. Nyamara ubusobanuro bubiba ishusho zitandukanye. Muri **17:34** (ubusobanuro bwimbitse) Yesu yababwiye kubabarirana inshuro zirindwi ku munsi. Muri ubu busobanuro ubu busobanuro “twongerere ukwizera” bishobora gusobanura “Turashaka kugerageza kubikora no kukubaha, kubwibyo, dufashe nyamuneka mu kutwongerera ukwizera gusumbye uko dufite” cyangwa ntitwabishobora kereka utwongereye ukwizera” igisubizo cya Yesu muri **17:6-10** ubusobanuro bwaho bwerekana ko bari bafite ugucirwa urubanza mumyitwarire yabo mumyifatire yabo ya kabiri bifuzaga guhindura imyifatire . Imvugo ye ku kabuto ka Sinapi (**17:6**) igaragaza ko bari bafite ukewizera guhagije. Umugani werekeranye n'umugaragu (**17:7-10**) usobanura ko umuvandimwe atari igikorwa kidasanzwe ntabwo ari igikorwa gikomeye cyo kwizera, ahubwo muri macye ni inshingano y'umugaragu muri ubu busobunuro “gutabaza basaba kongererwa ukwizera birenze gutegekwa ni uguasa imbabazi kubwo kutumvira. . . . Nyamara ibice byinshi bidushishikariza gusaba ukwizera, Luka17:5 ntabwo ari hamwe muhadushishikariza gusaba ukwizera. Niba ikintu icyaricyo cyose kudahisha ukutumvira kwacu inyuma (amagambo y'iokamana).” (Doriani 1996: 34)

i. *Imvugo yo mw'Isezerano rya Kera cyangwa urujijo mu isezerano rishya.* “Hano hari byibuze amagambo 257 hamwe n'ibisobanuro birenga 1.100 (kubwa Nestle-Aland Inyandiko za Kigiriki) zo mw'Isezerano rya Kera mw' Isezerano Rishya” (Osborne 1991: 277) Ibantu bihura by'irebero [bishatse kuvuga utapfa gukora utabisesenguye] “hashobora kubaho gushimangira gukomeye kuberako umwanditsi yatekereje ku bumenyi bw'abasomyi (Ibid.: 135). Imvugo nk'iyi n'ingero zishobora kubonwa kandi zikagenzurwa. Imvugo nk'izi cyangwa ingero akensi, ariko si burigihe cyose, umwimerere w'urujyano ruri inyuma y'imvugo cyangwa ibitekerez ubwabyo. Urujyano rwo mu Isezerano rya Kera rushobora kuzana ubusobanuro bwimbitse cyangwa bukongeramo ubutunzi mu byanditswe byo mu Isezerano Rishya mw'Isezerano rya kera Isezerano kandi ryongera byinshi mubivugwa mw'Iserano rishya. Cyangwa ushabora kubikoresha byose wiga cyane guhuza Isezerano Rishya n'Iryakera icyo bivuga. Ibyo bigaragaza neza Isezerano Rishya ndetse n'uburyo umwanditsi yumvamo ibantu mubusobanuro bwabyo (Ibid.: 136).

2. Urujyano nyamateka (nyamuco).

a. *Urujyano nyamateka (cyangwa nyamuco) ni “umuco, imigenzo, indimi, imyemerere ndetse n'amateka y'umwanditsi n'abantu n'ababumvise”* (Doriani 1996: 31). Urujyano nyamateka ruduha kubona neza uko igice cya Bibiliya kihuza naho kibarizwa. Ruduha amakuru ashobora

kudusobanurira ibimenyetso amagambo, amatsinda' amagambo, imigenzo, abantu, ahantu, n'ibihe abanditsi ba Bibiliya bagendeyeho.

b. *Uko turushaho kumenya ibijyanye n' isiy'igihe cya Bibiliya, niko dushobora turushaho gusobanukirwa Bibiliya ubwayo.* Ubuzima n'igihe by'abantu ndetse n'umuco byo muri Bibiliya byaduha amakuru y'ingirakamaro yadufasha gusobanukirwa inyandiko za Bibiliya.

Ubusobanuro bushinze imizi mu mateka ntibigaragazwa muri Bibiliya kuko amabwiriza y'umuco n'amateka byari bizwi neza n'abantu bo mugihcye cya Bibiliya. Niyo mpamvu ibindi bikoresho bitari Bibiliya ubwabyo nabyo bishingirwaho. Urugero inkoranyamambo za Bibiliya, amashusho y'ibyabaye, ibitabo by'amashusho, ibitabo bivuga kubantu bitandukanye, ndetse n'ibindi bitabo byagiye bishingirwaho.

c. *Shaka amakuru arebana n'urujyano nyamateka muri Bibiliya.* Igihe umuntu asoma afite amatsiko mu mitekerereze, amakuru arebana n'amagambo ya Bibiliya bishobora gutuma yibaza ibihe by'umuco cyangwa amateka abi icyo gihe barimo. Ibi bidusunikira mu gukora ubushakashatsi bwimbitse cyangwa kwiga. Nanone Bibiliya yerekana ibyakera bigenderwaho.

d. *Urujyano nyamateka rufatiye ku muco rwakumvikana cyangwa rwahindura imyumvire yacu kunyigisho.* Ingero zikurikira ziragaragaza uburyo imyumvire yacu dufatiye kumuco byadufasha mu myumvire yacu:

(1) Ubumenyi kumateka y'imyambarire y'Abanyepalesitina n'imico yabo bituma tugira ubumenyi bwimbitse ku byanditswe bimwe nabimwe. Imyambaro yari ihenze cyane, kandi abantu bari bafite amakanzu macye cyane. Kubw'ibyo, igihe Yesu yavugaga ati "umuntu nakwaka ikanzu ujye umuha umwitero" (**Mat 5:40**), icyo yadusabaga ni ukwibabaza tugatanga mu buryo bwo kwigomwa n'ubwo imyambaro yari iyagaciro. Abari bashinzwe kwica abantu babaga babambwe babacuzaga imyenda nk'inyungu babonaga mukazi kabo (reba **Mat 27:35**, uriya murongo n'andi makuru adashingiye kuri Bibiliya Bigaragaza ko Yesu yabambwe yambaye ubusa, ndetse nta n'urubindo yari yambaye). Icyongeyeho, mu mugani w' umwana w' ikirara (**Luka 15:11-32**), "mu gucebura ikanzu kugira ngo yiruke, se yashoboraga kugaragaza imwe mu myenda y' imbere. Ariko se yitaye cyane ku muhungu we kuruta kwita ku bintu igihe se yabonaga umuhungu we yatumije ikanzu, impeta, inkweto, abumvaga ba mbere bamyenya ko yari agarutse mu rugo." (Doriani 1996: 46)

(2) Ubumenyi ku mateka y' Abisiraheri n' Abaroma bituma ugusobanukirwa kwacu kuba kw' imbitse ku byanditswe bimwe na bimwe. Yesu mu kwinjira muri Yerusalem (**Yoh 12:13-15**), abantu bazunguje amashami y' imikindo, kandi Yesu yari atwaye indogobe, ntabwo ari ifarashi. Amashami y' imikondo cyari ikirango cy' igihugu cya Isiraheli. Amashami y' imikindo yanabaga no kugiceri cyabo mu kwigomeka kubaroma mu ntambara muri 66-70 nyuma y' urupfu rwa Kristo. Kubw'ibyo, igihe Yesu ynjiraga muri Yerusalem, abantu bazunguje amashami y'Imikindo uko kuyazunguza "bishobora neza kwerekana ibyiringiro by' igihugu ko umucunguzi uzababohora yahageze" (Carson 1991: 432). Nyamara, Yesu "ntiyigeze ynjira muri Yerusalem ari ku ifarashi y' intambara . . . yari kuba agaragara ko ari umunyepolitike wifuza ikivunge cy' abantu bo kumukurikira kugira ngo bahangane bya kinyeshyamba, ariko yahisemo kwigaragaza nk' umwami uje mu mahoro, umugwaneza kandi utwaye indogobe" (Ibid.: 433). Ayo makuru y' amateka kandi azamura itandukaniro hagati yo kuza kwa mbere kwa Yesu no kugaruka kwe. Bibiliya ikoresha imvugo y' ibimenyetso ivuga ko igihe Yesu azagaruka azaza, atari kundogobe, ahubwo ku "ifarashi y' umweru" arikumwe n' ingabo ze" ku ifarashi y' umweru" mu "ntambara yo guhana no guca imanza" (**Ibyah 19:11-14**). Muri Roma yakera, abajenerali babaga batsinze mu nambara zikomeye rimwe na rimwe bagiraga ikirango cy' "intsinzi" aho binjiriraga muri Roma kumagare akururwa n' amafarashi ane y' umweru, ingabo zabo zatsinze zibakurikiye (Ramsay 1875: 1163-67).

(3) Ubumenyi bwerekanye n'ubumenyi bw'isi yakera budufasha gukosora imyumvire ku byanditswe bimwe na bimwe. Mu **Ibyah 3:15-16** Yesu arabwira itorero rya Lawodokiya ku "kuba ridakonje kandi ntiribile," aragira ati "kuko arakazuyazi. . . . nzakuruka." "Ishusho ya Lawodokiya yo kudakonja cyangwa ngo ibire ariko ikaba

‘akazuyazi’ mu buryo bwabo barabyumvise ko ari ihwanisha ryo kubura gushyuha ko mu buryo bw’ umwuka no kugira umutima w’ igice wo kwiyemeza gukurikira Kristo. Iribazo kimwe aha ni uko icyifuzo cya Kristo ari uko ‘bakonja cyangwa bagashyuha’ bishatse kuvuga ko gushyuha no gukonja byose ari byiza. Ubirebeye mu buryo bwa kera, nyamara, yababonye nk’ abakonje” mu buryo bubi, igitekerezo mu bigaragara ni uko Yesu ashaka ko abasomyi baba abanyamwete (‘gushyuha’) kuri we cyangwa ntibiyemeze (‘gukonja’) ariko ntibabe mu mayirabiri. Ntibimeze nkaho Kristo yabasabaga kuba abatari abumumaro (nyamara reba 2 Pet 2:21). Ubusobanuro bwinshi bwavuba bufata ihwanisha mu buryo butandukanye n’ ubu. Ishusho yo gushyuha, gukonja, n’ akazuyazi by’ amazi bibarwa nkuko ari ibiranga Lawodokiya n’ ibice byari biyikikije mu kinyejana cya mbere amazi y’ amashyuza yahtwa Iyeroporis yari afite umumaro cyane wo kuvura n’ amazi akonje ya Korosaye yari meza, yaranyobwaga kandi yateraga ubuzima bwiza. Nyamara, hari igihamya cy’ uko Lawodokiya yagiraga gusa amazi ashyushye, atarashoboraga kuryoha yateraga iseseme. Mu kuri, Lawodokiya yatezwaga imbere n’ ubucuruzi, wari umugi uri kure y’ amazi meza. Igihe umugi wageragezaga kuzana amazi hakoreshejwe ibitembo yashoboraga kuhagera ari akazuyazi, amazi atera iseseme. ‘Ingaruka z’ imyitwarire yabo kuri Kristo zari nk’ ingaruka z’ imiterere y’ amazi yabo’—Kristo ‘yashakaga kubaruka.’” (Beale 1999: 303)

D. Ikinyuranyo hagati yo gusobanura ikintu n’itegeko

Gusobanura ikintu ni urugero cyangwa imvugo bitanga amakuru ku muntu, ikintu cyangwa igikorwa runaka cyabaye. *Itegeko* ibwiriza “*integeko*” ritubwira ibyo duktiriye gukora n’ukuntu duktiriye kubikora cyangwa duktiriye kubaho. Ingero za Bibiliya muri rusange *ntabwo* zikora nk’ amategeko kerekia iyo izo ngero zishygikiwe n’ amategeko muri rusange itandukaniro hagati yo gusobanura imiterere n’itegeko ni ingenzi cyane mu buryo bwo gushyira *mu bikorwa*.

1. Ubwoko bw’imyandikire. Ibyanditswe biba mu bwoko bw’ *umwandiko* cyangwa *umuvugo*.

Umwanditsi ahisemo uburyo yandikamo, nyuma atondeka ibitekerezo munyandiko ye bitewe n’icyo aba afite mu biterezo bye ibi bizamwerekeza ku guhitamo mu buryo bune bw’ibanze (uburyo bw’imyandikire ni ugucukumbura wagura ibitekerezo uvuga ku kintu runaka): inkuru, uko bikorwa, kubishyira ahbona, impuguro (hari uguhuza cyangwa kuvanga uburyo bw’imyandikire butandukanye muri rusange *ntabwo* biba “biboneyeye” ntibigira ishusho nziza). Ubwoko bw’imyandikire bushingira ku gukomatanya imiterere ibiri: Ibijanye n’igihe (ibikorwa byabanje mugihe runaka mu gihe kirekire mu ruhererekane rwinyongera) n’*integeko* ibyanditswe (bivuga ukuntu ibantu bigombagukorwa) (reba Wolvaardt 2005: 87-88):

	Ibidategeka	Ibitegeka
Ibishingiye kugihe:	<i>Inkuru</i>	<i>Uko bikorwa</i>
Ibidashingiye ku gihe:	<i>Gusobanura</i>	<i>Impuguro</i>

2. Ingero enye z’ibanze z’imyandikire ni izi zikurikira:

a. *Inkuru*—Igitabo cya **Rusi**. Cyubakiye ku gihe (kigaragaza ikikorwa kimwe kiza nyuma y’ikindi mu buzima bwa Rusi na Nawome), ariko ntategeko ririmo (nubwo gifite ubutumwa kuri twe, *ntabwo* giha amabwiriza umusomyi) Inkuru yita ku gihe cyashize, kandi ikita kubantu bazwi, ibikorwa byabo, ahantu, n’ibantu.

b. *Uko bikorwa*—**Kub8:5-14**. Imana Yahaye Mose amabwiriza yuko ashyiraho Abarewi. Ryari *itegeko* (kubera ko Imana yabimusobanuriye neza mu kumuha amabwiriza, imubwira uko azabikora), kandi nanone byari ibantu byo mugihe cyabyo (kubera ko intambwe imwe yakorwaga nyuma y’indi indi *ntambwe*). Uburyo ibantu bikorwa ni amabwiriza intambwe kuntambwe yo gukora cyangwa kuzuza ikintu runaka.

c. *Gusobanura*—**Ko1:1-2:5**. N’ubwo hari igitekerezo cyumvikana kubyo Pawulo avuga (ni ukuvuga ngo ari kubaha inyigisho kuyindi) (ubusobanuro bwe *ntabwo* bushingiye kugihe) (uruhererekane rw’ibihe) ibwiriza (kuva, atari ibantu bishingiye kuruhererekane rw’igihe).

Ahubwo mu gice k'igitabo Pawulo ntabwo ari amabwiriza ari kubaha yerekanye n' ibyo bagomba gukora ariko ntabwo ari itegeko n'uko bagomba kubaho (kubw'ibyo ntabwo ari itegeko). Gusobanura byita ku gitekerezo, ihame, cyangwa inyingo runaka.

d. **Impuguro—Kol 2:6-4:6.** Muri iki gice cy'igitabo Pawulo arasobanura amabwiriza abwiriza y'uko Abakristo b'Ikolosayi bagomba kwitwara (aha rero, n'itegeko) ariko ntabwo ryubakiye kugihe (bishatse kuvuga ko, amabwiriza ye adashingiye ku ruhererekane rw'igihe cyihariye). Impuguro ni ibiganiro bifite umurongo ku bijyanye no kugira imytwarire ndetse n'amahame y'umwuka.

3. Ikosa rimwe rikunze gukorwa ni uguhindura ibwiriza cyangwa urugero rwa Bibiliya cyangwa icyakozwe ko gikwiye kuba ibwiriza ry'itorero uyu munsi. Ikosa ribaho iyo umuntu afashe urugero rwa Bibiliya, akaruhindura kimwe cyangwa ibirenze ibi bikurikira:

- a. *Kunanirwa kwita “kungeri y’Imyandikire” y’icyanditswe* (reba hepfo).
- b. *Kunanirwa kureba ingingo nyamukuru icyanditswe kibumbatiye aho urugero ruri cyangwa mu bundi buryo gukura icyanditswe mu bubusobanuro bwacyo nyakuri.* Urugero abantu benshi baha Imama amabwiriza aribyo bita “kwiyambura ikoti” kugerageza kugenzura ubushake bw’Imana. Bashingira mu **Abac 6:36-40.** Nyamara, Bibiliya ntabwo idutegeka kwaka ikimenyetso cyangwa gushyiriraho Imana amabwiriza cyangwa amategeko kugirango tumenye ubushake bwayo. Ahubwo ingingo iri aha mu **Abacamanza 6** ntabwo bware “uburyo bwo gutahura ubushake bw’Imana.” Nibyo koko, mu **Abac 6:1-24** Imana yihishuriye Gidiyon, imubwira ibyo akwiriye gukora iramubwira iti “*ni ukuri nzabana nawe.*” Mubyukuri kwaka ibimenyetso kwa Gidiyon, bitwereka ukubura ukwizera no kutumvira kwe.
- c. *Gutanga ingero zi mwe na zimwe, cyangwa bimwe mubitekerezo biri muri izo ngero cyangwa bimwe mu bitekerezo binyuranya n’ukuri “ukuri rusnge” cyangwa ibwirizwa.*

(1) Gusoma mu ngero z’ibyabaye mu mateka ya Bibiliya, tugomba kwitegerezza neza ibyanditswe bijyana, Atari icyanditswe kiri ukwacyo. Urugero, hari tsinda ry’bavuga ko kuba “wuzuye Umwuka wera” bisobanura ko ugomba kuvuga mu ndimi. Itsinda nk’iri ryifashisha ibyabaye mu **Ibyak 2:3-11.** Nyamara, itsinda nkiri ryitoranyiriza gusa kuvuga mu ndimi nk’uburyo Umwuka wera yigaragaza mo (indimi), ariko ntibita ku kundi kwigaragaza kwa Mwuka wera kwabaye. Ntibashimangira ibindi bimenyetso byagaragaye—guhinda guturutse mu ijuru “*guhinda k’umuriri kumeze, nk’ umuyaga uhuhu cyane*”; “*indimi z’umuriro*” zagiye kuri buri muntu; kuriya kuri ko kuvuga “indimi” zagaragaye nk’izihagarariye indimi zivugwa n’abantu—bigomba guhagararirwa uyu munsi. Icyongeye, iri tsinda ryirengagiza *izindi ngero z’abandi bantu buzuye Umwuka ntihabeho kuvuga mu ndimi nk’ikimenyetso cyo kuwuzura* (reba **Ibyak 4:31; 8:17; 9:17-19.**)

(2) Tugomba kugerereranya ibintu hamwe n’imfashanyigisho twigisha kungingo runaka. Muguhindura, urugero rw’ “indimi” ukuri rusange cyangwa itegeko, abensi birengagiza ku mpano z’Umwuka no kuzura Umwuka Wera. Abizera bafite ikibagaragaza ho Umwuka Wera (**1 Kor 12:7**—“*kwigisha ko ari buri wese ahawba ikimwerakanaho uwo Mwuka kugirango bose bafashwe*”). Kubyerekeye **1 Kor 12:7-11, 8-30** Umwuka Wera agabira umuntu uko ashaka ngo agire ikimwerakanaho uwo Mwuka. *Nta n’umwe ufite impano zose cyangwa uburyo Mwuka Wera yigaragazamo bwose.* Ntabwo buri wese afite ikimenyetso *kihariye* kimwerakanaho uwo Mwuka. Mukuri, **1 Kor 12:30**, mu buryo bwumvikana herekana ko atari buri wese uvuga mu ndimi. Ikindi kandi, **Ef 5:18-21** Pawulo arashishikariza abizera “*kuzura Umwuka*” arakurikiranya ibintu bine bigaragara, ariko nta nakimwe kivuga ku kuvuga mu ndimi.

d. *Kunanirwa gutandukanya ibyari bifatiye ku muco n’ukuri rusange ku bantu bose.* Intego yacu nk’abizera ni uguhinduka “*tukagira ishusho ya [Yesu]*” (**Rom 8:29**). Nyamara, n’urugero rw’ubuzima bwa Yesu ntibusobanura ko buri cyose “*gisanzwe*” (bishatse kuvu ko, bisabwa kubantu bose nk’ibisanzweze kuri) buri myitwarire yacu yose.

(1) Bimwe mu bigize ubuzima bwa Yesu byari ibintu bishingiye ku muco. Yesu yabaga muri Palesitina yagenderaga ku ndogobe, yambaraga ikanzu imwe itagira uruteranyirizo, yavugaga ururimi rw’Icyarameya, nyamara ariko ntabwo turi munsi y’itegeko rya Bibiliya ryo gukora ibintu nk’ibi. Murundi ruhande, Yesu ntiyigeze atwara imodoka,

yandika ibitabo, arya pizza, cyangwa akoresha mudasobwa, ntabwo tubujijwe gukora ibi bintu. Byose bishingiye ku muco gusa.

(2) Bimwe mu bigize ubuzima bwa Yesu ntabwo bisobanurwa mu buryo bw'umuco.

Yesu ntigigeze arongora, nyamara abantu benshi mu mico yabo barabikoze. Rero, amatsinda amwe namwe muri iki gihe asaba abizera bashaka gukurikira Yesu bamaramaje kutarongora. Ariko, guhindura ibigize ubuzima bwa Yesu itegeko uyu munsi ntabwo ari ibintu bishingiye kuri Bibiliya. Ntategeko rya Bibiliya ribuza abantu kurongora. Yesu yemeye ibijyanye no kurongora (**Mat 19:1-9**). **1 Abakorinto 7** hemera gushaka hakanabishishikariza abantu. **1 Tim 4:3** havuga heruye ko kubuza gusha ari inyigisho z'ibinyoma “*inyigisho z'abadayimoni.*”

E. Ingero ziri hejuru zirerekana umumaro wo kumenya ibyanditswe neza

Dushobora gukora ibintu byinshi kugirango tugire ubwaguke n'ubumenyi bwimbitse bwa Bibiliya, harimo:

1. Gusoma ukilatekereza burigihe, ukandika ku ncamente y'ibyo umaze gusoma.
2. Gukora ubushakashatsi mu Isezerano Rishya n'iryu Kera kugirango ubashe kuzingatira amateka ya Bibiliya n'ihishurirwa ryayo.
3. Gusobanukirwa abavugwa munkuru bingenzi, n'uruhande baherereyemo n'uruhare rwabo mu mugambi w'Imana mu gucungura umuntu.
4. Gusobanukirwa neza umurongo w'igihe mu bikorwa by'ingenzi byabaye muri Bibiliya no kuzingatira buri kimwe gifitanye isano n'ikindi.
5. Gusobanukirwa umurongo w'igihe w'ibitabo bitandukanye bya Bibiliya ni ukuvuga, ibyanditswemo, igihe, n'ababyanditse.
6. Guteza imbere ikigeranyo, kugira ishusho, gutondeka ibitekerezo, kugira ibindi byanditswe bidufasha biboneka mu yindi mirongo kubona ubusobanuro.
7. Guteza imbere kugira ibitabo bidufasha cyane kumva, harimo ibitabo bifasha cyane nka concordance, inkoranyamagambo ya Bibiliya n'ibindi bitabo bya dufasha.

IV. Ingeri z'imyandikire ya Bibiliya

Gusobanukirwa kubona ibikoresho by'indimi n'ubwoko bw'ingeri y'ibyanditswe. A “ingeri” n'itandukaniro ry'ibitabo cyangwa ibyanditswe bisobanuka hagendewe ku miterere runaka cyangwa amabwiriza (uburyo iteyemo) imvugo y'umwanditsi uburyo bwo guhuza imikoreshereze y'ururimi n'ibirimo n'ibindi. Bibiliya igizwe n'ingeri nyinshi z'imyandikire (urugero, amateka, imivugo, imigani, ubuhanuzi, inkuru, inzandiko [amabarawa], ibitabo by'ubuhanga, n'uruhererekane rw'imbyaro, iyerekwa). Ibitabo bya Bibiliya byerekana mu buryo bw'ibanze ubwoko bukurikira: **Itangiriro-Esiteri n'Ibyakozwe n'intumwa** ni ibitabo by'amateka n'inkuru; **Zaburi n'Indirimbo ya Salomo ni ibisigo; Yobu, Imigani n'Umubwiriza** ni ibitabo by'ibisigo n'ubuhanga, **Yesaya-Malaki** ni ibitabo by'ubuhanuzi, ibitabo by'ubutumwa ni ibitabo bivuga ku buzima bw'abantu; **Abaroma-Yuda** ni inzandiko; **Ibyahishuwe** byo bigizwe n'ubwoko buvanze ni urwandiko, ubuhanuzi, binavuga iby'imperuka.

N'ubwo igitabo gishobora kugira ubwiganze bw' ingeri y' imyandikire runaka ibitabo byinshi bifite udushami tw' ingeri zibishamikiyeho (cyangwa “imiterere”) muribyo, urugero, ibitangaza byo mu mateka, ibiganiro imbwirwa ruhame, ibiganiro, imigani, amategeko, uruhererekane rw'imbyaro, urutonde irengayobora, imvugo shusho, indangagaciro. Ingeri ni ingenzi cyane kuko yerekana ibyo umuntu yari yiteze. Ingeri ngari yerekana umumaro. Niyo mpamuvi imyemerere runaka iganza ishaka kuganza cyangwa gusobanura ingeri runaka zitandukanye. Kubw'ibyo, imyemerere cyangwa amabwiriza akoreshwa ku ngeri imwe ntashobora mu buryo bwuzuye gukoreshwa kuyindi.

Ikindi, abanditsi bose banditse ibintu bitari ibyo mugihe kizaza, ikinamico, ubusizi, hafi buri ngeri hari uburyo butandukanye bw'amabwiriza y'inyigisho, hakorehwa ibikoresho by'ururimi (ni ukuvuga, uburyo abanditsi bakoresheje barema ubusobanuro, amarangamutima, imyifato, n'ibindi, binyuze mu rurimi). Ibikoresho by'ururimi harimo ibintu nk'ibibera mu mateka, “ubutabera bwo mu busizi,” isubirajwi, ingero, kugenekekereza, n'ubundi buryo bwinshi nk'ubu. Kwitondera ibikoresho by'ururimi bishobora kongerera umuntu gusobanukirwa no kuryoherwa na Bibiliya. Buri ngeri ifite uko yumvikana ukwayo. Gusobanura igisigo nkaho cyari itegeko biganisha ku ikosa rikomeye ry'inyigisho. Abanditsi ba Bibiliya nabo akensi bakoresheje imizimizo. Kubwiyo mpamuvi, umuntu akwiye kwitondera imiterere itandukanye n'uburyo Bibiliya

yanditswemo. ICBI ishyiraho ubu buryo “Imyanzuro ya Chicago ku buryo bwo Gusobanura Bibiliya” (1982: n.p.):

1. “TUREMERAKO kwitondera urwego rw’ururimi urwego n’imyandikire y’ururimi, by’ibice bitandukanye by’ibyanditswe ari ingenzi kugusesengura neza, no kuba duha agaciro ingeri duha agaciro ibitekerezo by’umuntu ku ingeri nka kimwe mu myitozo myinshi yo kwiga Bibiliya” (Ingingo XIII). Geisler hari icyo avuga kuri iyi ngingo mu buryo bukurikira: “Kwitondera Ubwoko bw’inyandiko umuntu arimo gusobanura ni ingenzi ku kugira uguobanukirwa igice ari kwiga. Kugenzura neza ingeri bikwiye gukorwa kugirango ugire gusobanukirwa ukuri. Umugani, urugero, ntukwiye gufatwa nk’ibyanditswe byo mu Ngoma, n’igisigo ntigikiye gusobanurwa nk’ijambo ryo mu nkuru nyirizina. Buri cyanditswe gifite ingeri yacyo, kandi usobanura akwiriye kuyitaho akamenya neza ubwoko bw’inyandiko ari gusobanura igithe ari kugerageza kuyisobanura. Ntakumenya ingeri usobanura ashobora kuyoba uguobanukirwa kwe ku cyanditswe. Urugero, igithe umuhanuzi avuga ati ‘ibiti birakoma mu mashyi (Yes. 55:12) umuntu ashobora gutekereza ati ni ubuhe bwoko bw’ubupfumu keretse amenye ko iki ari ubusizi atari inyandiko isanzwe.”
2. “TUREMERAKO ari ngombwa gusobanura Bibiliya hagendeye kumyandikire yayo, cyangwa ubusobanuro bwayo. Imitere y’imyandikire yayo ni ikiboneza mvugo-gishingiye ku mateka, ubu ni ubusobanuro umwanditsi yavuze. Ubusobanuro bushingiye kubusobanuro bw’ururimi bizasaba kwita ku mizimizo n’ibigize ururimi” (Ingingo XV). Geisler avuga kuri iyi ngingo mu buryo: “Ubusobanuro bushingiye ku rurimi mu byanditswe biremerwa mu buryo bukomeye hano. kumenya ko amagambo y’ikinyarwanda abumbatira ingingo yihishemo. Kuva amagambo mu buryo busanzwe n’amateka – y’ikibonezamvugo akareshwa asobanura ubusobanuro buyarimo. Ubusobanuro bushingiye ku rurimi kandi bwateguriwe kwerekana gusobanura gake cyane ubusobanuro bw’amateka-y’ikiboneza mvugo. Ibi bisobanuye imisobanurile nyayo niho umuntu avumbura ubusobanuro bwo mu gice muburyo bw’ikibonezamvugo no murujyano nya mateka, nyamuco aho igice kibonekamo. . . . Ibi ntibikwiye gufatwa nko kwirengagiza ibigereranjo cyangwa ubundi bwoko bw’imitererere harimo imizimizo.”

Ingeri fatizo n’ingeri z’inyunge ni izi zikurikira:

A. *Inkuru*

Inkuru (rimwe narimwe yitwa “ikinamico y’amateka”) ni inkuru: igithe inkuru ivuga kubikorwa by’abantu bigenda biba mugihe runaka n’ahantu runaka. Ni inkuru ikinwa kurubuga ikagira itangiriro n’umusozo wayo. Ikatira biriya bice byose umwanditsi yatekerejeho ko bifite akamaro mu kujyana ubutumwa. Inkuru ihishura imirimmo y’Imana mugihe cyashize. Inkuru igizwe n’ibitekerezo bitagaragara (ni ukuvuga, ibitekerezo, by’ubumenyi mu by’Imana, inyigisho, ingingo zitandukanye) ikabishyira ahagaragara kandi ikabigira iby’umuntu kugiti cye idufasha “kubona” ukuri gukoreshwa mu buryo imvugo itabikoramo. Inkuru ziba muri Bibiliya kubera intego, yo gutanga ubutumwa, nubwo inkuru ubwayo idashobora kugira icyo idutegeka mu buryo bwahuranije.

1. Muri Bibiliya, inkuru zose ibice byose byakuwe mu mirebere y’isi yarebaga mu mateka bishingiye ku byaremwe no kwigaragaza kw’Imana. Ntakintu nakimwe “cyabaye” muri Bibiliya. Igihe cyose usomye inkuru muri Bibiliya ugomba kubitekereza mu buryo bwo kumenya Imana (kubera ko inkuru za Bibiliya zose zerekeye kumenya Imana mu byukuri). Inkuru yakuwe mu Isezerano rya Kera no mubitabo by’Ubutumwa n’Ibyakozwe n’intumwa) bigomba kwitwa “inkuru cyangwa amateka y’imenyekanisha Mana.” Impamvu ni iyi, Bibiliya ikomeza kugaragaza ukuri kw’imenyekanisha Mana nk’ikintu kidafite agaciro, inkuru zo mumateka Imana niyo rufatiro mu nkuru zose za Bibiliya. Inkuru za Bibiliya zidufasha guhishurirwa inyigisho za Bibiliya n’amategeko.
2. Ibyo Bibiliya ifite ni ukuri kw’amateka yatoranjwe murwego rwo hejuru kumpamvu z’imenyekanisha Mana. Urugero, Imyaka 335 hagati y’urupfu rwa Yakobo no kuvuka kwa Mose ivuka ryakuwemo ntirigaragazwa, mugihe imyaka 40 yo mubutayu igitabo cyo **Gutegekwa kwa kabiri no - Kuva** (ibice 125). Ibishobora yenda kuba ingirakamaro mu mateka y’abisi ntibibe iby’ingenzi mu mateka y’abanditsi ba Bibiliya, niko bimeze ibyo abanyamategeko b’iy’isi baha agaciro aba Bibiliya ntibabiha agaciro.
3. Uruhererekane rw’imbyaro mu gihe cya kera mu nkengero z’uburasirazuba, ariko nta mbibi muri Bibiliya, byakoze nk’ibyemewe mu kwemeza imyanya barimo, ubutware, ubuyobozi, kandi nanone hakoze nk’imfashanyigisho cyangwa nk’intego zo kuduha amabwiriza tugenderaho. Uruhererekane rw’imbyaro rwakera rugaragaza ibantu bibiri biburanga: Kuva hejuru umanuka (bagarukiraga

kurubyaro rwa gatanu cyangwa cyangwa rw'icumi), no guhindagurika (bo ntibavunwa n'amazina ari hagati mu mateka y'imbyaro). Kubwibyo, mu ruhererekane rw'imbyaro mu gitabo cya **Rusi 4:18-12** rugarukira ku rubyaro rwa cumi. Bigira umumaro wo kwigisha hatitaweho Bowazi utoneshwa agashirwa mu rwego rwa karindwi bituma Dawidi yemererwa gutwara ingoma ya Isiraheri.

4. Amako y'inkuru z'ingenzi ziba muri Bibiliya ni:

- a. *Gutanga amakuru kubyabaye* (incamake y'amakuru);
- b. *Imbyirwaruhame mu buryo bw'inkuru* (amakuru ashingiye kubyabaye, umuntu runaka yavuze mu gice, cy'amateka ibikorwa by'ingenzi n'imbyirwaruhame); ndetse
- c. *N'amakinamico* (inkuru ndende kandi zirimo ibikorwa byinshi bitandukanye). Ikinamico nk'izi zifasha: (1) abakinnyi; (2) igihe kirangira, ahantu, itsinda ry'abantu; (3) amakimbiran; (4) ibibazo no kugera kurwego rwo hejuru; (5) gukemuka kw'ibibazo; (6) n'ibikorwa bikurikira cyangwa ibarankuru. Witondere ibi bikurikira mw'ikinamico zo muri Bibiliya:

(1) Inkuru zo muri Bibiliya zikunze kuba ngufi cyane. Rero, biriya byose byatanzwe bikunze kuba bifite ubusobanuro burangwa mu buryo bw'ibanze n'ibyagezwaho mumvugo no mu bikorwa).

(2) Mu makinamico abakinnyi nibo rufungozo. Hariho uwoko butatu bw'ingenzi bw'abakinnyi:nyirabayazana (umukinnyi mukuru inkuru izingiyeho ufite umumaro mu gice kinini cy'inkuru); umukinnyi *kidoby* (umukinnyi wibanke ubangamira umukinnyi mukuru cyangwa imbaraga zibangamira umukinnyi mukuru n'umukinnyi ushyigikira umukinnyi mukuru mu nzitizi atewe n'umukinnyi akazana ikinyuranyo cyangwa ibindi bikorwa). Urugero rw'umukinnyi *kidoby* muri **1 Samweli 25** Dawidi ni umukinnyi mukuru, Nabari ni umukinnyi *kidoby*, naho Abigayire ni umuterankunga w'umukinnyi mukuru **2 Samweli 11-12** Dawidi ni umukinnyi mukuru mugih Uriya ari nk'umuterankunga w'umukinnyi mukuru, nyamara Betisheba ni ingenzi cyane mu nkuru, umumaro ni muto. Mw' **Itangiriro 38** Yuda ni umukinnyi mukuru Tamari ni umuterankunga we, umuntu uwariwe wese yakina kumwanya wokuba umuterankunga wungirije cyangwa akagira uruhare rwo gushyigikira umukinnyi mukuru.

(3) Ikiganiro ni ingenzi, kandi cyerekana icyo umwanditsi agendereye. Ingingo nkuru y'umwanditsi ibonerwa mugukura kw'ibibazo cyangwa mu gukemuka kwabyo. Mugikorwa gikurikira gukemuka kw'ikibazo, umukinnyi cyangwa ubara inkuru ashobora gusobanura igikorwa gikurikiraho.

(4) Imiterere y'igice cy'inkuru. Inkuru yo mu ikinamico ikunda gushingira ku mirongo migari itatu. y'ibanze (nyamara ishobora kwibumbira kamwe):

(A) *Umuteguro-w'igikorwa*—umuteguro ushyirwa ahabona ubara inkuru asobanura uko inkuru iri ikabona no gushyirwa mubikorwa urugero, mu **Ibyak 1:1-8** Yesu atanga amabwiriza ku bigishwa be yo kuba abahamya kugera kumpera y'isi; igice gisigaye cy'igitabo kikerekana uko ibi byakozwe.

(B) *Iyobera-kurisobanura*—ikibazo kibajjwe, hanyuma kigasubizwa. Urugero rw'igisakuzo cya Samusoni cyasobanuwe nyuma (**Abac 14:12-18**).

(C) *Ikibazo-igisubizo*—ikibazo kirabaye noneho ubara inkuru aragaragaza uko kibonerwa gisubizo ibi bikunze kubaho mu ikinamico mbarankuru. Urugero harimo ingorane za Dawidi yatewe na Nabari nuko Abigayire yakemuye izo ngorane (**1 Samweli 25**), no gukira kw'ikirema (mu **Ibyak 3:1-10**).

5. Nkuko igika ari ikinyabumwe fatizo mugusesengura, mu nkuru nkinamico, umwandiko munkuru nkinamico igice ni ikinyabumwe fatizo mukubisesengura. Igice ni uruhererekane rw'ibikorwa bifitanye isano, bibarizwa ahantu hamwe, igihe, n'abantu bibanke barimo. Kwinjira mu gikorwa, ahantu, abitabiriye, cyangwa igihe akensi byerekana itangira ry'igice gishya. Irengayobora kuri iki nigihe mu ikinamico hakoreshwa kwimuka aho hantu ukinira hakagenda hahinduka ariko ibyo ntawbo biba biri kwerekana igice gishyashya. Ibice bishyashya bishobora kugereranywa n'imiseruko itandukanye mu makinamico yo murigahunda ya televisiyo, cyangwa filime.

6. Inkuru nyinshi zigaragara nkizirimo urujijo mubusobanuro bwazo, n'ingingo nkuru zibumbatiye ntibigaragare neza. Inkuru zose harimo nizo muri Bibiliya ziba zigamije gutwara ubutumwa. Gutandukanya hagati y'ibyasobanuwe (urugero, igihe umukinnyi ari kuvuga ibantu bidashingiye ku

kuri) n' *amabwiriza* ni ingenzi mu gusobanukirwa gukosora ukumvikana kw'inkuru. Isubiramo akenshi n'ingenzi mu kubona ingingo nyamukuru y'inkuru ndetse n'ikigenderewe muriyo. Tugomba kwibuka ntituvange incamake y'inkuru n'inkuru ubwayo. Ubutumwa ni icyo inkuru igamije kwigisha abasomyi.

7. **Mu nkuru zimwe nazimwe umwanditsi cyangwa ubara inkuru atanga ubusobanuro bw'ikitonderwa.** Igihe umuntu ubara inkuru asobanuye ibantu, buri gihe aba ari uwo kwizerwa ni ingenzi mu kwerekana intego y'inkuru. Ingero z'inkuru nk'izi ziboneka mw' **Itang 39:2; Abac 17:6; 18:1; 19:1; 21:25; Ibyak 6:7; 9:31; 12:34; 16:5; 19:20.**

B. *Ubusizi*

Ingeri y' ubusizi iba muri Bibiliya. Ibitabo by'ibisigo by'ingenzi ni **Zabuli n'Indirimbo ya Salomo**. Ingeri y' ubusizi ni ubwoko bw'ibanze mu kugaragaza amarangamutima. Inganzo y'ubusizi ntabwo ikoresha ibantu bifatika ahubwo ikoresha imvugo yo mu bitekerezo. Nk'uko Ryken abivuga “ihame ryambere mu ngeri y'ubusizi ni ishusho umusizi agira mu bitekerezo bye. . . . Abasizi bakoresha imvugo shusho kubera ko baba bashaka ko abasomyi *babona* ibiri muri bo imbere byivugira *nk'invugo shusho kandi bikarema ibifatika*, atari gusa imvugo yo mubitekerezo” (Ryken 2002: 247). Ubusizi bufasha “kumva” ukuri kw'Imana, no kubona ukuri kubirimo dukoresheje “amaso y'umutima” muburyo ugusoma ibitekerezo b'inyigisho bitajyanomo ubutumwa. Mugutanga ubutumwa muri ubu buryo, imvugo yo mugisigo ni incamake cyangwa. . . . Igihe, ahantu, n'ibiyumvo bishobora guhindura mu uburyo butunguranye. Inganzo y'ubusizi irangwa nogukoresha imizimizo. Ntabwo inganzo y'ubusizi ivuga gusa kumarangamutima cyangwa kubitekerezo—inganzo y'ubusizi ibamo ibitekerezo byigisha, ariko ntikiwiye kuvugwa muburyo “bw'ibanze” muriyo (ahubwo, urugero, inzandiko). Ubusizi bugaragaza hagati y'ikinamico ubugeni bw'invugo yakimuntu yitondewe n'ibikorwa yihuza n'ibigize abo—turibo imitekerereze yacu (ukumenya), imbamutima zacu (ibiyumvo), nubushake bwacu (ibikorwa)

1. Igisigo, kimwe n'igika, kigira aho kigarukira mu busobanuro bwacyo. Kizenguruka ku izingiro, ryo mu nsanganyamatsiko kibumbatiye iri mubitekerezo bizengurutse aho. “Igisigo cya Bibiriya ntabwo ari igice kigizwe n'umurongo, ariko gifite ubwiza, ahubwo kigira imiterere myiza n'ubusobanuro bwuzuye” (Wolvaardt 2005: 153).
2. Nkuko ikinyabumwe fatizo mu gusesengura umwandiko ari igika, ikinyabumwe fatizo mugusesengura igisigo ni itsinda ry'imikarago. Igice cy'igisigo ni itsinda ry'imikarago ikora ikinyabumwe mumivugo. Urugero, muri **Zaburi 1** imirongo itatu ikora igika kuva kuri 1-3 bigakora igika kimwe; umirongo wa 4-5 bikora ikindi gika; umirongo wa 6 ugaszoa wonyine.
3. Ikintu cy'ibanze kiranga inganzo y'ubusizi bw'Abaheburayo ni imibangikanyo. Ishusho nk'iyi ifata interuro ngufi ifite ibitekerezo bibiri [A na B, byitwa “inyabubiri”], hamwe n'interuro ya kabiri bifitanye isano muburyo runaka ku yambere (rimwe narimwe munganzo y'ubusizi y'Abaheburayo bakoresha umurongo umwe [“inyabumwe”], cyangwa imirongo itatu ibangikanye [“inyabutatu”]). Ubwoko bw'ingenzi bw'imibangikanyo harimo:
 - a. *Imibangikanyo y'amagambo avuga kimwe* (bivuze ko, imirongo A na B bijya gusa, byenda kuvuga kimwe)—A: *Uwiteka ni igitare cyange ni igihome cyange kinkingira ni Umukiza wange, B: Ni Imana yanje ni Urutare rwange rukomeye niwe nzahungiraho, niwe Ngabo inkingira n'ihembe ry'agakiza kanje ni igihome cyange kirekire* (**Zab 18:2**).
 - b. *Umubangikano w'inshyamirane* (ni ukuvuga ngo, umurongo wa kabiri uvuguruza uwambere)—A: *Kuko Uwiteka azi inzira z'abakiranutsi, B: Ariko inzira z'abanyabyaha zizarimbuza* (**Zab 1:6**).
 - c. *Umubangikanyo wuzuzanya* (umurongo wa kabiri ukomereza kuwa mbere)—A: *Kuko Uwiteka ari Imana ikomeye, B: Ni Umwami ukomeye usumba ibigirwamana byose* (**Zab 95:3**).
 - d. *Umubangikanyo usobanura* (bishatse kuvuga ngo umurongo umwe utwara ukuri naho undi ukaza ufite ukuntu uwusobanura cyangwa ukaza utanga urugero)—A: *Hahirwa ugira imbabazi akaguriza abandi; B: agakora imirimo ye uburyo butunganye* (**Zab 112:5**).
4. Imibangikanyo ni ikintu kiranga cyane zaburi nyinshi z'Abaheburayo, imigani, amaganya, gutanga imigisha, kuvuma, amasengesho ndetse n'amategeko menshi nibvirwaruhame. Kubwiyompamvu, ntigarukira kubitabo by’ “ibisigo”reba, urugero, **Yes 64:8**—A: *Ariko noneho, Uwiteka ni Data watwese, B:Turi ibumba wowe ukuba umubumbyi, C: Twe turi umurimo w'intoki zawe* (menyako uyu ari umubangikanyo w'inyabutatu).

5. Kuva imibangikanyo iranga inganzo y'imyandikire y'Abaheburayo mu nzandiko zabo, nanone ishobora kugaragara no mu isezerano rishya. Reba, urugero, **Mat 7:17**—A: *Nuko, igiti kiza cyose cyera imbuto nziza, B: ariko igiti kibi cyera imbuto mbi.* **Mat 11:30**—A: *Kuko kunkorera bitaruhiye, B: n'umutwro wanje utaremereye.*

6. Zaburi ntabwo zashyzweho nta gahunda ngo zihurizwe hamwe gusa:

- a. *Zaburi zikubiye mu bitabo "bitanu"* :Igitabo I—**Zaburi 1-41**; Igitbo II—**Zaburi 42-72**; Igitabo III—**Zaburi 72-89**; Igitabo IV—**Zaburi 90-106**; Igitabo V—**Zaburi 107-150**. Buri cyikiciro gishobora kumenwa kubera ko kizwiho amagambo abanza guhimba Imana (guhimbazwa bibe iby'Imana) bisoza buri gitabo.
- b. *Zaburi zashyzwe aho ziri kubera impamu bitewe n'icyo zivuga cyanga ubwoko bwazo; harimo zaburi:z'amnagaya* (urugero, **Zaburi 3-7; 9; 12-13; 17; 22; 25-28; 31; 38-40; 42-44; 51; 54-58; 60; 69-71; 79-80; 90; 94; 120; 130; 137; 139; 142**); *gushima* (urugero, **Zaburi 18; 30; 32; 34; 40; 65; 67; 75; 92; 103; 107; 116; 118; 124; 129; 135-136; 138**); *guhimbaza* (urugero, **Zaburi 1; 36-37; 49; 73; 119; 127-128; 133**); *ubuhanga* (urugero, **Zaburi 72; 89; 93; 95-100**); *izimivumo* (urugero, **Zaburi 7; 12; 35; 40; 52; 55; 57; 59; 69-70; 83; 109; 137; 140**); *izivuga kuri Mesiya* (urugero, **Zaburi 2; 22; 69; 110**).

C. *Ibitabo by'ubuhanga*

1. "Ibitabo by'ubuhanga" bya Bibiliya (**Yobu, Imigani, Umubwiriza**) bivuga kubantu by'ukuri kubuzima ariko bireba kubuzima kuburyo bunyuranye bitewe n'"umuco w'ubuhanga". Ubwenge mu muco butangirana n'imbaraga—uburenganzira, umudendezo, umwanya, nicyubahiro. Ubwenge bwa Bibiliya butangirira ku *Mana*—guhangamasa Imana no kuyiringira ko itanga inzira y'ubuzima. Ubuhangamasa muri Bibiliya butangirira ku *Imana*—bugamije kwerekeza ku Imana no kuyiringira bitanga uburyo bwo kubaho mu buzima. Ubwenge bwa Bibiliya butuzanira kugera kurwego rwisumbuye mu buzima bwacu. Hari icyerekezo kihariye mubitabo by'ubwenge ariko icyo cyerekezo kihariye ni ukubona mubuzima bwacu bwihariye kandi tukerekeza ku Imana. Ibitabo by'ubuhanaga bigomba kuba mumico itandukanye (aribyo bituma bidukomerera kubihuza n'ubuzima bwacu niba twihambira kumico yacu). Bidufasha guhindura ubuzima bwacu. Munyandiko z'ubuhanga zigomba mbere na mbere gukora kubugingo bwacu ntabwo ari kubwenge bwacu. Ibitabo by'ubuhanga bivuga ibyo abantu baciymo n'imbamutima zabo guhera k' "umuntu wambere" uko bagiye babyitwaramo haba mw'Isezerano Rishya cyangwa iryakera, inyigisho burigihez zahuzaga no gukura mu bwenge. Ibitabo by'ubuhanga bidufasha gukura mu kwiyemeza, mu miterere, ndetse no muri sosiyete tubamo.
2. Imigani ni "igitabo cy'ubuhanga" muburyo bw'ubusizi. Imigani ni imvugo z'ubwenge zivuga ku kuri *rusange* mubuzima. Ikosa—ryo gusobanura kuberako ingeri ititaweho ni ukubona, umugani nk'isezerano ridakuka rivuye ku *Mana* ku bizera bo muri iki gihe. Urugero, **Imigani 22:6**, haravuga ngo "Menyereza umwana inzira akwiriye kunyuramo, azarinda asaza atarayivamo." Iki gisubizo cyiza akenshi kibaho, n'umubyeyi akwiye gutoza abana be inzira z'Uwiteka. Nyamara, ibihe byinshi abantu birangira bitwaye nabi nubwo batojwe inzira z'Uwiteka bakiri bato "inzira bakiriye kunyuramo." Kubw'amahirwe make **Imigani 22:6** ntabwo hatanga ikizere cy'umusozo mwiza (ni imvugo y'umugani gusa). Imigani myinshi ikoresha uburyo bumwe bw'imibangikanyo cyangwa ubundi. Icyongeyeho, imigani ntiyapfuye gushyirwa aho iri muburyo bubonetse bwose ariko yashyizwe mu matsinda hagendewe kungino nyamukuru ziyrimo cyangwa amagambo ivuga uko agenda yihuza akagirana isano.

D. *Ubuhanuzi n'iby'imperuka*

Ubuhanuzi bushobora kuba kimwe muri Bibiliya gishobora kuzana ingorane mugusobanura. Impamu ebyiri z'ibanze kuri iyo mikomerere ni ukunanirwa gukoresha amahame y'ubusobanuro bwa Bibiliya twabonye binyuze muri izi nyigisho nkuko ziyyashyira kumugaragaro no gusobanukirwa nabi kumenya ingeri y'ibitabo by'abahanuzi kubitandukanya nibindi bitabo.

1. Urujyano n'imiterere y'abahanuzi bo muri Bibiliya.

- a. *Isiraheli yabayeho mugihe cya gipagani.* Iyobokamana ryose rya gipagani ryari rishingiye ku kinyoma. Ni gahunda y'abantu gusobanura isi, gusobanura umwanya wabo mu isi no kubaho ku ntego. Ubupfumu ni ukugerageza kumenya ahazaza; ubufindo ni ukugerageza kwigarurira abandi bakurikira imihango yategetswe. Mukinyuranyo, iyobokamana ry'ighugu, Imana

yahaye Isiraheri ihishurirwa ryayo irangije ishyiraho isezerano. Ni muri urwo rujyano, Imana yashyizeho abahanuzi binyuze muri Mose. Binyuze mu ihishurwa ry'Imana Abayisiraheri bagombaga kubaho bita-ku mico.

b. *Imiterere y'abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera.* Umuhanuzi yagombaga; kuba umuntu w'Imana yagombaga kuba nk'ijwi ry'Imana, n'umuhamya wayo, umugaragu w'Imana, kandi akiyegurira Imana. Yavugaga mu ijwi ry'Imana, mugihe abantu bumvaga ijwi ry'umuntu ubabwira. Kimwe nuko, yakoraga nk'umuntu unenga imico, guhagarika amakimbirane mu buyobozi n'imiyoborere.

c. *Urujyano nyamuco/nyamateka.*

(1) Abahanuzi b'Imana bakoreshaga ijambo ry'Imana mu gihe cy'ingorane mu isezerano rifitanye isano hagati; y'Imana n'abantu bayo. Umurimo w'ibanze w'abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera ntabwo kwari ukuvuga ibizaba mugihe kizaza. Ahubwo, abahanuzi bose bari bafite imirongo-ibiri y'ubutumwa n'umurimo: (A) Bihanangirizaga abantu b'Imana kwirinda ingaruka zo kutumvira inzira z'Imana kubw'inama kurubanza; no (B) Guhamagarira abantu b'Imana guhindukirira kuba abizerwa babagira inama z'ibyiringiro n'agakiza. (VanGemeren 1990: 78-79) Binyuze mu Isezerano rya Kera ubuhanuzi bwari bufite akamaro mugihe bari barimo ndetse no mugihe kizaza.

(2) Abahanuzi bose bo muIsezerano rya Kera bari bashishikajwe no guhindura imyitwarire y'abantu. Ubutumwa bwabo bwari ubu, "niba ukoze ibi urubanza ruzakuzaho, niba ukurikiye Uwiteka, imigisha izakuzaho." Muri ubu buryo, ubuhanuzi bwinshi bwari bufite "ibisawa" ku kwhiana kw'abantu n'imyitwarire, n'ubwo ubuhanuzi bwabaga bugaragara nkaho ntacyo busaba abantu (reba **Yona 3**).

(3) Muburyo bw'amateka umuntu abona isimburana ry'ibyo ubuhanuzi bwitayeho nyuma y'ubunyage bw'Abisiraheli i Babuloni. Mbere y'ubunyage bakundaga kuvuga cyane kubwigomeke bw'Abayisiraheli. Nyuma y'ubunyage ibyobatsindagiraga mu buhanuzi byarahindutse byerekeza kunshingano z'abantu b'Imana kugirango bategure byuzuye gushyiraho ubwami bw'Imana. (Van Gemeren 1990: 213-14)

d. *Ubushobozi bw'emyandikire.* Abahanuzi muburyo bw'ibanze bakoreshaga kuuyana ubutumwa muburyo bw'uruhererekane nyemvugo; ubuhanuzi bwanditse bwari icyiciro cya kabiri. Ibitekerezo by'ubuhanuzi byuzuyemo impanuro zavuzwe zitarizo muruhererekane rw'igihe cyabo. Imvugo z'igereranya zagiye zikoreshwa kenshi mu mvugo shusho zifite ubusobanuro bwumvikana mu muco wabo bwite.

2. Ikigendererwa ntabwo ari ibikorwa runaka, ahubwo ni ubwoko bw'Imana. Ubutumwa bwa gihanuzi burenze "kuvuga" ijambo ry'Imana kurenza kuvuga ibyenda kubaho. Intumbero y'ubutumwa bwa gihanuzi ni ku Mana kubwibyo gusohora kubuhanuzi biri mumaboko y'umuntu (Imana) ntabwo ari mubikorwa biba. Kuva gusohora k'ubuhanuzibiri mumaboko y'umuntu Imana ibohokeye gusohoza ijambo ryayo uko byagenda kose n'igihe icyo aricyo cyose ibihisemo. Imana ntiyemeranywa nibyo umuntu akora. Urugero, ntibigeze bavuga ibyerekeye kuza kw'Imana yambaye umubiri, ahubwo bavuze cyane kuri Dawidi nabamukomokaho (urugero, **Yes 11:1; Yer 30:9; Ezek 37:24**). Nyamara, Imana ubwayo yaje yambaye umubiri, ubwami bwayo bwigaragaza mubumuntu bwa Yesu muburyo abahanuzi bacyera batigeze bashobora gutekereza (reba **Mariko 1:15; 17-21; Mat 16:19** [bisa neza na **Yes 22:22**]). "Ni abahanuzi bo mugihe cya Yesu byarabakomereye ko muriwe hasohorewe ibyo batateganyaga. Bariya bateganyaga umucunguzi w'umusirikare, w'umunyepolitike, mu miterere nk'iya Dawidi byatumye bananirwa kumenya ko Yesu yaje afite ibirenze ibyo abamushinjaga mu kugeragezwa kwe batigeze bareba kure ngo bagire ugusobanukirwa kurenze amagambo asanzwe mu buhanuzi bwe aho avugako mu minsi itatu ashobora kongera kubaka urusengero rwasenyutse (Mat 26:61; reba Yoh 21:18-22)." (Travis 1982: 139) Ntituзи neza k uko amasezeranoy'Imana azasohora mu gihe kizaza.

"Niba tumenya ko ubuhanuzi bwo mugihe cya cyera bushobora gusohora muburyo tutatekereza, bigendana nuko tutagomba kugukoresha ijambo ku ijambo mugihe kizaaza. Dushobora kubona muri rusange ibintu bisa n'ibintu byo mugihe cy'ubuhanuzi nibyo mu gihe cyacu turimo, nyamara, tugomba kubifata nk'ibyo tutari twabona."(Green 1984: 105)

3. Ibyashimangiwe n'ingero n'insanganyamatsiko nyamukuru. "Isezerano rya cyera n'igihe- cyanyuma no kuvuga ibizaba byari bishingiye no guhuzwa n'ingga nkuru kurusha gushingira kuruhererek

rw'igihe (urugero, reba Dan 7:8-27; 8:9-26; Ibyah 16:19)" (Oropeza 1984: 195n.10). Kubera ubutumwa bwari bukibitse ahantu-habiri (urubanza, agakiza), nubwo abahanuzi bavuze kubibazo bizwi, insanganyamatsiko zanyuze mubahanuzi. Izo ngingo harimo: isezerano ry'Imana n'abantu bayo ukubaho ku Imana; Imana nk'umwami, Mesiya w'Imana umwuka w'Uwiteka, uwami bw'Imana, abanditsi bo mu isezerano risha babonye abahanuzi bo mu byanditswe mu buhanuzi nk'urugero rw'ibanze rw'ibyabaye mu Isezerano Rishya, kubwibyo, nkuko Rasheli yarize igehe yajyaga mubunyage (ubusobanuro bwa **Yer 31:16**), kubwiyompamvu, Rasheli arongera kurira igehe Herode yicaga abana (hajyana na **Mat 2:18** aho Matayo asubiramo ubuhanuzi bwa Yeremiya). Dukeneye kureba kuri izi ngingo n'ingero murizo dutangira kureba imitekerereze y'Imana.

4. **"Ibizaba" mu buhanuzi.** Nk'inama z'urubanza n'agakiza, ishingiro ry'umuhanuzi ni intego ijyanye n'imyitwarire. Umumaro ni uyu ni uko: "Ubuhanuzi bufatwa muburyo bwa Bibiliya ni uko bizaba atari ngombwa ko ubuhanuzi busohora muburyo bubonetse bwose. Ahubwo kuvuga kubizaza n'ingorane n'ibiteganya kugirango intambwe zangombwa zigerweho kugirango hakumirwe ikibi. Kimwe n'ubuhanuzi buvuga ku migisha ni ikintu gitera imbaraga, hagagomba kubaho kwihanganira mu nyigisho z'ukuri." (Ford 1979: 99 n.72) Imana si ikintu kiguma hamwe, imbaraga zitari iz'umuntu ahubwo gukoresha imvugo ya kimuntu gusobanukirwa Imana ko hari icyo ikora ku mahitamo abantu bagize mu gusubiza ibyo yategetse abahanuzi bayo. Ibi tubibona, urugero igehe Imana ihindura ibitekerezo byayo" mu gusubiza kwinginga kwa Mose yingingira Abisiraheli igehe Imana yagambiriraga kubarimbura (**Kuv 32:9-14**) no kutarimbura Ininiwe nyuma yo kwihana kwab'abaturage baho (**Yona 3:1-10**). J. Barton Payne ashira hamwe imiterere yo kudahinduka kw'Imana no gusubiza ubushake bw'abantu gutya: Ntabwo ari icyemezo cy'Imana, cyangwa imiterere byayo biri kurwego ruhindagurika; mubyukuri, ni ukudahinduka by'imiterere y'Ubumana isaba ko ko habaho itandukaniro mu bigize amahanme ntakuka, hagendewe ku mpinduka nk'izo nk'uko bisaba kugaragazwa n'abantu bahindagurika. Ubuhanuzi by'umwihariko bwateguwe n'Imana ngo bufashe abantu mu myitwarire kugirango bufashe abantu kwisanisha n'ukwera kwo mu ijuru. Abantu bakwiye, rero, gushaka kurushaho igihamyi cy'ukwera kwabo . . . guhinduka ntibihinduka gusa ibishoboka gusa ahubwo ibyo utakumva. (Payne 1980: 62)

Imana yatangaje ihame muri **Yer 18:6-11; 26:12-13; Ezek 18:1-32; 33:10-20**. Rimwe narimwe imiterere y'ibisabwa by'ubuhanuzi birasobanutse byavuzwe: urugero, **Yer 38:17-18; 42:7-17; Ibyak 27:21-45; Rom 11:17-24**. Rimwe narime ubuhanuzi ntabisabwa ubuhanuzi bushingiraho, ariko mu miterere y'Imana no gusubiza kw'abantu bazana no kudasohora k'ubuhanuzi: urugero, **Kuv 32:9-14; Yes 38:1-5; Yona 3:1-4; Mat 19:27-28** (isezerano rya Yesu yasezeranije cumi nababiri ko bazacira imanza imiryango cumi n'ibiru ya Isiraheli na *Yuda*). Abasomyi bu'ubu "biringira ibantu byose byateguwe mbere cyangwa abizerako ibiba byateguwe kera ntacyahinduka, bita kubibaho mu buzima bwabo nk' ihame ntakuka" (Ford 1979: 75). Nyamara abantu muri Bibiliya ntibigeze bita ku mvugo y'Imana bafite imyifatire ya kutemera ibantu byo mugihe kizaza byahinduka. Ibikorwa bikozwe bishobora gutuma ubuhanuzi busubikwa cyangwa bukihuta gusohora (**2 Abam 22:14-20; Hab 2:23; 2 Pet 3:8-12**) muri **2 Sam 23:10-14** Dawidi yamaganye byuzuye, ingaruka zose Imana yari yamuhihuriye akoresheje igikorwa cyo kwirinda. Mu **Ibyak 21:10-14** inshuti za Pawulo ntizitaye ku buhanuzi bw'[Agaba] nk'ikintu kigomba kubaho ntibusohore. Ahubwo babufashe nk'ibviriza ryiza ryokwakira icyago kigomba kwamaganwa." (Ford 1979: 99n.72)

5. **Abahanuzi bubakira k'ubuhanuzi bwakera.** Isezerano ry'Imana rirakura rigatera imbere binyuze mu buhanuzi bateje imbere binyuze mubyo batangaje byerekeye urubanza n'agakiza izi ni ingeri zikurikira z'iterambere ry'ubuhanuzi mu Isezerano rya Kera ubwaryo.

- a. **Isezerano ry'ighugu ni isezerano rya Aburahamu (reba Itang 19:1-3).** Ibigize isezerano ry'Aburahamu ("isezerano ry'Aburahamu") ryatunganijwe igehe kirekire. Kubirebana n'isezerano ry' "ighugu," mbere nambere icyo gihugu nticyari kizwi (**Itang 12:1**). Bwasobanuwe mbere nambere nk'icyintu Abrahamu ashobora kubona (**Itang 13:14-15**); bwasobanurwaga nk'ubufatika (**Itang 15:18-21; 17:8**), hanyuma birangira humvikana imvugo nk'iyi "Imbuto yawe izigarurira amarembo y'abanzi bayo [kumurikirwa, 'ibye'] abanzi" (**Itang 22:17**). Isezerano rya Kera ryerekana ko amasezerano y'ighugu yasohoye inshuro ebyiri nibura (mu minsi ya Yosuwa) [**Yosuwa 21:43-45**] no mugihe cy'ubwami bwa Salomo [**1Abam 4:20-21**]. Nyamara kubera kutumvira kw'Abisiraheli bambuwe ighugu, muburyo bwuzuye isezerano ntiryigeze risohora isezerano ntiryasohoye neza mu gihe cy'Isezerano rya Kera

ubutaka bwari bwarasezeranijwe no gusana ibyari byarasenyutse mu gihe cy'ubunyage (reba **Ezek 20:1-44**). Isezerano ryuzuye, nanone, igice mu buryo bufatika nyuma y'ubunyage.

b. *Isezerano rya Dawidi (2 Sam 7:12-16)*. Yeremiya yibukije isezerano rya Natani ryerekeye ubwami bwa Dawidi n'ubutambyi Imana izongera kubaka mu gihugu cyabo (**Yer 33:15-22**). Yeremiya nawe yubakiye ku buhanuzi bwa Yesaya bувуга kw' ishami ryo gukiranuka rya Dawidi, yongeraho ko abatambyi n'Abami batazabura umuntu wo gutanga ibitambo imbere y'Uwiteka (**Yer 33:14-18**; reba **Yes 11:1**).

6. Inshoberamahanga zo mu buhanuzi. Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwavugaga mu myumvire yabo, kandi bwakoreshaga amagambo, bari bazi neza kandi yumvikanaga kubabwumvaga. Ubuhanuzi bwavugaga ku bwami bwaMesiya bwiteka ryose hakoreshwu ururimi ruhuje n'imyumvire yabo ishingiye kubyo babonaga bifatika, bishingiye kurujyano rw'imibereho ya Isiraheli. E.F. Kevan agenzura neza ko “mu mvugo zose kubyerekeye ubwami bw’Imana, n’ubwo igithe bavugaga iby’Umwuka n’ukuri guhebuje kwerekeye ubwami bw’Imana, amagambo abahanuzi bakoreshaga buri gihe yabaga ari imvugo shusho y’urusengero, na Siyon bakaba bavuga ubwami bw’Imana, berekeza ku bwami bwa Dawidi, wicaye ku ntebe y’ubwami iri Iyerusalem. Ibi nibyo bita inshoberamahanga zo mu buhanuzi (Irons, “Inshoberamahanga za Gihanuzi,” amajwi mp3).

Ndetse no mu Isezerano Rishya, igithe Imana yahishuraga gusohora k’ubuhanuzi bwomu Isezerano rya Kera mu gihe abanditsi bo Isezerano bagaragazaga kwishyira mu mugambi w’Imana, bakoreshaga imvugo abantu bo mu gihe cyabo bashoboraga kumva. Nk’uko Steve Lehrer abisobanura, “igithe Imana ikoreshsheje abahanuzi gusobanura umugambi wayo muri iki gihe Isezerano Rishya Imana yiyeemeje gukoresha imvugo ishushanya n’imvugo igereranya. Yagaragazaga Isezerano Rishya mu rurimi rw’Isezerano rya Kera. Yavugaga yerekeza ku mugambi wo mu Mwuka mu buryo butunganye kandi buboneye ishushanya n’igereranya uhoreye ku bifatika bishobora kumvikana.” (Lehrer 2006:8) Ingero z’ibi harimo: Yesu yerekanye umubiri we “nk’urusengero” (**Yoh 2:18-22**); Itorero ryose ryitwa “urusengero” cyangwa “ihema ry’ibonaniro” mu **1 Kor 3:9, 16-17; 2 Kor 6:16-7:1; Ef 2:21; 1 Pet 2:5; Ibyah 3:12; 13:6**; Pawulo akoresha imvugo yo mu Isezererano rya Kera yo gutwika ibitambo asobanura amafaranga yatanzwe mu gushygikira umurimo (**Ef 4:18**; reba **Kuv 29:18**) mu Byahishuwe abayobozi bo mu gihe cya nyuma b’amahanga yo mugihe giheruka bagaragazwa “nk’abami” (urugero, **Ibyah 16:14; 19:18**); n’abazana ibyago baragereranwa n’amafarashi afite intwaro za kera n’ibikoresho by’intambara (urugero, **Ibyah 6:2, 4, 5, 8; 9:7, 9, 17**).

7. Ibitarasohoye ijambo kw’ijambo. Kubera ko umugambi w’Imana uteraimbere mu gukorana n’amahitamo ya muntu n’ibikorwa, ubuhanuzi ntibushobora burigihe “gusohora ijambo ku ijambo” Stephen Travis aratanga urugero rw’ibi: “Yeremiya na Yesaya bahanuye ko Babuloni izafatwa n’Abamedi (Yeremiya 2:11, 28; Yesaya 13:17), noneho Yesaya yerekana uruherekane rwo kurimbuka kuzuye kw Babuloni mu buryo bwuzuye no kwicwa kw’abaturage baho nta kubabarira (Yesaya 13:14-22). Ariko mu byukuri Babuloni yaguye mu maboko y’Abaperesi bategekaga Abamedi mbere yuko bigarurira Babuloni. Umugi uragotwa nta kurwana umugi ntiwasenyutse wakomeje kubaho nta muntu uwutuye. Kubwiyo mpamu ubuhanuzi bwo kurimbuka kwa Babuloni bwasohoye neza cyane ariko ntibwasohye ijambo kuijambo nk’uko bwahanuwe. Bisa no muri Yesaya 10:28-34 yahanuye gutera kw’Abashuli muburyo bwo kugira ishusho mu bitekerezo yerekana ukuntu ingabo z’Abashuli zizatera ziturutse mu magepfo zerekeje mu majyaruguru umugi ku mugi ku mpinga z’umusozi banyuzuze kuri Ayi, Gibeyoni, Geba, Anatoti, Nob ku musozi Sinayi ubwawo, mubyukuri, igithe Senakerubi yazaga n’ingabo ze yakurikiye iruhande rw’inyanya yegera Yerusalem aturutse iburengerezuba.” (Travis 1982: 137-38)

8. Guhinduka kw’ibihe n’uburyo bwo gusohora. Ubuhanuzi bwari bushingiye kubihe by’amateka bizwi, rero, imihindagurikire y’ibihe igira ingaruka ku buryo ubuhanuzi busohoram. Habayeho ibihe byinshi ibihugu byagiye bihinduka, byateye guhinduka kw’imiterere y’abantu iguma ihindagurika rimwe na rimwe guhera mu buhanuzi bwo mugihe cy’Isezerano rya Kera kuva bwatangwa. Muburyo bw’ingenzi cyane, kuza kwa Yesu Kristo kwa kanguye “abahanga mu by’Imana” mu kwifusa uburyo, ibi bisobanuye ko mu buryo ingingo nkuru, n’amahame biciye mu bahanuzi n’imiteterere y’Imana idahinduka iguma ari imwe ntihinduka ntidushobora, kwiringira ko ubuhanuzi butasohoye bwo mu Isezerano rya Kera buzasohora neza nkuko abantu babyitezze (cyangwa ndetse n’abahanuzi ubwabo) babiteganije. Travis arasobanura: Kubera ko ubuhanuzi bufatira ku mateka y’ibihe byihariye bukoresha amagambo ajyanye n’ibyo bihe. Aburahamu yasezeranijwe igitugu. Ubunyage bava mu matongo ya

Yerusalemu yabaye amatongo yasezeranijwe Ursengero rushya (Ezek 40:48). . . Kandi niyompamvu ubuhanuzi bushingira kubihe byihariye runaka mugihe bwujujwe (urugero, kugaruka bava mubunyage), ntidushobora kubikoresha ahantu kubindi, bihe by'amateka ya vuba (urugero, uburasirazuba bwo hagati uyu munsi). Dushobora cyane gushushanya ibintu muri rusange, nk'uko Isezerano Rishya ribigenza, hagati y'ibihe abahanuzi babereyeho n'igihe 'Isiraheli,' ya none irimo itorero. . . Kubera ko ishusho y'ubuhanuzi busubira inyuma mubihe ibiri muri bwo byavugaga, ntidukwiye gutangazwa nuko budasohoye ijambo ku ijambo. Gusubiza amaso inyuma gato biremeza ko ari uburyo budakwiye kwitega ko ubuhanuzi busohora ijambo ku ijambo ku buhanuzi bumwe nabumwe. Urugero, hari ubuhanuzi bwa Yesaya igihe Siriya, Egiputa, ibibihugu bizabana mu mahoro hakanabaho umugisha mu isi (Yesaya 19:19-25). Uyu munsi ntabwo Ashuli ikiriho nk'ighugu kandi ahantu hatari hatuwe muri Egiputa hari amoko menshi y'abantu batandukanye na Egiputa yo mugihe cya Yesaya yahanuragamo. Ubu buhanuzi bushobora gusohora ijambo kw'ijambo bugoranye. Ariko hashobora kubaho ishusho y'amahoro y'Abayuda n'abanyamahanga byazanwe na Kristo (reba Abefeso 2:11-22); cyangwa umurimo ukorwa hagati y'abantu bomu mahanga yose mu bwami bw'Imana buboneye." (Travis 1982: 136, 138)

9. Gukomera k'umumaro w'ubuhanuzi bwo mw'Isezerano Rishya cyangwa Isezerano rya

Kera. Ubusobanuro bwuzuye bw'ibyanditswe runaka cyangwa ubuhanuzi ntibishobora kumvikana keretse Bibiliya yose ubuhanuzi bwo mu Isezerano Rishya busa n'ubutandukanye n'ubwo mu Isezerano rya Kera ariryo ubuhanuzi intambwe z'amategeko y'agakiza zitaweho. Denis Johnson iki agisobanura neza: "Gusoma mu buryo bwayo bubereye nk'ijambo ry'Imana hagombo kubaho amabwiriza aboneye mu rujyano rwa buri cyanditswe" (Johnson 2007: 156). Isezerano rigira icyo rikora ku buhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera. Mubyukuri, ashobora kuvuga ko isezerano rihindura ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera kandi ni umusobanuzi mwiza wo w'ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera. Mu buhanuzi ni ahantu hingenzi aho [Isezerano] Rishya rihishwe mu Isezerano rya Kera, naho Isezerano rya Kera rihishurirwa mu rishya. Kubwibyo, ni "ikintu kitemewe kwemera ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera nk'ibitekerezo Isezerano Rishya ritanditse" (Walker 1996: 313).

a. *Ihishurirwa rikomeza.* Graeme Goldsworthy avuga ingingo y'ingezi mu gusesengura Bibiliya, "Ni ikintu kidashoboka mu Isezerano rya Kera ryonyine urugero rw'ibikorwa by'Imana n'amasezerano arimo" (Goldsworthy 1991: 54). Niyo mpamvu Isezerano rya Kera ridatwara umwuzuro w'ihishurirwa, ishingiro ry'ubusobanuro ni inyigisho z'ihishurirwa rikomeza. Ni ukuvuga ko ukuri kwa Bibiliya kutahishuriwe icyarimwe ariko ni ukuri kwahishuwe igehe kirekire.¹ Muri ubu buryo Isezerano rya Kera niryo ritegura ubutumwa bwiza, ibitabo by'ubutumwa bwiza bigaragaza ubutumwa, Ibyakozwe n'Intumwa ni ukwaguka k'ubutumwa bwiza; inzandiko zisobanura ubwo butumwa, Ibyahishuwe bihuza ubwo butumwa. Yesu n'abanditsi b'Isezerano Rishya basobanukiwe iki: Babonye Isezerano rya Kera ryose nk'igitabo mu buryo runaka kivuga kuri Yesu. Ni we mukinnyi mukuru mu ngingo nyamukuru zirimo² kandi niwe "ndunduro amasezerano yuzuriramo wenyine mu byukuri" (Goldsworthy 1991: 64).

Kubera ko mu buryo busobanutse Bibiliya ari igitabo ni inkuru ivuga kuri Yesu Kristo, uhishurwa neza mu Isezerano rishya, abanditsi bo mu Isezerano Rishya muri rusange barebye mu Isezerano rya Kera mu buryo bw' "ikigereranyo" (Ramm 1970: 260-69; Goldsworthy 1991: 67-69). Isezerano Rishya rihishura Isiraheli yo mu Isezerano rya Kera nk'ighugu cyo mu Isezerano rya Kera kandi ko amategeko yayo yose, imihango, imirimo, n'ubuhanuzi byo mu Isezerano rya Kera byitaweho, byari "ikigereranyo," "igicucu," "ibimenyetso" by'ukuri gusobanurwa mu Isezerano Rishya guhishwe muri Kristo n'itoro.³ Willem VanGemeren ashyira ahagaragara, "Ukuza k'umwami wacu nk'ishingiro ryo gusobanukirwa Isezerano rya Kera. Intumwa zasobanukiwe amategeko mu mucyo w'umurimo wa Yesu ubutumwa n'impuguro. Imyumvire yakera y'amagambo ya Mose n'abahanuzi byagendanye mbere nambere bihabwa indi sura no kuza k'umwami wacu." (Van Gemeren 1990: 83)

¹ "Ihishurirwa rikura bisobanura ko ihishurirwa ry'Imana ryose ritatangiwe igehe kimwe mu ntangiriro, ahubwo ryahishuwe intambwe kuntabwe kugeza umwuzuro w'umucyo w'ukuri wahishuriwe muri Kristo Yesu" (Goldsworthy 1991: 64).

² Luka 24:25-27, 44-45; Yoh 5:39-40, 46; Ibyak 3:18, 24; 10:43; 26:22-23; 2 Kor 1:20; 1 Pet 1:10-12; Heb 1:1-3.

³ Reba Mat 5:17; 1 Kor 10:1-6; 2 Kor 3:12-16; Gal 2:23-4:7, 21-31; Kol 2:16-17; Heb 1:1-2; 8:1-10:22.

Edward Young asobanura ihinduka ry'ubusobanuro bwo kuza kwa Kristo n'icyubahiro abahanuzi bo mulsezerano rya Kera mu buryo bwo gusesengura: "Ihishurirwa ritwerekwa ukuntu ihishurirwa ryahawe abahanuzi ridasobanutse ku bijyanye nabo. Barangwaga no kurota n'amayerekwa cyangwa mu bundi buryo imvugo ari imvugo igoye kumva. . . . Kuva ihishurirwa ryahawe abahanuzi ritari risobanutse nk'iryo Mose yahawe, byukuri, kуva ryuzuyemo ibintu bidasobanutse, tugomba gufata uku kuri tukakwitaho igithe turi gusobanura ubuhanuzi. Tugomba rero kuzibukira twivuyinyuma amakosa yosse no kudakurikiza amategeko n'ibitaranditswe ndetse n' 'amagambo niba bishoboka.' Imvugo ya gihanuzi ni imvugo yegamiye kuri Mose kubw'iyo mpamu kandi bihuje imiterere. Gusa mu mucyo w'Isezerano Rishya gusohora kwabwo gushobora gusobanurwa mu buryo nyabwo." (Young 1952: 54, 215n.21) Nkuko Steve Lehrer avuga, tugomba "burigihe gusoma ibyanditswe byo mu Isezeranorya Kera mu ndorerwamo yo mu Isezerano Rishya" (Lehrer 2006: 177). Uko Isezerano Rishya ryuzuza irya kera "ibigereranyo" n'amasezerano ubwayo ntabwo ari ikimenyetso gihagije. Goldsworthy agaragaza ko "Atari ikimenyetso gihagije ko Yesu yujuje amasezerano yo mu Isezerano rya Kera. Bariya Bayuda barebaga gusohora ijambu kw' ijambu k'ubuhanuzi bwo mu Isezerano ya Kera bananiwe guhishurirwa Yesu ko ariwe Isezerano rya Kera risohoreramo." (Goldsworthy 1991: 65-66)

b. *Uburyo ubuhanuzi busohora.* Kubera impinduka zazanwe no kuza k'umwami wacu Yesu Kristo n'itangizwa ry'Isezerano Rishya, *uburyo* busanzwe mu mwimerere wabwo. Isezerano Rishya ryubakiye ku magambo yo mu Isezerano rya Kera akensi mu buryo butunguranye. Iki gifite ingaruka cyangwa impinduka hamwe no kubaha ibigize ugusohora k'ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera. David Holwerda asobanura ikingiki, "Igihe ugusohora k'ubuhanuzi kubaye ibyari igishushanyo cyangwa ikimenyetso cy'uko kuri gusohoye ibyo biba bitakakiri ngombwa. Hari ugusimbuza ikimenyetso ukuri." (Holwerda 1984: 74-75) Goldsworthy yongeraho, "Ibi bisobanura ko ibigize ubuhanuzi bisumbwa n'ibigize amasezerano uburyo. . . . Abanyedimi bagira ikosa ryo kutumva icyo Isezerano Rishya rivuga ku gusohora k'ubuhanuzi. Kwizera ko ugusohora kugomba kuringanira kwabwo kugomba kuringanira nezaneza nk'uko isezerano riri." (Goldsworthy 1991: 65-67)

Nyamara abantu bo mu Isezerano rya Kera bashobora kumva ubuhanuzi mu buryo bumwe, aho Isezerano Rishya rikoreshje cyangwa rigasobanura ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera biba ataribyo "kugerageza gutekereza umwanya wo kujora [ubuhanuzi bwo mi Isezerano rya Kera] birazwi, ariko ugusobanukirwa k'[ubuhanuzi] n'uburyo bumwe, ni uguhagarara uhamye kandi udahutajwe" (Walker 1996: 313). E. F. Kevan abivuga gutya Ingero zisimbura zishobora kugaragara nk'ubwami bwa Dawidi, umugaragu, ubwoko bwatoranijwe, umusozi Siyon, umurimo wo kuranya binyuze mubitambo ibyiringiro bya Mesiya umwami wacu ubwe yasimbuye ibintu byinshi byo mi Isezerano rya Kera, nk'Isabato, imihango guhumana, urusengero, n'ubwami bwa Dawidi ibi nibyo byateye Abayuda kumwica." (Kevan 1954 :27)

c. *Isezerano Rishya ryongera gusobanura ubuhanuzi bwo mw' Isezerano rya Kera.* Isezerano Rishya ryerekana ko ubusobanuro nyakuri no gusohora k'ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bugera kure harenze "ibifatika" byo muri Isiraheli yakera. Mu byukuri nk'uko George Eldon Ladd abyerekana, "Isezerano ntiryigeze ribona neza neza ulko ubuhanuzi buzasohora bwasohoye mu buryo Isezerano rya Kera ritari ryiteze bitigeze biteganwa n'Abayuda. Hamwe no kwita ku kuza kwa Kristo, *Isezerano rya Kera risobanurwa n'Isezerano Rishya.*" (Ladd 1977: 27, yita ku mwimerere) mu gihe bamwe bashobora kuvugako isezerano rishya "rishiira mu mwuka" cyane ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera. Nta gushidikanya ni ukuri kuvuga ko Isezerano Rishya ryongera gusobanura irya kera rikanakoresha ubuhanuzi bwaryo. Mu Isezerano Rishya umwuzuro wa gihanuzi wabereye ahantu hafatika ariko mu buryo bushya urufunguzo rw'umwuka. Isezerano ry' "ubutaka" ryasezeranijwe Aburahamu n'ubuhanuzi bw'ubwami n'ubutambyi bw'Abarewi mu isezerano rya Dawidi, ryavuzwe hejuru, byerekana mu mizi ukuntu Isezerano Rishya ryongera gusobanura ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera:

(1) Igihugu cyo mu isezerano ry'Aburahamu (Itang 12:1-30). Isezerano Rishya ryongera gusobanura Kanani ifatika nk'ishusho y' ukuri "ubutaka" isi yose (**Rom**

4:13); umugi wo muijuru, Yerusalem shya (**Heb 11:8-16; Ibyah 21:22**). Icyongeyeho, umutima w’ubwo butaka bwasezeranijwe yari Isiraheli “yasigaye” izengurutswe n’abanzi bayo, ifite ibyo ikeneye byose (reba **Guteg 12:9-11, 25-19; Yosuwa 1:23; Zab 95:10-11**). Iki cyahindukiye Abizera agakiza n’uburuhukiro bwabo (**Heb 3:12-4:11**) ni muri ubwo buryo, mu **Rom 10:1-10** Pawulo yakuye iki cyanditswe mu **Guteg 30:12-14**, hagendanye n’ubusobanuro bushinze imizi mu Isezerano rya Kera bigendanye no kubaha amategeko ya Mose n’amasezerano y’Imana yo guhinduka kw’Abisiraheli ikihana mu gihugu. Arongera arasobanura ariya masezerano yo mu Isezerano rya Kera nk’amasezerano yo kwizera Kristo azatuzanira agakiza.

(2) Isezerano rya Dawidi (2 Sam 7:12-17). Ubuhanuzi bwa Yeremiya burebana n’ubwami n’ubutambyi mu isezerano rya Dawidi (**Yer 33:19-22**) bwuzuriye muri Kristo Yesu. Aho bitandukaniye n’ibyo Yeremiya avuga ni uko ubwami bwa Yesu bwavuye mu ijuru nk’Umukiza, si intebé yo mu isi nk’ubuyobozi/igirikare by’ubwami bwo mu isi (**Ibyak 2:22-36; Heb 1:3**). Ikindi kandi ubuhanuzi bwa Yeremiya bw’ubutambyi buhoraho bw’Abalewi nabwo bwakwihiwa n’ukuri ko mu Isezerano Rishya niba “umuntu” ashaka ko busohora mu buryo bw’umubiri ubuhanuzi bwo mulsezerano rya Kera. Impamvu ni iyi ubutambyi bw’Abarewi bwari “igishushanyo” cyanwa “igicucu” byashyizwe ahagaragara na Kristo munsi y’Isezerano Rishya (reba **Abahebyurayo 7**). Isezerano Rishya ribisobanura neza ko ari Kristo n’itorero bagize ubutambyi buhoraho (**Heb 7:14-15; 7:11-8:22; 1 Pet 2:5, 9**). Muri ubu buryo, “Igihe Yeremiya avuga ibijyanye no gusanwa kw’igihugu cya Isiraheli n’umuigi wa Yerusalem, n’ingoma y’iteka no kwicara kuntebe kwa Dawidi ategeka Isiraheli no kubarindira mu mahoro, n’ubutambyi bw’iteka ryose kandi bwo murwego rwohejuru burimo n’abatambyi benshi gutanga ibitambo muburyo buhoraho arakoresha imvugo shusho asobanura gusohora kw’Isezerano Rishya ry’Imana ariyo shusho nziza cyane kuruta ishusho y’Isezerano rya Kera” (Lehrer 2006: 91).

10. Imvugo ya gihanuzi no gusohora kwabwo. Tugomba kwitonda mu ikoreshwa ryacu ry’ururimi—ntitwitiranye “inyandiko” hamwe “n’ibantu bifatika.” Garlington yemeza ko: “‘Inyandiko’ ari imvugo yoroheje. Twandika B. Ramm asobanura ko ubusobanuro ‘inyandiko’ ubusobanuro bw’igice ari ‘umwimere,’ ‘buraboneye,’ ‘mubigaragara,’ n’‘ubusanzwe.’” (Ramm 1970: 119-23) Mu bihe bimwe nabimwe, rero, ubusobanuro bw’ “inyandiko” akensi ni ihwanisha.” (Garlington n.d.: n.p.n 27; reba Poythress 1993: 48-52). Muyandi magambo, “inyandiko” ziri mu buryo bwa gisizi zisobanurwa “muburyo bw’ubusizi”; uburyo bwo gusobanura ibimenyetso “inyandiko” ikoresha “uburyo bw’ibimenyetso”; uburyo bwo gusobanura “inyandiko” zirimo imvugo z’ihwanisha “zisobanurwa mu buryo bw’ihwanisha.”

- a. “*Abasobanuzi b’ubuhanuzi*” *b’ikigihe ntibumva uko Isezerano Rishya rikoresha ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera, kuberako, bareba ubuhanuzi mu bwo mu Isezerano rya Kera nkaho buhagarara bwonyine kandi bugomba gusohoramu magambo, muburyo bufatika muri Isiraheli ya none*. Uko babibona ni kintu nk’iki ni nk’Abafarisayo bananiwe kumenya Yesu nk’umucunguzi, kubera ko atisanishje n’ibitekerezo byabo by’ bifite aho bigarukira “ibifatika” by’uko umucunguzi wabo agomba kuba ameze (ni ukuvuga, umusirikare n’umunyepolitiki utegeka Isiraheli). Kandi na none kuba babuze ukuri ku bumenyi mu by’Imana ko mu Isezerano rya Kera kuko bwari “igicucu cy’ibizaba; naho umubiri wabyo ufitwe na Kristo” (**Kol 2:17**). Urugero, nyamara benshi batekereza ko “ibyanditswe” bigomba gusa kuba ibantu bifatika, noneho “ibitanditswe” bikaba ibantu bidafatika, umwanditsi w’**Heb 8:1-10** “aduha akoreshheje kurasa kuntego ubusobanuro bunyuranye: ubuturo bwanditswe ni ubuturo bwo mu ijuru kandi igishushanyo cyabwo ni ubuturo bwo mu isi” (Beale 2004: 295).
- b. *Ikibazo cy’abasobanuzi nk’abo batekereza ko ubusobanuro bw’“inyandiko” ari kimwe n’“ibifatika,” kandi ko ikinyuranyo cy’ “ibyanditswe” ari “iby’umwuka”*. Mu byukuri, ikinyuranyo k’ “inyandiko” ni “ibihwanisha” ntabwo ari iby’ “umwuka”; “iby’umwuka” ni ikinyuranyo cy’ “ibifatika” (reba Tegart 1999: n.p.).

(1) Ubusobanuro bw’amagambo ni ubu bukurikira:

(A) *Inyandiko*—ibisanzwe, iyahuranya–riganaku ku gice; “inyandiko” yemera imvugo shusho, ari mu gihe nk’iki yita ku “banditswe by’ukuri.”

(B) *Ihwanisha*—abagize inkuru, ibikorwa, ibantu nk’ibi ntibigomba gufatwa nk’ “uburyo bw’inyandiko,” ariko bifite ikintu runaka bihagarariye kandi bitanga ubundi busobanuro.

(C) *Ibifatika*—bikozwe mu bantu; bifatika, “ibifatika” ntibigomba kwitiranwa ni “inyandiko,” kuberako imigani, ibishushanyo, n’ imvugo shusho akenshi bibamo ibikoresho, “bifatika” n’ ukuri k’ Umwuka “mu buryo bw’inyandiko” ariko ntabwo ari ikintu gifatika.

(D) *Iby’umwuka*—n’ ibidafatika, cyangwa ibitekerezo; “iby’ Umwuka” ntabwo bikwiriye kwitiranywa n’ iby’ “ihwanisha” n’ubwo ihwanisha rishobora kubamo ibantu by’ “umwuka”.

(2) Amagambo ane ashobora guhuzwa mu buryo bukurikira:

(A) *Inyandiko n’ ibifatika*—urugero, isi; umuntu upfa; ubwami muri **1Sam14:47**.

(B) *Inyandiko n’ iby’umwuka*—urugero, ijuru, Imana; abamarayika; ukuri; ubutabera; urukundo; ubwami muri **Mariko 1:15 na Luka 17:20-21**.

(C) *Ibifatika n’ibihwanisha*—urugero, igitabo cy’umugenzi cya Yohana Bunyani; Hagayi, Sara, umusizi Sinayi, na Yerusalem y’ikigihe nk’uko yasobanuwe mu **Gal 4:21-31**; urufunguzo, umunyururu, ikuzimu mu **Ibyah 20:1**.

(D) *Iby’umwuka n’ibihwanisha*—“Screwtape” ya C.S. Lewis; “ikiyoka” muri **Yes 51:9; Ibyah 12:9; 20:2**.

11. Iyerekwa n’imvugo shusho. Ubuhanuzi bwinshi muri Bibiliya, no mu gitabo cy’ibahishuwe, byatanzwe mu buryo bw’iyerekwa kandi byakirwa mu mvugo y’ibimenyetso. Iyerekwa n’ibimenyetso ntabwo ari kimwe n’imfashanyigisho ziri mu myandiko yo mu mabarawa cyangwa inkuru zo mubitabo bitanu bya Mose, ibitabo by’amateka byo mu Isezerano rya Kera, ibitabo by’Ubutumwa Bwiza, cyangwa Ibyakozwe n’Intumwa. Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwatanzwe mu buryo nk’ubu bwatanzwe mu buryo bw’iyerekwa, imigani, “n’imvugo zijimije” (reba **Zab 78:2; Ezek 17:2; 20:49; 24:3; Hos 12:10; Mat 13:35**). Muburyo busa, urujyano rwagutse rw’**Ibyahishuwe** byose, rutangirana n’ **Ibyah 1:1 sēmainō** (“kuvugisha ibimenyetso”) na *deichnumi* (“kwerekana”), hamwe n’imvugo yisubiramo ngo “nabonye” (cyangwa imvugo zisa) zakoreshejwe mu gusobanura ibimenyetso by’ iyerekwa biri mu gitabo (reba **Ibyah 4:1; 12:1-3; 13:1-3; 14:1; 17:1-3**), herekana “imiterere rusange y’ itumanaho rikoresha ibimenyetse,” bitandukanye n’ ihererekanyabutumwa risanzwe muri rusange (Beale 1999: 973; reba na none ibid.: 50-53).

a. *Ubusobanuro bw’amagambo ya mayerekwa ntabwo ari “igihamya ubwaryo”*. Amayerekwa nikimwe neza neza nk’amashusho cyangwa amafilime y’abana imvugo yo mw’iyerekwa n’ibimenyetso byakoreshewe mu buhanuzi bwinshi cyane bisaba kwita kunzego enye zikoreshwa mw’ itumanaho: (1) *urwego rw’ururimi* (ni ukuvuga, ibiri mu nyandiko ubwabwo); (2) *urwego rw’iyerekwa* (ni ukuvuga uko iyerekwa Yohana yaribonye, “ibyo yabonye mu mayerekwa”); (3) *urwego rw’irebero* (ni ukuvuga, irebero ry’amateka ry’ibantu byihariye binatandukanye mu byerekawne); n’(4) *urwego rw’ibimenyetso* (ni ukuvuga, ubusobanuro bw’ibimenyetso mu buryo shusho avuga mu irebero ry’amateka). (Poythress 1993: 41-42)

b. *Iki ni ubusobanuro bushishingiye ku buryo bwo gusobanura no gusesengura*. Ijambo umuntu ashobora gusobanura “mu buryo bw’ururimi” uretse umuntu ahawwe gusobanura mu buryo bw’ibimenyetso hifashishiye ubusobanuro bwiza bw’urujyano “bikwiriye kwigarukaho” mu guhuzwa n’ubusobanuro bw’**Ibyahahishuwe** n’ubundi buhanuzi (by’umwihariko ubuhanuzi bw’iminsi y’imperuka) kuva, nyamara ibice atari ibimenyetso, “ishingiro ry’igitabo ni imvugo shusho” (Beale 1999: 52).

c. *Urugero rw’ibi ruboneka mu Ibyah 20:1-6*. Muri iki cyanditswe Yohana: “arakoresha amagambo ‘imyaka igihumbi;’ ‘umuzuko,’ n’ ‘Ubuzima’ kubera ko yabonye , mu rwego rw’iyerekwa abantu bazutse bahabwa ubuzima imyaka igihumbi. Kubera ibantu yabonye n’ibyo yumvise mu *iyerekwa*, ntabwo bigomba *mbere nambere* kumvikana nk’amagagambo ahubwo byabonwe nk’ibimenyetso byatangajwe, ari byo rwego rw’ibimenyetso rw’iyerekwa. Iri yerekwa ni rigufi ufatiye ku mwimere wabyo bitanga ubutumwa mu buryo umuntu yakwitiranya mu magambo nk’aya ‘umunyururu,’ ‘ikuzimu,’ ‘ikiyoka,’ ‘inzoka’ ‘ikingiranwe,’

‘ikimetso,’ n’ ‘inyamaswa.’ Rero, ijambo ‘umuzuko’ n ‘ubuzima,’ Urugero amagambo nk’aya atanga ubutumwa ku bijyanye n’irebero hamwe n’ibusobanuro bw’imizimizo cyangwa isano ritaziguye ry’imizimizo. Biciye mu gusesengura bigomba gukorwa kuri buri rwego.” (Beale 1999: 973-74) Ibi bikwiye kuvugwa no mu mvugo “imyaka 1000” muri kiriya cyanditswe . Gufatira ku nyandiko imyaka 1000 isaba kuba ku magambo nk “urufungozo” n” umunyururu” rufashwe n’umumalayika mu **Ibyah 20:1** n’ urufungozo rufatika n’umunyururu na kuriya “ikuzimu” ko mu **Ibyah 20:3** ni icyobo cy’ubu gifite ubutaka bufatika “ikimenyetso” (Waltke 1988: 273; Jackson 2001: n.p.) Mu by’ukuri ikizimu ntabwo ari icyobo gifite ingano runaka, ariko hahagarariye urwego rw’umwuka hari ukwaho ntabwo hari hagati y’isi ntabwo ari hejuru cyangwa yayo . . . Ikuzimu ni zimwe mu vugo zigereranya amagambo atandukanye ahagarariye ikirere cya Satani n’inkozi z’ibibi bafatanya mu gukora.” (Beale 1999: 987) Kubw’abasobanuzi benshi, harimo Abahanga mu by’imperuka bongeraho (Ladd 1972: 262) na Osborne (Osborne 2007: 701) bemeranwa ko imyaka 1000 ari igishushanyo cy’imvugo shusho. Osborne arasesengura, “Ubwikube bw’icumi bwakoreshejwe mu nyandiko z’Abayahudi mu buryo bw’ishusho rero harashingira ku gihe cy’iteka ryose kandi kiboneye” (Osborne 2002: 701).

12. *Imirongo ngenderwaho ya nyuma yo gusobanura ubuhanazi:* Ubusobanuro bwatanzwe bw’ihinduka ryo mu Isezerano rya Kera n’irishya mu gusobanura ubuhanazi, intumbero yacu ikwiye kuba ishingiye ku mahame rusange y’umwuka cyangwa igitekerezo kiza mu “miterere” y’ubuhanazi, kuruta “kwita” kubitekerezo kubizaba. Ibi ni ibitekerezo bikurikira mu gusobanura ubuhanazi (Green 1984: 79; Orpeza 1994: 181-83):

- a. *Kwita ku bimenyetso uciye bugufi.* Tugomba kwita ku buhanazi twitonze dufite umwuka wo guca bugufi. Ibi ni ibintu by’umwihariko kuva ubuhanazi bwinshi bukoresha imvugo shusho kandi burimo urujijo. Dannyeri ubwe byarenze ubushobozhi bwo gusobanukirwa mu iyerekwa yabonye (reba **Dan 8:27**). Ntabwo bikwiye kudutangaza rero ko ubuhanazi bwadukomerera ntitibusobanukirwe.
- b. *Menya ukuri kw’ibibihimbanu kuruta ukuri impamu.* Ubuhanazi ntabwo ari imfashanyigisho zidaca kuruhande nkuko bimeze mu nzandiko. Imiterere y’imvugo ya gihanazi ibwemerera gukoreshwa mu bihe bitandukanye, ibihe abantu bacamo, gusohora mu buryo butari bwitezweigihe ubuhanazi bwahanuwemo mu mwimerere wabwo. Ikindi kandi, ntabwo imisesengurire y’ubwenge yirengagiza ibimenyetso. Ahubwo, tugomba “kwitoza gutekereza tukamenya imvugo shusho.
- c. *Kura ubusobanuro mu ruyano.* Ishushanya rikoreshwa mu gitabo cy’**Ibyahishuwe** rishobora no kuboneka mu Isezerano rya Kera. Rigashyiraho urujyano, ariko tugomba kwibaza tuti ni gute *Yohana* yakoresheje ikimenyetso?
- d. *Reba abahanuye ubuhanazi bwa gishumba.* Urugero, mu **Ibyah 2:10; 13:9-10, na 14:12** Yohana yahamagarariraga abasomyi be gushikama no kwihanganirana.
- e. *Reba ingingo nyamukuru.* Kureba akantu kukandi bihishura ingingo nyamukuru umuhanazi yakoresheje.
- f. *Irinde gushaka impamu kubikoresho byo mubuhanazi.* Bariya bavumbuye bimwe mubintu “bihishwe” ku kuri kubijyanye n’iminsi yanyuma cyangwa abavuga ko bavumbuye kubijyanye n’iminsi yanyuma cyangwa abavuga ko bavumbuye “ibanga” rya Bibiriya akensi baba bibesheye.
- g. *Menya ko ubuhanazi bwinshi bwo mu Isezerano rya Kera na bumwe bwo Isezerano rishya bwarangije gusohora kera.* “Uburi munsi ya 2 ku ijana mu Isezerano rya Kera buvuga kuri Mesiya. Uburi munsi ya 5 ku ijana bwerekereye n’ibintu bitari byaba byo mu Isezerano Rishya. Uburi munsi ya 1 ku ijana ntiburasohora. Muby’ukuri abahanazi batangaje ibyo inzagihe. Ariko yari inzagihe yavuba kuri Islaheri, na Yuda, n’andi mahanga yarayizengurutse kuruta inzagihe yacu.” (Fee na Stuart 1982: 150).

13. *Iby’imperuka.* Mugihe na nyuma y’ubunyage bwa Yuda i Babuloni, iyindi ngeri yungirije yaradutse yari iy’ “igihe cy’imperuka.” ⁴Iyi ngeriy’ubuhanazi yamamaye ahayinga mu mwaka wa 250 mbere ya

⁴ Ijambo “apokaributike” rikoreshwa nka ntera cyangwa izina. Abashakashatsi bamwe batekereza ko “apokaributike” ari ibyanditswe bisobanura ibintu bimwe byo mu munsi y’ imperuka n’ ibyahishuwe bisobanura ingeri yihariye y’ imyandikire.

Kristo kugeza no mumwaka wa 200 nyuma y'urupfu rwa Kristo mu Bayuda nyuma no munyandiko zimwe nazimwe z'Abakristo. Biboneka no mubindi bitabo bitari muri Bibiliya. Inyandiko zivuga iby'imperuka muri Bibiliya mu buryo bw'ibanze zigaragazwa mu gitabo cya **Danieli n'Ibyahishuwe (Yesaya, Ezekiyeri na Zekariya)** nahe harimo ibintu bivuga iby'imperuka). Ingingo zisanzwe zirimo amateka n'iherezo ry'amateka, isanzure ibiza, intambara hagati y'imbaraga y'isanzure, no hagati y'icyiza n'ikibi no kuzura k'umugambi w'Imana n'ubwami bwayo.⁵

- a. *Iby'imperuka n'ubuhanuzi.* Ibyimperuka ni ubuhanuzi bwihariye. Beale agaragazako ibyimperuka "harimo cyane uruvange rw'amagambo n'ingingo zibibonekamo" (Beale 1999: 37). Kubw'ibyo, bibiri twabonye hejuru byo kwitondera mu buhanuzi bigomba no gukoreshwa mubyanditswe bivuga ibihe by'iminsi y'imperuka. Nkuko Yoweli Green abivuga mu ncamake, ikibanze gitandukanya ibyanditswe bivuga iby'iminsi y'imperuka n'ubuhanuzi butavuga iby'iminsi y'imperuka biterwa n'ibimenyetso byakoreshewe n'imvugo shusho nogutsindagira kw'iherezo ry'ibihe n'iherezo ry'amateka: "Mugutandukanya iby'ibihe bya nyuma n'ubuhanuzi, itandukaniro ryumvikana cyane ugereranyije n'ubusobanuro n'uburyo ubutumwa bwatanzwemo. Amagambo y'Umwami ya gihanuzi ahishurirwa by'ibanze mu iyerekwa cyangwa inzozi. Ibimenyetso, ishushanya, imibare biboneka—n'ubusanzwe munyandiko—za gihanuzi byaje mbere yo gushyirwaho kw'ibitabo by'iminsi yanyuma. Ibyanditswe bivuga ku minsi yanyuma rimwe na rimwe byongera gusobanura ubuhanuzi bwa kera urugero; Danieli yifashiahije Yeremiya kubijjanye n'imyaka 'mirongo irindwi' muri **Danieli 9:2.** Ikintu kingenzi, nyamara, ni itandukaniro mucyerekezo cy'ubutumwa. Abahanuzi batangaje inama zikora mu cyerekezo cy'amateka. Abanditse iby'imperuka bateganya impinduka zizanwa nogutabara kw'Imana mu gihe cyanyuma, birenze amateka." (Green 1984: 62)
- b. *Ibyimperuka n'amateka.* Nubwo abanditse iby'imperuka bitaye ku iherezo ry'amateka, Ibikorwa byo mu mateka yo mugihem turimo byari bifite umumaro w'ingenzi: Mu gutekereza iby'imperuka igehe turimo ni urubuga rw'intambwe umugambi w'Imana unyuramo. Muri iyi myumvire hari ugukomeza hagati y' 'iki gihe' na 'nyuma yacyo.'" (Green 1984: 62). Abanditsi by'iby'imperuka babonye Imana nk'umutegetsi w'ikirenga ugenga amateka. Isunika amateka ku musozo wayo wagonwe. Mu mwuzuro wayo, Imana niyo kwizerwa izabohora inahembe. Uku ni ukuri by'umwihariko mu byanditswe by'imperuka bya Gikristo n'ibyahishuwe Ulfgard yerekana "ukuri" gufite ishingiro mu gutandukanya [Ibyahishuwe n'ibyanditswe] bivuga iby'imperuka byo mu Bayuda n'umumaro munini w'isesengura ukiyemeza kugaruka mu mateka yarangije kubaho. Kubaho nyuma y'icyemezo cy'Imana cy'igikorwa cy'agakiza muri Kristo, n'umuteguro w'isi uri mubiganza by'Imana n'umwana w'Intama." (Ulfgard 1989:11) Kubw'ibyo, nyamara ibyanditswe bivuga kumperuka bigizwe n'amakimbirane akomeye, ibintu bikomeye mu maso yacu, nk'imvugo shusho y'ubugoryi, aho abavuga ib'imperuka bakomeza gushyira ibyiringiro mu bantu.

E. *Imigani n'ishushanya*

1. Byombi imigani n'ishushanya bishobora kugaragara nk'ibyatse, inkuru igereranya cyangwa ihwanisha—ni ukuvunga ngo inkuru cyangwa amateka umuntu runaka ahagarariye cyangwa ikindi cyintu icyaricyo cyose, muri rusange mu kwerekana imiyitwarire cyangwa ukuri kw'ikintu runaka muri rusange. Mu gucukumbura bishobora gutandukana, umugani ushabora kuba mugufi, imyubakire itandukanye, idakomatanyije cyane, yigisha cyane (itanga amabwiriza), ihuzwa, mu buryo busobanura cyane cyanwa gahoro, n'ishyirwa mu bikorwa runaka.
2. Umugani nyamukuru mu Isezerano rya Kera ni umugani wa Natani ahanganye na Dawidi muri 2 Sam 12:1 {reba na none **Abac 9:1-21; 2 Abam 14:8-10; 2 Ing 25:17-19**). Nyamara ishushanya uko

Reba Carson na Moo 2005: 714 abanditsi benshi, nubwo, bakoresha "Apokaributike" basobanura ingeri y' imyandikire n'ibivuga iby'imperuka. Iri jambo rizakoreswa mu busobanuro bwaryo bwa rusange hano.

⁵ Ibice-bitatu by' amajwi bisomwa na D. A. Carson byerekeye imiterere n' umumaro w' apokaributike, harimo no kwibanda ku gitabo cy' Ibyahishuwe, gifite umutwe uvuga ngo "kubwiriza kuri apokaributike," gishobora kumvwa cyangwa kigasohorwa kubuntu, kuri mudasobwa kiraboneka. Kuri

<http://resources.thegospelcoalition.org/library?utf8=%E2%9C%93&query=carson+preaching+apocalyptic>.

riteye ni inkuru y'ibintu bitariho ariko bishobora kubaho bivuga mu kwerekana ukuri ikintu gifatika cyangwa ukuri k'Umwuka, Pawulo yakoreresheje inkuru ya Sara na Isaka bapfa Ishimayeri na Hagayi (reba **Itang 17:15-21; 18:9-15; 21:1-21**) nk'igereranya abizera bab'Abakristo ubagereranije n'abazera bab'Abayuda (reba **Gal 4:21-31**).

3. Insanganyamatsiko nyamukuru mu migani ya Yesu ni uwami bw'Imana, buriho muri ikigihe n'ikizaza ariko bukazashyirwa ku mugaragaro igehe buzagerwaho. Ubwami bw'Imana ni "ubuyobozi bw'Imana yihishura ubwayo mu kurema umuntu ihuriro ry'abantu bakorera Yesu impande zose z'ubuzima bwabo bwose" (Blomberg 1900: 326). Ubwami bwifashisha byombi guhinduka kwa muntu ni ihindagurika mu mibanire yabo mu migani ye, "Yesu mu buryo buboneye afite ingingo nyamukuru eshatu zingirakamaro: ubuntu bw'Imana, no gushaka guhindura abantu abagishwa n'ingaruka zo kutumvira" (Ibid.).
4. Yesu yakoresheje imigani "yerekeza ku gutanga igisubizo kubamwumvaga, cyaba cyiza cyangwa cyibi" (Osborne 1991: 241). Inzira imwe yabikozemo ni uguhindura ibyo abantu batekerezaga cyangwa kugobekamo akantu mu migani ye: "Umusamariya wanzwe, ntawo ari umutambyi cyangwa umulewi, niwe womoye inguma z'uvari wagiriwe nabi n'abajura (Luka 10:30-37); ubusanze Abasamariya bari abambusi ntibari abatabazi!); umuhungu wangije ubutunzi bwe niwe wahawe umwanya mu birori (Luka 15:11-32); abakene bafite ubumuga bicaye mu birori bikomeye (Luka 14:15-24); igisonga cyahinduye inzandiko z'umwenda washebuja cyarashimwe (Luka 16:1-13). Mugukora gutya Yesu yashoboraga gushishikariza abamwumva kubaho mu buryo bushya bwo kubona ubwami bw'Imana mu buryo bushya." (Osborne 1991: 243)
5. Yesu yakoreshaga imigani mu guhisha cyangwa mu guhishura, bitewe n'abamwumva mu buryo bwagutse (reba **Mat 13:10-17; Mariko 4:10-13**).

- a. *Yesu yavumburaga mu bundi buryo:* (1) mu gukoresha urugero rw'ikintu mu buryo cyafatwa mu mutwe; (2) kuzana igitekerezo kerekeza kure kuburyo ubusobanuro bwacyo ku batabaga basobanukiwe ako kanya neza; no (3) kugerageza kwigarurira abamwunva ngo bemere imyemerere runaka cyangwa ngo bakore muburyo runaka.
- b. *Imigani yahishaga igehe:* (1) abumva bananirwaga kuzingatira ubusobanuro bw'igereranya ryakoreshejwe; cyangwa (2) n'ubwo bashoboraga kumva ubusobanuro, bagakururwa nibyo yababwiraga bikazana impinduka ku buzima bwabo. Kubw'ibyo, muri **Mariko 12:12** abayobozi b'Abayuda bumvise icyo Yesu yababwiye mu mugani w'abagaragu babi urengereza kuribo, ariko ntibigeze bashaka guhindura gahunda zabo ndetse, ahubwo, barushaho gushaka gukaza umurego wo kumwica.
6. Yesu mu buryo busobanutse yasobanuye gusa imigani ibiri mu migani ye, umugani uw'ubutaka (**Mat 13:1-23; Mariko 4:1-20**), N'uw' ingano n'urukungu (**Mat 13: 24-30, 36-43**). Nyamara, rimwe na rimwe Yesu yasozaga umugani ni imvugo ngufi (**Mat 20:16; Luka 12:21**) cyangwa ikibazo (**Luka 7:42; 10:36**). Imvugo nk'izi cyangwa ibibazo bitwerekeza ku kuri nyamukuru k'umugani.
7. Urufungozo rwo gusobanukirwa umugani ruri mukumenya abakinnyi bakuru, ibikorwa, cyangwa icyo ibimenyetso birimo bisobanura.
 - a. *Ihame ry'ibanze ryo gusobanura imigani ni "ingingo k'umukinnyi mukuru urimo."* Buri mugani ugira ingingo nkuru ushingiyeho ku mukinnyi mukuru—akensi babiri cyangwa batatu—aba kandi baba ari abakinnyi b'ingenzi basaba ko inkuru aribo ishingiraho igisobanuro cyayo runaka kuruta bo ubwabo, ni uguha umugani imiterere y'ishushanya. . . . Mugihe kimwe, ibintu bigize umugani kuruta abakinnyi bakuru bavugwamo bizagira ubutumwa bw'igereranya gusa mukwagura no kuzuza ubusobanuro bwashyizwe ku bakinnyi bakuru, ndetse n'ibindi byashyizwe muburyo bw'ishushanya ubusobanuro bugomba kugira umusaruro nk'uwo mukinyejana cy'abumvaga bo muri Palistina." (Blomberg 1990: 163)
 - b. *Abakinnyi bakuru bahagararira ku bintu bitandukanye biranga ubwami bw'Imana—muri rusange bisa n'Imana, abantu b'Imana, cyangwa abatari abanu b'Imana.* Urugero, ni urw'umwana w'ikirara (**Luka 15:11-32**). Blomberg ubusobanuro bwe ni ubu bukurikira: (1) N'ubwo nk'uko umwana w'ikirara yari afite burigihe amahirwe yo kwihana no kugaruka murugo, n'ubundi nanone n'abandi banyabyaha, ndetse babi, bashobora kwatura ibyaha byabo bagahindukirira Imana bakihana ku Imana. (2) Nubwo nkuko Data yongeye gushyiraho ubwiyunge ku mwana w'ikirara, nanone Imana itanga ubwiyunge ku bantu bose, ariko umugaragu uca bugufi, yakira imbabazi z'ibyaha niba abishaka kuzakira. (3) Nubwo nkuko

mukuru we atagombaga kurakazwa n'ukugaruka kwa murumunawe ahubwo yarakwiye kwishima, kubwiyo mpamvu bariya bavugako ari abantu b'Imana bashobora kugira ubusambo ndetse no kuri bariya bagaragu baciye bugufi." (Blomberg 1999: 174)

c. *Izingiro ry'ubumenyi mu migani ya Yesu harimo ibi bikurikira :*

(1) Kwigisha ibyerekeye Imana. Imana ni umuyobozi w'ikirenga. Itegeka abagaragu bayo nkuko ibishaka. Irihangana irababara ntiyice ababi aho byari byiza kubarimbura. Igwa neza yuzuye ubuntu birenze uko tubitekereza. Ntabwo igerera umuntu ibikwiriye ibyo yakagombye kugererwa. Igenda urugendo rurerure ishaka icyazimiye. Yizera abantu bose ibaha inshingano y'ubusonga, kandi izacira urubanza ishingiye kubwizerwa bwabo.

(2) Kwigisha kubantu b'Imana. Bose bakwiriye gukurikira Kristo bagomba gutegura bagasiga byose bakajyana munzira n'umutima wabo-wose w'ubwigishwa. Bamenya ko umuhate wabo atari uw'ubusa kugirango babone ubuntu bw'Imana. Biyemeza ubusonga, kumvira amategeko y'Imana, no kwemera guhatwa no kubabazwa. Bazana ibyifuzo byabo ku Mana bashize amanga mu gusenga Imana. Ntibagomba kugira ishyari kubera ubugwaneza bw'Imana kubandi. Bakamenya ahubwo nabo ko ukutumvira kwabo n'ubwizerwa bwabo bucye bushobora guhabwa ubuntu butari babukwiriye bita kukwaguka k'ubwami bw'Imana, kandi abihangana bakageza imperuka bazongererwa kubana n'Imana iteka ryose no kubana n'abizera bose.

(3) Kwigisha abatari abantu b'Imana. Abakozi bo murugo rw'Imana ntibahagije cyangwa Abakristo ntibahagije; ubuzima bwerekana imbuto zo kwhiana zigomba kuzanwa. Imyanya y'ubuyobozi bwagahunda y'idini ntibisimbura ukwhiana nyakuri n'ibikorwa by'ubuntu. Ubu ni igehe cyo kwhiana, ntacyaha cyangwa kwangiza kubi cyane Imana yakwanga gutangira imbabazi kuri buri mutima wihana urwitwazo rwose rwo kuba hanze y'Imana muburyo bugaragara ni impfabusa. Hari umunsi kwhiana bizaba bitagishoboka; bariya basuzuguye Imana bahure n'urubanza rukomeye cyane batandukane n'ibyiza ibihe byose. (Blomberg 1990: 293-96)

d. *Imitere y' imigani ya Yesu.*

(1) Ubwiza bw'imigani ya Yesu bwerekana ingingo-eshatu z'imiterere yayo. Ifite abakinnyi batatu isomo ry'ingenzi rishobora gufatiraho; umukinnyi mukuru harimo n'abagaragu babiri bamuvuguruza, umuyobozi ashushanya Imana, n'abantu bayo banze umuyobozi harimo: *umwana w'ikirara* (**Luka 15:11-39**); *intama yazimiye* (**Luka 15:4-7**); *igiceri cyabuze* (**Luka 15:8-10**); *abanyamwenda* (**Mat 21:28-32**); *umugaragu w'umuhemu n'inyangamugayo* (**Luka 12:42-48; Mat 24:45-51**); *abakobwa cumi* (**Mat 25:1-13**); *urukungu n'amasaka* (**Mat 13:24-30, 36-43**); *incundura* (**Mat 13:47-50**); *Nyamutunzi na Lazaro* (**Luka 16:19-31**); *n'abana bazerera mu isoko* (**Mat 11:16-19; Luka 7:31-35**).

(2) Imigani cumi ya Yesu yerekana urukomatanye rw'ingingo-eshatu ziyigize. Nymara igaragara nk'ifite imiterere y'inyyongera cyangwa imiterere yo gukomera kuruta irihejuru cumi n'ibiru, igaragaza mu buryo buboneye ingingo eshatu zishingiye kubakinnyi batatu b'ingenzi cyangwa itsinda ry'abakinnyi. Harimo: *Italanto* (**Mat 25:14-30**; reba **Luka 19:12-27**); *Abahinzi bo muruzabibu* (**Mat 20:1-16**); *Ubataka* (**Mat 13:1-23**, reba **Mat 4:1-20**); *Umusamariya mwiza* (**Luka 10: 25 -37**); *Umugani w'abararikwa babi* (**Luka 14:15-24**); soma kandi **Mat 22:1-14**); *Umugaragu Utabarabira* (**Mat 18:23-35**); *Igisonga gikiranirwa* (**Luka 14:15-24**); *Ibisonga biki* (**Mariko 12:1-12**).

(3) Imigani icyenda mumigani ya Yesu ifite ingingo ebyiri. Ifite gusa abakinnyi babiri b'ingenzi cyangwa ibantu bibiri kandi yigisha gusa amasomo abiri. Ntibafite ishusho y'umutware, cyangwa umutware umwe n'umugaragu umwe. Hano harimo: *Umufarisayo n'Umukoresha w'ikoro* (**Luka 18:9-14**); *Abubatsi babiri* (**Mat 7:24-27; Luka 6:47-49**); *Umugaragu w'imburamumaro* (**Luka 17:7-10**); *Imbuto yakuze mu ibanga* (**Mariko 4:26-29**); *Umutunzi w'umupfapfa* (**Luka 12:16-21**); *Umutini utagira* (**Imbuto** (**Luka 13:6-9**)); *Umcamanza mubi* (**Luka 18:1-8**); *Inshuti yo mu Gicuku* (**Luka 11:5-8**); na *Nyirinzu n'Umujura* (**Mat 24:43-44; Luka 12: 39-40**).

(4) Imigani itandatu ya Yesu ifite umutwe umwe kandi ikagira n'ingingo imwe ivugaho ndetse n'umukinnyi fatizo umwe. Muri iyi harimo: *Ubutunzi Bwahishwe (Mat 13:44); Umurimbo w'igiciro cyinshi (Mat 13:45-46); Akabuto ka sinapi (Luka 13:18-19); Umusemburo (Luka 13:20-21); Abubatsi b'umunara (Luka 14:28-30); Umwami w'umurwanyi (Luka 14:31-32).*

F. Inzandiko

Inzandiko ni amabaruwa yandikiwe amatorero azwi cyangwa amatsinda y'amatorero, cyangwa abantu bazwi. Ni amabaruwa “rimwe narimwe”, bisobanurako yanditswe nk'impamvu, zo kwita, ku kibazo kihariye cyangwa ibihe byabaga bitunguranye kuribo.

1. Mukinyejana cyambere inzandiko zanditswe zatangirwaga n' "ibwiriza" muburyo bwo "Guhera kuri A, kuri B, indamukanyo." Abanditsi ba Bibiliya akenshi bashimangiye iyi ndamukanyo.

Inzandiko zanditswe zigamije kwita kubantu byateganywaga, kuba byakumvwa, n'abasomyi ukuri kw'ibi ni **Ibyah1:4** ni urwandiko rutanga ibwiriza rigaragaza ko igitabo cy' **Ibyahishuwe** cyari ibaruwa, kandi kikaba n'ubuhanuzi (**Ibyah 1:3; 22:18**). Kubwibyo bisobanura ko igitabo cy'ibyahishuwe kidafite aho kigarukira munzaghihe runaka “ibihe byanyuma,” imyaka igihumbi mu gihe kizaza, ariko hitabwaho n'indagihe nayo. Nanone, ishushanya ryari ryitezze kumvwa n'abasomyi bo mukinyejana cya mbere (reba nanone **Ibyah 22:7**).

2. Inzandiko ziri muburyo bw'ibanze mungeri zigisha. Ntabwo zitwigisha gusa ibyo twizera, ahubwo zinatwigisha impamvu twizera, nuko twabikora tukabihuza n'ubuzima bwacu. Inzandiko ziri, mu buryo bw'insi, “budahinduka,” cyangwa bushingiye kumikoreshereze kugukoresha imitekerereze n'ingingo zirimo gahunda nzima, kurusha izindi ngeri z'imyandikire. Ariko, ntabwo bihoraho neza neza, harimo gahunda y'ubwenge, inzandiko z'ubumenyi mu by'Imana byumvikanyweho. Ahubwo, zibamo ibindi bantu ndetse n'izindi ngeri nazo z'imyandikire.

V. Amahame yogusesengura icyanditswe cya Bibiliya

Amahame ari hejuru yo gusobanura Bibiliya burigihe akoreshwa igehe umuntu ari kugergeza gusobanura Bibiliya no kuyisobanukirwa. Iki cyiciro gitangira kitwereka uko twakoresha aya mahame mu gihe turimo dusesesengura tunasobanura ubutumwa buri mu cyanditswe kihariye cyo mu Byanditswe.

A. Icyo kwitabwaho kugirango utangire intambwe yo gusesengura

1. Tangirana n'isengesho, kandi ukomeze uwo mwifato mugihe urimo gusoma ijambo ry'Imana, wiga, ushaka kumenya icyanditswe. Ibuka **1 Kor 2:12-14:** Ariko twebweho ntitwahawewe ku umwuka w' iyi si, ahubwo twahawewe uwo Mwuka uva ku Mana kugirango tumenye iby' Imana yaduhereye Ubuntu, ari byo tuvuga ariko ntitubivugisha amagambo akomoka mu bwenge bw'abantu, ahubwo tubivugisha akomoka ku Mwuka, dusobanuza iby' Umwuka iby' umwuka bindi. Ariko umuntu wa kamere ntiyemera iby' Umwuka w' Imana kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenza kuko bisobanurwa mu buryo bw' Umwuka.

2. Reka Bibiliya ikubwire, kuruta kuyitegeka ibyo ikubwira. Iki gisobanuye ko ugomba kwitondera ibitekerezo byawe warusanganywe kucyanditswe “ugomba gusobanura.” “Tugomba guhagarika indi shusho mu misesengurire yacu” kugirango bihure n'uko tubyifuza mu kumenya Imana kwacu. Dukwiye kubaha ubwenge bw'abigisha ba Bibiliya n'abayize. Uguobanukirwa kwabo gushobora gufasha imyumvire yacu cyane. Nyamara, ijambo ry'Imana riracyavugana natwe uyu munsi, mu bihe byacu ducamo, uyumunsi. Rero, tugomba kumva icyo Imana iri kutubwira n'ubwo ibyo itubwira mu bihe byacu ducamon'ubwo byaba (cyangwa by'umwihariko) biduhinyuza igehe biduhindura cyangwa ritubabaza. “Niba ‘tuzi’ icyo icyanditswe kigomba kuvuga, ni ukwemera ko gitegeka imyumvire yacu, nigute twakwiga icyo kivuga uyu munsi? Niba twariyemeje cyangwa twarirundumuriye cyane mu imenekanisha Mana runaka,bihinduka ibidashoboka guhindura ikintu icyo aricyo cyose mumibereho yacu. Bihinduka ibantu bikomeye cyane kwiga ikintu icyo aricyo cyose gishya. Hanyuma, niba twanze ko Bibiliya yivugira, ubwayo imenyekanishamana rihinduka umuhango ufite ubutware burenze kuri Bibiliya ubwayo.” (Doriani 1996: 17)

3. Mwitondere imico yanyu n'imigenzo yanyu igehe muri kugice. Icyongeye kubumenyi bwerekeye Imana bwacu n'uko tubona ibantu, dushaka gufata imico yacu n'imigenzo yacu nk' uko twahawewe—tubyemera nk' “uburenganzira” “ibantu bisanzwe.” Akensi duhumishwa n'ishusho imico yacu

n'imigenzo mu mitekerereze n'uburyo tubona ibintu. Mukuba kwinshi Bibiliya yasobanuwe kugirango igire umumaro wo guhindura uko dutekereza n'uko dukora. "Imigenzoni ni mibi niba (1) ako kanya yamagana ikintu icyo aricyo cyose kinyuranya nayo, (2) twihutira kongera gusobanura ibitekerezo bishya kugirango bihuze n'imigenzo yacu, cyangwa (3) dutwikirwa n'imigenzo yacu kuburyo tudashobora kubona ibindi binyuranye nayo" (Doriani 1996: 25). Dukeneye kureka Imana ikaduhindura binyuze mi ijambu ryayo, kuruta "kongera kuriha ishusho" ijambu ryayo ngo ryisanishe n'imico yacu, imigenzo yacu, n'uburyo tubona ibintu, ndetse n'uburyo tubitekereza.

B. *Imisesengurire iboneye no gusobanukirwa icyanditswe cya Bibiliya bishingira kubantu birimo ibice bitatu—kugenzura; gusobanura; no gukora ibyo icyanditswe kivuga*

Igenzura, gusobanura, no gushyira mubikorwa bizafatwa nk'ibintu bitatu bitandukanye bigize uburyo bwo gusesengura ibyanditswe. Kugenzura muburyo bwumvikana bibanziriza gusobanura no gushyira mu bikorwa. Nyamara, mu gukora ibintu bitatu biruzuzanya murwego rwo hejuru.

1. Kugenzura bisubiza ikibazo "Ni iki cyanditswe kivuga?" Kugenzura ni urufatiro ugomba gushingiraho niba ushaka gusobanura Bibiliya no kuyishyira mubikorwa mu buryo bwa nyabwo. Ugusobanura no gushyira mubikorwa nyakuri biterwa no kugenzura nyakuri.
2. Gusobanura bisubiza ikibazo "Ni iki iki cyanditswe gisobanura?" Ubusobanuro bwinshi buzaba buboneye kandi bushingiye ku mwimerere niba umuntu yagenzuye yitonze icyo gice kivuga mu rujyano rwacyo. Ntushobora gusobanura igice kugeza mbere nambere usobanukiwe icyo kivuga. Igihe usobanura igice, ugomba kumenya neza niba ubusobanuro bwawe bwuzuzanya n'isesengura ryawe.
3. Gushyira icyanditswe cyawe mu bikorwa bisubiza iki kibazo "Ni gute nahuza iki cyanditswe n'ubuzima bwanjye (cyangwa ubw'abandi) uyu muns?" Gushyira mu bikorwa "bibaho igihe urwana n'ukuri kandi ugafata icyemezo cyasubiza uko kuri" (Arthur 1994: 11).

C. *Gusabanukirwa urujyano*

Nkuko twabyerekanye, urujyano ni ikintu k'ingenzi kugirango usobanukirwe kandi usobanure buri murongo wo mu Byanditswe. Urujyano rudusobanurira "ikigendana n'igice." Wibuke ko, hariho ubwoko bubiri bw'urujyano mu murongo runaka wihariye: urujyano nyendimi n'urujyano nyamateka. Urujyano nyendimi ni amagambo, interuro, ibika, cyangwa ibice bizengurutse igice kandi bifitanye isano. Urujyano nyamateka ni umuco, imigenzo, imyemerere, indimi, n'ibijyanye n'amateka y'inkomoka y'abamwumva. Igihe usoma, uzagenda ubona ko urujyano nyendimi n'urujyano nyamateka bizahinduka nk'impanga.

1. Gira igitekerezo kugitabo cyose aho icyanditswe cyawe kiboneka. "Kuko umwanditsi yatanze ubutumwa bwe bwose uko bwakabaye mu gitabo cyose, isesengura ryacu ku cyanditswe kihariye rigomba gushingira ku rujyano rwaho icyanditswe kiboneka" (Volvaardt 2005: 90). Kurikira igitekerezo cy'umwanditsi uko kigenda gikura kuva mu ntangiriro kugeza ku musozo w'igitabo. Kugira incamake y'igitabo cyose neza bisaba kugira umuhati. Kugisobanukirwa cyose byoroshyia gusesengura ibyanditswe bikigize byose.
2. Ishusho ngari y'igitabo ikwiye kubamo urujyano nyamateka n'urujyano nyendimi. Ishusho ngari y'igitabo ikwiye kubamo urujyano nyamateka (urugero, umwanditsi w'igitabo; abandikiwe bwa mbere; igihe igitabo cyandikiwe; isano iri hagati y'umwanditsi n'abo yandikiye; igihe igitabo cyandikiwe; impamu igitabo cyanditswe; n'ibikindi), kimwe n'urujyano nyendimi. Mu kubaha urujyano nyendimi "n'uruherokane" rw'ibitekerezo mu gitabo, itondere by'umwihariko ibice n'ibika bikuyobora ku cyanditswe witayeho cyane, ibi biganisha icyanditswe mu kibazo.
3. Tandukanya uko igitabo giteye. Ibitabo byinshi bya Bibiliya bigabanijemo ibice by'ingenzi, bishobora guhura cyangwa ntibihure n'igice runaka ukigabanijemo ibice byungirije muri buri gice harimo mugice cy'ingenzi uduce duto tukigize. Uko wiga igitabo cyane, niko urushaho kubona icyo igitabo icyo kivuga, ibyiciro nyendimi n'ibyiciro byungirije. Bituma urushoho gusobanukiwa uko igitabo giteye bigufasha gusobanukirwa insanganyamatsiko irimo y'igitabo n'intego yacyo. Kuvangura insanganyamatsiko n'intego, n'ukuntu umwanditsi yagiye abyubaka, ni umukoro w'uko umuntu asobanura.
 - a. igitabo kigomba kuba kigabanijemo ibice bishingiye ku bintu byinshi. Igice gishobora gushingira ku nsanganya matsiko, nyinshi, abagize inkuru, ibikorwa nyamukuru, ubuyobozi bw'abami, hamwe n'ibice byose, amatariki, ahantu, n'ibindi. Urugero, **Itangiriro 1-11** hita kubikorwa rusange, ariko muri ibyo bice harimo ibice bijyanye byungirije bifatiye ku bikorwa

rusange, ariko muri ibi bice harimo ibigendana n'irema, kugwa mu cyaha k'umuntu n'urubanza rw'Imana, umwuzure, n'umunara w'Ibabeli; **12-50** hita kubantu bihariye—Aburahamu n'abamukomokaho—ariko muri iki gice harimo ibice byungirije bifatiye ku isezerano ry'Imana yagiranye na Aburahamu, Isaka, Yakobo, na Yozefu. Inzandiko nyinshi za Pawulo zitangira muburyo bw'ibanze inyigisho zishimangira, kandi zigasozanya ukundi gutsindagira (urugero, **Abaroma 1-11**) uburyo bw'ibanze mu nyigisho; **12-16** ni ibintu bishobora gukorwa; **Abagaratiya 1-4** mu buryo bw'ibanze ni inyigisho; **5-6** ni byo gukora). b. *Imiterere y'igitabo cy'umuntu yerekakana ishusho y'uburyo bwo gusobanura umwanditsi niwe ubigena.* Kubw'ibyo, ahantu icyanditswe kihariye kiboneka hashobora kugenya ubusobanuro bwacyo. Ushobora kubaza (niba uko kigaragara kidafite ikindi bivuga), “Kuki icyi gice kiri hano, kuki kitari ahandi?” Hari ingero eshatu zerekana igisobanuro cyaho igice kiri gishobora kuba gifite.

(1) Inkuru ya Yuda na Tamari mu Itangiriro 38 igaragara nkaho itari ahantu yakagombye kuba kuva mu **Itangiriro 37-50** murundi ruhande hita kuri Yozefu.

Nyamara, aha inkuru iri kuri iriya ngingo yerekana Itangiriro mu myitwarire hagati ya Yuda n'umurongo wa Yozefu, wahunze ubusambanyi, mu kwiruka ateye amugongo umugore wa Potifari (**Itang 37:7-12**).

(2) Inkuru y'ubugwaneza bwa Dawidi kuri Mefubosheti muri 2 Samweli 9 bibaho no muri **2 Samweli 6-10** byerekana ubuyobozi bwa Dawidi n'imyitwarire ye, ubukungu, n'igisirikare cye gikomeye. Igikorwa cya Dawidi yakoreye Mefubosheti cyibutsa ubwo bugwaneza. Gusubira inyuma k'ubwami bitangirira muri **2 Samweli 11** ugusubira inyuma byibutsa uburakari no gukura igikundiro kuri Mefubosheti (**2 Samweli 16:1-4; 19:24-30**).

(3) Umagani w'umwana w'ikirara (Luka 15:11-32) wagize imbaraga aho wavugiwe werekana imbaraga zawo aho uherereye. **Luka 15** hari mugice cy'ibanze cy'igitabo cya (**Luka 9:51-19;28**) aho Yesu yerekeza Iyerusalem. Ibihe byinshi Yesu arahangana n'Abafarisayi. Muri **Luka 15:2** bararega Yesu ko yakira abanyabyaha kandi agasangira nabo kubw'iyompamvu abacira imigani itatu (intama yazimiye, igiceri cyatakaye, umwana w'ikirara), yose yasubizaga ibirego by'Abafarisayo. Yose iravuga kumyitwarire y'Imana kubantu bayo bazimiye. Umugani w'umwana w'ikirara mu ndunduro uratera bafarisayo ubwabo kwiyemeza. Umuvandimwe mukuru ahagarariye Abafarisayo. Yesu yabahinyuje “guha ikaze abanyabyaha no kubashyira mubirori by'ubwami” (Doriani 1996: 36), atari uguisiga hanze mugihe abandi bakiriwe na Data.

4. Gusobanura intego z'igitabo no guhuza insanganyamatsiko z'igitabo. Mbere y'uko wita kugika kiri ukwacyo cyangwa umurongo, ukeneye gusobanukirwa ukuntu ibika byuzuzanya n'intego ndetse n'insanganyamatsiko zigize igitabo cyose aho bigaragara. Ibuka: urujyano ruhishura ubusobanuro bw'amagambo n'imironko. Gerageza kwerekana ingingo nkuru zigize igitabo, igice, n'icyanditswe mu magambo yawe. *Kuvuga neza muburyo buboneye biboneza ibitekerezo byaweno gusobanukirwa.* *Gushobora kuvuga neza* mu magambo yawe insanganyamatsiko nkuru bizagufasha gusobanukirwa icyo nsanganyamatsiko ibumbatiye. Kudashobora kuvuga insanganyamatsiko nkuru byerekana kudasobanukirwa iyo nsanganyamatsiko, binasobanuye ko ukeneye gusoma, kwiga, no kongera kwiyibutsa igitabo, igice cyacyo, n'imironko icyanditswe birenze. Mugukora ibi gusenga, ibitabo by'ubusobanuro byiza, n'ibindi byagufasha n'isoko yubumenyi, bishobora kuba ingirakamaro cyane. Umubare w'ibintu bizadufasha muburyo buboneye reba intego y'umwanditsi n'insanganyamatsiko y'igitabo, igice cy'igitabo, cyangwa igika:

a. *Sobanura imvugo ijyanye n' intego y' umwanditsi, cyangwa insanganyamatsiko, by' igitabo, igice cyacyo, cyangwa igika.*

(1) Akenshi umwanditsi azakoresha imvugo zizakubwira muburyo bwumvikana impamvu yanditse. Imvugo nk'izi zishobora kuba mu iribiriro ry'igitabo mu ntangiririro yacyo, zishobora kuba mu mwanzuro ku musozozo w'igitabo, zishobora no kuba munsanganyamatsiko ziri mu gitabo. Urugero, muri **Luka 1:1-4** Luka atubwira impamvu yanditse urwandikorwe; Yuda 3 atubwira impamvu yanditse igitabo cye cy'ubutumwa, na **1 Tim3:15** hagaragaza impamvu Pawulo yandikiye Timoteyo.

(2) Rimwe narimwe umwanditsi nanone asobanura ibinyabumwe bito bigize igitabo mu gitabo, cyangwa azasobanura icyo umuntu runaka asobanura. Urugero, muri **Yoh 2:21** Yohana adusobanurira neza ibyo Yesu yavugaga igihe yavugaga mukiganiro cye **Yoh 2:19**, “*Gusenya urusengero hanyuma mu minsi itatu akongera ku rwubaka.*” Muri **Mariko 7:14-19** Mariko aravuga ubusobanuro bw’ibyo Yesu yavuze mu kiganiro cye muri **Mariko 7:14-19** avugako bashoboraga kuvumbura mubundi buryo ko ashobora kubura. Ku musozo wa **Yoh 4:19** arashyira ubusobanuro mu dukubo kugirango asobanurire abasomyi (mu buryo bwumvikana bari abanyamahanga nti bari Abayuda [cyangwa bari kumva nta cyo bisobanuye ntabusobanuro bahawe]) kubera iki umugore w’umusamaliyakazi yabajije biriya bibazo.

b. *Invugo zishingiye ku nsanganyamatsiko zirambura, cyangwa zigashyira muncamake, ibisigaye biri mu gitabo, igice cy’igitabo, cyangwa igika.* Rimwe na rimwe umwanditsi ashobora kudasobanura impamvu yanditse igitabo, cyangwa ngo asobanure icyo ibintu bimwe nabimwe bisobanura. Nyamara, igitabo gishobora kugira imvugo yarambuwe muri cyo, cyangwa yahinwe muri cyo kubyavuzwe mbere. Rimwe narimwe imvugo nk’izi zishobora gusoza kumpera y’umurongo w’igitekerezo kandi rimwe narimwe biziba icyuho mu kwaguka k’umurongo ukurikira w’igitekerezo. Kubw’ibyo, kureba *urufunguzo rw’umurongo* bivuga, cyangwa bishyira mu nciamake insanganyamatsiko y’umwanditsi. Urugero, **Itang1:1** havuga hati, “*Mbere nambere Imana yaremye ijuru n’isi*” iriya mvugo ivuga kandi ikerekana inkuru y’irema mu nciamake yo mu **Itangiriro 1-2. Abac 17:6** na **21:25** hose havuga hati, “*Muri iriya minsi nta mwami wari muri Isiraheli, buri muntu yakoraga ibyo yishakiye icyo abona ko kimubereye kiza mu maso ye.*” Izi mvugo ziravuga mu nciamake yo gusubira inyuma kwa Isiraheli nyuma y’urupfu rwa Yesuwa. Mu gihe cy’abacamanza nta mwami bari bafite Abisiraheli ufatika ariko, icyari gifite akamaro kurutaho kinababaje, ntamwami wo mu muburyo bw’ umwuka wari uhari. Nyamara ighugu nti cyari gifite umwami wo muburyo bw’Umwuka. Nyamara, ariko ighugu cyagombaga kumvira Uwiteka nk’umuyobozi (reba **Abac 8:23**), ntikigeze cyumvira Uwiteka. Nk’ingaruka, kibyukirije intambara z’abanzi baturutse hanze yacyo (**Abacamanza 1**) intambara z’imbere mu gihugu z’isubiranamo ry’abaturage (**Abac 20: 21**). **Yakobo 1** ashyla hamwe insanganya matsiko nk’uruz’igitabo **Yak 1:26-27** haduha incamake ry’ukuri kw’icyo idini ry’ukuri risobanura, mugice cy’iki igitabo gisigaye.

c. *Urufunguzo rw’ibitekerezo, ingingo nyamukuru, amagambo n’amatsinda y’amagambo, bizerekana insanganyamatsiko y’igitabo, igice cyacyo, n’icyanditswe.* Reba uko umwanditsi yatondetse kuri gahunda urukurikirane rw’ibitekerezo. Baza uti “Gute ibi bitekerezo byagiye bitondekwa?” N’ubwo ntamvugo isobanura intego, cyangwa imirongo yerekana nsanga nya matsiko neza, amagambo y’urufunguzo (ashobora gusubirwamo kenshi yerekana) azahishura igitekerezo cy’ingenzi cyangwa ingingo nyamukuru bihishura insanganyamatsiko nyamukuru y’umwanditsi.

5. Inyungu yo kugira igitekerezo rusange ku gitabo aho icyanditswe usoma kibarizwa.

- a. Ubona ubutumwa bwo mu gitabo uko bwakabaye, mu mwuzuro wacyo.
- b. Wunguka gusobanukirwa intego yateye umwanditsi kwandika.
- c. Werekana insanganyamatsiko nyamukuru z’igitabo.
- d. Witondera imiterere y’igitabo.
- e. Usobanukirwa icyanditswe isano gifitanye n’ikindi mugitabo cyose.
- f. Ugira gusesengura gushingiye ku busobanuro nyabwo no gushyira mubikorwa muburyo bukwiye. (Arthur 1994: 26)

6. Gira igitekerezo rusange ku cyanditswe uri kwigaho. “Ikintu gikomeye cyane kubantu bashya mu kwiga ni ukuntu bashyiraho ishusho ya buri gice no gukora incamake y’ingingo nkuru. Abantu bagaragara nk’abadaca umutaru mu gusesengura akantu ku kandi ntibashake kugira icyo bunguka. Aha tuba dukeneye igitekezo muri rusange, kandi uwiga akwiye kugerageza kwandika amagambo atandatu ku munani muncamake kuri buri gika. Igihe usoma mu buryo bwo gucukumbura cyane, imvugo y’incamake akensi byibutsa interuro ebyiri zabanje mu gika kuruta igika cyose uko cyakabaye. Ikosa nk’iri rishobora kugira ingaruka mu kwiga kwave kose.” (Osborne 1991: 23) Osborne aratwibutsa, nyamara, ko “igitekerezo rusange cyumvikana gishingira ubusesenguzi kuri buri kantu ni nombwa cyane” (Ibid.: 24-25).

7. Ukumenya imiterere y'interuro cyangwa icyanditswe n'ingenzi cyane nko kumenya imiterere y'igitabo cyangwa igice cyacyo. Akensi birafasha gushyira mu *dukubo cyangwa gushyira mu kazu* interuro cyangwa icyanditswe, cyangwa ugasiga *amabara afite ibimenyetso* bishyira ahagaragara amasano ari hagati y'imirongo n'icyanditswe, kubw'ibyo umena ubusobanuro ujyenda uha indi mirongo. Ikindi kandi ibi birafasha cyane iyo wiga inzandiko za Pawulo, kubera ko akoresha interuro ndende kandi zikomatanije. Ingero eshatunu zerekaba ibi:

- a. *Rom 5:12 herekana umwanzuro w'umurongo w'igitekerezo* (*ijambo “rero” ryerekana*) ko uriya murongo na none *ni kimwe cya kabiri cy’igereranya* (*ijambo “nk’uko binyuze mu muntu umwe icyaha cyarinjiye”* ryerkana ko Pawulo agereranya n'ikindi kintu runaka, akoresha *ijambo nka “na none” “cyangwa hanyuma”*[ari byo byuzuza “nkuko”]. Nyamara ntabwo Pawulo ahita agereranya mu buryo bweruye, ariko atangira yerekana ingaruka z'icyaha. Ntabwo yongera gutangira umurongo mu mizi y'igitekerezo no kugerereranya kugeza ku kuri **5:18** (“*nuko rero* ubwo igicumuro cyazanwe n'umuntu umwe”).
- b. *Ef 2:11-22 hatangirana n’umurongo w’igitekerezo aho Pawulo asobanura ibya Kristo mu gukuraho itandukaniro hagati y’Abayuda n’abanyamahanga kubari muri Kristo, arangije arema “undi muntu mushya.”* **2:11-12** herekana imbereho ya mbere y’Abanyamahanga. Imvugo “*ariko ubu,*” itangira **2:13**, ivuguruza iyo mibereho hamwe n’imibereho mishya y’Abanyamahanga, nk’umumaro w’amaraso ya Kristo. **2:14-22** hose harahindura hakanasobanura **2:13—2:14-18** hasobaura ibyo Kristo yakoze; kandi **2:19-22** hasobanura ibyo Kristo ari gukora (**2:19** hazamura umumaro, aho **2:13** hamanura hasi).
- c. *Ef 3:1-19 hakomeza umurongo w’igitekerezo cya Pawulo cyerekeranye n’abanyamahanga.* **3:1** hatangirana “*N’iyi mpamvu,*” aribwo asubira inyuma kubyo yahoze avugaho. Hanyuma **3:2-13** harema *ingingo ndende;* Pawulo ntabwo yongera kugarura umurongo w’igitekerezo ukundi kugeza kuri **3:14.**

D. *Imbata y'igitabo, igice cyacyo, umurongo*

1. Uburyo bw’ingenzi ni ugusobanukirwa “uruhererekane” rw’ibitekerezo by’igitabo, igice cyacyo, icyanditswe ni ugukora imbata y’igitabo, igice cyacyo cyangwa icyanditswe ku rupapuro. Gukora imbata bidufasha mu buryo busobanutse “kubona” uko igitabo, igice cyacyo, cyangwa icyanditswe giteye. Gukora imbata y’igitabo bidufasha kunoza ibitekerezo byacu no gusobanukirwa kwacu mu kwita ku gukirana n’igitabo, igice cyacyo, cyangwa icyanditswe, kugirango usobanure icyo umwanditsi ari kuvuga n’uko ibice byisanisha kugitabo cyose. Gukora imbata kandi bidufasha kunoza ugusobanukirwa kwacu kuko mu kubikora tugomba gushyira ibantu *mu magambo yacu* ibitekerezo by’ingenzi by’icyanditswe cya Bibiliya.
2. Bibiliya nyinshi zifite imitwe y’amagambo yashyizweho n’abazikosoye. Ibitabo byinshi by’ubusobanuro byashyizeho imbata y’ibitabo bya Bibiliya, n’ibyanditswe, ibice by’ibitabo. Ibi bishobora gufasha cyane. Nyamara, niba washobora kugenzura ubuhinduzi bwa Bibiliya zirenze imwe cyangwa ubusobanuro bwa Bibiliya, uzabona ko ubuhinduzi bwa Bibiliya zitandukanye bubona mu buryo butandukanye icice cyangwa uduce mu gitabo mu buryo butandukanye. Ntukwiye gukukira uko bonye icyo umuntu runaka yavuze, ahubwo kirana no gusobanukirwa ubwawe.
3. Imbata y'igitabo ishobora kuba ivuga akantu ku kandi cyangwa ari icamake. Ikingenzi ni ukuzingatira uruhererekane rw’ibitekerezo by’umwanditsi. Amahame shingiro mu gukora imbata ni:
 - a. *Izingiro ry’igitekerezo cy’igice kivuye mu nsanganyamatsiko nyamukuru y’imbata.*
 - b. *Agace gato k’imbata kaboneza, gasobanura, urugero rwatanzwe, imfasha nyigisho, gusobanura cyangwa gutandukanya birenze akantu ku kandi mu gice kinini cyabanje* (reba Arthur 1994: 119-28).

E. *Soma mu buryo butuma uvumbura*

Igihe uri kwiga ibyanditswe n’uruuyano rubizengurutse, itondere uruuyano nyendimi n’uruuyano nyamateka/nyamuco akantu ku kandi mu cyanditswe. “Andika akantu ku kandi kuko gahari kubera impamvu runaka by’umwihariko kugirango kakugonge” (Doriani 1996: 18 reba **UMUGEREKA B: Kwiga Bibliya ukoresha ibibazo mu kubwiriza bishingiye kuri Bibiliya**). Baza ibibazo (bishobora kugirana isano n’ibigize ururimi n’amateka/umuco by’igitabo cyangwa icyanditswe). Bizagufasha kugira ikerekezo kiza cyo gusobanukirwa:

1. Nde?—urugero, Ninde wabyanditse? Ninde muntu nyamukuru uvugwa muri iki cyanditswe? Umwanditsi aravuga kuri nde?
2. Iki?—urugero, Ni iyihe ngeri y'iki gitabo? Ni ibiki biri kuvugwamo? Ni ikihe gikorwa cy'ingenzi? Ni iyihe nsanganyamatsiko nyamukuru nk'inyigisho? Ni iki umwanditsi ashimangiura?
3. Ryari?—urugero, Ibi byanditswe ryari? Icyi gikorwa cyabaye ryari ? Ni ryari bizaba?
4. Hehe?—urugero, Ibi byandikiwe hehe? Ibi byavugiwe hehe? Bizabera hehe?
5. Kuki?—urugero, Kuki ibi byanditswe? Kuki ibi ari bike cyangwa ari byinshi cyane kuki bitanze kuri iki gikorwa kihariye cyangwa inyigisho? Kuki abantu bakwiye gukora mu buryo runaka bwihariye?
6. Gute?—urugero, Ni gute ikintu runaka cyabaye? Ni gute ukuri kwerekana? Ni gute abantu bakagombye gukora ikintu runaka?

F. *Itondere ibirebana n'umuco n'amateka akantu ku kandi*

1. Ibantu by'amateka n'umuco mu cyanditswe bishobora kugufasha kumurikira icyanditswe. Kuvuga akantu ku kandi ni ingenzi niba inkuru idashobora guhagarara yonyine ngo isobanuke. Kuvuga akantu ku kandi si ngombwa niba ntacyo byongererera ubusobanuro cyangwa bitanga ubusobanuro buke cyane. Nti bishobora guhita bigaragara ako kanya uburyo amateka cyangwa umuco akantu ku kandi ari ingenzi mu gusobanura icyanditswe.
2. Urugero, mu ba Gal 2:11-13 Pawulo arerekana ukuntu yavuguruje Petero ku bijyanye no kudasangira n'Abanyamahanga, muri Antiyokiya n'ubwo Barinaba yari yabizanyemo uburyarya. Urundi ruhande, ntacyo bivuze—aho igikorwa cyabereye ikigize icyo kivuze ni inyigisho za Gikiristo no gushyira mu bikorwa izo nyigisho kimwe ahantu hose mu rundi ruhande, mu yandi magambo ku bizera iyo nkuru ibabaje kubera ukuntu abizera bageze muri Antiyokiya kubera akarengane (**Ibyak 11:22-26**). Ikindi, itorero ry' Iyerusalemu ryohereza Barinaba muri Antiyokiya igihe bari bamaze kumenya ko umubare w'Abanyamahanga wiyoungereye bari bakiriyeUmwami. Barinaba yaranezerewe azana Pawulo muri Antiyokiya. Bakomeza kandi bigisha (Abanyamahanga) b'abizera bashya hariya (**Ibyak 11:22-26**). Abigishwa bitwa bwa mbere “Abakiristo” muri Antiyokiya (**Ibyak 12:26**). Abizera b'Abanyamahanga nabo bohereje ubwitange bwo gufasha abizera b'Abayuda muri Yudeya bari bugarijwe n'inzara (**Ibyak 11:27-30**) nyamara, aya mateka akantu ku kandi y'aho uburyarya bwa Petero na Barinaba n'aho byabereye byongeraho ubusobanuro. Birashimangira ukuntu bikojeje isoni binababaje kunena bene so bo mu mateka atandukanye na we ukuntu bishobora kuba.

G. *Itondere ibigize ururimi mu cyanditswe*

Ibigize ururimi mu cyanditswe ni ikintu cy'ibanze mu busobanuro bw'icyanditswe. Ibi bikurikira bikoreshwa byombi mu bibitekerezo by'igitabo cyose no gusoma icyanditswe mu rujyano rwacyo.

1. Urufunguzo rw'igitekerezo. Ijambo ry'urufunguzo n'itsinda ry'amagambo ni ingenzi cyane ku gusobanukirwa insanganyamatsiko nyamukuru n'ingingo z'igitabo cya Bibiliya cyangwa imirongo. Nyamara, ijambo ry'urufunguzo ni ingenzi kubera ko ni ryo ryerekana *igitekerezo* cyangwa *ikivugwa mo*. Tugomba kwitondera gutandukanya hagati y'igitekerezon'ijambo cyangwa amagambo asobanura icyo giterezocya Bibiliya. Kubw'ibyo, aho“kwiga amagambo” dukwiriye gutekereza kwiga “ubusobanuro bwayo.” Niba dukoze neza igikorwa “cyo kwiga amagambo” mu kwirengagiza gukurikiranya amagambo yo muri Bibiliya, dushobora gusoza neza neza dushyira intama n'ihene mu itsinda rimwe mu yandi magambo twasoza tuvanga amasaka n'amasakaramentu! Icyongeye, dukunda kubura ibantu biche aho inginzo zitaye, ariko ntayandi magambo yakoreshejwe.” (Wolvaardt 2005: 62)

a. *Ingero ebyiri zerekana umumaro wo kwerekana ibitekerezo, atari amagambo:*

- (1) Igihe wiga igitekerezo cyo “kuvuka ubwa kabiri” iyi mvugo muby'ukuri iboneka inshuro eshatu Yoh 3:3, 7; na 1 Pet 1:23. Nyamara, ingingo yo kuba mushya ku wizera iboneka ahantu henshi hatandukanye, ariko havuga ku gitetyerezo kimwe. Kubw'ibyo abizera bitwa “icyaremwe gishya”. (**2 Kor 5:17; Gal 6:15**), ni “abaremewe muri Kristo Yesu” (**Ef 2:10**), ni “ababyawe n’Imana” (**1 Yoh 2:29; 3:9; 4:7; 5:1**), ni “abahujwe na Kristo” (**Rom 6:5**), n’ibindi.
- (2) Mu buryo bumwe Bibiliya ikoresha amagambo atandukanye ku “mafaranga”—Urugero “ubutunzi”, “mamonii”, n’ “amafaranga”. **2 Abakorinto 8-9** ni ahantu Pawulo aravuga cyane ku byerekeranye no gutanga amafaranga, muri iki cyanditswe cyose nta na hamwe hakoreshwa ijambo “amafaranga”.

b. *Ugutandukanya hagati y'igitekerezo n'ijambo ryerekana ridushoboza gusobanukirwa byimbitse.* Nta jambo na rimwe rishobora kuduha igitekerezo cyangwa ishusho yuzuye y'igitekerezo ariko amagambo yose iyo ari hamwe arayitanga. Urugero, reba igitekerezo cy'ijambo “agakiza.” Bibiliya ikoresha amagambo menshi yerekana icyo umusaraba wa Kristo wakoze ku bwacu; byose bizana igitekerezo gishya.

(1) “Amaraso; umwana w’intama, igitambo” byose ni imvugo y’ibitambo byo muIsezera rya Kera. Byerekana ko twari dufite gucirwa urubanza, ariko ubu twarababariwe.

(2) “Ubwiyunge; kwigizwa hafi” ni imvugo zigendanye n’imibanire y’abantu. Arerekana ko twatandukanyijwe n’Imana, ariko ubu twagaruve ku Mana mu busabane bw’urukundo rwayo.

(3) “Impongano” ni imvugo yo mu ntambwe zo kwera (ni ukuvuga uburyo ubwiyunge bugerwaho). Bisobanura ko twari munsi y’uburakari bw’ukwera kw’Imana, ariko ubu bwararangije.

(4) “Gucungurwa; kugurwa” ni imvugo yo mu isoko. Yerekana ko twari abacakara ariko ubu twarabohowe.

(5) “Gutsindishirizwa” ni imvugo yo mu rukiko. Irerekana ko twari duciriweho iteka, ariko ubu twarababariwe kandi dufatwa nk’abakiranutsi.

(6) “Ubutsinzi; kubohorwa; gukizwa” ni imvugo y’urugamba. Ni imvugo yerekana ko twari twegereye abanzi bari kuduhitana, ariko twarabohowe turi abatsinzi muri Kiristo.

2. Amagambo y’urufunguzo n’itsinda ry’amagambo. Amagambo y’urufunguzo n’itsinda ry’amagambo ni ibantu by’ibanzo ku gusobanukirwa ubusobanuro bw’igice. Iyo akuwemo, ubusobanuro bw’icyanditswe nabwo buba bukuweho. “Ni integeko ko ugenzura amagambo y’urufunguzo n’amatsinda y’amagambo kuko bihishura ubutumwa umwanditsi yashakaga gutanga, ahoyashakaga gushimangira, n’uko azuzuza intego ye” (Arthur 1994: 34). Menya ko icyanditswe cyangwa igice ubwacyo uburyo bivuga byerekeye ijambo ry’urufunguzo cyangwa itsinda ry’amagambo. Urugero, **2 Timoteyo 1** hatangwa urutonde rukurikiza ibyerekeye “Imana”:

- | | |
|--|---|
| a. Imana yagize Pawulo intumwa kubw’ubushacye bwayo (u.1) | f. Imana ntitanga umwuka w’ubwoba (u.7) |
| b. Imana itanga ubuntu, imbabazi, n’amahoro (u.2) | g. Imana itanga umwuka w’imbaraga, urukundo, no kwirinda (u.7) |
| c. Imana Data (u.2) | h. Imana itanga imbaraga zo kwhanganira kurenganywa (u.8) |
| d. Imana ni iyo gushimwa kandi ni iyo gukorerwa (u.3) | i. Imana yaradukijije (u.9) |
| e. Imana itanga impano (u.6) | j. Imana yaraduhamagaye (u.10) |

3. Isubiramo ry’amagambo, itsinda ry’amagambo, n’ibitekerezo. Mu buryo nk’ubu, igihe ijambo, itsinda ry’amagambo, cyangwa ibitekerezo bisubiwemo, bisubirwamo kugirango hashimangirwe umumaro wayo. Rero, ikintu kimwe cyerekana umumaro w’ijambo, itsinda ry’amagambo, cyangwa igitecyerezo ni uko bisubirwamo.

a. *Isubirwamo ry’amagambo y’urufunguzo cyangwa amatsinda y’amagambo bishobora kuba ho ku cyanditswe kiyariye, umutwe, igice cy’igitabo, cyangwa igitabo cyose.* Urugero, muri **1 Yohana** ijambo “urukundo,” “icyaha,” “kuguma,” no “kumenya”asubirwamo mu gitabo, ariko “ubusabane” busubirwa mo gusa mu gice cya 1.

b. *Kwandika amagambo cyangwa amatsinda y’amagambo ni ingenzi cyane ku byerekeye kurobanura ubutumwa nyamukuru buri mu cyanditswe cyangwa mu gitabo.* “Uko ijambo rirushaho gusubirwamo, niko rirushaho kuboneza ingingo rihagarariye. Uko iyo ngingo irushaho, gusubirwamo mu nsanganyamatsiko ihagarariye mu gitabo.” (Arthur 1994: 37)

c. *Isubirwamo ry’icyanditswe ku ntangiriro yacyo no kumusozo nabyo byongeraho akarusho mu kubitsindagira.* Igihe umwanditsi avuga ikintu runaka byombi mu ntangiriro no ku musozo w’icyanditswe (cyangwa igice cy’igitabo, cyangwa igitabo) kimwe nko gushyiraho “umusozo” w’igitabo ku cyanditswe bikizengurutse kugirango yerekane umumaro w’ibitecyerezo. Urugero, Pawulo atangira **1 Timoteyo** ashishikariza Timoteyo “kurwana intambara nziza” (**1 Tim 1:18**), kandi asoza igitabo amwinginga (**1 Tim 6:12**). Ijambo umwanditsi atsindagira rigira umumaro iyo risubiwemo na none bigira umumaro iyo igitekerezo gisubiwemo n’umwanditsi mu cyanditswe rwagati, icice cy’igitabo, cyangwa igitabo nyirizina. Muri **1 Tim 4:11-16** Pawulo

aratanga urutonde rw'ibantu icumi by'uko umuyobozi w'itorero bagomba kwitoza mu buzima bwe no mu murimo. "Kwigisha" bigaragazwa mu ntangiriro (**1 Tim 4:11**), hagati (**1 Tim 4:13**), ku musozo (**1 Tim 4:16**) by'uru rutonde.

d. *Ibitekerezo bishobora gusubirwamo kugirango herekanywe umumaro wabyo, n'ubwo hatakoreshwa amagambo mu kuvuga ibyo bitekerezo.*

(1) Isubirwamo rishobora kubaho mu cyanditswe, umutwe, igice cy'igitabo, cyangwa igitabo cyose. Mu kureba ikingiki, ugusobanukirwa Bibiliya kwacu kuzakura kandi gukomere ndetse kuniyongere. Urugero, muri **2 Timoteyo** igitekerezo cy "imibabaro" kigaruka kenshi, ariko mu magambo atandukanye abyerekana—"iminyururu" (**1:16**); "ibikomeye" (**2:3, 9**) no "kurenganwa" (**3:11**).

(2) Isubirwamo ry'igitekerezo nya mukuru ntirishobora kuba ryiza mu gusoma igitabo bwa mbere. Urugero, mu **Ibyakozwe n'Intumwa** ibikorwa bibiri ni byo bisubirwamo gusa incuro eshatu: (1) iyerekwa rya Petero ry'inyamanswa zizira (**Ibyak 10:16; 11:10**); n (2) inkuru y'ikiganiro cya Pawulo (**Ibyak 9:1-19; 22:1-13; 26:1-18**). Ibi byerekana izingiro ry'umumaro w'ibikorwa mu miterere yo gukura kw'itorero.

e. *Ingero ebyiri nziza zerekeye gusubiramo ni: (1) ibyanditswe bivuga kimwe; n' (2) icyanditswe cyo mu Iserano rya Kera cyasubiwemo mu mu Isezerano Rishya.*

(1) Ibyanditswe bishyamirana bivuga igikorwa bimwe, bifite imvugo zimwe, cyangwa bikora ku ngingo imwe. Urugero, **Mat 24:1-51, Mariko 13**, na **Luka 21:5-26** ni inkuru zisa zivuga ku gikorwa kimwe—ibiganiro bya Yesu byo ku musozi w'Imizeti, **Luka 17:22-37** ni ikindi kiganiro cya Yesu ku ngingo imwe. Mu buryo busa, **Ef 6:5-8; Kol 3:24-25; 1 Tim 1:6-12; Tito 2:9-15** na **1 Pet 2:18-25** byose bivuga ku nshingano z'abacakara kuri ba shebuja. Ibyanditswe bisa bikwiye gusobanurwa byose, kubera ko inkuru imwe ishobora kugira ibyo ivuga akantu ku kandi cyangwa ikagira itandukaniro rito ritagaragara mu zindi nkuru.

(2) Imvugo zo mu Isezerano rya Kera mu Isezerano Rishya ziboneka mo kenshi. Isoko y'Iserano rya Kera ishobora kugenzurirwa mu rujyano ndetse n'amateka yatambutse. Akensi amagambo yo mu Iserano Rishya ashobora gutandukana n'imvugo zo mu Iserano rya Kera zasubiwemo. Ibyo bishobora kubaho kubera ko abanditsi b'Isezerano Rishya Septuagint (LXX) imyandikire yo mu Isezerano rya Kera, yari yarasomwe mu Kigiliki ivuye mu mwimerere w'Igiheburayo.

4. Itondeke ry'amagambo n'imiterere y'icyanditswe cyangwa interuro.

a. *Akensi ico cyavuzwe mbere (Urugero, urutonde) bikorwa kugirango gishimangirwe.* Urugero, ni **Gal 5:22-23** "imbuto z'Umwuka" zitangirwa n "urukundo". Mu by'ukuri, imbuto z'umwuka ziri mu bucy, ntabwo zijiya mu bwinshi (ni nukuvuga "imbuto z'umuka", ntabwo "bazivuga nkaho ziri mu bwinshi"). Kubw'ibyo, imbuto z'umwuka ziragendana zose. Umuntu agomba kubona kwigaragaza kwazo nko kubona kwigaragaza k' "urukundo" (reba **1 Abakorinto 13**).

b. *Gukurwaho kw'amagambo gushobora kugira igisobanururo.* Urugero, muri **Rusi 1:14-18** Rusi yakoze umurimo ukomeye mu budahemuka kuri Nawome, areka igihugu cye n'ubwoko bw'iwabo ku bwa Nawome. Muri **Rusi 1:19-22** Nawome na Rusi bava i Mowabu bajya i Beterehemu. Abagore baraboroga bagira bat "yu ni Nawome ?" Ariko Nawome arabasubiza ati, "nti munyite Nawome" ["uw'igikundiro"], ahubwo munyite Mara [bishatse kubuga ngo, "ushaririwe"] Kubera ko Uwiteka yanteje gusharirirwa. Nagiye nuzuye, ariko uwiteka angaruye ntacyo mfite. Mu gusubiza kwe, Nawome yarebaga Rusi. Ubusharirirwe n'agahinda byo kubura abana be n'umuryango we byasubije ibitekerezo bye ibyuma bituma yirebaho. Byamuhumye amaso ntiyareba ko Imana itamugaruye "amaramasa", ariko Rusi uwo bari kumwe.

c. *Imyubakire ibiri ikoreshwa n'imibangikanyo y'imbusane.*

(1) Umubangikanyo ubaho igihe ibitekerezo bibiri cyangwa byinshi bisubirwamo bigafatanya : A-B A-B, cyangwa A-B-C-A-B-C. Mu 1 Kor 1:22-23 isubirwamo ry"Abayuda" n"Abagiriki" ni amagambo ashayamiranye.

A—Abayuda basaba ibimenyetso

B—Abagiriki bashaka ubwenge
ariko tubwiriza Kristo wabambwe,

A—ku *Bayuda ni ikigusha*

B—ku *Banyamahanga ni ubupfu*

(2) Umubangikanyo w'imbusane ni igihe ibitekerezo bibiri byibura byasubiwemo bifatanya mu buryo bw'imbusane, ni ukuvuga gufatanya : A-B-B'A', cyangwa A-B-C-C'-B'-A'. Amatsinda ya mbere ane agaragazwa mu ba**Kol 3:11** ari mu itondeke ribusanya:

A—Nti hakiri *Umugiriki*

B—n' *Umuyuda,*

B'—*uwakebwe*

A'—n' *utarakebwe*

(3) Umubangikanyo ubusana wavuga ko atari amagambo abiri ajyanye mu izingiro ry'amagambo ayandi afatiyeho mu itondeke; iryo jambo rishobora kuba ingingo nyamukuru. Umubw 11:3-12:2 ni urugero:

A—Imvura n'ibicu

B—Izuba n'umucyo

C—Ita ku minsy y'umwijima

D—Byose Ibiza ni uguhumeka

E—Ishimire ubusore bwawe

F—Ariko umenye ko, Imana izagushyira mu rubanza

E'—Ishimire ubusore bwawe

D'—Iminsi y'ubusore bwawe yose

C'—Ita ku Imana mbere y'iminsi y'urubanza

B'—Izuba n'umucyo

A'—Ibicu n'imvura

(4) Urwunje nk'uru ntawo rugomba kuba rugarukira ku isubiramo ry'amagambo amatsinda y'amagambo mu mirongo mike, ariko hanabamo n'isubirwamo ry'ibitekerezo biri mu gitabo cyose (reba Woolvaardt 2005: 222 [ibikorwa byo mu buzima bwa Samusoni mu **Abacanza 14-16** hagaragara nk'itondeke ndinganire], 258-62 [igitabo cya **Amosi** cyose kimwe n'ibice byacyo bikigize bitondetse mu buryo bw'imbangikanyo ibusanya]).

(5) Imibangikanyo ndinganire n'imibangikanyo ibusana bishobora kugira imimaro ikurikira. (A) birema ubwiza no guhuza ibitekerezo; (B) bidufasha kwita ku nsanganyamatsiko; (C) bidufasha kuboneza ubusobanuro; (D) bitsindagira ingingo nyamukuru tukayitaho twitonze cyane; (E) bidufasha nanone kubona ihuriro rishya ndetse n'ivuguruzanya hagati y'ibantu.

H. Itondere akantu ku kandi mu kibonezamvugo

Isesengura rishingira ku bijyanye no kuvangura uko imvugo yisanisha n'indi mvugo. Byumvikane ko ibijyanye n'ikibonezamvugo bishobora kuzana ugusobanukirwa icyanditswe harimo ibi bikurikira:

1. Impuza (ibyungo). “Amagambo mato” ahaza ibice by’interuro, cyangwa ahaza interuro n’ibika kimwe ku kindi, ni urufungozo rutwara igitecyerezo cy’umwanditsi. Amagambo y’impusa ashiraho *urujyano* ku magambo yihariye, itsinda ry’amagambo, cyangwa umurongo ugaragara. Impuza zitwereka ukuntu, amatsinda y’amagambo, interuro, n’ibitekerezo byuzuzanya. Umwanditsi ashobora *guhuza* ibantu bibiri cyangwa birenze (urugero, **1 Tim 3:1-7** hashyiraho ibantu bisabwa umukozi kugirango ube umwepisikopi mu itorero; n’ubwo ijambo “na” ritakoreshejwe kugeza kuri **3:7** hahuzwa ibantu bitandukanye busabwa, *urujyano n'amagamboubwayo yerekana* uko umwepisikopi akwiye kuba afite biriya *byose* bisabwa). Hashobora kubamo ibantu bivuguruzanya byagereranwa n’ibantu (**1 Tim 3:3** “kuba imbata y’ibisindisha cyangwa kuba umunyarukoni” bihabanye no “umugwaneza, kuba umunyempaka”). Ashobora kugereranya ibantu (muri **1 Tim 3:4-5** kuba umwepisikopi mu itorero agereranwa n’umuntu wita ku muryango we; muri **1 Tim 4:1-2** Pawulo aragereranya uburyarya buzanwa no kwemera inyigisho z’ibibinyoma n’abigisha bafite inkovu z’ibaya nk’iz’ubushey). *Ashobora gutanga impamvu cyangwa intego*, cyangwa *ingaruka zabyo* (muri **1 Tim 3:6** Pawulo arerekana impamvu n’intego umuntu uhindutse umukiristo vuba adakwiriye kuba umwepisikopi,

n'ingaruka zishobora kubaho niba ibi bikozwe). Muri ubu buryo bwose umwanditsi arashyiraho ubusobanuro bwumvikana bw'igice. Impuza z'amagambo z'ingenzi harimo ibi bikurikira:

- a. *Amagambo yerekana ihuriro n'ikomeza*—urugero, na; nanone; icyongeyeho; hanyuma.
- b. *Amagambo yerekana inyuranya*—urugero, ariko; n'ubwo; byongeye kandi; nyamara; nanone; hanyuma; bitaba ibyo.
- c. *Amagambo yerekana igereranya*—urugero, kimwe; nanone; nka; nka; kimwe na none; cyo kimwe; na; kimwe na.
- d. *Amagambo yerekana ikomatanya*—urugero, nk'ibyo; kugirango . . . kandi; kubera . . . nka; kuba . . . nka.
- e. *Amagambo yerekana impamu n'intego*—urugero, kubera ko; kubera; kubw'iyi mpamu; kubw'iyi ntego; kuva; ko; kugirango; ku; gutinya ko.
- f. *Amagambo yerekana ingaruka*—urugero, noneho hanyuma; rero; nk'ingaruka; kubw'ibyo.
- g. *Amagambo yerekana ikigombero*—urugero, niba; niba . . . hanyuma.
- h. *Amagambo yerekana igihe gito*—urugero, ubu; kugeza; ryari; mbere; nyuma; mu gihe; kuva; hanyuma.
- i. *Amagambo yerekana ahantu*—urugero, hehe; hariya;
- j. *Ibyungo*—urugero, icyerekezo (ku; guturuka; kwerekeza; kuva); umwanya (ku; munsi; hejuru; inyuma; binyuze; mu; hagati; hamwe; mu inyuma ya; kure; ku); guhagararira, igihe, n'ibindi (mbere; kubera; ku byerekeye; binyujije; kubwa; nyuma; kuko; ibijyanye; mumwanya wa uhabanye; kubyerekeye; mu gihe).

2. Ibindi birebana n'ikibonezamvugo. Ibibazo byo gusobanura bizakemuka niba twitondeye *ibyo* umwanditsi avuga, n'uburyo ari kubivugamo. Ibyo bisobanurwa n'ikibonezamvugo umwanditsi akoresha. Ibintu by'ingenzi byo kwitondera nibyo ibi:

- a. *Ubwoko bw'interuro*. Interuro ishobora kuba: (1) imvugo (“interuro yemeza”—bishatse kuvuga, “Bakora cyane.”); (2) ikibazo (“interuro ibaza”—bishatse kuvuga, “Bakora cyane?”); (3) integeko, interuro itangira, ibwiriza (“interuro itegeka”—bishatse kuvuga, “Kora cyane.”); cyangwa (4) Interuro itangara (“interuro itangara”—bishatse kuvuga, “Gute akazi gakomeye!”).
- b. *Imyubakire y'interuro*. Interuro zigizwe: (1) ruhamwa (ishobora kuba umuntu cyangwa ikintu runaka kirimo gukora cyangwa se ikindi cyintu gitanga amakuru kuri ruhamwa); (2) n'inshinga n'ibijyanye nayo (inshinga n'ikintu icyo aricyo cyose gifatanya nayo kugira amakuru kiyitangaho [ni ukuvuga, “icyuzuzo” cy'inshinga]). Kubw'ibyo, mu nteruro “Yohana arasoma igitabo,” “Yohana” ni ruhamwa na “arasoma igitabo” ni inshinga n'ibindi bijyana nayo (“arasoma” n “igitabo” [ni icyuzuzo mbonera] ni icyuzuzo cy'inshinga).

(1) Interuro nyinshi ni ndende cyane kurusha “Yohana arasoma igitabo”; zishobora kugira ibitekerezo birenze kimwe. *Ingaragirwa* niyo mutima w'interuro; iba ibibumbatiye igitekerezo nyamukuru kandi iba ifite ruhamwa, inshinga n'icyuzuzo. *Ingaragira* inshinga (akensi iba mu buryo busa na ntera) kandi itanga amakuru ku ngaragirwa. Ingaragira ishobora kwerekana ibintu nk'impamu, igereranya, ahantu ikintu kiri, igihe, intego, ingaruka, ubusobanuro cyangwa umwanzuro. Ingaragira akensi zirangwa n'amagambo nk'aya: niba, kuko, nyamara, we, cyo, igihe, aho, kuki, na gute.

(2) Amagambo cyangwa interuro ishobora guhindurwa n'andi magambo cyangwa itsinda ry'amagambo (itsinda ry'amagambo ni umubare w'amagambo afitanye isano ariko atarimo inshinga). Urugero, izina rishobora guhindurwa na ntera (“umuhungu muremure” “umuhungu ni izina”—“muremure” ni ntera), kandi n'inshinga ishobora guhindurwa n'indi nshinga (“senga ubudasiba”—senga ni inshinga; ubudasiba ni itsinda ry'ingereka). Ingaragira ihindura itsinda ry'amagambo, n'amagambo byose bigira icyo byongera ku bijyanye n'ikiboneza mvugo gishobora kwerekana ikijyambere, kandi byerekana neza ubusobanuro bw'interuro.

- c. *Amamagambo mu nteruro*. Ubwoko amagambo y'ibanze agize interuro ni indangahantu n'ibyungo (reba hejuru), amazina, insimburazina, ntera, inshinga, n'ingera. Amwe muri yo y'ingenzi yo kwitabwaho mu birebana n'amagambo ni:

(1) Amazina—ubwinshi cyangwa ubuke (**Gal 3:16** subira kuri uku kuri “urubuto” ni

ubuke, ntabwo ari ubwinshi).

(2) Insimburazina—urugero, iki; ibi; nde; ufite; ibiki; byo; jye; wowe; twe; we; we; mwe; bo; icye; ibyacu; ibywae; ibyabo. Insimburazina ubwazo, cyangwa isimburana hagati y'insimburazina zitandukanye, bishobora kugira ubusobanuro. Urugero, muri **Luka 15:30** (umugani w'umwana w'ikirara) mukuru w'umwana w'ikirarara ntigize amwita “*umuvandimwe we*,” ahubwo yaravuze ati “*uyu muhungu wawe*; iki kirerekana uko yari ameze mu mitekerereze ye, arangije yihutisha inkuru kandi ageza, ku musozo uyu mugani. Mub’**Ef 2:11** ikoresha rya Pawulo rya “mwe” yirengagiza Abanyamahanga, ariko ikoresha rye rya “wacu” naho **2:14** na “twe” muri **2:18** herekanako Abanyamahanga ubu muburyo bwuzuye—bangana n’ Abayuda babizera muri Kristo.

(3) Inshinga—ibihe (impitagihe; indagihe; inzagih); inshinga ikora igikorwa cyangwa ikorerwaho igikorwa. Akensi ikererwaho igikorwa byerekana “umurimo ijuru rikora,” ni ukuvuga, ko ari Imana iteza kubaho kw’ibantu runaka. Reba, urugero, **Kol 3:1**—“*Niba mwarazuranwe na Kristo*” (ni Imana yatzuyu; ntitwizuye).

3. Inzego enye zo gusobanura (*Wolvaardt 2005: 67-74*).

a. *Igihe turebye ku rurimi duhereye kurwego rw’ubusobanuro (ni ukuvuga, urwego rw’ “imisobanurile”), amagambo yose asobanura kimwe muri ibi bikurikira, biterwa n’urujyano rwayo:*

(1) Ibantu. Uru rwego rurebana n’ibantu byose cyangwa (umuntu; ifarashi; ibinika), harimo ibantu biboneka (umumarayika; umwuka), n’ibantu biimbano (ikiyoka).

(2) Ibikorwa. Uru rwego harimo ibikorwa, uburyo bikorwa, ibyabaye (kurya; kuramya), harimo ibyakozwe byose, byaba kubushake cyangwa iby’ingwirire (kwiruka; kugwa), n’ibyanyuze mu mitekerereze (gutekereza; kwiyumva mu marangamutima).

(3) Amasano. Uru rwego amagambo yerekana amasano hagati y’ amagambo atandukanye. Amasono agarazwa n’ indangahantu cyangwa ibyungo (mu, kuri, nyuma), cyangwa gukoresha amagambo yo nyirikintu (imbwa y’ umuhungu) cyangwa gukoresha inyubako (imbwa y’ umuhunga).

(4) Ikoreshwa ry’ amagambo asobanura. Uru rwego rutanga ubwiza, ingano, n’urwego rw’ ibantu, ibikorwa; amasano, n’ ibindi bisobanura (urugero, icyatsi kibisi, cyiza, byinshi—bivuga ku bantu cyangwa amasano; vubavuba, gacye cyane—bivuga ibikorwa; na none—bisobanura ibikorwa; cyane, birenze—zisobanura izindi nsobanuzi).

b. *Amagambo amwe cyangwa ubwoko bw’amagambo (ni ukuvuga, izinana, inshinga, n’ibindi.) bishobora kuba mu urwego rutandukanyerw’ubusobanuro murujyano byakoreshejemo (bishatse kuvuga ko, “ameza” rishobora gukora nk’igikorwa—“iyemeje kwimura ameza”; insobanuzi—“Ku musozi hejuru ni amaza ashashe”; cyangwa ikintu—“umuhungu yogeje ameza”).*

c. *Ntabwo ari ngombwa ko a 1:1 guhuza kw’ amazina n’ ibantu, ijambo n’ igikorwa, ntera n’ umugereka n’ insobanuzi*. Urugero, mu **Heb 13:1** “Urukundo rwa kivandimwe” (Ikigiriki=philadeliphia) ni izina (“Reka urukundo rwa kivandimwe rukomeze”—RSV; “Reka urukundo rw’abavandimwe rukomeze”—NASB), aribyo bisobanura imibanire hagati y’ abizera, cyangwa igikorwa (“Mukomeze gukundana nk’ abavandimwe”—NIV).⁶

⁶ Menya ko Bibiliya yitwa NIV yahinduye “urukundo” iruvana mu izina irugira izina nshinga, irabiteranya “ijambo rimwe irihuza n’ irindi,” ishingiye ku nsanganyamatsiko, kurenza gusobanura ijambo uko riteye ubusobanuro bw’ umurongo, uko rigaragara “urukundo” nk’ igikorwa, nta bwo ari insobanuzi. Uku gusobanura ntabwo ari ngombwa. Mu by’ukuri, igihe dusobanura uicyanditswe, guhindura imiterere y’ ijambo tuyihuza n’ urwego n’ ubusobanuro aho ubusobanuro bwaho rikomoka bushobora kudufasha kubona ubusobanuro buboneye bw’ icyanditswe. Nyamara, uru rugero ni urugero rwiza rw’ imiterere y’ “imatekerereze bihwanye” ubusanzwe, bwavuzweho hejurumu gice cya II.C.

VI. Ubusobanuro bw' amagambo n'imizimizo

A. *Sobanura amagambo ushingiye ku gihe cyayo n' urujyano rwayo*

1. Urujyano rwerekana ubusobanuro bw' amagambo. Guhagarara ku magambo yihariye ari ukwayo ashobora kutagira icyo avuga yo ubwayo. Nyamara, “nk’ itegeko, ijambo risobanura kimwe, ubusobanuro bumwe mu urujyano runaka ryakoreshjejwemo” (Wolvaardt 2005: 63). Kubw’ iyi mpamu, *ikinyabumwe fattizo cy’ ubusobanuro ntabwo ari ijambo*, ahubwo ni interuro cyangwa igika giha ijambo urujyano, n’ ubusobanuro nyirizina bwaryo. Ku bw’iyo mpamu, “ukwiye buri gihe Kubaza iki bazo: ni iki iri jambo risobanura muri uru rujyano?” (Ibid.) Urugero, hombi mu **Rom 8:39** na **Yoh 5:3** harimo amagambo “*urukundo rw’ Imana*.” Nyamara, urujyano rwerekana ko ahambere ari urukundo Imana idukunda, ariko ahakabiri ho hakerekana urukundo rwacu dukunda Imana.

a. *Gutekereza ko ijambo rimwe risobanura ikintu kimwe buri gihe rikoreshewe muri Bibiliya kwirengagiza urujyano rwayo, bishobora guteza ikosa rikomeye.* Iki ni ukuri kubereko amagambo menshi afite “urwego rumwe” (ni ukuvuga, urwego rw’ ubusobanuro). Ijambo rimwe rishobora gukoreshwa mu mvugo irenze imwe n’ubwo ryaba ryarakoreshjewe n’ umwanditsi umwe wa Bibiliya. Urugero, mu **Ibyak 27:20** “gukizwa” bifatira kugukira urupfu rw’ umubiri; muri **Tito 3:5** bifatira kugakiza ko mu mwuka. Muri **1 Tim 5:17** “kubaha” bishingiye ku kwishyura, ariko muri **1 Tim 6:1** haravuga kubaha.

b. *Muburyo bumwe, amagambo atandukanye ashobora kugira cyangwa ntagire ubusobanuro busa.* Muri **Mat 20:21** no **Mariko 10:37** ijambo “Ubwami” n’ i “cyubahiro” bifite ubusobanuro bumwe. Muri **Mat 12:28** na **Luka 10:20** “Umwuka w’ Imana” ni kimwe “n’ urutoki rw’ Imana” (ibyanditswe bivuga ku mwuka wera). Ibi kandi ni ingero z’ uko ibyanditswe bishobora kongeraho ubusobanuro ku gitekerezo cyihariye.

c. *Ubwumvane bwiza, by’ umwihariko ijambo ry’ urufungozo rifite inkomoko mu Kigiriki n’ Igiheburayo, rizerekana uko amagambo akoreshwa n’aho akoreshwa muri Bibiliya.* Inkoranyamagambo cyangwa ubusobanuro bwa Bibiliya bwiza busobanura imvugo zitandukanye aho ijambo rikoreshwa.

2. Ijambo rishobora kugira icyerekezo, cyangwa ubusobanuro bumwe mu urujyano rwihariye aho rigaragara. Numbwo amagambo menshi ashobora kugira ikiciro cy’ ubusobanuro, kandi ashobora gukoreshwa mu buryo butandukanye mu bice bitandukanye byo muri Bibiliya, kugerageza kuzana uru rwego rw’ amagambo rw’ ubusobanuro mu ikoreshwa iryariryo ryose bishobora guteza ikosa rikomeye cyane. Kubwibyo, mu **Ibyak 27:20**, urujyano rwerekana neza ko kurokoka umuraba mu nyanja ari urujyano, kandi hatanga ubusobanuro ku, ijambo “gukizwa.” Nubwo iryo jambo rimwe rikoreshwa akensi kugakiza ko mu mwuka, uvuga ku “gukizwa” rinakoreshwa hose mu busobanuro mu **Ibyak 27:20** ushabora kurikoresha nabi uvuga ko abasare babapagani bari muri gahunda y’ iyobokamana mu gihe barwanaga n’ umuraba, na Pawulo ubwe yarashidikanya isano ye y’agakiza hamwe na Kristo.

3. Itondere inkomoko y’ amagambo. Amagambo arahinduka mu busobanuro uko ibihe bihaye ibindi. Kwiga amateka y’ijambo n’ iterambere ryaryo mibusobanuro bwitwa “urujyano rw’ijambo.”

Amagambo ya Bibiliya akeneye gusobanurwa hagendewe ku mumaro wayo *mu gihe yandikwaga*.

Amateka yose y’ ijambo ntabwo agaragara iyo umwanditsi akoreshjeje ijambo mu gihe runaka mu gice kihariye. Reba mu nyandiko zuba zitari- Igiheburayo, zitari Ikigiriki, inkoranyamagambo ntabwo ari ikintu cy’ umwihariko cyafasha gusobanura amagambo ya Bibiliya. Kwiga inkomoko y’ijambo bishobora gufasha niba umuntu afite aho ayikura, ariko umuntu agomba kwitonda cyane. “Inkomoko y’ ubusobanuro” bw’ ijambo mu buryo bwuzuye bushobora kuba imfabusa kucyo umwanditsi yandikaga mu gihe cya Bibiliya. Mubyukuri, abanditsi benshi ntibitaye mu buryo bwuzuye ku nkomoko y’ ijambo.

4. Ntiwemeze ko ubusobanuro bw’ ijambo rikomatanyije rishingiye ku bice byaryo bibiri. Ijambo rikomataniye ni ijambo rigizwe n’ amagambo abiri atandukanye. Ubusobanuro bw’ijambo nk’iri ntabwo ari ngombwa ko rishingira isano ryaryo ku bice byaryo birigize (urugero, “akavumburamashyiga” ntacyo bivuze gusobanura uhereye ku “akavumbura” cyangwa “amashyiga” (Carson 1984: 28).⁷ Ikintu

⁷ Igitabo cya D. A. Carson cyitwa *Exegetical Fallacies*, 2nd ed. (Grand Rapids: Baker 1984; Grand Rapids: Baker Academic, 1996). Harimo no kwiga amagambo amwe y’ ikiboneza mvugo, uburyo bwo gutekereza, kwemera ibantu ko ari

kiboneye cyane cyerekana ubusobanuro ni urujyano n' ukuntu umwanditsi runaka akoresha ijambo rikomatanyije ni ijambo ry' Ikigiriki rivuga "itorero"—*ekklesia*: ijambo ry' Ikigiriki ekklesia (itorero) risobanurwa kimwe nka 'ek' + 'klesia'; 'hanze' + 'guhamagarwa'. Ushingiye kuri ubu busobanuro itorero ni abantu bahamagawe n' Imana. Ubu busobanuro bwa ekklesia ntabwo bushyigikiwe n' ubusobanuro bw' ijambo mu Isezerano Rishya, cyangwa ubusobanuro bw' imikoreshereze yakera kandi ntiryanasobanuraga 'ihuriro ry' Abakristo, gusa byavugaga imikoranire y' abanyamuryango." (Wolvaardt 2005: 65).

B. Sobanura amagambo ushingiye kunshoberamahanga cyangwa imizimizo

1. Abantu bose bavuga bakanandika bakoresheje inshoberamahanga. Inshoberamahanga ni imvugo izwi n' abantu bo mu muco wihariye ushobora kugira ishobora kugira ubusobanuro butandukanye n' ubusobanuro busanzwe bw' amagambo ayigize— nk' inshoberamahanga yo muri Amerika "Gutera indobo umugeri," "kuruma ivumbi," "guhrita," bivuga "gupfa." Imico itandukanye igira inshoberamahanga zitandukanye. Abanditsi ba Bibiliya akensi bakoresha inshoberamahanga. Urugero, "imbuto" (**Itang 22:17**) ni inshoberamahanga bivuga "abakomoka ku muntu"; "Amategeko n' Abahanuzi" (reba **Mat 5:17; 7:12; 22:40; Ibyak 24:14**) babisilingira ku byanditswe bo mu Isezerano rya Kera (byombi "imbuto" na "Amategeko" n' "Abahanuzi" ni ingero z' amagambo afite icyo ahagarariye [reba hasi]).
2. Abantu bose, batitaye ku muco cyangwa ururimi, bavuga kandi bakandika bakoresheje imizimizo. Umuzimizo ni ijambo cyangwa itsinda ry' amagambo akomoka kumagambo yumvikana, yo mu rurimi. Imizimizo akensi ikoreshwa ishingira ku mvugo ifite icyo ishaka gushimangira, guha ubushyashya imvugo, cyangwa akamaro k' amarangamutima. Ishyiraho ihuriro hagati y' ibantu bishobora kuba bitwihishe. Imvugo ijimije idutekereresa imyifato runaka itwerekeza ku bintu isobanura, ituma tubona isi n' amaso mashya, inatwerekeza ku gutekereza neza ukuri n' imikoreshereze y' ibyo bintu bigaragazwa nayo mu buryo tudakwiriye gukora gutya.
3. Bibiliya ikoresha ubu buryo bwose bw' amagambo. Uburyo nk' ubu bukenera kwitabwaho no kwishimirwa. Ikosa rizabaho niba inshoboramahanga cyangwa umuzimizo bisobanuye "ijambo ku ijambo" mu mvugo y'ibafatika." Mu kuri, "inyandiko" uburyo bwo gusobanura ihwanisha ni ukurisobanura mu "buryo bw' ihwanisha"; uburyo bwogusobanura "amagambo" y' ikabya asobanurwa nayo "mu buryo bw' ikabya."
4. Ibantu by'ingenzi biri mu bitari-inyandiko by'ikoresha ry' ururimi n' imizimizo bigira ubusonauro ku kintu runaka ni ibi bikurikira.⁸
 - a. *Imvugo igenekereza.* Bibiliya rimwe na rimwe ikoresha imibare nk'uko abantu basanzwe bayikoresha, aho kuyikoresha nk'uko abahaha mu mibare, ababarurishamibare, cyangwa abahaha mu mibare bagomba kuyikoresha. Uburyo bubiri Bibiliya ikorsha ni ubu bukurikira:
 - (1) Imvugo y'igereranya. Igereranya ni imvugo igoragoza ibantu nkuko bigaragarira amaso, n'ubwo uko biri cyangwa ukuri kwa siyansi gushobora gutandukana ni ibyo amaso areba. Urugero, kurebera kuzuba aho rirasira (**Mariko 16:2**) cyangwa aho rirengera (**Itang 15:12**) ni uko ibantu bigaragarira amaso, n'ubwo mu buryo bugaragara "Kurasa" no "kurega" biterwa no kuzenguruka kw' isi. Kimwe, na **Zab 104:5**, havuga ku isi ishingiye "kumfatiro zayo, kugirango itanyeganyega" ni imvugo y'igereranya.
 - (2) Imibare y'ikigereranyo. Abanditsi ba Bibiliya bakoresha imibare ikekeranya kandi ikabakaba iminsi ku yindi. Urugero, ibarura ry' abisiraheli mu **Kub 1:20-46** ni imibare ikabakaba hafi ya 50. **Mat 14:21** herekana ko abagabo "5000" ko ari imibare y' ikigereranyo y' abariye. Hashobora kuba neza neza 4000 by' abagabo bagaburiwe muri

ukuri, n' ibihimbano by' amateka. Ni igitabo gito, gifite ubutunzi mu kugisoma kuri bariya bashaka kwirinda gusobanura nabi no gishyira mu bikorwa nabi ibyanditswe.

⁸ Ubusesenguzi burambuye cyane bwumvikanamo, cyane bw' imizimizo yo muri Bibiliya ni E.W. Bullinger imizimizo ikoreshwa muri Bibiliya kubimenyetso (Grand Rapids, MI; Baker, 1968 [cyongera gusohorwa]). Iki gitabo gifite impapuro zirenga igihumbi. Kandi ni ingirakamaro inkoranyamagambo nto y' ibimenyetso bya Bibiliya yanditswe na Owen, Grist, na Dowling (London: Grace, 1992) ari cyo gitondeka imizimizo myinshi yo muri Bibiliya y' igereranya, n' imizimizo nsimbura (igereranya, ihwanisha, itizabumuntu, insimbura, gusimbuza ikintu cyose agace gato, ibimenyetso, n' ingero).

Mat 15:32-38, ariko kureba ibyanditswe bitagize icyo bitangaza ku mubare nyirizina—
yo mibare ishobora kuba igenekekereza.

b. *Imizimizo y' igereranya, ihagararira, n' isimbura*. Inshuro nyinshi cyane abanditsi ba
Bibiliya bagereranya ikintu kimwe n' ikindi runaka; cyangwa ikizahagararira ikindi kintu
runaka; cyangwa bakagaragaza ikintu mu buryo bwo gusimbuza ikintuntu ikindi biturutse ku
kindi kintu runaka. Na none, uku niko abantu bavuga mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Imizimizo y' ingenzi yo muri ubu bwoko ni iyi:

(1) Ihwanisha mbonera n'igereranya.

(A) *Ihwanisha mbonera ni igereranya ryibintu bibiri bitandukanye cyangwa
ibitekerezo ukoresha amagambo agereranya ariyo aya “nka”, “kimwe”,
cyangwa urujyano rwa ya magambo “nkuko . . . ninko.” Urugero, **Zab 42:1**
 (“Nkuko imparakazi yahagizwa no kwifusa imigezi, niko umutima wanjye
wahagizwa no kukwifusa Mana”); **Iyah 1:14-15** (“Umutwe we n’ umusatsi
byeraga nk’ ubwoya bw’ intama bwera cyangwa shelegi; n’ amaso ye yasaga
n’ ibirimby’ umuriro; n’ ibirenge bye bisa n’ umuringa w’ umuteke
utunganirijwe n’ umuriro wo mu ruganda, n’ ijwi rye ryari rimeze nk’ amazi
menshi asuma.”); **Itang 22:17** (“Nzagwiza cyane urubyaro rwawe rungane n’
nk’inyenyeri zo ku ijuru, kandi rungane n’ umusenyi wo ku nyanja”). Menya
neza ingero zo kororoka mu **Itang 22:17** ko atari igereranya gusa ahubwo ari n’
ikabya, mu kuri hari ibisa nkaho hari za miliyoni na za miliyoni z’ inyenyeri n’
umusenyi).*

(B) *Ihwanisha ni igereranya ry’ ibintu bibiri nta jambo rigereranya ririmo nk’
ijambo “nka” cyangwa “na.” Reba, urugero, **Zab 18:2** ifite ihwanisha incuro
zirindwi ryerekeye Imana—“urutare, igihome, umukiza, ubuhungiro, ingabo,
ihembe, agakiza”; **Yoh 15:5** harimo ihanisha inshuro ebyiri—iryambere
rihwanisha Yesu n’ umuzabibu, iryakabiri rihwanisha abamwumva n’
amashami.*

(C) *Igihe usesengura igereranya n’ ihwanisha birafasha cyane kwibuka ko buri
kimwe gifite ibintu bitatu:* (1) ingingo nyamukuru (ni ukuvuga, umuntu uriho,
ikintu, cyangwa igikorwa kivugwaho); urugero (ni ukuvuga, ikintu iyo ngingo
nyamukuru igereranywaho); (2) urugero (ni ukuvuga, ibintu ingino nyamukuru
igereranwa nayo); n’(3) ingingo zifite icyo zihuriyeho (ubusobanuro nyakuri
bwo gusobanukirwa igereranya n’ ihwanisha n’ ukubona ihuriro ryo gusa hagati
y’ ingingo nkuru n’ urugero). “Ugusobanukirwa kuzima kwigereranya
n’ihwanisha bishingira ku kumenya ihuriro riri hagati y’urugero rw’igereranya
n’ihwanisha. Urugero n’ ingingo nkuru ntabwo biba bisa neza neza mu
busobanuro bwabyo, ariko gusa bisa mu bice byihariye by’ ubusobanuro
bwabyo. (Wolvaardt 2005: 138) Kubwibyo, muri “Benyamini ni isega ishaje”
(Itang 47:27): Benyamini ni ingingo nyamukuru; isega ishaje ni urugero, kuba
ingome no kurimbura ni ihuriro ryo gusa.

(2) Itiza bumuntu.

(A) *Itiza bumuntu (na none rizwi nko guha ikintu ubushobozi bwa muntu) guha
ubushobozi bwa muntu ikintu kitari-umuntu gihabwa ubushobozi
nk’ubw’umuntu ni uburyo bw’ ihwanisha (Imana, inyamaswa, ikintu,
igitekerezo, cyangwa ikindi kintu kitagaragara kiba cyagereranjwe ko cyari
umuntu cyangwa gifite ubumuntu bwacyo.* Urugero, Imana yerekawwa ifite
amaboko (**Yes 49:16**) n’amaso (**Hab 1:13**); imigezi ivugwa ko “ikoma
amashyi” (**Zab 98:8**); udusozi “twumve” n’imisozi “itege amatwi” (**Mika 6:1-2**);
“Ubwenge busakuze mu nzira, buteye ejuru ijwi ryabwo mu mpande
enye” (**Imig 1:20**); “Mamoni” (ni ukuvuga, ubutunzi) bwahawe ubushobozi nk’
imana muri **Mat 6:24** na **Luka 16:13**.

(B) *Ikindi gifitanye isano n’ itizabumuntu ni itizabunyamaswa, nabyo bifite
ishusho y’ ihwanisha aho Imana igira imiterere y’ inyamaswa.* Reba, urugero,
Zab 17:8 (“Umpishe mu gicucu cy’ amababa yawe”).

(3) Insimbura. Insimbura ni imizimizo isimbura igihe ijambo rimwe cyangwa itsinda ry' amagambo byasimbuwe n' ibindi bintu byahujwe cyane, nko gukoresha *Washington uvuga Leta zunze ubumwe z' Amerika*, cyangwa *inkota uvuga ubuyobozi bw' ingabo*. Urugero, **Yes 22:22**—“*urufunguzo rw' inzu ya Dawidi*” byerekeza kugitekerezo cy' ubutware bwo gutegeka inzu y' ubwami; **Amosi 7:9**—*Isaka akoreshwa havugwa ubwoko bwa Isiraheli*, **Mariko 1:5**—“*igihugu cyose cya Yudeya cyaramusanz*” *harasimbuza “igihugu” abantu bose bo mu gihugu* (menya ko itsinda ry' amagambo “igihugu cyose” na none kandi ari urugero w' ikabya[reba munsi]).

(4) Sinekidoke. Sinekidoke nayo ni umuzimizo usimbura igice cy' ikintu gikoreshwua uvuga ikintu cyose (*nk' ikiganza uvuga umusare*). Kuvuga ikintu cyose uvuga igice (*nk' amategeko uvuga ubuyobozi bwa Polisi*), kuvuga ikigaragara uvuga muri rusange (*gukata umuhogo uvuga kwica*), kuvuga muri rusange ushaka kuvuga ikintu kigaragara (*nk' umujura uvuga gukora mu mufuka*), Igikoresho uvuga icyo gikozwemo (*ubutare uvuga inkota*). Urugero, **Ibyak 5:9**—*Ibirenge by' abahambye umugabo wawe* (ni [ukuvuga “abagabo igihe ushaka kuvuga ikintu cyose]) *biri kurugi*; **2 Sam 17:24**—“*N' Abusoromo yambutse Yorodani we n' abagabo bose ba Isiraheri* [ni ukuvuga, “*abagabo benshi*,” kuva Dawidi ari kumwe n' abamukurikiye, na none (byose kuvuga agace gato) *bari kumwe nawe*” (hari naho harimo ikabya); **Abac 12:7**—Yehoshafati yarashyinguwe “*mu migi* (ubwinshi uvuga ubuke) ya *Gareyadi*.”

(5) Merisime. Merisime ni igihe ikintu cyose kivugwamo ibantu bibiri bishyamirana. Urugero, **Zab 139:2**—“*Uzi igihe nicarira n' igihe mpagurukira* (bishatse kuvuga, “*uzi buri migendere yanje yose*”); **Yes 45:6**—“*Kugirango uhereye iburengerazuba ukageza iburasirazuba bamenye ko ntayindi Mana ibaho atari njye*” (bishatse kuvuga ko, “*bariya bantu bakwiye kumenya umunsi wose*” cyangwa “*buri gihe*”).

(6) Ikimenyetso. Ikimenyetso kibaho igihe igikoresho cyangwa ikintu cyangwa igikorwa gisimburwa kinahagararira imyitwarire cyangwa ukuri ko mu mwuka; kuriya kuri gushobora kuba uko mu impitagihe, indagihe, n' inzagihe. Urugero, **Yes 42:6**—Imana irerekana umugaragu wayo “*nk' urumuri mu mahanga*” (ni ukuvuga, nk' urugero, nk' uhagarariye Imana, menya na none ko “*nk' urumuri*” ari igereranya); **Ibyah 20:1-3**—Umumarayika wari ufite “*urufunguzo rw' ikuzimu n' umunyururu munini mu kuboko kwe*,” ari cyo abohesha Satani amuta ikuzimu arahakinga ashyiraho ikimenyetso (biriya byose ni ikimenyetso by' ibikorwa bya Satani byo kubohwa kwe; ntabwo bishobora kuba “*inyandiko*” ibantu bifatika, mughe Satani ari umwuka, ntabwo afatika, ukuba, wamenya nyamara, ririya jambo, ibantu bifatika bishobora kugira igishushanyo gifite akamaro—urugero, inteve ishushanya ubutware).

(A) *Abahanuzi akensi bakoresheje ibantu cyangwa ibikoresho bashushanya ukuri runaka*. Urugero, **Hos 1:2; 3:1** (Hoseya yashatse umusambanyikazi nk'ikimenyetso cyo kubura ubwizera kwa Isilaheli ku Mana no kudatsindwa k'urukundo rw'Imana n'ubwo bayisuzuguye); **Ibyak 21:11** (Agaba aboha ibirenge bye n' amaboko n' umukandara wa Pawulo mu kwerekana ukuntu Pawulo ashobora gufungwa).

(B) *Igikoresho kimwe gishobora gushushanya ibantu birenze kimwe*. Urugero, inzoka ishushanya urupfu rwa Kristo ku musaraba aho yatwaye ibyaha by' abantu (**Yoh 3:14**), ariko na none na Satani (**Ibyah 20:2**).

(C) *Imibare ishobora gukoreshwaa mu buryo bw' ibimenyetso*. Urugero, Yesu yahisemo abigishwa/intumwa cumi n' ebyiri (reba **Mat 10:1; Ibyak 1:12-26**) hibutsa igitekerezo cy' imiryango cumi n' ibiri y' abisiraheli (reba **Itang 49:28; Ibyah 21:12-14**). Kubwibyo, Yesu ni umwuzuro w' Isezerano rya Kera kubyo Isiraheli yasobanuraga kuba, yarazanye umwuzuro w' Isezerano rya Kera. Ikimenyetso cy' imibare kigomba gusesenguranwa ubwitonzi cyane. Akensi ikimenyetso cy' umubare ntabwo uhura n' umubare usanzwe “*ukuri kw' ibifatika*” kubihereranye n' abigishwa bari, cumin a babiri, mu byukuri, cumi na babiri muri bo, ariko ikoreshwa ry' umubare ufite *imvugo y' ikimenyetso*.

(D) *Inama nzinza mu gusobanura ikimenyetso ni:* i. Uko Bibiliya ubwayo isobanura ikimenyetso, niba igisobanura; bitisobanura ubwabyo; n' ii. Urujyano. Niba nta na kimwe muri ibi bitanga ubusobanuro bw' ikimenyetso, umuntu akwiye kwirinda kwihibira ibihuha, ariko akwiye kwemera ko bitamufutukiye.

(7) *Ikigereranyo.* Ikigereranyo ni urugero rwo mu Isezerano rya Kera rwashyizweho n' Imana kugira ngo ruhuze n' ico ruhagarariye mu Isezerano Rishya ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibigerereranyo by'Isezerano rya Kera (Isezerano Rishya ryitwa ikinyuranyo ki "kigereranyo"). Kubwibyo, ikigereranyo n' uburyo ubu n' ubu kiba kiringaniye cyangwa gihagarariye ikigomba gusimbura ico kigereranyo. Kugira ngo werekane "ikigereranyo," ico ari cyo, Bibiliya ikeneneye kukerekana neza kandi ikagaragaza ico rimwe na rimwe kiba gisobanuye ico "kigereranyo". Hamwe byabaye ni: mu ba **Rom 5:14** Hasobanura hita Adamu ikigereranyo cya Kristo. Ahandi hashobora kuterekana imvugo irasa ku ntego, ariko irebero ry'Isezerano Rishya ku Isezerano rya Kera ibyanditswe bishobora guhishura ikigereranyo. Muri **Yoh 3:14** Kristo urupfu rwe ruragereranywa mu buryo buhuye n' inzoka y' umuringa Mose yamanitse mu butayu (**Kub 21:9**) bigira inzoka y' umuringa "ikigereranyo" mu bindi bihe bishobora kubamo urujijo. Ikoresha ry' amagambo asa, insanganyamatsiko, n' ikomatanya ryabyo bishobora kurema "ikigereranyo". "Yozefu, urugero, yari igikoresho mu kurinda isezerano arinda bene wabo abarinda kwicwa n' inzara mu gihe cy' amapfa n' inzara, n' imbabaro yagize mu gihe cy' ubugaragu cyari kirimo umurimo nk' uw' umucunguzi. Uretse, gusa Isezerano rya Kera ryavuze kuri Yozefu mu migisha y' abahungu ba Yakobo babiri (Heb 11:21). [Nyamara] dufite icyizere cyo kubona inyungu z' imbabaro ya Yozefu, nibura hirya y'umuteguro washushanyaga imbabaro ya Yesu no gutabarwa guturuka muri iyo mibabaro. Yozefu ni urufungozo rw' ishusho y' isezerano mu mateka yavuzwe na Stefano mu Ibyakozwenintmwa 7. Mbere na mbere muri Yozefu, hanyuma, muri Mose, hanyum, no mubuhanazi muri rusange, hanyuma, mu buryo bwiza mu mukiranutsi umwe ubwe, umufatanyabikorwa yongera kugaragara." (Johnson 2007: 214-15) Mu kugergeza gusobanura mu buryo bw' ikigereranyo amasano, umuntu agomba kwitonda mu gushaka gukoresha ishushanya mu byanditswe ahari ibantu, nkibyariho mukinyejana cya 15 mu Bukristo bwo muri ico gihe nkuko bisobanurwa nuko Argen abibona ku mugani w' umusamariya mwiza: umugabo wamanukaga ni Adamu, Yerusalem ni Paradizo, Yeriko ni isi, abajura ni imbaraga nkomyi, umutabyi ni itegeko, umurewi ahagarariye abahanazi, umusamariya ni Kristo, ibikomere bihagarariye kutumvira, ico yomora ni umubiri w' Umwami, icumbi ni urusengero, amadenari ni Data n' Umwana, umurinzi w' icumbi ni umuyobozi w' urusengero, isezerano ryo kugaruka k' umusamariya ryerekana kugaruka kwa kabiri k' Umukiza. (Roukema 2004: 62) Murundi ruhande, Kristo n'intumwa babonye isezerano ry' iteka ryose mu buryo runaka nk' igitabo kivuga kuri Yesu (**Luka 24:25-27; 44-45; Yoh 5:39-40, 46; Ibyak 3:18, 24; 10:43; 26:22-23; 1 Kor 1:20; 1 Pet 10:10-12; Heb 1:1-3**). Kubera ikingiki, "Buri kintu cyo mu isezerano gikorwa umuhuza n' abatabizi—umukurambere, umuhanazi, umutambyi, umucamanza, umwami, umugabo, umugore, se, umuhungu, umubyeyi, abana, umugaragu—mu buryo bwiza bigomba gusobanurwa mu mucyo w'uburyo bigarura imirasire (cyangwa imirasire igarukira hafi) isezerano riboneye ryo kumvira rigomba kuzanwa na Yesu nk' Umwami w' ubwoko bwe—byose hamwe, urugero rwiza rw' ubuhuza rukwiye gukorwa na Yesu umwana w' Imana n' umuvandimwe w' abantu be. . . . Ku bwibyo uruvange rw' imyitwarire rwo mu isezerano kubayobozi rwahinduye buri wese, kuri buri ndangagaciro y' umurimo we, mu buryo bumwe cyangwa ubundi, mu buryo bw' ikigereranyo ukuza k' umucunguzi, muri we harimo umurimo w' umuhanazi, n' ubutambyi, umwami bugomba gusohozwa mu buryo buboneye." (Johnson 2007: 216) Johnson yanzura atya: "Mubushishozi, Kristo-yitaga kugusoma Isezerano rya Kera aryitondeye mu gucukumbura buri murongo mu mwimerere wawo no mu rujyano nyamateka. . . . Ibigize abo turibo bisa (nk'uko bivuguruzanya hagati y' igishushanyo n' igishushanywa) bigomba kwemezwia

n' igihamya cyo mu byanditswe byera, atari gusa kugarukira ku byo twitekerereje. Munyandiko cyangwa iyiga ndimi bigahura, kimwe n' insanganyamatsiko zishingiye kumivugire no kuba wagutse mu rujyano, ni ikintu k' ingenzi gikomeye cyerekana ihuriro ry' abantu bo mu Isezerano rya Kera n' Irishya, ibikorwa ni igihamya gikomeye cyerekana ihuriro hagati y' abantu, ibikorwa byo mu Isezerano rya Kera cyangwa imiyoborere n' ibiranga umwuzuro wo mu Isezerano Rishya aribyo bishingiye kuri Kristo bikanaba bigize itorero rye". (Ibid.: 329, 214)

c. *Imizimizo yo mumitekerereze, amarangamutima, n' umumaro wo gushyigikira igitekerezo.* Imizimizo yose yashyizweho kubera umumaro runaka, akensi gushyigikira ikintu runaka. Imizimizo yavuzweho igomba kwitwa imizimizo "ihagararira", kuko yakoreshejwe mu guhagararira ikintu cyihariye cyangwa igitekerezo, hakoreshwam amagambo y' amatirano avuye mu kindi kintu runaka. Imizimizo ikurikira ishobora kwitwa imizimizo "idasimbura" kuko ifitanye isano cyane mu gushimangira umumaro cyangwa imyifato hagati mu bumva cyangwa abasomyi. Ikonze kuba rusange mu kuvuga kuruta mu kwandika.

(1) Ikabya. Ikabya riba rifite intego, mu buryo bugaragara ikabya rikoreshwa mu gushimangira ingingo runaka. Urugero, **Zab 119:136** ("Amaso yanjye atembyemo imigezi y' amazi"); **Mat 5:29** ("ijioso ryawe ry' iburyo nirigushuka, urinogore, urute kure".

(2) Igerura (isubirajambo). Igerura (na none ryitwa isubirajambo) ni ukwibanda ku kintu kimwe kugira ngo uhe agaciro ikintu runaka. Urugero, **Kub 13:33**—"twibonaga tubamezeho nk'inzige,nabo bakatubona tumeze nkazo" (ubu buryo bwo kuvuga bw' abatasi, cumi na babiri ba Mose burashimangira ubunini n' imbaraga z' Abanyakanani, menya na none ko "nk' inzige" ari igereranya); **1 Sam 24:14**—"Mbese umwami wa Isiraheli ateye nde? Uwo ahiga ni nde? Ni intumbi y' imbwa. N' imbaragasa? Hasanishijwe n' isubiramo ryo kworosha ikintu kugira ngo ryagure igitekerezo. Urugero, **Zab 51:17**—"Umutima umenetse ushenjaguwe, Mana ntuzawusuzugura" (ni ukvuga ngo, "Imana izawakirana umunezero" umutima umenetse kandi ushenjaguwe); **Rom 1:16**—"Ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni" (ni ukvuga ngo, "Nuzuye gushira amanga icyubahiro cyanje cyo hejuru n' ikuzo ryo kwamamaza ubutumwa bwiza").

(3) Ininura. Ininura ribumbatira icyinyuranyo cy' ikintu cyavuzwe cyangwa icyari cyitezwe kuvugwa. Rishobora kugaragara mu buryo bubiri:

(A) *Ininura ni imvugo y' igitekerezo giteguriwe gutwara ikinyuranyo cy' imvugo isanzwe uri kumva.* Urugero, **Yob 12:2**—"Boshye arimwe bantu gusa kandi ubwenge buzapfana namwe!" **26:2-3**—"Wafashije umunyanente nke ntugasekwe! . . . Wagiriye inama udafite ubwenge, werekanye rwose ubwenge bw' ukuri! (Inuti za Yobu ntizigeze zimufasha cyangwa ngo zimuhe inama); **1 Kor 4:8**—"Mumaze guhaga, mumaze gutuza ndetse mwimye nk' abami tutari kumwe" (itorero ry' i Korinto ryari ryuzuye, muby'ukuri, intonganya, ibice, n' ibyaha).

(B) *Ininura rishobora kugaragara mubusobanuro bwagutse bw'urujyano, atari gusa mu magambo yakoreshejwe, mu gihe nk' iki ribumbatira ikinyuranyo cy' ibyari byitezwe.* Urugero, muri **Yona 1:1-14** tubona ininura mu muhanuzi w' Imana utarumviye Imana agaragaza kutita kubuzima bw'abandi bantu no kugubwa neza kwabo, ariko abapagani berekana kwita k' ubuzima n' imibereho myiza y' abantu banashishikarira gusenga Imana.

(4) Iyoroshy. Iyoroshy risimbura imvugo ikakaye cyangwa imvugo ikomeretsa. Urugero, **1 Sam 24:3**—"Kwitwikira ibirenge" bisobanuye "kwitura"; **1 Kor 7:3, 5**—"nahe umugore we ibimukwiye" "ni mwongere guhura" ni iyoroshy ryo "gukora imibonano mpuzabitsina."

(5) Ibibazo by' ubuhanga bw' ururimi. Hombi mu Isezerano Rishya n' Irya Kera ibibazo birimo byabajiwemu. Isezerano Rishya gusa hakaba haba ibibazo 1000 byabajijwe. Ibikabakaba 300 muri ibi ni ibibazo "bigaragara" nk' ibyabajijwe kugira ngo bitange amakuru. Ibindi bisigaye 700 bizwi nk' ibibazo "by' ubuhanga bw' ururimi" kuko ntibyabajijwe kugira ngo hatangwe amakuru ahubwo byateganirijwe

gutanga amakuru, harimo ibyerekeye imyitwarire y' uvuga n' ibitekerezo bye. Ibibazo by' ubwenge bw' ururimi bivuga neza bikanaboneza ingingo y' uvuga. Ibisubizo by' ibibazo by' ubuhanga bw' ururimi biba kiboneye. Igisubizo cy' Imana kuri Yobu muri **Yob 38-41** mu buryo bw' ibanze hagizwe n' ibibazo by' ubwenge bw' ururimi. Yesu yabajije ibyiciro cy' ibibazo by' ubwenge muri **Mat 5:46-47; 7:3-4, 9-11**; na **Luka 12:25-26, 28**. Pawulo yakoze ibintu nkibi mu **1 Kor 1:13**; no **6:16-19**.

VII. Gushyira mu bikorwa igice

A. *Gushyira mu bikorwa Bibiliya mu buryo buhoraho bifitanye isano no gusobanukirwa Bibiliya*

Gusobanukirwa Bibiliya nti byuzuye niba itashyizwe mu bikorwa. “Intambwe zo gusobanura Bibiliya ntizuzuye niba bigarukira gurwego rw' ubusobanuro gusa” (Klein, Blomberg, na Hubbard 1993: 401). Bibiliya ntabwo yagenewe kwigwa gusa ngo wunguke “ubwenge bwo mu mutwe.” Ahubwo, Bibiliya yagenewe kuba ihishurirwa ry’ Imana kuri twe kugira ngo turihuze n’ ubuzima bwacu (urugero, **Guteg 6:1-3; Zab 119; Yoh 13:13-17; 14:21-24; 2 Tim 3:16-17; Heb 5:11-14; Yak 1:22; 2:19-20**). “Kunanirwa gukora ibyo Bibiliya ivuga burigihe haba harimo no kunanirwa ukuyisobanukirwa byuzuye. Hariya harimo no kunanirwa gukora ubushake bw’ Imana, yigaragariza mu byanditswe. Niba tudashobora gusobanukirwa cyangwa ngo tuyumve, ntidushobora kuyumva cyangwa ngo tuyisobanukirwe. . . . Niba ikoraniro rikiranuka kw’ itorero ariko rikirengagiza abashyitsi baturutse ahandi nandi moko, ntabwo mu byukuri basobanukiwe icyo itorero aricyo. Niba abashakanye barafashe mu mutwe Efeso 5ariko umugabo akaba akunze gutwaza umugore we igitugu umugore we ukunda kwikanyiza kuri we, ntabwo ‘bazi’ icyo cyanditswe.” (Doriani 2001: 22, 76) Mu by’ukuri, kumenya ibyanditswe ariko ntubikore ni icyaha (**Yak 4:17**; reba na none **Yak 2:19**). Murundi ruhande, iyo dukoze icyo ibyanditswe bivuga, ugusobanukirwa Imana kwacu kuba kwimbitse kukanatera imbere, mu kwemera no guhindurwa nabyo (reba **Zab 111:10**).

B. *Gushyira mu bikorwa Bibiliya mu buryo buboneye bishinze imizi mu ntego yo gusa na Kristo*

1. Gukora iby’ ijambo ry’ Imana ntabwo ari ukuryemera nk’ ipaki y’ amategeko. Gushyira Bibiliya mu bikorwa *bisobanuye guhindura ubuzima bwacu*. Pawulo yaravuze ati, “*Nuko bene Data, ndabinginga kubw’ imbabazi z’ Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n’ Imana, ariko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kandi ntimwishushanye n’ ab’ iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, aribyo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.*” (**Rom 12:1-2**)
2. Guhinduka k’ ubuzima gushingiye mu buntu bw’ Imana ariko kwaducunguye, kugafungura imitekerereze yacu kugirango ibyanditswe, biduhe umubano mushya nayo binyuze muri Kristo. Intego y’ uko guhinduka n’ uko tumenza Imana tugahinduka nkayo—“*Kwisanisha n’ishusho y’ umwana wayo*” (**Rom 8:29**; reba na none **Mat 5:47; Yoh 17:3; 2 Kor 3:18; Fil 1:3-6**). Guhinduka ni ukwerekana “uguhinduka bashya kwacu” muri Kristo (reba **Ef 4:17-24; Kol 3:9-10**) rero, bikwiye kuba “biturutse imbere bikagera inyuma kandi bigahindura ibitekerezo mu buzima bwacu (ibitekerezo, amagambo, n’ ibikorwa). Bikwiye kuba “ubuzima bwerakana indangagaciro, amahame, n’ ukuri kwa Bibiliya” (Stanley na Jones 2006: 95). Ni ubuzima bwera, bushingiye ku Guhinduka kw’ imbere, bikigaragaza ubwabyo mu gukunda Imana n’ abantu (reba **Mat 15:15-20; Mariko 7:14-23; Mat 7:17-18; 12:33-37; 2 Kor 7:1; 1 Pet 1:13-17; Mat 22:35-40; Yoh 13:34-35**).

C. *Gushyira neza Bibiliya mu bikorwa bigirana isano n’uburyo wayisobanuye ndetse no kuyisesengura*

Gusobanura neza no gusesengura bituma usobanukirwa neza igice, aribyo bibyara, ishyirwa mu bikorwa riboneye ry’ igice. Twabonye umubare w’ingero z’ ibyo cyane, harimo:

1. Ukureba ku bindi bice kugira ngo ugire gusobanukirwa kuzuye ku insanganyamatsiko. Ugukora ibi bidufasha kwirinda kwizera ubuyobe “kwita- ikintu- izina warangiza ukijujuta” cyangwa inyigisho “z’ ubuzima, ubukire, no gutera imbere” inyigisho, kandi zidufasha gusenga Imana mu buryo buyubahisha (reba igice cya III.B4.b., hejuru).
2. Gutandukanya ibviriza gusobanura ibintu. Mu gukora iki twiga kudashyiriraho amabviriza Imana uko tubyumva (reba igice III.D.3.b., hejuru).
3. Kwita kungeri y’ imyandikire. Mu gukora bino ntabwo dushinja Imana kunanirwa gusohoza amasezerano ighihe abana bacu bitwara nabi nubwo twabareze neza (reba igice IV.C.2., hejuru).

D. Gushyira mu bikorwa nabi bifitanye isano n'uburyo bwo gusobanura ndetse no gusesengura nabi

1. Gufata Bibiliya nk' igitabo cy' "ubufindo". Rimwe na rimwe abantu bashaka inama zo kuboyorwa n'Imana mu gufata imyanzuro bagafungura Bibiliya bafindisha bakemera umurongo amaso yabo aguyeho nk' ijambo ry' Imana kubyemezo bari gushaka gufata. Ibyo ni ugfata Bibiliya “nk' igitabo cy' ubufindo” cyangwa amahirwe ashingiye kubupfumu. Klein, Blomberg, na Hubbard (1993: 404) berekana ibyabaye ku musore washakaga kujya muri kaminuza. Abumbura Bibiliya afindishisha ijisho rye rigwa muri **Ezek 27:25** havuga kubijyanye n' abantu bava itarushishsi bajya itiro mu mato. Nyamara icyanditswe ntategeko narimwe ryarimo ryo kujya ahariho hose mu bwato, nta na kimwe cyo gukorana n' ingabo, umusore yasobanuye icyanditswe kuriwe nkuhamagarirwa kujya mugisirikare kirwanira mu mazi! Iman ntabwo yigeze yerekana ko izatuyobora mu buryo nka buriya. Haba n' igitekerezo “rivuga ngo umurongo wa mbere mbona urampa icyerekezo cy' Imana kuri jye” ni uguhubukira gushyiriraho Imana ibwiriza.
2. Ubunyamwuka bw'ibinyoma—“busobanura” Bibiliya “mu Mwuka” aho gusesengura Ijambo. Abantu bamwe bavuga ko **1 Kor 2:14** (“*ibantu by' umwuka . . . ni ibyo mu buryo by' umwuka byishimirwa*”) na **2 Kor 3:6** (“*inyuguti irica, ariko umwuka atanga ubugingo*”). Hirya y' urujyano, kuvuga ko abantu babanyamwuka badakwiye gukora umurimo wo gusesengura, ahubwo ko bakeneye gusa gukoresha “umwuka” kwakira ihishurirwa kubijyanye nicyoBibiliya isobanura. Icyambere, nta numwe muri iyi mirongo ivuguruza umurimo w'Umwuka muntambwe zo gusesengura. **1 Kor 2:14** ahavuga ko gusa Abakristo aribo bashobora gusobanukirwa “*ibantu nta twaherewe ubuntu n' Imana*” (**1 Kor 2:12**). Abantu batiyumvamo ubushobozi ntibasobanukirwa ibantu nk' ibi, kuko iyo biba bityo ntibari kubamba Yesu (**1 Kor 2:8**). **2 Kor 3:6** havuguruza Isezerano Rishya hamwe n' irya Kera ariho abigisha bibinyoma baradutse nubwo Yesu yaje. Icyakabiri, ubu buryo “bw' umwuka bw' ikinyoma” nk'uburyo bwo“ gusobanura Bibiliya” ingaruka zabwo muri Bibiliya ivuga ibantu bitandukanye kabantu batandukanye. Ibishingirwaho ibyaribyo byose kuntego y' ubusobanuro bw' igice muri buriya buryo buba bwatakaye. Bibiliya ishobora gukoreshwa kugira ngo ishyigikire ubwoko bwose bw' abatari abakristo n' ibikorwa byabo byose.
3. Kunanirwa kwita ku rujyano nyendimi cyangwa nyamateka. Abantu benshi bashyira mu bikorwa nabi Bibiliya bananirwa kwita k' urujyano nyamateka cyangwa nyendimi by' umurongo barimo usoma. Urugero, abantu benshi bajya ku ba **Fil 4:13** (“*Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga*”) kugira ngo bemeze abandi cyangwa nabo ubwabo ko bazatsinda mu kintu cyose bazahura nacyo cyangwa ikindi kintu “bumva berekejeho” bakaba benda kugikora. Nyamara, urujyano nyendimi (byumwihariko **Fil 4:11-12**) rwerekana ko ishyirwa mu bikorwa ry' yu murongo rifitanye isanon’ *umunezero wo kutita ku bihe by' ubukungu umuntu arimo*. Pawulo yari yahuye n' ibibazo by' ubukene n' imibabaro, ariko yari afite umunezero k' ubw' ibyo yakiriye, anakomeza kubwiriza ubutumwa bwiza atitaye kubimurwanya byose.
4. Dukwiriye kwitonda igihe twakiriye “inama z' umuntu” cyangwa “igitekerezo” ko Imana ituvugishije mu buryo bwahuranije, uburyo bw umuntu binyuze mu bundi buryo atari icyanditswe ahubwo mu buryo bw' umwuka. Hag 2:19 haravuga hati, “Uhoreye yyu munsi nzabaha umugisha.” umuntu usengera ibyifuzo bye ashobora gutekereza ko Imana iri gukoresha yyu murongo yiye meza ko Imana izita ku cyifuzo cye kuri uriya munsi. Umwizera w' umunyamwuka ukuze azamenya ko urujyano rw' icyanditswe mubigaragara ruvuga ku migisha Imana yari yatangiye kubaha kubari bahindukiye bavuye mu bunyage bahunze bajya Iyerusaremu nk' inyungu zo kumvira mu kongera kubaka urusengero, ntabwo hariya harimo ihuriro ry' umuco “bidasuburwaho” mu cyanditswe kivuga ko Imana izita ku cyifuzo cy' umuntu kugiti cye yyu munsi. Imana ishobora kuvugana mu buryo bw' umwuka n'umuntu ku giti cye binyuze mu ijambo ryayo. Nyamara, abantu benshi batekereje mu buryo butari bwo ko Imana yavuganye nabo mu buryo nkubo mu buryo itigeze ibikoramo, bifite n' ingaruka zibabaje kuri bo ubwabo ndetse no kubandi. Wolvaardt mu buryo bw' bwenge atwihanangiriza agira ati: “Kwita kuri buri gitekerezo cyiza ku muntu kinyuze mukuba kitakoresha icyanditswe cya Bibiliya no mu buryo neza neza burimo igitekerezo kije kidafite isoko muri Bibiliya. Iri tandukaniro hagati y' inama z' umuntu zishingiye ku byanditswe bya Bibiliya ziba zidafite gukorwa bidasubirwaho na ziriya zifite gushyirwa mubikorwa mu buryo bwuzuye, bishobora guhimbwa buri gihe. Igihe duhuye n' uko kudasuburwaho, tugomba kubireka nk'uku kuko Imana ishaka kuvugira mu butware bw' Ijambo ryayo. Niba ari inama z' umuntu, zidashingiye kuri uko kudasuburwaho, rero bikwiye gufatwa gutyo hamwe no kwicisha bugufi

kubera ko yenda nshobora kutumva neza inama z' Imana! Kudakora gutyo byashobora kuganisha kugutekereza ko Bibiliya atariyo kwizerwa cyangwa inama z' umuntu zitabamo kwibeshya.” (Wolvaardt 2005: 37).

E. Amahame ya Bibiliya, inyigisho, n' ingero

Gushyira mu bikorwa ni kimwe no gusobanura, nk' ubusobanuro bukurikirana bituruka “hejuru bijya hasi” (ni ukuvuga ko, insanganyamatsiko y' igice n' igika bitanga ubusobanuro bw' umurongo n' ijambo), na none kandi hari ikurikirana ryo gushyira mu bikorwa uturutse kubitekerezo rusange ujya kugitekerezo nyakuri. Ishyirwa mu bikorwa ryose rigendena n' intego yo guhinduka tukamera nka Kritso. Kuri uriya musozo, Bibiliya iduha ikurikirana ry' inkomoko ry' iryo shyirwa mu bikorwa:

1. Amahame. Amahame ni imyumvire shingiro y' ubuzima bwa gikristo. Nk' isoko yo gushyira mu bikorwa amahamebihura cyane n' intego. Nkuko bimeze, amahame ni isoko rusange y' ibishyirwa mu bikorwa. “Biyobora igice kinini cy' imyitwarire nta gusobanura ibikorwa byihariye” (Doriani 2001:84). Amahame abamo ibitekerezo nk' ibi: “Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, kandi n' ubwenge bwawe bwose, n' ubugingo bwawe bwose” (**Mat 22:37; Mariko 12:28-30**); “Uzakunde mugenzi wawe nk uko wikunda” (**Lewi 19:18; Mat 22:39; Mariko 12:31, 33; Luka 10:27; Rom 13:9-10; Gal 5:14; Yak 2:8**); “ita kubandi mu buryo ushaka ko nawe bakwitaho” (**Mat 7:12; Luka 6:31**); “Mubanje mushake ubwami bw' Imana no gukiranuka kwayo” (**Mat 6:33**); “uwahawe byinshi, azabazwa byinshi” (**Luka 12:48b**); “Mwiyambure umuntu wakera uhenebereza no kwifusa gushukana, muhinduke bashya” (**Ef 4:22-24**); “Nicyo gituma tugira umwete, wo kumunezeza iyo turi iwacu mu mubiri, cyangwa tudahari” (**2 Kor 5:9**); “ibyo mbibategekeye kugira ngo bagire urukundo rwinshi ruva mu mutima uboneye kandi uticira urubanza bagire no kwizera kutaryarya” (**1 Tim 1:5**); “ntimwibikire ubutunzi bwanyu mu isi, ahubwo mububike mu ijuru” (**Mat 6:19-20; Luka 12:21**).

Menya ko aya mahame yose atari amategeko. Amahame aduha imyumvire yibanze cyangwa imitekerereze yo gushyira k' umurongo ubuzima bwacu. Amahame ntabwo yita ku bikorwa byihariye runaka. Ashyirwa mu mu bikorwa nk' abakurikira biriya bintu na biriya bikorwa, bidahinduka bijyanye n' ayo mahame, no kwanga ibiriya bintu na biriya bikorwa bitajyanye iteka n' ariya mahame.

2. Inyigisho. Inyigisho ni ukuri shingiro k' ukwizera kwa gikristo. Inyigisho ntitandukanye n' ingeri y' ibyanditswe, ariko bituruka mu byanditswe byose. Ingeri zose z' ibyanditswe ni amabwiriza binafite ingaruka zaba iz' ubumenya Mana n' inyigisho. Inyigisho za gikristo, zerekana ukuri kugaragara—mu miterere y' Imana, n' ikiremwamuntu, ukuri k' umwuka n' imikorere yako. Inyigisho zirimo ibantu nk' ibi: Imana Bibiliya ivuga ni yo Mana y' ukuri yonyine; Imana ni Ubutatu; Imana yaremye is, inarema ikiremwamuntu mu ishusho yayo; abantu bose baguye mu cyaha, n' imbaraga zo kuguma mu cyaha ziba muri twe mo imbere mu kubaho kwacu; Imana yaje ku isi mu mubiri wa Yesu Kristo; ntidushobora kwikiza imbaraga n' ingaruka z' icyaha, dushobora ariko kwakira agakiza k' ubuntu bw' Imana binyuze mu kwizera muri Kristo; Umwuka wera, Umwuka abana n' abizera; Kristo aduhamagarira kubaho ubuzima bw' ubwizerwa no ku mwumvira mu kubaho ubuzima bw' urukundo no gukorera abandi; Kristo azagaruka, kandi azacira imanza abazima n' abapfuye; abantu bose bagenewe kudapfa, rwaba urupfu rw' iteka mu muriro utazima kubatizera cyangwa ubugingo buhoraho mu isi nshya ku bizera.

a. *Inyigisho zishyirwa mu bikorwam' mu kubaza ibibazo nk' iki, “Niba inyigisho X ari ukuri, ni iki kiyirimo?” kandi ni “Gute imyitwarire yanje yagakwiriye guhinduka niba nyubahirije mu myumvire yanje ni myizerere ndamutse nyifashe nk' ukuri?”* (Doriani 2001: 85-86). Hanyuma twakira inyigisho tuyishyira mu bikorwa igahuzwa n' ubuzima.

b. *Kubera ko inyigisho iduha ishusho nyakuri y'isi, yongera kuyobora imitekerereze yacu.*

Kimwe n' imyemerere yacu ihindutse, n' imyifatire yacu n' ibikorwa byacu nabyo. Úrugero:

(1) Rimwe mu ikoreshwa ry' inyigisho z'uko Imana iri mu butatu. Imana ni Ubutatu (Data, Umwana, n' Umwuka wera). Ibi bisobanura ko Imana ibana mu mibereho yayo. Buri wese ugize Ubutatu ari murukundo n' imibanire bitunganye hamwe n' abandi bagize ubutatu. Iman yaturemye mu ishusho yayo. Dukwiriye natwe rero kubana tukanagira urukundo. Ntabwo dukwiye guhindukirira abantu, ariko dukwiye guharanira kuba mu rukundo ndetse n' imibanire myiza n' abandi.

(2). Ikoreshwa ry' inyigisho z' uko umuntu avukana ubushobozi bwuzuye ibyaha.

Kubera inyigisho za gikristo z' imiterere y' ikiremwamuntu yuzuye ibyaha, imbaraga

zokuba mu cyaha ko ziba muri buri wese, no gutandukana n' Imana kw' abantu, ntabwo dukwiriye gutangazwa nuko abantu babeshya, baduciye inyuma, bibye, bakoze ibibi, no kutugambanira. Ntabwo dukwiriye gutangazwa no kwishongora kw'abantu kubw' ibyo bigejejeho. Turabizi ko badafite amahoro muri bo, umutekano, n'ubusobanuro bw'ubuzima bwabo bushora kuzanwa n'imibanire yabo na Kristo. Rero, bagerageza kugera ku mahoro, umutekano, n' ubusobanuro bw'ubuzima bwabo mu bundi buryo. Uko dusobanukirwa mu buryo bw'ukuri ibi ibintu—bishoreye imizi munyigisho za gikristo—imyifatire yacu ku bandi izahinduka, ntabwo tuzitwara nk' abandi kubikomere n' ibibazo nkuko abandi babyitwaramo.

3. Ingero. Byombi Isezerano Rishya n' irya Kera inkuru zabyo zitanga ingero kuri twe kubw' amabwiriza yacu (reba **Rom 15:4; 1 Kor 10:1-6**) Yesu yavuze ingero za Bibiliya asubiza Satani n' Abafarisayo (reba **Mat 4:4, 7; 12:1-7**). Pawulo yabwiye abizera “*ku mwicana*” (**1 Kor 4:16; 11:1; Fil 3:17**). Bibiliya yerura kubijyanye n' ibyaha ndetse n'iby' abizera (urugero, ubusinzi bwa Nowa, **Itang 9:21**; ikinyoma cya Abramu anabitegeka Sarayi, **Itang 12:10-20**; ubusambanyi n'ubwicanyi bya Dawidi, **2 Samweli 11**). Ku bw' ibyo, ingero zishobora kuba izitwubaka cyangwa izidusenya, nziza cyangwa mbi.

- a. *Inkuru za Bibiliya ziturarikira kugenzura abazivugwamo n' ibikorwa byabo, no kumenya abazivugwamo tukavanamo icyitegererero cy' iby' umwuka n' amabwiriza.* Igihe ibikorwa by' abantu bo kwizerwa biremye umuco, by' umwihariko niba Imana ihaye umugisha ibikorwa, biratuyobora uyu munsi. Ibikorwa byashiyizwe ku rutonde ukwabyo ntabwo ari amategeko, byumwihariko kuba Imana itarabihaye umugisha kandi ntibihure n' ibyategetswe biri kurwego rw' imyitwarire. Igihe inkuru idategeka ntinacire urubanza rw' uyivugwamo cyangwa ibikorwa bye n' ibindi nta rugero, bitanga dukwiriye kubishidikanyaho kubishyira mu mirongo mbonezamubano no gukuramo isomo muri urwo rugero rw' inkuru.
- b. *Byaba n' indirimbo zo muri Bibiliya n'amasengesho bira duhindhura uko tubutekerezaho tukabigira ibyacu.* “Abantu baha agaciro ibyo bahimbaza. Niba duhimbara Imana ku bw' ubutabera bwayo, duha agaciro ubutabera. Niba tuyihimbariza urukundo n' ubugwaneza, dukunda urukundo n' ubugwaneza. Muguhimbariza Imana indangagaciro nk' izi, turazikunda kandi birazitwegereza ubwacu” (Doriani 2001: 92).
- c. *Tugomba kwitondera cyane guhindura ingero mo amategeko.* Ni ikintu kibanze ko twibuka itandukaniro hagati y' itegeko nogusobanura ikintu (reba icyigisho III.D., hejuru). Kureba ingero za Bibiliya haba hateganywa ko tuzigira intego, amahame ya Bibiliya, cyangwa inyigisho ya gikristo. Ingero zikwiye kubonwa mu buryo buri bwo nk' igihama cyemeza cyangwa gihakana ibyo twiyemeje gukora bivuye mu bindi bice by' ubundi bwoko.

F. Amategeko ya Bibiliya, amabwiriza, n' imirongo ngendarwaho

Amategeko, amabwiriza, n' imirongo ngenderwaho birasobanutse cyane kuruta amahame, inyigisho, n' ingero. Mugihe byose itegeko rigira imimaro ibiri y' ingenzi: (1) ricira urubanza abatizera; no (2) kugira umumaro wo kuba umushorera ku bizera w' uko berekana urukundo rwabo ku Mana (Lehrer 2006: 122). Nk' ihishurirwa ryo muri Bibiliya risigaye, itegeko ry' ijuru n' uburyo ritera imbere rihishurirwa muri Bibiliya.

1. Ishusho rusange y' itegeko rya Bibiliya.

- a. *Ikiremwa muntu cyaremwe mu ishusho y' Imana, kandi ubumenyi bw' Imana no kumenya ikiza n' ikibi byanditswe muri kamere y' abantu bose.* Iki cyari ukuri mbere yuko Imana yatangaga amategeko icumi nandi asigaye yo mu Isezerano rya Kera yahawe Mose (reba **Rom 1:18-23; 2:14-16**). Amategeko ya Mose yatanzwe mu buryo bwo kwerekana amahame y' itegeko ry' ijuru, ariko nanone gushyiraho amabwiriza asobanutse no gushyirwa mu bikorwa n' igihugu cya Isiraheli ari yo ihagaze mu isezerano ryo kubana n' Imana. Kubw'ibyo, “itegeko ry' Imana ribaho mu buryo bw' ubwigenge kubw' itegeko rya Mose. Hari ukuzuzanya, ariko ntibemeza neza kimwe”(Wells na Zaspel 2002: 143). Amategeko ya Mose ahishura imiterere y' Imana no kwera kwayo (interuro “Ndi Uwiteka Imana yawe” isubirwamo mu mategeko ya Mose yatangajwe). Itegeko kandi ryashyiriweho guhishura icyaha (**Rom 3:19-20; 7:7-12**); “*agwiza*” icyaha (**Rom 4:15; 5:13-14, 20**); rifungira umuntu munsi y'ubutware bw'icyaha (**Rom 7:23; 8:2-3; Gal 3:10-13; 5:1; Kol 2:14**). Muri buriya buryo ayobora abantu kuri Kristo (**Gal 3:15-4:31**; reba na none **Rom 7:24-25**).

- b. *Yesu yasohoje amategeko kubwacu ku mu saraba (Mat 5:17-20; Yoh 19:30; Rom 10:4; Ef 2:14-15; Kol 2:13-15).* Yesu yavuze koyaje “gusohoza” amategeko (**Mat 5:17**). Ririya jambo ubundi risobanura “kuyageza aho yateganwaga kugera mu misobanurirwe yayo” (Hays 2001: 29). “Yesu ntiyavuze ko ariya mategeko ahambiriye iteka ryose kubizera bo mu Isezerano Rishya. Niba ariko bimeze, Abakristo uyu munsi bari bakwiriye gusabwa kubahiriza amategeko y’ ibitambo n’ imihango kimwe n’ ay’ imibanire nayo, kandi ibi byakwangiza ibindi bice bigize Isezerano Rishya” (Ibid). Ahubwo, umurimo wa Yesu ku musaraba wazanye intego yo gukuraho imiterere y’ Isezerano rya Kera (Mose) kuyageza ku iherezo. Kubwi byo, Abakristo ntabwo babohewe cyangwa ngo bagenewe gutwarwa n’ itegeko n’ amategeko yo mu Isezerano rya Kera, amabwiriza, n’ imirongo ngenderwaho (**Rom 6:14; 7:6; Gal 3:1-4:7; 5:18**; reba na none **Kol 2:8-17**). “*Kubwiyo mpamu, ntidukwiriye gutekereza ko Isezerano rya Kera ari ryiza kuguha imirongo y’ ubuzima mu Isezerano Rishya*” (Wells na Zaspel 2002:149).
- c. *Kuza kwa Kristo kwatangaje Isezerano Rishya kandi, hamwe naryo, igihe gishya cy’ amategeko ya Kristo* (**Gal 6:2; 1 Kor 9:19-21**; reba na none **Rom 7:4; 8:2**). Hamwe no kuza kwa Kristo “*Kwahinduye amategeko*” (**Heb 7:11-12**). Isezerano rya Kera ritari “ndasubirwaho” (**Heb 8:13**). “*Akuraho ibyambere akomeza ibya kabiri*” (**Heb 10:9**). Aho kuba turebwa n’ Isezerano rya Kera turebwa n’ IsezeranoRishya—“*amategeko ya Kristo*” (**Luka 22:20; 1 Kor 11:25; 2 Kor 3:6; Heb 8:8-13; 9:15**). “*amategeko ya Kristo*” ntabwo ari inyigisho za Yesu gusa ariko ahubwo n’ ibyanditswe n’ abanditsi bo mu Isezerano Rishya (reba, urugero, **Yoh 14:24-26; 16:12-15; 17:8, 18-20; 1 Kor 14:37; Gal 1:11-12; Ef 2:20; 1 Tes 2:13; 2 Tes 2:15; 3:6, 14; Heb 2:3; Ibyah 1:11**). Kubwiriya shusho twabonye, dukwiriye kwita kumikoreshereze y’ amabwiriza, amategeko n’imirongo ngenderwaho ry’ Isezerano rya Kera n’Irishya.
2. *Amategeko, amabwiriza, n’ imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano rya Kera.* Nta numwe muburyo bwahuranije uri munsi y’ amategeko, amabwiriza, imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano rya Kera uyu munsi kuva turi mu gihe cy’ Isezerano Rishya n’ itegeko rya Kristo. Nyamara, dushobora gukomeza kubikuramo ubusobanuro ku bw’ ubuzima bwacu. “Icyo Yesu aricyo kuri Mose ni cyo ikinyabwoya kiri ku kinyugunyugu. . . . Muri Kristo Mose agera ku gukura ukugaragara kuri mu buryo bwuzuye. Amategeko ya Mose aracyafite umumaro, ariko iyo aje aza gusa aturutse mu biganza bya Yesu Umwami wacu. Abakristo uyu munsi bagomba gusoma ibya Mose, no ku nyungu nyinshi, ariko igihe bari kubisoma bakarebera mundorerwamo za gikristo” (Wells na Zaspel 2002: 157). Uburyo bwo kureba mu mategeko, amabwiriza, n’ imirongo ngenderwaho hari amabanga abiri y’ingenzi.
- a. *Kubona amategeko, amabwiriza, n’ imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano rya Kera nk’ ibintu bisobanutse byo gukora cyangwank’ ingero z’ isi yose nk’ amahame rusange n’ ay’ isi yose kandi agashyirwa mu bikorw mu buryo bw’igereranya.*
- (1) *Amategeko, amabwiriza, n’ imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano rya Kera.* “Azana ingero zahumetswe z’ uburyo bwiza bwo kwambika umubiri amahamemu buryo rusange. *Imirongo ngenderwaho yambara undi mubiri, ingero, kandi bikaboneza amahame.* Igice cy’ amategeko ya Mose kigaragara nk’ icyumvikana uki kirebaho, ariko ubugenuzzi bwimbitse bwahishuye ko harimo amategeko afite ingero rusange. Iyi mirongo ngenderwaho ni imico izwi, ituma badashobora kuyisanisha n’ indi mico. Iracyafite umumaro w’ umwihariko, ivuga akantu kukandi muburyo buboneye imirongo ngenderwaho ya Bibiliya, dukeneye.” (Doriani 2001: 246)
- (2) *Amategeko, amabwiriza, n’ imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano rya Kerabikora byose uyu munsi gusa mu buryo bw’ igereranya bisa n’ amahame yo mu Isezerano Rishya no kuri twe ab’ iki gihe ahubwo ni ibihe turimo.* Kubera ko impinduka zo mu Isezerano rya Kera mu Isezerano Rishya byabaye “*guhinduka kw’ iteka*” (**Heb 7:12**) mukwaguka kw’ amategeko yo mu Isezerano rya Kera, cyangwa ibihe yari ashingiyeho *ntabwo*bihura n’ amategeko yo mu Isezerano Rishya rya Kristo cyangwa ibihe turimo iki gihe aho twisanga, igereranya iryari ryo ryose hagati y’ Isezerano hagati’ amategeko cyangwa ibihe n’ ibihuye n’ibyacu bifite intege nke bigatera kugira umumaro mucye (ndetse no kutagira umumaro).
- b. *Reba uko Isezerano Rishya rifita amategeko, amabwiriza, n’ imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano rya Kera.*

(1) Umurimo wacu nk' abasobanuzi ni ukumenya uko Isezerano Rishya rikorana n' amategeko yo mu Isezerano rya Kera. “Kubona ukuntu amategeko ryahawe Mose afatwa na Yesu/cyangwa abanditsi bo mu Isezerano Rishya bisaba kwitondera buri kantu. Ariko uyu ni umurimo w'usobanura—neza neza agomba gukoresha Bibiliya yose. Agomba gusoma Bibiliya yose nk' umukristo, kuva mu Isezerano rya Kera mu ishusho y' Isezerano Rishya, kugira ngo amenye neza ukuri, ariko agomba gukoresha Bibiliya yose. Amategeko ya Mose abona ukuzura kwayo mu amategeko ya Kristo, rero tugomba *kureba* uko biri muri buri gihe icyo aricyo cyose.” (Wells na Zaspel 2002: 160).

(2) Ibihe byishi Yesu n' abanditsi bo mu Isezerano Rishya bashyize ubusobanuro bw' amategeko gutya:

(A) *Guhindura imyumvire yayo*—ukubaha ababyeyibihura n' abizerabo ku isi, nta bwo ari Abisiraheli mu gihugu cy' Ikanani, kandi ni ighamya cyuko ari umurimo nyakuri k' umwana . . . [kandi niba] bihanganiye iki kuba bafite ikizere ko ari abizera nyakuri kandi bazabana n'Imana bakunda iteka” (Lehrer 2006: 137-46, **Ef 6:3**).

(B) *kubavaniraho*—ubutane (**Matt 5:31-32**).

(C) *kubavaniraho*—kuziririza amategeko mboneza mirire (**Mark 7:19**); gukebwba (**Gal 5:1-2**).

(D) *Kubasobanuriraneza*—kwica harimo no kwangana (**Mat 5:21-22**); **ibusambanyi harimo n'irari** (**Mat 5:27-28**).

(E) Kubabuza no kubasobanurira neza icyarimwe, *cyanwa se kubahindura —ntidukwiye namba guhiga umuhigo*, ariko tube abanyakuri ibihebyose (**Mat 5:33-37**); aho kugirango “*ijisho rihorerwe irindi*” dukwiriye kugirira abandi neza kubushake baba batubereye beza beza cyanwa babi (**Mat 5:38-42**); gukunda bagenzi bacu harimo n'abanzi bacu (**Mat 5:43-47**). *No kubahindura —ntukwiye kurahira rwose, ahubwo gukoresha ukuri muri byose n' ibihe byose* (**Mat 5:33-37**); aho kugira ngo “*ijisho rihorerwe irindi*” dukwiye tubyishakiye gukorera abandi ibyiza baba babi cyangwa beza kuri twe (**Mat 5:38-42**); gukunda bagenzi bacu harimo n' abanzi (**Mat 5:43-47**).

c. *Ingero eshatu zerekana uko amategeko, amabwiriza, n' imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano rya Kera byerekezaga mu buryo busobanutse ku mikoreshereze y' amahame rusange mu Isezerano Rishya, kandi akorwa mu buryo bw'igereranya.*

(1) Amategeko ya Mose Isezerano rya Kera muri rusange. Yesu na Pawulo berekeje amagambo bombi yo mu Isezerano rya Kera nk' ingero z' amahame—akomeye, itegeko ry' urukundo (**Mat 22:36-40; Rom 13:9**).

(2) Amategeko y' amasabato yo mu Isezerano rya Kera. Yesu aravuga amategeko y' isabato ayiyerekezaho ubwe no ku ihame ry' impuhwe (**Mat 12:1-8; Mariko 2:23-28; Luka 6:1-11**). Yategetse ko hano ni iri tegeko ry' ibanze ryo mu Isezerano rya Kera rishobora kuzirurwa igithe hakurikijwe amategeko kubw' amahame ngirakamaro.

(3) Guteg 25:4—“Ntukazirike ikimasa gihonyora ingano mu murima.” Mu buryo bubiri budasanzwe (**1 Kor 9:9; 1 Tim 5:18**) Pawulo avuga asubiramo yerekeje ku bimasa. Ibihe byombi yarebaga ririya tegeko nk' *urugero cyangwa ikintu cyo gukorwa mu mahame rusange*. Pawulo yasubiyemo ririya tegeko ashaka gushyigikira ihame ry' uko bariya bayobora itorero n' *abigisha ijambo ry' Imana bakwiriye guhemba*. Menya ko haba urujyano rw' ururimi cyangwa amateka byo mu Isezerano rya Kera nta ikintu nakimwe havuga kubyerekeye kwishyura abayobozi b' iby' umwuka. Nkuko kimwe n' ubuhanuzi, Isezerano Rishya rimwe narimwe rikoresha ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera mu buryo bushya. Niyo mpamvu tugomba *kureba* mu Isezerano rya Kera turebesha amaso yo mu Isezerano Rishya (nta bundi buryo buciye kuruhande).

d. *Urugero rwa Yesu rw' itegeko ry' isabato n' urugero rwa Pawulo zikwiriye kuduha kugira umwete n' inama.* Bombi bavuze ku mahame yingenzi ahishe mu mategeko, atari inyuguti y' itegeko ubwayo. Nyamara nti turi intumwa cyangwa Yesu. Pawulo yashoboraga kubona ihame ukwaryo akaritandukanya n'urujyano nyendimi ndetse n' urujyano ny' amateka byo mu **Guteg**

25:4. Ririya hame rigaragara nk' irifitanye isano n' ibwirizwa ryo gufata umuntu wese kimwe kuva abantu bose bararemwe mu ishusho y' Imana, none ni “*gute byakarushijeho*” inshingano y' Abakristo ni ukuvuga ngo “niba Uwiteka ashigikira uburenganzira bw' ibimasa kubiha agaciro bikishyurwa kuko byahonyoye ingano, zo muri Isiraheli ni gute byarushijeho guha abo yacunguye kubaha ibintu bakeneye kuri bariya babiba mu mitima yabo imbuto itanga ubugingo y' ubutumwa!” (Johnson 2007: 282) Dushobora kureba mu buryo bwemewe mu mahame ahishuwe mu itegeko ryo Isezerano rya Kera ariko dushobora kugera kuri ariya mahame mu gihe dukurikije amabwiriza yo gusesengura neza no gusobanura.

3. Amategeko n' amabwiriza, n' imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano Rishya.

a. *Amategeko n' amabwiriza, n' imirongo ngenderwaho (ni ukuvuga “amategeko ya Kristo”) ashobora kuba yahita akorwa ako kanya n' abizera uyu munsi mu buryo butandukanye n' ubwo mu Isezerano rya Kera.* Ingero z' amategeko menshi yo mu Isezerano Rishya ahita akorwa uyu munsi nta guca kuruhande birimo: **Rom 12:9-21; 1 Kor 6:18; Ef 4:25-32; 1 Tes 5:16-18;** na **Heb 10:23-35.**

b. *Amategeko n' amabwiriza, n' imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano Rishya bidahitabihura ako kanya n'ibantu byose by' ingenzi kuri twe mu bantu b' iki gihe n'umuco yacu.* Ibitabo byo mu Isezerano Rishya byari bigenewe amatotorero azwi n' abantu kugiti cyabo, kandi bigakora kubibazo byihariye ayo matotorero yari afite, mu rujyano bw' umuco wihamiye yabayemo. Nyamara, yaba amategeko yo mu Isezerano rya Kera, amabwiriza, n' imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano Rishya dushobora gukenera kurebamo *amahame ari inyuma yayo*, twarangiza tukayahuza n'ubuzima mu buryo bwo *kugereranya* mu bihe byacu turimo. Mu bihe bimwe na bimwe, by' umwihariko igihe nk' umuco wahindutse, tugomba rwose kugera kure y' ijambu ryo mu mategeko, amabwiriza, n' imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano Rishya no kubishyira mu bikorwa icungurwa by' “umwuka.”

G. Hari “ibantu bigaragara nk' icyuho” hagati y' ibiri muri Bibiliya byerekeye ku bibazo duhura nabyo, kuva Bibiliya idahita ikora mu buryo bwahuranije cyangwa busobanutse kuri buri kintu cyose umuntu yakwibazaho

1. Bibiliya ntabwo ikora kuri buri kibazo mu buryo busobanutse kandi by' ingirakamaro kuri twe no muri sisoyete zacu. Bibiliya n' umuyobozi wihamiye ku byo tugomba kwizerwa n'uko tugomba kubyizerwa. Yitaye mu buryo busobanutse cyangwa bwahuranije ku bibazo byihariye abantu bacagamo mu gihe yandikwaga (urugero, *ubwoko “imbyaro”*). Imico tubamo uyu munsi iragutse mu buryo butandukanye n' umuco wo mu gihe cya Bibiliya. Kubw'ibyo, icyo Bibiliya iri kuvuga gishobora kudahura neza neza nibibazo turi guhura nabyo cyangwa ibihe aho twisanga uyu munsi. Ubwo rero, ntabwo ari ngombwa ko buri kintu cyose cyangwa akantu ku kandi bihura buri gihe ku kintu cyose ivugaho.
2. Igihe duhuye n' ikibazo kitavugwaho na Bibiliyamu buryo bweruye cyangwa bwahuranije, dukeneye kureba amahame ashingiye kuri Bibiliya, inyigisho, ingero, n' amategeko, n' imirongo ngenderwaho y' ingenzi ku kibazo cyacu, gerageza kuvangura amahame n' ibyo gucungura “iby' umwuka” bihishe muri ayo amahame, inyigisho, ingero, amategeko, amabwiriza, n' imirongo ngenderwaho, ubihuze n' ibihe urimo. “Igereranya” ni ugusa hagati y' ibantu bibiri aho igereranya rishingira (urugero, hari igereranya hagati y' umutima n' ipombo). Igihe duhuye n' ikibazo Bibiliya itavugaho mu buryo bweruye dukoresha Bibiliya mu buryo bw' igereranya: a. gusobanura ibihe bya Bibiliya n' icyanditswe (harimo amahame, inyigisho, ingero, amategeko, n' imirongo ngenderwaho) bigaragara nk' ibifite akamaro kandi bisa (ni ukuvuga, ibantu bisa) kubihe byacu; b. ukubona amahame ya Bibiliya n' ibyo gucungurwa by' (“umwuka”) biri inyuma y' ibyo bihe bya Bibiliya n' imirongo, no c. guhuza aya mahame n' ubuzima n' iby' umwuka bigahuzwa n' ibihe turimo.
3. Igereranya ni ryiza gusa igihe rihue n' ibihe turimo duhura nabyo uyu munsi. Uguhuza n' ubuzima amahame ya Bibiliya, inyigisho, ingero, amabwiriza, n' imirongo ngenderwaho mu buryo bugereranya ni nko guhuzan' ubuzima itegeko ryabanje mugihe gishya mu itegeko ryo mu rukiko. Umumaro wo mu bihe bya Bibiliya cya gihe cya Bibiliya biri inyuma imyemerere, ibitekerezo, ingero, amategeko, n' amabwiriza dutekereza ko atari ingenzi mu bihe turimo bikaba bidahura n' ibyo bihe aho twisanga ubwacu, igereranya riba rifite intege nke ndetse bishobora no kugira agaciro gake (cyangwa no kutagira agaciro). Bibiliya ni umuyobozi wihamiye kubyo twizerwa n' uburyo duktiriyie kubyizeramo. Kubw'ibyo, tuzatahura ibirebana n' imyitwarire duhura nabyo, mu byuk'uri, bifite aho bihuriye n'umuco w'

amahame ya Bibiliya, iby'umwuka birebana n' iby' Umwuka by' agakiza, cyangwa ibya Bibiliya ntagereranwa. Nyamara, kuva Bibiliya mu buryo bwahuranje cyangwa busobanutse itavuga kuri buri kibazo duhura nacyo, dushobora kurobanura ariya mahame, umwuka, ni ibantu ntagereranwa gusa niba dufite ubumenyi buhagije bwa Bibiliya no gusobanukirwa, umuntu ashobora kuba yaringaniza ubwo bumenyi no gusesengura k' ukuri.

H. Hari “icyaho cy’imico” hagati n’ umuco wo muri Bibiliya harimo—amategeko, amabwiriza, n’ imico ngenderwaho bishingiye kuri iriyamico—n’ indi mico itandukanye n’ ibihe turimo uyu munsi

1. Itumanaho ry’ Imana (Bibiliya) ryatanzwe mu gihe kizwi, mu muco uzwi, kubantu bazwi, bahuye n’ ibihe bizwi. Nyamara, itumanaho ry’Imana ryanditswe nk’ ubutumwa bwagenewe gufasha abantu bose hanyuma y’ ibi. Nk’ ingaruka, “Inzitizi y’uwenge mu gushyira mu bikorwa ibyanditswe ni uguishyiraho ikiraro ku mworerera hagati y’ umuco wa Bibiliya n’ umuco w’ iki gihe” (Doriani 1996: 143). Muyandi magambo: Ni integeko—za Bibiliya byaba na biriya byashobora gukorwa byo mu—Isezerano Rishya ku bantu bose, mu bihe byose n’ ahantu hose, cyangwa byafungiwe ku muco murujyano rushingiye ku muco wihariye byari byatanzwemo? “Ni ukwibesha gutangaje muri iyi si ya none uruhande rw’imenyakanisha Mana nta kugenzura umuco waryo/n’ibrebana n’ ihuriro ry’ uwo muco” (Webb 2001: 24). Icyo cyuho cy’ umuco niyo mpamvu ari ngombwa ko habaho amahame yo gusabana no gusesengura neza Bibiliya kugira ngo tuyihuze n’ ubuzima haba n’ amategeko, amabwiriza, n’imirongo ngenderwaho byo mu—Isezerano Rishya. Ikindi, mubihe byinshi amabwiriza ya Bibiliya ashingira ku muco kugira ngo ahindure imico kandi abohore abantu ubucakara bw’ imico yabo. Nk’ ingaruka yaba amategeko, amabwiriza, n’imirongo ngenderwaho byo mu Isezerano rya Kera ntibishobora gukorwa “mu buryo biteyemo,” ariko bishobora guhindurwa, n’ amahame yanditse arimo, kugira ngo bihure n’ ibihe. Iki kigira umumaro ukomeye igihe dusubiza ibyerekeye gusimbura umuco: tugomba guhinyuza umuco wacu niba utandukanye n’ indangagaciro z’ ubwami, ariko tukamenya umuco wacu n’imico bifitanye isano “*itari ntakuka.*”

2. Ntabwo ari amategeko yose, amabwiriza, n’imirongo ngenderwaho akoreshwa mu buryo bw’ igereranya aha byatanzwe kuko ntabwo ari amategeko yose, amabwiriza, ndetse n’ imirongo ngenderwaho, yatangajwe nk’ ikintu kiboneye cyangwa ibwirizwa ryiza ku bantu bose n’ imico yose.

a. *Abantu benshi, harimo n’ abashumba n’ abigisha, ba Bibiliya ntabwo basobanukirwa “ibigize byinshi Bibiliya bitandikiwe gushyiraho abantu badafite aho bibarizwa n’ amabwiriza y’ ukuri kandi angana”* (Webb 2001: 41). Kubwibyo, ikindi gikomeye mu gushyira mu bikorwa amategeko yo mu Isezerano Rishya yose, amabwiriza, n’imirongo ngenderwaho, ntaguca kuruhande, ijambo ku ijambo, umurongo uciye inzira imwe, “ibyanditswe ubwabyo dushobora kwita ku ‘indangagaciro z’ ubwami’(zishobora gukora ku mico yose kimwe mugihe icyari cyo cyose) ” n’indangagaciro z’ umco, (bibonwa mu hantu hihariye ndetse n’ igihe cyihariye)” (Webb 2001: 21). Biri mu gice cy’ imisobanurile yacu no guhuza icyanditswe n’ ubuzima turimo ni umurimo wo kwagura hagati y’ ibantu bibiri.

b. *Gusa ukubaho k’ umuco uhinduka igihe kirrekire, ukuri kuri umuco wacu utandukanye n’ imico ya Bibiliya, ibyo bikadufasha kutareba gusa ku mategeko yose, amabwiriza yose, n’ imirongo ngenderwaho byaba bitangaza uruvange rw’ imico y’ indangagaciro z’ ubwami.* “Mu bice by’ ibyanditswe dusangamo ibice bihuza imico birimo ibantu by’ umuco ngirakamaro (urugero, urukundo rwo gukunda mugenzi wawe) ibice birimo inkuru zirimo ubucakara) kubasomyi bandikiwe ibi bintu Bibiliya umuco n’ uruvange rw’ imico ntibyari ngombwa kuri bo kuba bagira imyitwarire mibi. Mu gusa, itandukaniro hagati byari kuba byaragiye bitatangazwa kubasomyi bambere. Gusa mu rujyano rw’imico itandukanye itera itandukaniro riboneka bitewe n’ ihame ryo kuvuguruzanya” (Webb 2001: 24).

c. *Ingero z’ inzitizi zishingiye ku mico itandukanye muri Bibiliya.* Ibice bivuga kumbata, ibice bivuga kubijyanye n’ isimburana ry’ ubwami cyangwa bishingiye ku bushobozi bwa muntu kuruta ubuyobozi bw’ amategeko, ibice bivuga umurage w’ umuhungu uruta uw’ umukobwa, n’ ibindi bintu nk’ ibi birimo inzitizi zishingiye kubigize imico.

3. Impamvu Bibiliya itangaza—imbibi indangagaciro n’ imirono ngenderwaho. Hari impamvu nyinshi Bibiliya—harimo n’ibyo Imana ubwayo—yivugije itangaza imbibi z’ umuco indangagaciro n’ uruhurirane rw’ indangagaciro z’ umuco w’ ubwami. Harimo ibi bikurikira:

- a. *Indangagaciro zatangajwe na Bibiliya zigomba kwisanisha n' imico iriho kugira ngo zibe ingirakamaro zinumvikane.* “Isi ya kera intumbero mu buhinzi mu miterere y’ ubuyobozi bwa cyami, imiryango migari, kubaho mu bibazo n’ ibindi bigira umumaro wo kwiga ibyanditswe mu murongo wo gucungurwa. Ibantu byinshi by’ ukuri byo mu isi ya kera muri make ntawbo bibarizwa mu gice cy’ isi ya none. . . Nk’umugabo w’ubwenge, Imana rimwe na rimwe ivugana n’ abana bayo mu rurimi, ibigaragara, n’ ukuri bihura n’ isi bo bashobora kwisangamo no kubona. Imvugo nyinshi mu byanditswe zigaragaza ubu bwoko bw’ ibigize umuco-n’ ibigaragara imibanire.” (Webb 2001: 64-65)
- b. *Abantu ntawbo bahindura byoroshye imico bamenyereye, Kubwibyo hagomba akensi kugenda gutwarwa “intambwe-ku-ntambwe” berekeza ku ndangagaciro ziri hejuru.* “Abashumba bakwiye by’ umwihariko kumenya ibi bigize umurimo wa gishumba hamwe n’ ibyanditswe. Mugutwara abantu babaganisha ku ntego yihariye, abashumba b’ ubwenge mu bugwaneza no mu buryo bw’ urukundo kuyobora abantu babo ku muvuduko ungana n’ uko babishoboye. Abashumba bajyanye n’ igihe basobanukirwa ko umuntu atahindura undi muntu mu ijoro rimwe amuvanamo imirebere y’ isi. . . Bombi Imana n’ abanditsi b’ abantu bafataniriza hamwe mu banyamahanga umubano wa gishumba ku isezerano ry’ abantu. Bibiliya akensi yerekana inzandiko za gishumba, zikora ku mitima y’ abashumba. Amagambo yazo yateguriwe ‘kwagura’ abantu b’ isezerano nkuko bagenda, bamera nk’ umugozi ukweduka, ariko ntubatere ‘gucika.’ Impinduka buri gihe irakomera. Abantu ntibareka guhindura akamenyero k’ imibereho yabo mu buryo bworoshye. Imana ikura abantu bayo kure mu buryo bworoshye. Imana izana abantu bayo ibanyujije mu nzira ndende hagendewe no kwita ku kumenya imiterere ya kimuntu .”(Webb 2001:59,58). Ubu buryo bufite uko bwigisha harimo n’ ibigize ubushumba. “Ibyanditswe, nk’uko biherekejwe n’ uburyo bwiza bwo kwigisha, inyigisho ziteguriwe gukura abantu zikabakura aho bari bari (ibizwi) no kubafasha kugenda bashobora kureba ahazaza (ibitazwi) ibigifitegukomezanya n’ igihe turimo kugira ngo hakomeze kubaho kubona uburyo bwabyo kubyishimiwe byo mu gihe kizaza.” (Ibid.: 60) Mu rwego rwo hejuru iki kigarura guhangayika biri mu buzima bwacu twese hagati y’ ibigaragara n’ ibitagaragara.
- c. *Hamwe n’ ukubaho kw’ imico ya Bibiliya, ndetse n’itari cyane-mu mugambi w’icungurwa, indangagaciro zo mu buryo bw’ imico ifite aho igarukira n’ imiterere y’ imibanire y’ abantu y’ ifitemo ibyiza, icyerekezo, indangagaciro-z’ ubwami.* “Urugero, ubucakara bwakoraga nk’ ikintu gifitiye akamaro abantu b’ icyo gihe cya kera bwari bufite inyungu. By’ umwihariko uburyo bumwe bw’ umwenda ushingiye ku bucakara muri Isiraheli watangwaga mu uburyo bwo gufasha bariya babaga bafite ikibazo gikomeye cy’amafaranga bakoreshwa kubw’ ibyiza no kuntego y’ icyubahiro.” (Webb 2001: 64) Kubwibyo, yaba na Bibiliya yatangaje “indangagaciro z’ umuco,” bifitanye isano n’ igihe cyangwa aho Ibyanditswe byasomwe bwa mbere, *biracyavuga mu buryo bw’icungurwa kuri bariya bantu muri iriya mico.*
- d. *Gukomeza kwita kuri biriya mu buryo bw’ agaciro bifite umumaro ukomeye bisobanuye ko izindi ndangagaciro zagombaga gufata undi mwanya wa kabiri.* Imana igira ibyo igira nyambere haba no mu bintu yategetse abantu bayo gukora ni ibyo ubwayo bwite, byiza kuri yo. Kubwibyo, ukubaha, n’ umutima wumvira ni ingirakamaro cyane kuruta ibitambo (**1 Sam 15:22; Zab 51:17; Hos 6:6**). Ubutabera, imbabazi, no kugendana n’ Imana yicisha bugufi n’ ibantu by’ ibanke bisabwa (**Mika 6:8**). Itegeko rikomeye ni ugukunda Imana n’ umutima wawe wose, no gukunda bagenzi bacu nkuko natwe twikunda (**Mat 22:36, 40; Mariko 12:28-34**). Ubutabera, imbabazi, ubwizerwa “*bizanira itegeko kugira agaciro*” (**Mat 23:23**). Hongeyeho inzego mu zinyuranye mu mategeko y’ Imana, ugutwara indangagaciro zo gukwirakwiza ubutumwa na none bivuze undi mushinga wagaciro ufite ukwitabwaho guke. “Kenshicyane amabwiriza yo mu Byanditswe ntawbo yerura imico yarangiye gusa kubera ko iba yaranyuranijijwe n’ ibantu bikomeye byoroheje umurimo. Ukuza umurimo wa Gikristo incuro nyinshi bisaba abizera kugira ubwitange kubwo kubona bazana mu murimo abandi. Cyangwa, kwemera imimerere yo mu bice byinshi by’ ubuzima, hamwe gusa n’ impinduka nziza izanwe n’ umutuzo, kugira ngo habeho izingiro ry’ intego mu murimo.”(Webb 2001: 63)
4. Kunanirwa gutandukanya hagati y’ ikiri umuco-wihariye “ufitanye amasano” n’ umuco rusange “ntakuka” ni ikosa rybanze ryo gushyira mu bikorwa iby’ abariberarisime n’ abaregarisime. “Nti

dukeneye kugira umuco nyambukiranyamupaka n' umuco ufite aho ugarukira. Mu rundi ruhande, ntidukwiriye guhindura ibantu byo mu muco bishobora guhinduka ngo bidakorwaho kuri buri muco.” (Webb 2001: 24)

- a. *Abariberalisime* ni igice cy' umubare munini ufata Bibiliya “uko yakabaye,” bikorwa bifatiye ku mwimerere w' abakiriye Bibiliya no kuri buri muntu wese, kandi babibona nk' ibantu gusa “nko guhuza amasano” bishyirwa mubikorwan'abantu bakiriye ubutumwa bw' umwimerere ndetse n'abantu runaka ariko bitagomba gufatwa nk iby'abantu runaka. Abariberisime bakunda kubona akensi nk' umuco ufite aho—ugarukira.
- b. *Legarisime* ni ikinyuranyo. Abelegarisitike bafata biriya bice bya Bibiliya “*bifitanye isano*” bisobanurwa gusa n' ababyakiriye bwambere, babifata nk' “*ibidahinduka*” bikora kuri buri wese. Muburyo nk' ubu, bafata gusa *ishusho* y' amategeko, ariko ntibajya bita ku busobanuro bushingiye ku muco cyangwa amahame yihishe inyuma yabyo.

5. Ugukora isesengura ry' umuco wo muri Bibiliya ni ngombwa kugira ngo werekane ibyo ukora no gushobora kugaragaza impamu yumvikana-ibiri munsi—igice cy'ibyanditswe birevana n'imyifatire y'abantu.

- a. *Gusesengura umuco wa Bibiliya ni ngombwa kugira ngo dusobanure ibyo dukora.* “Amatorero menshi yo mu Burengerezuba ntakikora ibyo ibyanditswe bivuga (kubidafatika no kubifatika) ibijanye no gupfuka umutwe, guhoberana kwera, kozanya ibirenge, kuboha imisatsi, ubucakara n' ibindi. Ariko ntidufite ubusobanuro bwhariye birumvikana kumpamvu zatumye tureka ibikorwa bimwe na bimwe mu gihe abandi bakibikora. Kubera ubusobanuro no gukomeza kugira akensi ikibazo k' inzitizi ku mbyaro zizakurikiraho z'Abakristo.”(Webb 2001: 246)
- b. *Gusesengura gushingiye ku muco wa Bibiliya ni ngombwa kugira ngo dutange impamu zumvikana kugirango tuvuge bike-kumwanzuro w'imyitarire bibonwa mu byanditswe.* Bitabaye ibyo dushobora kwita ku mumaro w' umuco no kubaho kw' ibyanditswe, ntituzashobora gusubiza ukunenga mu buryo bwumvikana bikabonwa nk' ibyanze cyangwa ibifite agaciro gake (guhera ubu uko bibonwa) bimwe mu bikorwa, amategeko, amabwiriza, imirongo ngenderwaho bibonwa muri Bibiliya. Ibantu byinshi Bibiliya inengwa bayita igitabo kibuza umudendezo cyangwa kitita kubantu kimwe ku bigendanye n' ubucakara cyangwa abagore. Nyamara, “ibi ni ukuvuga kubyerekeye ibyanditswe bishingiye k' ubusobanuro bufatika ku mibanire yabo cyangwa urujyano nyamuco. Ibantu nk' ibi ni nk' ibantu bitajjanye n' igihe [ni ukuvuga, uguhagararira ikintu kiriho cyangwa kuba mu bindi kuruta uruhererekane rw' igihe, ibyiza, gahunda y' amateka] ugusoma ibice! Bifitanye isano mu gihe n' aho amagambo yo mu byanditswe byasomwemo, mbere byari iby'icungurwa mu bantu babibwirwaga.” (Webb 2001: 254) Kubwibyo, gutsindwa kwacu gusesengura umumaro w' umuco muri Bibiliya byangiza ivugabutumwa dushyiramo imbaraga bigashyiraho inzitizi ku kwizera kw' abantu.

I. *Ibantu bidufasha kwerekana igice ko kiri mu muco ugira aho ugarukira, cyangwa mu bundi buryo utari rusange, n' ibiranga ko umuco ari umuco wambukiranya imbib*

Gukora isesengura ry' umuco—wa Bibiliya ni ukuvuga, ukugerageza gutandukanya hagati ibice bya Bibiliya byerekana umuco rusange “amahame ntakuka” cyangwa “ukuri kw'ibihye byose” {ni ukuvuga, biriya bikoreshwa ku bantu bose mu bihe byose}, biriya “*byisanisha*” cyangwa “umuco ufite abantu bazwi ugenewe” (ni ukuvuga, biriya bifite aho bigarukira mu muco wihamiye wa Bibiliya n' ibihye abanditsi bavuzeho),cyangwa berekezagaho ugushyirwa mu bikorwa ku bw'iyindi mpamvu –ishobora gukomera. Iyi niyo mpamvu ishyirwa mu bikorwa ryiza kimwe n' isesengura ryiza, n' umwuga kimwe n' ubumenyi. Bisaba ubumenyi. Ibibazo bikurikira n' impamu byavuzwe. Klein, Blomberg, na Hubbard (1993: 411-21), Doriani (2001: 249-50), Webb (2001: 69-235); naTiessen (1993: 189-207) bishobora kudufasha gusobanura yaba ihame ryo muri Bibiliya cyangwa itegeko rikora ahantu hose cyangwa se ari ibantu bigarukira ku muco runaka uzwi cyangwa ibihye runaka byari bigenderewe muri Bibiliya.Tugomba kwibuka, nyamara, ko nta mpamvu nimwe yaba impamu izwi neza muri ziriya twabonye hejuru. Ntabwo ari byose bishobora gukorwa mu gihe kihariye. Bimwe bishobora kwerekeza mu cyerekezo kimwe, ibindi bikerekeza mu kindi icyaricyo cyose kihariye. Nyamara, mu kubaza ibibazo bikurikira, dukwiye gusobanura, mu gihe runaka kihariye, impamu zigaragara nk' izifite

agaciro cyane, n' ukuri rusange byaba ibyo mu nyandiko z' umwimerere zari mu muco ubareba cyangwa umuco ufite imbibi.

1. Iki cyanditswe ubwacyo, cyangwa urujyano rwagutse rwo mu gitabo aho icyanditswe kiboneka, ibihe, cyangwa inzitizi gushyirwa mu bikorwa mu buryo ubwaribwo bwose, cyangwa se binateza imbere cyane gushyirwa mu bikorwa mu buryo bwa rusange? Amasezerano afite ibisabwa ngo asohore agira agaciro iyo ibyo bisabwa bikozwe. Kubwibyo imvugo ya Yesu muri **Mat 7:7** ("Musabe muzahabwa") byasabwe mu buryo bw' urujyanorwagutse rwa **Mat 6:1-15** ko amasengesho yacu atagomba–kwirebaho no kwiimbaza, ahubwo agomba guhimbaza izina ry' Imana, agomba kwifusa ubwami bwayo, no kwishyira mu biganza byayo no mu bushake bwayo. Ukwihanangiriza kwa Yesu yihanangiriza Petero ko agomba gupfira ukwizera kwe (**Yoh 28:18-19**) bigaruka kumvugo ya Yesu kuri Yohana kubyerekeye ahazaza he (**Yoh 21:20-23**). Hombi herekeye kuri bariya bantu ku giti cyabo. Nyamara, ibindi byanditswe bidufasha kubona ko urugero rwa Petero rutari rumwe muburyo bwuzuye, ariko ni urugero rw' amahame yagutse yuko "umugaragu ataruta shebuja" (**Yoh 13:16**), ni kuvuga ngo "kandi n' ubundi abashaka kujya mu bubaha Imana bose bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa" (**2 Tim 3:12**). Yaba amabwiriza rusange yo ashobora gusobanurwa n' ibindi byanditswe n' amahame. Kubwibyo, muri **Mat 5:39** havuga ko tutagomba kubuza umuntu mubi kutugirira nabi, nyamara, muri **Mat 10:23** havuga guhunga igihe turenganjwe.
2. Ryaba ari ihishurirwa ryahagarika ishyirwa mubikorwa ry' icyanditswe cyihariye n'ubwo mu gitabo kigaragaramo kitari ku kibikora? Iki kibazo kigomba kubazwa kuri buri gice cyo mu Isezerano rya Kera, ariko na none bibaho no mu Isezerano Rishya. Muri **Mat 10:9-10** Yesu yategetse abigishwa be kutajyana n' ifaranga na rimwe cyangwa impamba, ariko ko bagombaga kwizera cyane ubugwaneza bwaho bazaba bari gukoramо umurimo. Muri **Luka 22:35** Yesu yatesheje agaciro ririya bwiriza, arangije abwira abigishwa be gutwara impamba n' imvumba ngo babyitwaze. Muri **Luka 10:1** Yesu yabwiye abigishwa be kugenda babiri babiri ariko mu byakozwenintumwa Pawulo yaherekejwe n'abandi barindwi. Birenze ibisanzwe, muri **Mat 5:41-42** Yesu yavuze ko dukwiye kujya mu bikingi bibiri tujyanye n' uduhata kujyana nawe, ugusabye umuhe. Nyamara gushyira mu bikorwa izi mpamvu tutitaye ku bindi bihe n' ibyanditswe (urugero, **Zab 37:21** ibirevana n' amafaranga) ushobora kwibesha. "Niba, urugero, ndi umuganga ubaga umutima ngiye kuwukuramo, singomba kujyana n'undi muntu mugikingi cya mbere ngo njye no mu cya kabiri, ngomba kuva aha nkagarukira ku musozo w' igikingi cya mbere. Wa musezeraho warangiza ukihuta ugakora neza icyo ugomba gukora. Mfite ibindi bintu nziko ngomba gukora, kandi ngomba gufata icyemezo. . . Niba ndimo umwenda w' amafaranga umucuruzi w' ibicuruzwa bye nariye, ntabwo mbohokeye gutanga *ariya* mafaranga ku 'muntu uyansabye' —uretse haramutse hari impamvu runaka ibiteye. . . Mu bihe bifatika nti tugomba kwibaza niba, 'Twakoze ikintu nka Yesu tugendeye kurugero rwa Yesu?' ariko 'ndi umuntu urugero rwa Yesu rwerekana?'" (Willard 1997: 179-80)
3. Ni inyigisho mu buryo bweruye "zivuguruza" mu buryo runaka mu buryo bwerekko zagarukiraga ku bihe runaka byihariye? Itegeko ry' Imana kuri Aburahamu ryo gutanga Isaka (**Itang 22**) na Hoseya kurongora indaya (**Hos 1:2**) ni ingero ebyiri z' ibi. Ntabwo ari ubwicanyi (reba, urugero, **Kuv 20:13; Ibyah 21:8**) no guhuza ibitsina by' abubatse (reba, urugero, **1Kor 6:16-20**) ni ingero fatizo ry' imitwarire ya Gikiristo yo muri Bibiliya. Nyamara, izi ngero zerekana byombi kuba indahemuka ku Mana mu bihe bikomeye, n' ubudahemuka bw' Imana kuri bo.
4. Ishyirwa mu bikorwa ry' umwimerere ryatanzwe muburyo bufite imbibi kubakiriye ubutumwa? Ibice by' umwadiko byaba bifite imbibi niba byaratanzwe mu buryo bufite imbibi kubantu b' umwihariko. Cyangwa mu rujyano rwo muri icyo gihe cyangwa ikindi cyanditswe kerekana ko ishyirwa mu bikorwa ryari rifite imbibi kandi ritari ngombwa kuba ryakoreshwa kubantu bose mu bihe byose n' ahantu hose. Urugero, Yesu abwira "umusore w' umutunzi" umuntu kugiti cye ati "genda ugurishe ibyo utunze ubihe abakene" (**Mariko 10:21**; reba na none **Mat 19:21; Luka 18:27**). Nyamara, muri **Luka 19:1-10** Zakayo ntabwo abwirizwa kugurisha ibyo yari atunze ngo narangiza abihe abakene, n'ubwo Zakayo, kimwe n' umusore w' umutunzi, yari umutunzi. Ahubwo, Zakayo yemeye gutanga kimwe cya kabiri cy' ibyo atunze ku bushake abiha abakene, na Yesu amubwiriza gukora gutyo. Iki kerekana ko gusabwa kugurisha ibintu byose ufite ari ibintu bifite imbibi kugira ngo ukurikire Yesu. Kimwe no muri **1 Tim 5:23** Pawulo yabwiye Timoteyo "kutanywa amazi gusa, ahubwo agomba no kunywa vino ku bw' inda ye yamananiye n' uko arwaragurika." Ibi mu buryo bwumvikana ni ibwiriza, ntabwo ari ukwerekana ibintu. Ubu ni "ubumenyi bw' iby' Imana bijyanye n' inzoga"? Abakiristo bose ubu basabwa kunywa

inzoga? Igisubuzo ni “oya.” inda “Yawe” ni ubucye bikaba byerekana ko Pawulo ko abwira Timoteyo mu buryo bwumvikana, atari kubwira itorero muri rusange. Na none **5:23** hari “kuruhande” (ubusobanuro bw’ imyemerere budafitanye isano ni ingingo nkuru izengurutse igice). Igice gisigaye cy’ umurongo kirerekana impamvu y’ ubusobanuro bwa Pawulo, bushingiye mwibanga ry’ amahame y’ ubusonga, no kwita, k’ umubiri w’ umuntu. Mubigaragara hari ikibazo cy’ amazi yaho Timoteyo yabaga, aricyo cyateraga munda ye ibibazo. Ibigize vino byashoboraga kumufasha kugubwa neza. “*Kubwo kwerekana ko*” Pawulo yarimo aha amabwiriza gukoresha vino nk’ umuti. “Uruhande” rwa Pawulo kuri Timoteyo rwari rushingiye cyane ku buzima bwa Timoteyo n’ ubusonga bw’ umubiri. Ntabwo ari ukugerageza kubundi “ubumenyi mu by’ Imana” ku bijyanye n’ inzoga aha. Isezerano Rishya ryita ahantu henshi kungingo nyinshi nka ziriya ku mabwiriza y’ uburyo butari amabwiriza ndetse n’ amabwiriza nayo (urugero, **Yoh 2:1-11; Rom 13:13; 14:1-23; 1 Kor 5:11; Ef 5:18; Kol 12:16; 1 Tim 3:3; Tito 1:7**). Ibi byanditswe (ndetse n’ ibindi), hamwe n’ ibyo Isezerano Rya kera rivuga kunsanganyamatsiko, bigomba kwigwaho kugira ngo hatezwe imbere ubumenyi mu by’ Imana bushingiye kuri Bibiliya kubijyanye n’ inzoga.

5. Cyaba ikigice ubwacyo gifite imenyekanishamana ryagutse cyangwa amahame y’ imyitwarire, cyangwa kugaragara nkaho gifite ikindi kigaragaza cyangwa urugero rw’ amahame rusange? Agace kagize igice gashobora kuba kisanisha n’ umuco niba amabwiriza yako agaragara nkaho ari ayongera ku mahame rusange y’ Icyanditswe, cyangwa niba agaragara nk’ agenewe gukorwa birenze ihame rusange. Imvugo itari rusange ikunze kuba ishingiye ku muco kuruta imvugo rusange. Urugero, rw’ itegeko ryo guhumba (**Lewi 19:9-10; 23:22**) rigaragara nkiritariryo gukorwa muri rusange n’ ihame ryarebaga abantu bose ryo kwita kubakene. Kubwibyo, itegeko ryo guhumba rigaragara nk’ irishingiye ku muco, mugihe muri iri hame hihishemo ihame ry’ imico itandukanye. Muri **Luka 7:46** Yesu mu buryo bworoheje yacyashye uwamucumbikiye kubera kutamusiga amavuta mu mutwe, ariko abwiriza umugore kumusiga umubavu gusiga amavuta bigaragara nk’ umuco–utari rusange nk’ uburyo bwo kwerekana ihame rusange ryo kwereka abandi icyubahiro.

6. Impamvu yo gukora ikintu runaka yaba igaragara “nk’ impamvu y’ umuco ufite imbibi,” cyangwa ishingiye kumpamvu ishyirwa mu bikorwa bitashyirwa mu mico yindi, cyangwa n’ ibwiriza rigaragara mu byanditswe cyangwa imyemerere y’ umwanditsi birihindura iridakwiye burigihe gukorwa mu gice runaka mu buryo bumwe? Uburyo bumwe bwo kureba ikintu niba ari igikorwa cyihariye cyari gishingiye ku muco ufite imbibi cyangwa ari igikorwa cy’ imico itandukanye mu kwita niba bigaragara nkaho ari itegeko y’ “imyitwarire” cyangwa ari ibishobora gushyirwa mu bikorwa cyane. Ibi birasa, ariko ntabwo ari kimwe, ku ikibazo cyabanje. Ibishingiye–kumibanire bikaba ari itegeko rikwiriye kuba byaba riri mumico rusange. Ibishingiye–kugukemura ibibazo bikaba ari itegeko bikunze kuba byari bishingiye ku umuco. Niba impamvu ziri inyuma y’ ibyanditswe bya Bibiliya zigaragara nk’ ibishingiye ku muco cyangwa ku bihe by’ahantu runaka mu gihe runaka, hanyuma ishyirwa mu bikorwa by’ ibyanditswe riba ari umuco ufite imbibi. Mu buryo busa n’ ibi bitekerezo bishingiye gukemura ibibazo kubw’ itegeko ya Bibiliya nyayo ishobora kuramba igithe ivuye mu muco umwe ujya mu wundi, hanyuma kubura ibitekerezo bizana ibisubizo ikintu nk’iki gikwiriye kuba icy’ umuco ufite imbibi. Urugero, irebero ryo muba **1 Kor 12:2-16** kuburebure bw’imisatsi y’abagore, nkuko bigaragara ku murongo 5-6 uriya musatsi mugufi ni “umuvumo,” bigaragara nk’ umuco ufite abo ugenewe.

Urujyano rushingiye k’ umuco rwerekana ko umusatsi mucye cyangwa kwiyogoshesha ku mugore bisobanura ko yageragezaga no gutwarwa n’ ubusambanyi, cyangwa koyari afite imiterere ya “kigabo” mu kuryamana n’abandi bagore akora ubutinganyi. Ziriya mpamvu zose z’ imuco–ifite imbibi ntabwo igikorwa mu mico myinshi uyu munsi. Rero, gutwikira umutwe n’ uburebure bw’ umusatsi bigira agaciyo kuva kumuco umwe ujya kuyindi rero itegeko iri mucyanditwe ntabwo ishyirwa mu bikorwa mu buryo bumwe uyu munsi. Nyamara, ingingo ya Pawulo iragutse cyane kuruta muri **11:3, 7-12** araburana ahereye kunkomoko y’ irema na n’ibifatika (aribyo, ubwabyo, bishobora kuba iby’ umuco), bikarema irebero kubamarayika, hanyuma hakemerwa uburinganire n’ ubufatanye bwo kwigenga kw’ ibitsina byombi. Nibura ntidukwiye cyane, gukuraho itandukaniro hagatyi’ibitsina, ariko bikwiriye gukorwa gutya mu bubyo bw’ umuco, mu buryo–bukwiye kandi bwumvikana. Bisa n’ itegeko ryo guhumba imyaka mu ba (**Lewi 19:9-10; 23:22**) habyutsa mu rujyano rwo gusobanura ku ijaniha ryo hejuru ry’ abantu bensi bakoraga ubuhinzi no kwegerana cyane hagati yabo n’imirima. Ahantu henshi uyu munsi, gusa abaturanyi b’ abahinzi naboni abahinzi, n’ abakene baba mu bice by’ umugi. Kubwibyo, ubusobanuro bw’ igitekerezo bw’ itegeko nkiri ntabwo bugera mu mico yose. Imvugo ya

Yesu kubigishwa be yo “kozanya ibirenge” (**Yoh 13:14**) bitanga ubusobanuro bwimbitse kuho byabereye kuruta ahantu hensi uyu munsi, kuva hemerwa: kugendesha ibirenge; kugenza ibirenge cyangwa kwambara sandari nk’ ikweto; kubura amazi atemba; ikirere gishyushye; n’ inzira zirimo ivumbi.

- Osborne, Grant. 1991. *The Hermeneutical Spiral*. Downers Grove, IL: InterVarsity.
- _____. 2002. *Revelation*. Grand Rapids, MI: Baker Academic.
- Owen, W. Stuart, P. A. Grist, and R. Dowling. 1992. *A Dictionary of Bible Symbols*. London: Grace.
- Payne, J. Barton. 1980 (reprint). *Encyclopedia of Biblical Prophecy*. Grand Rapids, MI: Baker.
- Poythress, Vern. 1993. "Genre and Hermeneutics in Rev 20:1-6," *Journal of the Evangelical Theological Society* 36: 41-54. Online: http://www.etsjets.org/files/JETS-PDFs/36/36-1/JETS_36-1_041-054_Poythress.pdf.
- Ramm, Bernard. 1970. *Protestant Biblical Interpretation*, 3rd rev. ed. Grand Rapids, MI: Baker.
- Ramsay, William. 1875. "Triumphus." In *A Dictionary of Greek and Roman Antiquities*, ed. William Smith, 1163-67. London: John Murray. Online: http://penelope.uchicago.edu/Thayer/E/Roman/Texts/secondary/SMIGRA*/Triumphus.html.
- Roukema, Riemer. 2004. "The Good Samaritan in Ancient Christianity." *Vigiliae Christianae* 58: 56-74.
- Ryken, Leland. 2002. *The Word of God in English*. Wheaton, IL: Crossway.
- Stanley, Andy, and Lane Jones. 2006. *Communicating for a Change*. Colorado Springs, CO: Multnomah.
- Tegart, Brian. 1999. "Literal or Spiritual?" Accessed 5 June 2000 at: <http://www.tegart.com/brian/bibl/prophecy/spiritual.html>.
- Tiessen, Terrance. 1993. "Toward a Hermeneutic for Discerning Universal Moral Absolutes." *Journal of the Evangelical Theological Society* 36: 189-207. Online: http://www.etsjets.org/files/JETS-PDFs/36/36-2/JETS_36-2_189-207_Tiessen.pdf.
- Travis, Stephen. 1982. *I Believe in the Second Coming of Jesus*. Grand Rapids, MI: Eerdmans.
- Ulfgard, Håkan. 1989. *Feast and Future: Revelation 7:9–17 and the Feast of Tabernacles*. Stockholm: Almqvist & Wiksell.
- VanGemeren, Willem. 1990. *Interpreting the Prophetic Word*. Grand Rapids, MI: Zondervan.
- Walker, P. W. L. 1996. *Jesus and the Holy City: New Testament Perspectives on Jerusalem*. Grand Rapids, MI: Eerdmans.
- Waltke, Bruce. 1988. "Kingdom Promises as Spiritual." In *Continuity and Discontinuity: Perspectives on the Relationship Between the Old and New Testaments*, ed. John Feinberg, 263-87. Westchester, IL: Crossway.

- Webb, William. 2001. *Slaves, Women & Homosexuals: Exploring the Hermeneutics of Cultural Analysis*. Downers Grove, IL: IVP Academic.
- Wells, Tom, and Fred Zaspel. 2002. *New Covenant Theology*. Frederick, MD: New Covenant Media.
- Willard, Dallas. 1997. *The Divine Conspiracy*. New York: HarperSanFrancisco.
- Wolvaardt, Bennie. 2005. How to Interpret the Bible: A Do-It-Yourself Manual. London: Veritas College.
- Young, Edward. 1952. *My Servants the Prophets*. Grand Rapids: Eerdmans.

UMWANDITSI



Jonathan Menn aba i Appleton, Wisconsin, muri Leta Zunze Ubumwe za America. Yabonye impamya bumenyi ihanitse yo muri Kaminuza y'i Wisconsin-Madison mu nyigisho za politike arizo nyigisho zubutegetsi. Yarangije afite amanota menshi mu mwaka wa 1974, ahita ashirwa mu'ishyirahamwe rikomeye ry'abanyabwenge ryitwa Phi Beta Kappa honor. Ni ho ya kuye impamya bushoboz ihanitse yitwa JD yo muri Kaminuza yigisha iby amategeko y'i Cornell Law School, arangiza afite icyo bita magna cum laude, mu mwaka wa 1977, hanyuma yinjizwa mu gice bita umutwe w'Urwego Rukuru rw'Aba ba buranira abandi (Order of the Coif legal honor society). Ya amaze imyaka 28 yakurikiye akora ibijyanye n'amategeko, nk'umushinjacyaha, muri Chicago hanyuma yifatanya n'ishyirahamwe ry'amategeko ryitiriwe Menn muri Appleton (Ishyirahamwe ry'Amategeko ryo muri Appleton), Yakiriye Umwami Yesu Kristo, avuka ubwa kabiri aba n'umwigishwa wa Yesu mu mwaka wa 1982. Inyota idasan Zwe yo kwiga ijambo ry'Imana hamwe no gukorera Imana biramucanira bituma ajya kwiga amashuri ku rwego rwa kaminuza yo hejuru aho yakuye Maitrise mu 'I shuli rya kuri Trinity Evangelical Divinity School muri Deerfield, Illinois. Abona impamya bumenyi ihanitse isumba iyo yari amaze kubona yitwa M.Div. yo muri TEDS, summa cum laude, muri kamena umwaka wa 2007. Hagati yumwakawa 2007-2013 ni wewari umuyobozi mukuru w'Ishyirahamwe ryo Gufasha abapasitori mw'isi yose (EPI). Ubu na bwo uyu Jonathan ni we muyobozi w' umurimo wogufasha abapasitori b'amatorero muri Afirika y'Uburasira zuba (www.eclea.net). Ibitabo byinshi yanditse ku bintu bimwe nabimwe bijyanye n'inyigisho za Bibiliya bishobora kuboneka ku rubuga nkoranya mbaga www.eclea.net. Jonathan ashobora kubonekera cyangwa kwandikirwa biciye kuri murandasi kuri aderesi ikurikira: jonathanmenn@yahoo.com.

UMUGEREKA A

<http://www.str.org/site/News2?page=NewsArticle&id=5466>

Ntuzigere usoma umurongo umwe wa Bibiliya, Gregory Koukl

Niba hari ikintu kidasaba ubwenge buhambaye, dushobora gusangira, ubumenyi bumwe nkwiye kuguha wakoresaha ubuzima bwawe bwose, ni ki gikwiriye kuba? Igisigaye, cyaba ari iki? Ni iki cyo gukora cyoroheje cy' ubumenyi ntigeze niga nk' Umukristo?

Nicyo iki: *Ntuzigera usoma umurongo umwe wa Bibiliya*. Iki ni ukuri, ntuzigere usoma *umurongo umwe* wa Bibiliya. Ahubwo soma buri gihe igika nibura.

Ibanga rya Radio yanjiye

Igihe ndi kuri radiyo yanjiye, nkoresha iri tegeko ryoroheje rimfasha gusubiza ibibazo byinshi mbazwa bya Bibiliya, n'ubwo uwo murongo naba ntawuruzi neza. Ni uburyo buhebuje bufasha cyane ushobora, nawe kubukoresha.

Nsoma igika, ntabwo ari umurongo. Mfata ibyanditswe biri hejuru no hasi. Kuva urujyano ruha ubusobanuro umurongo ruha rero umurongo ubusobanuro nyakuri. Ndareka rukanambwira ibrimo.

Ibi biba kubera itegeko shingiro ry' itumanaho iryariryo ryose: Ubusobanuro burigihe buhera hejuru, bugana hasi, kuva kubinyabumwe binini ujya kubinyabumwe bito, ntayindi nzira iri ahangaha. Urufunguzo rw' ubusobanuro bw' umurongo uwariwo wose buva mu gika, ntabwo ari ku murongo uri ukwawo.

Imibare y' imbere y' interuro iha umurongo ubusobanuro butari bwo ubundi umurongo uguma uri ukwawo wonyine mu busobanuro bwawo. Ntabwo byari mu mwimerere nyamara imibare y' imirongo yashyizwe muri Bibiliya imyaka igihumbi

nyuma. Igice n' umurongo rimwe na rimwe bicamo ibice mu buryo butari bwo, bitandukanya ibantu by' ingenzi bikwiye kuba biri hamwe.

Icyambere, wirengagiza nimero z' imirongo ukagerageza gufata ishusho ngari. Hanyuma utangira kwegeranya intumbero yawe. Ntabwo bikomeye cyane ntibananatwara umwanya. Bisaba gusa umwanya muto no gusesengura icyo igice.

Tangirana n' urujyano rusange rw' igitabo. Ni ubuhe bwoko bw' inyandiko ni amateka, ubusizi, umugani? Ni iki icyanditswe kivuga muri rusange? Ni ikihe gitekerezo kiri kwibandwaho?

Hagarara ku murongo uwucemo ibice by' inkuru byerekana igitekerezo nyamukuru. Baza uti, "Ni ayahe makuru ayariyo yose igice cyangwa itsinda ry' ibika bitanga ku busobanuro bw' umurongo? "

Hari impamvu uyu mwitoto muto ari ingenzi cyane. Amagambo agira ubusobanuro butandukanye mu rujyano rutandukanye (iki nicyo gituma habaho umukino w'amagambo). Igihe twita k' umurongo uri ukwawo, dushobora kwiha ubundi ubusobanuro. Ariko ni gute twamenya ubusobanuro bwawo nyakuri? Ubufasha ntibuzava mu nkoranyamagambo. Inkoranyamagambo iteza ibibazo, iduha amagambo menshi yo guhitamo, atari mu magambo make. Ubufasha bugomba kuva ahariho hose hegereye: ku ibika biwuzengurutse.

Hamwe n' urujyano rwagutse ubu mu kureba, ushobora guhina intumbero yawe ushobora kuyigira ntonya noneho ukavumbura ubusobanuro bw' umurongo wihibiye mu gihe umurongo uwushyize ukwawo. Wushyire mumagambo yawe mu ncamake.

Hanyuma noneho sesengura niba incamake yawe ifite ubusobanuro bwumvika igihe uyishyizwe mu cyanditswe. Irahuza mu buryo bw' umwimere n'ishusho ngari?

Hano hari urugero ruhebuje rw' uburyo washyira wa murongo mumagambo yawe.

Yesu, umuremyi utararemwe

Muri Yohana 1:1 umwanditsi arerekana neza ko "jambo yari Imana." Mu murongo wa gatatu yongera kugaragaza gushygikira ibi. Yohan arandika ati "Ibantu byose ni we wabiremye, ndetse mu byaremwe byose ntana kimwe kitaremwe nawe."

Yohana aravuga ikintu kimwe mu buryo bubiri butandukanye mu rwego rwo gushimangira no kubisobanura neza: ikintu cyose cyabayeho gikomora kukubaho kwacyo kuri Jambo niwe watumye byose bibaho. Niba Jamboyaratumye ibantu byaremwe byose bibaho, rero we agomba kuba yarabayeho *mbere* yuko ibaremwe byose bibaho. Rero Jambo ntabwo ashobora kuba yararemwe. Yesu ni Umuremyi utararemwe, ni Imana.

Bariya bahakana ubumana bwa Kristo banyuranya, n' ukuri. "Tekereza umunota Greg. Ntabwo wasomye umurongo witonze. Hari ibantu utabonye mu gice. Menya imvugo 'nta nakimwe kitaremwe nawe.' Intumwa zitandukanya Yesu n' Imana. Niba wavuze uti, 'atarimo Billy, umuryango wose ugiye kwibwira ko Billy atari umwe mu bagize umuryango, ko atavuye muri uwo muryango. Buri munyamuryango yaba agiye yibwira ashingiye ku *iryo rengayobora* rya Billy. Mu uburyo bumwe *bw'rengayobora*, buri kiremwa cyaremwe na Yesu ikinyuranyo cyabyo Yesu we yaremwe na Yehova mbere ya byose hanyuma Yesu arema buri kintu cyose kindi Yesu si Imana."

Menya ko gucencura Bizana ubushobozi bwo gusimbuza "uretse we" n' imvugo ishatse kuvuga ngo "uretse umwihariko wa Yesu." Mu buryo butaribwo ni impuzanyito. Ntacyo, reka tugerageze gusimbuza turebe uko bigenda. Umurongo ugaragara utya: "Ku mwihariko wa Yesu nta na kimwe cyabaye kitabeshejweho nawe."

Niba ugutira kwawe no gucukumbura ari ukagerageza gushushanya, ntabwo bintunguye. Imyubakire y' imvugo ni ukoho ntacyo isobanuye. Mu magambo make, bivuze ko Yesu ari we kiremwa cyaremwe kibaho. Ongera usome umurongo uwisomere ubwawwe. Ntagushidikanya, imvugo atari kubwa Yesu ntibishobora gusobanura umwihariko wa Yesu ntabwo iyimvugo ari impuzanyito."

"Hatari uruhare rwe" bisobanuye ikindi kintu. Bishatse kuvuga ngo "atari kubwe". Ni kimwe no kuvuga ngo "Atari jye ntamuntu shobora kugira icyo agerah. Nabonye imodoka." Atari kubwa Yesu nta kintu cyari kubaho rero byabayeho. Kubera iki? Kuko Yesu ni umuremyi. Ni Imana. Ibi birumvikana neza mu rujyano.

Reka mbahe zimwe mu zindi ngero.

Mugire “Amahoro” kubijyanye

Abakorosayi 3:15 ni igice gikomeza kutumvwa n’ Abakristo neza. Pawulo arandika agira ati reka amahoro ya Kristo atwarire mi mitima yanyu. Bamwe mu buryo bwumvikana berekanye ijambu rivuga gutwara gukora nk’ umutegetsi cyangwa umucamanza. Babona uyu murongo nk’igikoresho cyo kumenya ubushake bw’ Imana ku buzima bwacu.

Ibitekerezo byumvikanweho biteye bitya. Igihe uhanganye n’ ikibazo, senga niba unezerewe, mu mutima, ikomereze, niba wumva udafite umunezero ntukomeze. Ubu busobanuro bw’ imbere bw’ amahoro nk’ umucamaza ugufasha gufata ibyemezo bijyanye n’ ubushake bw’ Imana. Imvugo yakavuze itya: “Kandi reka ibiyumvo by’ amahoro mu mutima wanyu bibe umucamanza kubijyanye n’ ubushake bw’ Imana ku muntu ku gitit cye ku bw’ ubuzima bwanyu.” Nibi Pawulo asobanura?

Uru ni urugero rwa kera rw’ ukuntu ukumenya Ikigiriki bishobora kuba bibi niba urujyano rutitaweho. Ijambo amahoro mu byukuri rifite ubusobanuro bubiri butandukanye. Ijambo “amahoro” muby’ukuri rifite ubusobanuro bubiri butandukanye. Rishobora gusobanura ubwumvane bw’imbere mu muntu ndetse no mu marangamutima atuje.. Pawulo agaragara nk’ ufite ubu busobanuro mu bitekerezo mu ba Abafiripi 4:7: “Nuko amahoro y’ Imana ahebuje rwose ayo umuntu atamenya, azarindire imitima yanyu n’ ibyo mwibwira muri Kristo Yesu.” Iki ni igisobanuro cy’ amahoro.

Ijambo nanone rifite indi ntego y’ ubusobanuro bisobanura rimwe na rimwe kutabaho kw’amakimbirane hagati y’ impande ebyiri mu buryo bw’ intamabra uruhande rumwe kurundi. Ubu busobanuro bw’ amahoro ni bwo Pawulo yashakaga kuvuga mu ba Abaroma 5:1: “Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera dufite amahoro ku Mana ku bw’ umwami wacu Yesu Kristo.” (Ita ku itandukaniro hagati y’ ijambu amahoro y’Imana no kugirana amahoro n’ Imana muri iyi mirongo ibiri.)

Ni ubuhe busobanuro bw’ amahoro Pawulo yari afite mu bitekerezo igihe yandikiraga Abakolosayi? Ikigiriki ntikiduha icyerekezo kubera ko ijambu rimwe ryakoreshejwe ahantu hatatu. Nanone, urujyano ni umwami. Ubusobanuro nyakuri bushobora gusa kumenyekanira mu magambo azengurutse umurongo.

Mu murongo wa 11, Pawulo aravuga ko mu mubiri wa Kristo nta bice birimo hagati y’ abagiriki n’ Abayuda, imbata n’ abumudendezo, n’ ibindi. Arasaba ubumwe mu mubiri burangwa n’ imbabazi guca bugufi n’ ubugwaneza, yongeraho no kumvikana (“amahoro”) akwiye kuba umurongo ngenderwaho uyobora imibanire yacu.

Pawulo yari afite intego y’ ubusobanuro bw’ amahoro mu bitekerezo aho nko kutabaho kw’amakimbirane hagati y’ Abakristo ntabwo ari amahoro y’ umuntu kugiti cye w’ Umukristo mu mutima we.

Ibibihinduka ntagushidikanya igihe duhuje imvugo ebyiri zijiyanne n’ ubusobanuro bwazo:

Mwambare umutima w’ imbabazi, ubugwaneza guca bugufi, inyangamugayo no kwhangana; mwemerane, mubabarirana, umuntu uwariwe wese ufite icyo apfa na mugenzi we, nkuko Kristo yababariye, kubw’ ibyo namwe mu babarirane, ikiruta byose mwambare urukundo, arirwo ruboneye rubahuriza mu bumwe. Kandi reka ibiyumviro by’ amahoro bibe umucamanza w’umuntu ku gitit cye kubijyanye n’ ubushake bw’ Imana ku buzima bwe, aribyo mwahamagariwe mu byukuri kuba umubiri umwe kandi mushima.

ugereranje

Mwambare umutima w’ imbabazi, ubugwaneza guca bugufi, ubunyangamugayo no kwhangana; mwemerane, mubabarirana, umuntu uwariwe wese ufite icyo apfa na mugenzi we, nkuko Kristo yababariye, kubw’ ibyo namwe mu babarirane, ikiruta byose mwambare urukundo, arirwo ruboneye rubahuriza mu bumwe. Kandi reka ubwumvikane, mu cyimbo cy’ amakimbirane, bube ariwo bubatwara, aribyo mwahamagariwe mu byukuri kuba umubiri umwe kandi mushima.

Icyi mbere mu buryo bwuzuye kiri kure y’ urujyano; ahakabiri ni ukuri ukurikije buri magambo yose awubanziriza aza mbere n’aza nyuma yaho mu rujyano rw’Abakolosayi 3, nta gitekerezo gihishemo cyo gukoresha ibiyumviro by’ imbere mu mutima nk’ ikimenyetso cyerekana ubushake bw’ Imana bwibyemezo byacu. Ibyemezo by’ umuntu ntabwo ariyo ngingo y’ iki gika. Ni ubwumvikane, n’ ubumwe mu magambo arambuye.

“Nimanikwa hejuru y’ isi”

Yohana 12:32 ni ahandi hantu aho imvugo ishobora kugira ubusobanuro bubiri butandukanye. Ntabwo ari abayobozi bo kuramya bakoresha iyi mvugo ya Yesu: “Igihe, kandi nzaba nzamuwe manitswe hejuru y’isi, nzireherezaho amahanga yose.”

“Tuzamura umwami” igihe tumuhimbaza dutangaza icyubahiro cye, niba twitaye ku kuvuga kucyubahiro cye ari ku cyubahiro cye, imbaraga za Kristo zirarekurwa ngo zihindure imitima yabumva bose bakamwegera, Ubu nibwo busobanuro bw’ abayobozi babaramyi bafite mu mitekerereze yabo, ariko sicyo Yesu ari kuvugaho.

Igihe dukoresheje imvugo y’ igoragoza kongeraho umurongo wegereye cyane icyo bitanga ni nk’ iki: ““Kandi, *niba mpimbazwa imbere y’ abantu*, nzireherezaho amahanga yose.’ Ariko yavuze ibi yerekana urupfu yari agiye gupfa” (Yohana 12:32-33).

Ukwibeshya. Guhimbaza Yesu bizamwica? Ntabwo ntekereza gutyo. Ntarujijo ruhari. Ahubwo aha “kumanikwa” bisobanura neza kubambwa.

Gusobanukirwa iyi mvugo n’ ubusobanuro nyabwo biha umucyo ibindi byanditswe biteye kimwe, Yohana 3:14-15: “Nkuko Mose yamanitse [kumanika mu kirere] inzoka mu butayu niko umwana w’ umuntu akwiye kumanikwa [kuzamurwa mu kirere] kugira ngo uwizera wese ahabwe ubugingo buhoraho.”

Kubivuga mu magambo yacu byaba biteye gutya: “Nkuko Mose yamanitse inzoka mu butayu ni nako umwana w’ umuntu agomba kubambwa kugira ngo umwizera ahabwe ubugingo buhoraho.”

Ibi bitanga ubusobanuro buboneye. Yesu yagombaga gupfa mbere y’ uko agakiza gatangwa, uburyo bwiza buganisha mu murongo ukurikira, umurongo uzwi cyane uvuga ku gakiza uri muri Yohana 3:16.

Reka tugerageze undi murongo.

“Intama zanje zumva ijwi ryanjye”

Benshi bafata iyi mvugo ya Yesu muri Yohana 10 bakuyihuza n’ ubushobozi bw’ Umukristo bwo “kumva” amabwiriza Imana iha umuntu ku gitit cye. “Kumva ijwi ry’ Imana” havugwa nk’ ubumenyi bw’ ingirakamaro bufasha nk’ ubuzima bw’ Umukristo bwo mu rwego rwo hejuru. Mu buryo butaribwo, ibi byizwe nk’ ubushobozi umuntu abona uko akura muri Kristo. Bimufasha kumva ubushake bwa Yesu mu bihe ibyo ari byo byose “kumva” ijwi rya Yesu.

Yesu nta kintu nkiki yari afite mu mitekerereze ye, nyamara. Mbimenye kubera urujyano rw’ amagambo azengurutse uno murongo ariyo rufunguzo ruwumvikanisha. Yohana ubwe yawutanze mbere mu bice. Ku murongo wa gatandatu, Yohana arasobanura ko igihe Yesu abwira intama ze “zumva ijwi rye” arakoresha umuzimizo.

Ijambo “ijwi” rero, ntirishobora mu by’ ukuri gusobanura ijwi ryo mu mutima; imbere kuko ijambo ubwaryo ritakwikoraho ihwanisha. Ni ishusho y’ *ikindi kintu*. Yesu agomba kuba yarerekeje ku ishusho, ishushanya ikindi kintu imvugo “zumva ijwi ryanjye” ihagarariye. Ni iki?

Urujyano rutubwira inkuru. Yesu aravuga ati “Intama zanje zumva ijwi ryanjye, kandi ndazizi, kandi zirankurikira”, nanone yongeraho ko “kandi nziha ubugingo buhoraho” (27-28). Ita kuruhererekane: Intama ze zumva ijwi rye. Mukumwitaba zikamukurikira. Hanyuma akaziha ubugingo buhoraho. Ukumva ijwi rya Yesu ni umuzimizo wo gukora kw’ imbere kwa Mwuka wera utuyobora kukugera ku gakiza kacu hakabaho gukizwa. Ntabwo ari uko tuba twarakijijwe. Aha uyu murongo ukoreshwa kubatizera bateguriwe ubwami ntabwo ari abizera bamaze kugera mu bwami.

Aha hatanga ubusobanuro rusange bw’igice. Abayuda nta kibazo bafite cyo *kumva* amagambo ya Yesu. Bazi ibyo Yesu *avuga*. Ikibazo cyabo nuko *batitaba mu kwizera*. Kubera iki Abayuda “bumva” Yesu ntibitabe mu kwizera? Yesu abikubwira mu buryo bwuzuye. Ntabwo “bumva” kubera ko Imana “itavugana nabo”. Ntabwo bari mu ntama Data yahaye umwana we (26).

Ijwi ryerekezaga ku kumva ntabwo rikiri ijwi rito ry’ umwihariko riha Umukristo icyerekezo, ahubwo umurariko ukomeye w’ Umwuka Wera uzana abatari Abakristo ku gakiza.

Igerageza ryo gushyira mu magambo yacu riradufasha nanone:

Ntabwo mwizera kubera ko mutari mu ntama zanje. Abakristo bakuze mu mwuka bafite ubushobozi bwo kumva ijwi ryanjye bwite, ntanga icyerekezo ku buzima bwabo, kandi bakacyubaha, hanyuma nkabaha ubugingo buhoraho, kandi ntibazigera barimbuka, kandi nta numwe uzabamvana mu kiganza. Abo Data yampaye barakomeye kuruta abandi....

Ntabwo mwizera kubera ko mutari mu ntama zanje. Abo Data yampaye ni intama zajye zumva ubutumwa bwanje zikabwemera, hanyuma nkabaha ubugingo buhoraho, kandi ntibazigera barimbuka, kandi nta numwe uzabamvana mu kiganza. Abo Data yampaye barakomeye kuruta abandi bose....

Ahambere twabonye mu byukuri hahindura agakiza agashingiye nk'ubushishozi bw'umuntu bwo kugira itumanaho rivuye kwa Data. Aha kabiri hahindura agakiza ko gashingiye kuri Data ariko Yesu yerekana mu cyanditswe.

Kuri Yesu, "kumva" Imana ntabwo ari ubumenyi bwisumbuyeho kuri Data. Ni umuzimizo. Kumva ijwi rya Yesu ntabwo ari ukubona umuntu ku giti cye, icyerekezo cye. Ni ukubona agakiza. Ni umurimo wa Data wo gushyira abatizera mu maboko ya Yesu.

Ifunguro ry'umunsi?

Iyi ngingo izamura ibibazo byumvikana kubijyanye no kuramya kwa buri munsi kubakiye ku murongo umwe. Uko mbibona, kiriya gihe cyo kwishererana n'Imana gifasha, gishobora kubamo guhishurirwa, ariko bazanye ibitagenda.

Kubw' amahirwe, ushobora gutsinda kubwo gushyigikirwa no kwibuka itegeko ryacu ry'ibanze: *Ntuzigere usoma umurongo umwe wa Bibiliya*. Ahubwo, soma igika, nibura, Burigihe genzura rujujano rw'ijambo. Genzura uruhererekane rw'ibitekerezo. Hanyuma wite ku murongo.

Wibuke ko ibitekerezo burigihe bikurikirana bihera hejuru bijya hasi ku binyabumwe binini bijya kubi nyabumwe bito. Gusubiza amaso inyuma ku cyanditswe cya Bibiliya mu kibwirizwa cyangwa kwitanga bishobora kuba, gutera umwete, kuzamurwa. Niba atari ubutumwa bw'igice, nyamara, harabura ubutware bwa Bibiliya nubwo ikigihe umurongo uvuye mu ijambo ry'Imana.

Nuramuka ukoze ikintu kimwe nuramuka usomye witonze mu rujujano rw'umurongo ukoresha ihame ryo kurishyira mu magambo yawe uzatangira gusobanukirwa Bibiliya nkuko Imana ibishaka. Nutagira ishusho ngari uzatakara.

Gusa uretse igehe wamenyeshejwe ijambo ry'Imana mu buryo ryanditsemo mu rujujano rwayo ushobora guhindurwa na ryo. Buri gice cy'inkuru kigira imbaraga igehe gihujwe n'inkuru yose.

Ni isomo rishyirwa mu bikorwa ntigeze niga n'ikintu [rero] ryoroshye ry'ingirakamaro ntashobora ku kwigisha.

Kubwo gusoma birenzeho:

Russell, Walt Playing with Fire How the Bible Ignites Change in Your Soul. Colorado Springs: NavPress, 2000.

Koukl, Gregory "The Perils of Prooftexting," *Solid Ground*, Sept-Oct 1999.

Sire, James *Scripture Twisting*. Downers Grove: InterVarsity Press, 1980.

Carson, D.A. *Exegetical Fallacies*. Grand Rapids: Baker, 1984.

Fee, Gordon, & Stuart, Douglas *How to Read the Bible for All It's Worth*. Grand Rapids: Zondervan, 1982.

©2001 Gregory Koukl. Reproduction permitted for non-commercial use only. For more information, contact Stand to Reason at 1438 East 33rd St., Signal Hill, CA 90755. (800) 2-REASON (562) 595-7333. www.str.org

UMUGERAKA B

KWIGA BIBILIYA BICIYE MU KUBAZA IBIBAZO KUBWO KUBWIRIZA BISHINGIYE KURI BIBILIYA

Greg Scharf, Associate Professor of Pastoral Theology,
Trinity Evangelical Divinity School⁹

“Nutagira icyo ubaza nta kuri nzakubwira.”

Dutekerezeko:

- Kwiga witonze igice ni ingenzi mu bisabwa ku kibwiriza kizima. Uko twiga biha ishusho uburyo tubwiriza.
- Icukumbura ryiza ryakoreshwa ku bibazo bityaye byo ku gice. Ibibazo byinshi bizafasha uguobanukirwa kwacu igihe turi gusoma; bimwe bizarufasha mu gutegura ikibwiriza ku gice.
- Ntidushobora kubwiriza mu buryo nyabwo kugeza igihe tumenyen ibirenze ibyo igice kivuga. Tugomba kugaragaza kuvumbura icyo kugerageza kugeraho n’ uburyo bwo kukigeraho.

Ibi biba byatekerejweho (harimo ibishingive kubyo hand Rabinson abaza) mu kubyunganira bigomba kubazwa:

1. Ni iki dufite hano? (Ni iki iki gice gihagarariye?)

- Ibviriza
- Amakuru y’ igikorwa, ikiganiro, isengesho
- Kuvuga ku kubohora kw’ Imana
- Kwhianangiriza
- Inama, “kubyo Uwiteka avuga”
- Ubusobanuro bw’ iby’ Imana
- Ingero
- Ubuhamya
- Kwatura
- Impuguro
- Ibirori
- Guhuza mu mateka y’ icungurwa
- Amaganya
- Kwinginga cyangwa impuguro
- Uruhererekane rw’ ibyaro
- Indamukanyo cyangwa gutanga umugisha
- Indirimbo

2. Uyu murongo uravuga kuki?¹⁰ (Ni iyihe ngingo nyamukuru iri muri iki gice?)

Urugero, uyu murongo ushingiye ku:

- Isengesho
- Kwizerera
- Kumvira
- Imyemerere
- Kwigomeka
- Gusenga ibigirwamana
- Ubwoba
- Umunezero
- Imiyoborere
- Inzira z’ Imana
- Cyangwa ubumbatiye izindi ngingo

3. Ni iki umwanditsi avuga kuri iyi ngingo?

Mu gusubiza iki kibazo tuzaba tugomba:

⁹ Dr. Scharf umuyobozi w’ icyiciro cyaTewologiya ya gishumba muri Trinity Evangelical Divinity School, Deerfield, IL Ni umwanditsi w’ ibitabo byateguriwe kubwiriza (Christian Focus, 2005). Ibi bikoresha k’ ubwuburenganzira bwa Dr. Scharf. Impinduka nto yakozwe na bwana Jonathan Menn ahawwe uburenganzira na Dr. Scharf.

¹⁰ Haddon Robinson mu *Kubwiriza Bibiliya: Iterambere*.

- Gusuzuma ibindi bintu (icyongeyeho icyo twita insanganyamatsiko) yagaragajwe mu gice.
- Vuga mu ncamake urujyano rw' igice nkuko gifitanye isano n' insanganyamatsi y' umurongo.
- Vangura uko ibindi bintu byagaragajwe mu gice bifitanye isano kucyo twise insanganyamatsiko.

4. Ni ibihe bisubizo umwuka wera ashaka ku basomyi b' abizera basoma igice? (Kuki umwuka wera yemera ko iki gice kijya mu bitabo byemewe n' amategeko?)

- Urugero, mwuka wera ashobora gushaka gusaba:
- Kwhana
- Kwiringira Imana
- Kwatura icyaha; kwatura wizera Kristo
- Undi mubare w' ibantu mu byo twakumvira.

5. Ni gute uyu murongo ugeza umusomyi mu gutanga igisubizo cyitezwe?

Iki kibazo kiganisha ku kwitondera kwacu uburyo igice kigaragara imbere yacu nk' ikigenewe kugera ku ntego yacyo. Uhuje n' ubushishozi twagura ubutumwa tugakoresha ibigize umurongo ubwawo kugira ngo tugere ku ntego nkuko byanditswe biteganywa. Urugero, dukwiriye kumenya:

- Ibikoresho byo kuboneza imvugo
- Kumenya gutondeka ibitekerezo
- Kumenya byombi ingero nziza n' imbi
- Gutinya kurakaza Imana n' ingaruka zagaragajwe
- Kugaragaza inyungu zo kwizera ziganisha ku kumvira
- Gukosora ubusobanuro, urugero, **1Abami 12:15**
- Ubujurire bw' ako kanya
- Gukoresha bimwe bigize ingeri runaka. Nk' urugero, ubusizi bushobora gukoresha imvugo shusho cyangwa imvugo ishobora gufatwa mu mutwe tugira ngo ikore ku mutimanama w' **uwumva, urugero Zab 84:3**, uvuga kucyari cy' igishwi kiri iruhande rw' igicaniro cy' Imana

6. Ni gute uyu murongo utanga umusanzi ku ishusho ngari y' icungurwa?

- Ni gute uno murongo werekana Kristo?
- Uherereye he umurongo w' amateka muri Bibiliya?
- Ni gute wagize ingaruka kuba wumvise mbere/abasomyi?

UMUGEREKA C

http://www.biblicalstudies.org.uk/article_law_hays.html#top—*Bibliotheca Sacra* 158: 629 (2001): 21-35

Koresha itegeko ryo mu Isezerano rya Kera uyu munsi, J. Daniel Hays^a

[p.21] Ni gute Umukristo akwiye gushyira mu bikorwa Itegeko ryo mu Isezerano rya Kera? Mu buryo bwumvikana amategeko yo mu itegeko rya Mose ni ingirakamaro kubera ko agize igice kinini cy'ihishurwa ry'ibyo Imana yanditse. Ariko Isezerano rya Kera ririmmo amategeko agaragara nk'amanyamahanga kubasomyi muri iki gihe (urugero, "Ntugakeshe umwana w'ihene amahenehene ya nyina", Kuv 34:26; "Ntuzambare umwambaro wadodeshejwe ubudodo bw'amaharakubiri," Lewi 19:19; "Uzatere inshunda ku misozo y'impane enye z'umwenda wambara," Guteg 22:12).¹

Abakristo bica amategeko menshi yo mu Isezerano rya Kera bifashishije akamenyero. (urugero, "Umugore ntakwiye kwambara imyenda ya kigabo, n'umugabo ntakambare imyenda ya kigore," Guteg 25:5; "Bizamurwa mu maso y' abakuze," Lewi 19: 32; "Ingurube irahumanye; nayo nyamara yatuye inzara, ntabwo yuza. Ntimuzarye inyama zayo cyangwa ngo mukore ku gikanka cyayo," Guteg 14:8).

Ikirenze ibyo, mu gihe Abakristo bashaka kwirengagiza amategeko menshi yo mu Isezerano rya Kera, hari andi menshi bakwica, by' umwihariko amategeko cumi, nk'urufatiro rw' imyitwarire y' Abakristo (urugero, "Ukunde mugenzi wawe nk' uko wikunda," Lewi 19:18; "Ntukice", Kuva 20:13; "Ntugasambane", Guteg 5:18).

Kuki Abakristo bemera amategeko amwe bakirengagiza andi? Ni ayahe afite agaciro ni ayahe atagafite? Abakristo benshi uyu munsi bafata iki cyemezo bashingiye ku kuba yenda rigaragara nkirifite umumaro. Ntagushidikanya uku gufindisha n' uburyo buriho mu gusobanura itegeko ryo mu Isezerano rya Kera ntabwo bihajige. Ni gute noneho Abakristo basobanura itegeko?

[p.22]

Uburyo bwa kera

Amashuri menshi y' ivugabutumwa asobanura amategeko ya Mose, ashimangira itandukaniro hagati y' amategeko y' mbonezamubano, ikinyabupfura, n' imihango. Batandukanya amategeko y' imyitwarire nk' amategeko arimo ukuri kudafite igithe kuzarangirira kurebana n'icyo Imana ishaka k' umuntu kubirebana n' imyitwarire ye. "Ukunde mugenzi wawe nk' uko wikunda" ni urugero rw' itegeko ry' imyitwarire. Amategeko y' imyitwarire ni ariya arebana na gahunda y' amategeko ya Isiraheli, harimo n' amategeko y' ubutaka, ubukungu, n' ubutabera kubanyabyaha. Urugero rw' itegeko ryo kubatura ni Gutegeka kwa kabiri 15:1, "Uko imyaka irindwi ishize uzajye ugira icyo uhara". Amategeko y' imihango agendana n' ibitambo, n' iminsi mikuru y' ibiori, n' imirimo ya gitambi. Ururgero ni mu Gutegeka kwa kabiri 16:3, ni aha amabwiriza Abisiraheli yo "Guhimbaza iminsi mikuru y' ingando numara guhunika ibyo ku mbuga yawe uhuriraho no na vino yo mu muvure wengeramo".

Muri ubu buryo bwa kera itandukaniro hagati y' amategeko y' imyitwarire, nay' imboneza mubano, ndetse nay' imihango uburyo anengwa n' ingenzi kubera ko ikiyaranga cyemerera abizera kumenya niba itegeko ryihariye uko barishyira mu bikorwa mu myitwarire yabo, hashingiye kuri ubu buryo bwo gusobanura bwa rusange kandi bw' igithe cyose. Baracyayabara nk' amategeko abizera b' Abakristo uyu munsi. Amategeko mbonezamubano n' ay' imihango mu rundi ruhande, yakorwaga muri Isiraheli ya kera. Ntabwo akorwa yose ku bizera uyu munsi.³

Nyamara, ubu buryo bwa kera bufite ibyo bunengwa byinshi by' intego nke, kandi ntago bakoresha neza uburyo bwo gusobanura Bibiliya neza.⁴ Ubu buryo ntibuhuje n'igithe kubera impamvu zikurikira.

Itandukaniro riba ntacyo rishingiyeho

Itandukaniro hagati y' amategeko mbonezamubano n' imyitwarire, n' imihango ntaho rishingiye rishyirwa ku gice riturutse hanze y' igice. Isezerano rya Kera [p.23] ntiritanga n' igitekerezo na kimwe cy' iryo tandukaniro. Urugero "Ukunde mugenzi wawe nk' uko wikunda" (Lewi 19 :18) hakurikirwa n' umurongo w' itegeko "ntukambare umwambaro uboshywe mu budodo bw' amaharakubiri " (19:19).⁵ Umurongo wa 18 ukwiye gushyirwa mu bikorwa nta kuzuyaza, mu gihe uwa 19 utashobora gushyirwa mu bikorwa mu buryo bijyanye? Ntabwo igice kituyobora kuburyo ubwo aribwo bwose bwakoresha mu gusobanura itandukaniro rirahari hagati y' imirongo ibiri. Ni mu bihe bitekerezo umuntu ashobora guha agaciro nk' umurongo rusange ukaba nk' umurongo w' iteka ryose haba no mu gihe cy' Ubukristo, mu gihe itegeko mu murongo uwegereye ryashyizwe ku ruhande? Amategeko menshi yitwa ay' imyitwarire, mbonezamubano, imihango aba ari hamwe nk' ayo nta busobanuro buri mu gice bugira icyo buyavugaho ko hari itandukaniro hagati yayo.

Icyongeye birakomeye akensi gusobanura urwego itegeko runaka ribarizwamo.⁶ Kubera ko amategeko ya Mose yasobanuraga isezerano ry' imibanire hagati y' Imana na Isiraheli, ryari inkomoko y' imenyekanishamana. Amategeko yose afite imenyekanishamana. Itegeko rishobora kugira imenyekanishamana ariko ridashingiye ku myitwarire? urugero Lewi 19:19 hagira hati "Ntuzabibe mu murima wawe imbuto z' amaharakubiri, ntuzambare umwambaro waboheshejwe ubudodo bw' amaharakubiri." Imwe mu ngingo nyamukuru irimo hano mu Balewi n'ukwera kw' Imana. Icyo Imana ivuga mu Lewi 19 kibimburirwa n' itegeko "Mube abera kuko jyewe, Uwiteka Imana yanyu, ndi Uwera." Igice cy' iyi ngingo ni ukwigisha ko ibantu byera bigomba gutandukana n'ibantu byanduye. Mugihе ubusobanuro bw' aya mategeko yamagana kuvanga imbuto cyangwa ubudodo buboshye imyenda bidashobora kuba bwumvikana mu buryo bwuzuye, birasobanutse bifitanye isano igihe usubiye inyuma mu bwera bw' Imana. Mu by' ukuri amategeko yose y' Abalewi arebana no kuvangura agaragara afitanye isano y' ihame bashyirwagaho n'ukwera kw' Imana no kwitandukanya gukwiye kubera Ukwera. Ni gute rero iri tegeko ritari iry' imyitwarire?⁷

[p.24]

Ndetse n' amategeko icumi, urugero rwiza yitwa cyane ay' imyitwarire, agaragaza ikibazo, n' itandukaniro mu mategeko y' imyitwarire, mbonezamubano, n' imihango. Urugero isabato yaba ari itegeko ry' imyitwarire cyangwa umuhango? Niba ibrimo ari ibantu umuntu yashingiraho? Isabato ari bwo buryo Abisiraheli baramyagamo mu buryo bugaragara, ni itegeko ry' umuhango ntabwo ari iry' imyitwarire. Ariko se niba ibrimo atari byo umuntu yashingiraho mu gutangandukanya ibantu, hanyuma ubwo ni iki? Niba aho amategeko cumi abarizwamo ahinduka igipimo cy' itegeko ry' imyitwarire, rero hariho uburyo bworoshye mu byiciro bibiri: (a) amategeko cumi ya rusange kandi y' igihe cyose ariyo akoreshwa ku Bakristo nk' amategeko y' imyitwarire n' (b) andi mategeko asigaye atashyirwa mu bikorwa uyu munsi. Nyine aya ni kimwe kuko atakorwa kuko atakwemerera abizera kuvuguruza Abalewi 19 :18 "Ukunde mugenzi wawe nk' uko wikunda" aribyo Kristo yerekana nk' itegeko rya kabiri rikomeye. Gukura Abalewi 19 :19 ukawushyira ku ruhande uwukuye mu yindi iwuzengurutse. Kandi usobanura ko ari itegeko mbonezamubano rikwiranye n' ibrimo bifite mu itandukaniro. Niba birimo ikintu cyagenderwaho, itegeko ry' isabato rikwiye gushyirwa mu mategeko y' imihango.

Icyongeye, ariko Abakristo benshi basoburara ko Isabato ari itegeko ry' imyitwarire, by' umwihariko ntanumwe muribo yubahiriza. Bajya ku rusengero ku cyumweru, kuwa mbere w' iminsi irindwi, bishobora kuba bikomeye kubaha itegeko ry' Isabato. Mose ntashobora kwemera umunsi wa mbere w' icyumweru nk' ikintu cyasimbura umunsi wa karindwi. Na none kubahiriza Isabato mu buryo nyabwo habagaho ibindi birenze kujya ku rusengero. Mu gitabo cyo Kubara umugabo yarishwe kubera gutoragura inkwi(Kub 15:32-36). Rero itandukaniro hagati y' amategeko mbonezamubano, ay' imihango, n' imyitwarire agaragara nkashinge yi ku mitekerereze ya muntu ntabwo ashingiye ku byanditswe. Abakristo bakwiye gushingira kuri ibi bitekerezo bitandukanye basobanura ishyirwa mu bikorwa nkiri ryo kucencura.

Ibikoresho by'amategeko bishimangiye mu nkuru kandi bigomba gusobanurwa uko bigomba gusobanurwa.

Igikoresho cy' itegeko mu Isezerano rya Kera ntikigaragara kiri cyonyine. Ahubwo, amategeko ya Mose ashingiye mu mateka y' imenyekanishamana ry' Abayuda. Ni igice kiri mu mateka ahera mu Itangiriro 12 kugeza mu bami 2 Abami 25. Ntabwo itegeko rigaragaza uburyo, nk' uburyo bwo kuba ridafite icyo rishingiye ariko mu gihe kitagira iherezo ku isi yose rifite amategeko y' imyitwarire. Ikirenzeho agaragazwa nk' igice cyo mu nkuru zerekana uko Imana yabohoye Isiraheli iyikura mu Misiri yarangiza ikabashyira mu gihugu cy' isezerano nk' ubwoko bwayo.

Urugero igikoresho kibanze cy' amategeko mu Kuva kivugwaho mu gice 20-23. Iki kiciro kandi kirimo amategeko cumi. Nyamara uruhyano rwizi nkuru rugomba kwitabwaho. Icyo mbere igice cya cumi n' icyenda kitubwira inkuru z' Abisiraheli [p.25] ubucakara mu Misiri no kubohorwa n' imirimmo ikomeye y' Imana. Iki kiciro kigaragaza umuhamagarwa Mose impaka zikomeye na Farawo. Hagaragaza inkuru z' ibyago muri Misiri, gupfa kw' imfura zo mu Misiri hagakurikiraho Mose ayobora Abisiraheli bambuka inyanja itukura bava mu Misiri. Inkuru zitubwira urugendo rwabo mu butayu kugeza ku kwezi kwa gatatu nyuma yo Kuva, Abisiraheli bageze ku musozi wa Sinayi aho Imana yahamagariye isezerano ryo kubana nayo (Kuva 19). Amategeko cumi mu Kuva 20 n' amategeko akurikira mu Kuva 21-23 ni igice cy' izi nkuru ndende.⁸

Igitabo cy' Abalewi mu nkuru zababatandukanya n'Imana ku musozi (Lewi 26:46; 27:34). Amategeko mu Balewi agaragazwa nk' igice cy' ikiganiro hagati y' Imana na Mose. Ikoresha ry' ibiganiro nk' ibi ni ibiganiro byujuje ibiranga ibiri ku rwego nyarwo. Igitabo gitangira, "Uwiteka ahamagara Mose avugana nawe mu ihema ry' ibonaniro." Imvugo ngo "Uwiteka abwira Mose" biraboneka byisuburamo incuro nyinshi mu gitabo. Icyongeyeho muba Balewi harimo uruherekane rw'ibihe n' umurongo w'igihe n' iyo nkubiri, ikindi kiranga inkuru.

Igitabo cyo Kubara kirimo inkuru y' umwaka wa kabiri nyuma yo Kuva (Kub 1:1) kandi cyerekana urugendo rw' Abisiraheli no kuzerera imyaka mirongo ine (33:38). Ikinyuranyo mu gice cya 13 na 14 uku gusuzugura kwazanye ingaruka zo kuzerera bivugwa muri iki gitabo. Mu ngingo nyinshi mu gihe cy'inkuru, Imana ibongereraho andi mategeko. Nko mu Kuva n' Abalewi, mu Kubara, amategeko ashimangirwaho ashingiye mu bikoresho by' inkuru.

Igihe cy' inkuru y' igitabo cyo Gutegeka kwa kabiri ni ukwezi kwa cumi na kumwe k' umwaka wa kane wo Kuva (Guteg 1:3), nyine mbere y' uko Isiraheli yinjira i Kanani. Aho cyandikiwe harerekana-ni mu burasirazuba bw' uruzi rwa Yorodani (1:1, 5). Isiraheli yujuje imyaka mirongo ine y' umuruho-[p26] gutinyuka nk' igihano kubera kwanga kwinjira mu gihugu cy' isezerano. Ariko urundi rubyaro rushya rurakura Imana iruha isezerano iringo yari yaragiranye n' ababyeyi babo, imyaka mirongo ine imbere. Umugabane munini w' igitabo cyo Gutegeka kwa kabiri kirimo uruhererekane rw' imbwirwaruhame za Mose zabwirwaga Abisiraheli mu mwanya w' Imana. Izi mbwirwaruhame zafataga ku nkuru kubera ko zaberaga igehe kimwe, ahantu hamwe, n' umukinnyi mukuru nkaho inkuru ibigenza. Nanone ku musoza w' igitabo harimo ibintu bitari amategeko. Ibikoresho by' inkuru: kwimikwa kwa Yosuwa nk' umuyoboz (31:1-12). Icyongeyeho igitabo cya Yosuwa gikurikirana n' igitabo cy' Abacamanza , aho inkuru ikomeza ntakindi kiyiciyemo hagati. Amategeko, rero, mu buryo bugaragara ni igice cyo mu bitabo bitanu by' inkuru akaba ashimangiye cyane mu nkuru z' Abisiraheli zo kuva mu gihugu. Uburyo bumwe bwo gusobanura amategeko n' urujyano rwabyo kugira ngo usobanure itegeko: uburyo bukoreshwa usobanura itegeko ryo mu Isezerano rya Kera ni nabwo buryo bukoreshwa hasobanurwa inkuru yo mu Isezerano rya Kera.

Kubera ko itegeko riri mu rujuano rw' igice cy' inkuru. Iki cyagabanya imbaraga n' ubutware bw' icyanditswe? Abakirsto babo bakwiye kwishyira munsi y' ububata bw' itegeko igehe bumva bahamagarirwa kumvira ibyanditswe? Nta nkuru ziri mu byanditswe zifite ubutware nk' ubw' itegeko? Guha itegeko rya Mose ubutware kuruta ibirebana n' imyitwarire ya Gikristo kurusha ibindi bice by' inkuru zo mu Isezerano rya Kera ni ugushyiraho itegeko urishyirishijeho irindi. Ni kimwe no kuvuga ko ibikoresho by' itegeko bikwiye gusobanurwa nk' ibikoresho byo mu nkuru. Ntagushidikanya ntibigabanyiriza ubushobozi mvejuru itegeko y' ibyanditswe. Igihe abigishwa basoromaga ingano ku Isabato, Abafarisayo babashinije kuzirura itegeko ry'Isabato (Mariko 2:23-28), kubera ko gusarura ku Isabato byari bibujije mu Kuv 34:21. Nyamara Yesu yasobanuye iki kigaragara nko kuzirura isabato yerekana inkuru y' umurongo muri 1 Samweli 21:1-9 mu buryo bw' ibanje abafarisayo kucyo itegeko rivuga bamunenga, ariko Yesu akesheje amahame y' inkuru.

Uburyo bwa kera bwo kureba imenyekanishamana mu rujuano.

Imana mu buryo bwumvikana yerekana a itegeko mu rujuano ry' isezerano ivuga iti "Noneho nimwumvire byuzuye kandi mukomeze isezerano ryanje, muhinduka umutungo wanjye mu mahanga yose" (Kuv 19:5). Abantu bemera gukomeza amagambo yo mu isezerano (24:3), na none yemeje ayo masezerano n' amaraso (28:4). [p.27] Igice kirenga iri sezerano ni Imana yasezeranyaga kubona Abisiraheli, kuba hagati muribo. Ibi byatsindagiwe kenshi mu nyandiko yo mu Kuva (25:8; 29:45; 33:14-17; 40:34-38). Bihujwe n'ukuboko kw' Imana bategetswe kubaka isanduku y' isezerano n' ubuturo, aho Imana izaba (Kuv 25:31, 35-40). Abalewi ni yo nkomoko y'uruhererekane rwa kimwe cya kabiri cy' inkuru zo mu Kuva kuko hita uko Abisiraheli bagombaga kubana n' Imana yabaga hagati muri bo. Ni gute bari bakwiye kuyegera? Ni gute bagombaga guhangana n' ibyaha umuntu ku giti cye n' ibyaha by' ishyanga imbere y' Imana iri hagati muri bo? Ni gute bari bakwiye kuramya no gusabana niyi Mana yera, itangaje irihagati muri bo? Igitabo cy' Abalewi gitanga ibisubizo by' ibi bibazo, gitanga imirongo ngenderwaho y' ibyo gukora kugira ngo babane n' Imana munsi y' isezerano rya Mose.

Nyuma y' uko Abisiraheli banze kujya mu gihugu cy' isezerano (Kub 13-14), Imana yemeye ko urwo rubyaro rutumvira rupfa rugashira. Iyobora abari basigaye hanyuma abantu kujya i Kanani. Mbere yuko binjira, ariko, yongera kubahamagara kugira ngo ivugurure isezerano. Gutegeka kwa kabiri ni igitabo cyerekana iri vugururwa ry' isezerano yakoranye n' Abisiraheli mbere yuko binjira mu gihugu cy' isezerano. Gutegeka kwa kabiri herekana akantu ku kandi mu magambo uko Abisiraheli bakwiye kubaho mu gihugu cy' isezerano mu butsinzi banahabwa umugisha w' Uwiteka.

Ntagushidikanya, hanyuma, mu buryo bukomeye itegeko rigendana n' igice cy' isezerano rya Mose. Ubugenzuzi bwinshi bw' ingenzi kubijyanye n' isezerano rya Mose, rero, rikwiye kuganirwaho.

Icy a mbere, isezerano rya Mose rihuye neza neza no kwigarurira no gutura mu gihugu cy' isezerano. Iryo sezerano rya Mose ntabwo ari iry' ahantu hihariye cyangwa ahantu rusange. Byazanye imyumvire ituma Isiraheli itura mu gihugu kandi ikabaho itera imbere iri kumwe n' Imana mu giugu cy' isezerano. Ihuriro ry' igitekerezo hagati y' isezerano n' igihugu kirashimangirwa mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri 28 iri huriro hagati y' itegeko n' igihugu rizana itandukaniro hagati y' ikitwa amategeko mbonezamubano, ay' imihango, n' ay' imyitwarire. Icyongeyeho, kubura ubutaka bwabo muri 587 mbere ya Kristo. Byumvikanishije ihuriro ry' uburyo itegeko ryagaragaye mu buryo bunonosoye kubera ko itegeko risobanurwa mu buryo bw' umugisha mu gihugu. Icyongeye kandi, igehe Isiraheli yajyanywe mu bunyage i Baburoni, Abisiraheli babuze ukuboko k' Uwiteka mu rusengero (Ezek 10). Kugira igihugu ukuboko kw' Imana mu isanduka y' Isezerano, n' ihema, n' urusengero ni ibantu bibiri by' ingenzi biranga isezerano rya Mose. Igihe abanyazwe bagarutse mu gihugu [p.28] cyabo, ntabwo bagarutse mu buryo ibantu byari bimeze. Imigisha igaragazwa mu Gutegeka kwa kabiri 28 ntiyongeye kwitabwaho mu busobanuro ubwari bwo bwose byakorwamo-imiyoborere y' ubwigenge, kwhaza mu bukungu mu karere, kugira igisirikali gikomeye mu karere, n' ibindi- cyangwa nthongeye kumvikana imvugo yo kugaruka kw' Imana mu rusengero binyuranye n' ibyanditswe byambere byerekeye ukubaho kw' Imana mu isanduka y' isezerano (Kuv 40:34-38) n' urusengero (1 Abami 8, 9-10; 2 Ingoma 7:1-2). Ibantu byari bitandukanye nuko byari bimeze mbere y' ubunyage.

Icy kabiri, imigisha yo mu isezerano rya Mose yari ifite ibisabwa. Mu Gutegeke kwa kabiri, Imana yamenyesheje Isiraheli ko kumvira isezerano bizazana umugisha, ariko kutumvira isezerano byashoboraga kuzana igihano cy' umuvumo. Gutegeka kwa kabiri 28 byumwihariko hasobanura neza ibijyanye n' ibisabwa mu miterere y' itegeko. Umurongo 1-14 harondora imigisha ya Isiraheli ni yumvira ibikubiye mu isezerano (itegeko rya Mose), n' umurongo wa 15-68 havuga ingaruka ziteye ubwoba kuri bo nibaramuka batumviye ihuririro ry' isezerano n' igihugu n' ibigize ibisabwa byo mu isezerano kugira ngo. Bahabwe umugisha akensi bikurikizwa mu gitabo cyo gutegeka kwa kabiri (30:15-18).

Icy gatatu, isezerano rya Mose ntirikiri isezerano rigikoreshwa. Isezerano Rishya ryemera ukuri kuko isezerano rya Mose ryahagaze gukora nk' isezerano rifite agaciro. Abaheburayo 8-9 hagaragaza neza ko Yesu yaje nk' umuhuza w' isezerano ryasimbuye Isezerano rya Kera. "Mu kwita iri sezerano 'irishya', yarigize isezerano ryinonosoye"(Heb 8:13). Kubw' ibyo isezerano rya Mose ntabwo rigikoreshwa cyangwa ngo rigire agaciro nk' isezerano. Isezerano rya Kera risobanura amagambo mu buryo Abisiraheli bashoboraga kwakiramo umugisha mu gihugu mu Isezerano rya Kera (Isezerano rya Mose). Niba Isezerano rya Kera ritagifite agaciro ni gute amategeko ashobora gukomeza guha iyo sezerano agaciro? Niba Isezerano rya Kera ryinonosoye, amategeko nayo ntakwiye muri ryo sezerano rya kera kugaragara nk' ayinonosoye nayo?

Pawulo yerekanye abisubiramo kenshi ko Abakristo batari munsi y' amategeko yo mu Isezerano rya Kera. Urugero, mu Bagaratiya 2:15-16 yaranditse ati "umuntu atsindishirizwa no kwizera muri Kristo Yesu." Mu Baroma 7:4 Pawulo yerekanye agira ati, "namwe mwafuye ku bw' amategeko" Mu ba Gal 3:25 atangaza ko, "Kwizera kumaze kuza ntitwaba tugitarwa n' amategeko." Pawulo yagiye impaka cyane yeruye arwanya ko Umukristo yahindukirira gutwarwa n' amategeko yo mu Isezerano rya Kera. Niba harabagaho itandukaniro hagati y' amategeko mbonezamubano, ay' imiyitwarire, n' ay' imihango, byari ibantu bidasanze kuba Pawulo ayirengagiza. Ikindi nk' amategeko areba abantu bose umuntu yakumva ko Pawulo nibura yayakoresha nk' amahame shingiro y' imiyitwarire ya Gikristo. Nyamara, nkuko Goldingay abyerekana, [p.29] Pawulo "ntabwo ashyira urufatiro rw' inyigisho ze z' imiyitwarire kuri uru rufatiro ariko ku butumwa bwiza, kuyoborwa na mwuka, n' ibikorwa by' amatorero."¹¹

Hanyuma se, ni gute, amagambo ya Yesu muri Mat 5:17 yumvikana? Yagize ati, "Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibahanuwe, ntabwo naje kubikuraho ahubwo naje kubisohoza. Yerekeje ku Isezerano rya Kera ryose." Kubw' iyo mpamvu Yesu mu murongo ntabwo yavugaga gusa amategeko ya Mose. Kandi ishyamirana ry' ibitekerezo ntabwo riri gusa hagati yo "gukuraho" no "gukomeza." Ahubwo ishyamirana riri hagati yo "gukuraho" no "gusohoza." Yesu ntuyigeze avuga ko aje kubahiriza amategeko cyangwa kuyarinda, ahubwo yaje kuyasohoza ijambu *plēroō* ("gusohoza") riboneka kenshi muri Matayo, kandi ubusanze risobanura, "kugeza ikintu kubusobanuro bwacyo bwari butegerejwe." Yesu ntuyigeze avuga ko itegeko rihambiriye kubizera bo mu Isezerano Rishya. Niba ari byo, Abakristo uyu munsi bakagombye kubahiriza gutanga ibitambo n' amategeko y' imihango kimwe n' ay' imiyitwarire, kandi byashobora kwangiza ibindi bigize Isezerano Rishya.

Yesu yavugaga ko ataje gukuraho ugukiranuka gusabwa n' amategeko, ariko yaje kuzuza uko gukiranku gusabwa n' amategeko. Nk' indunduro y' ibigize inkuru amateka y' agakiza, Yesu yasohoje gukiranku kose kwasabwaga n' ibyo abahanuza bavugaga mu buryo by' igicucu mu mategeko n' abahanuza. Icyongeye, Yesu ni we musobanuza wa nyuma ku butware, ku mategeko n' ubusobanuro bwayo kuko undi murongo muri Matayo ubyerekana. Yesu yavuze andi mategeko yo mu Isezerano rya Kera (19:18-19), ariko amwe yarayahinduye (5:31-32). Andi arayagura (5:21-22,27); andi ayahindura mu buryo asobanura (5:33-37; 38-42,43-47). Amategeko amwe yayakuyeho (Mariko 7:15-19). Yesu ntabwo yari umuvugizi wo gukorwa k' imigenzo y' Abayuda y' uburyo bakoraga ibijyanye n' amategeko. Cyangwa ntabwo yavugiraga kugira ngo amategeko yose aveho yarimo atangaza ko amategeko asobanurwa neza mu mucyo wo kuza kwe no mu mu mucyo wo kuba yarayasobanuye neza n' Isezerano Rishya.¹²

[p.30]

Umwanzuro

Itegeko riziritse ku isezerano rya Mose, ari ryo ryari mu buzima bw' ab' Isiraheli no mu gihugu ndetse n' amasezerano afite ibisabwa ashingiye mu kubaho bumvira mu gihugu. Ntabwo Abakristo bafitanye isano n' igihugu cya isiraheli. Ntasano iri hagati y' ibisabwa ku migisha yabo mu gihugu cyabo. Nanone Isezerano rya Mose ryarashaje. Ryasimbuwe n' Isezerano rishya. Rero itegeko rya Mose riranengwa mubigize Isezerano rya Kera, ntagaciro rifite mu bizera bo mu gihe cy' itorero.

Kubw' iyo mpmvu uburyo bwa kera ku mategeko ya Mose agabanijemo ay' imihango, mbonezamubano, n'ay' imiyitwarire agaragaza ku ntege nke eshatu z' ibanze: zishingiye ku marangamutima kandi ntabyanditswe biyashigikira, ntuyita kurujyano rw' inkuru, kandi akena umumaro wo guhindura mu busobanuro guhera mu Isezerano rya Kera kugera mu Isezerano Rishya. Kubw' ibyo, rero, ntibuhagije mu buryo bwo gusobanura no gushyira mu bikorwa itegeko.

Uburyo bwatekerejweho

Ni ubuhe buryo abizera bagenderaho mu gusobanura itegeko ryo mu Isezerano rya Kera? Mu kwemeranwa n' uburyo bwiza bwo gusobanura, bukwiye kuba uburyo bwemewe ko (a) ari ugukomeza, gufata ibyanditswe byose byo mu Isezerano rya Kera nk' ijambo ry' Imana, (b) Ntiwite ku bintu bishingiye ku rwego rw' imyumvire bidashingiye ku rwego rw' urujyano, (c) subira inyuma mu rujyano nyedimi n' urujyano nyamateka rw' itegeko, rishimangire mu nkuru y'ibitabo bitanu bya Mose (d) reba kurujyano rw' imenyekanisha Mana rw' itegeko, n' (e) ihuriro ry' itegeko nyigisho z' Isezerano Rishya.

Uburyo buhuza neza n' ibi twavuze bigarara nk' *amahame*. Abavugabutumwa batari bacye bakoresheje ubu buryo bw' amahame nk' uburyo bwatoranjwe mu gusobanura imirongo yo mu Isezerano rya Kera.¹³ Umumaro w' ubu buryo nta gukenera kwerekana itegeko rishingiye kumarangamutima ryigisha imyitwarire, iry' imbonezamubano, n' urwego rw' imihango. Amahame, mu buryo bwo gusimburana mu gushyira mu bikorwa itegeko, hifashishwa intambwe eshanu.

[p.31]

Ubu ntabwo ari uburyo bwo kwigisha, ahubwo ni uburyo bufatika bushobora gukoreshwa n'impuguke, abalayiki, kimwe n'abanyeshuli. Imbaraga zabwo ni uko buboneye kandi bworoshye kandi buhamye. Intege nke zabwo ni uko bishoboka ko bwakoroshyia ibibazo bigoye. Hari umwanya wo kunonosora no kunoza ubu buryo? Cyane rwose. Nubwo bimeze bityo ari ko, ni intambwe igana ku byiciro by'amategeko no kugana ku by'imyitwarire idahwitse, mboneza mubano, n'imihango.

Nk'ihame, uburyo bwo gukurikiza amategeko bukubiyemo ingingo, bwifashisha ingingo intambwe eshanu.

Erekana icyo itegeko runaka rivuga ku bantu bose

Erekana urujyano nyemdimi n' urujyano nyamateka by' itegeko runaka kiri kwibazwaho. Abisiraheli bari ku nkombe z' uruzi rwa Yorodani mu kwitegura kujyana mu gihugu (Gutegeka kwa kabiri) ni gihe ki iri tegeko ryabayeho, cyangwa bari ku musozi Sinayi bakimara kuva mu Misiri (Kuva, Abarewi)? Itegeko runaka ryaba ryaratanzwe mu gusubiza ikibazo runaka cyari cyadutse cyangwa se ni itegeko ryerekana ibisabwa ku Bisiraheli nyuma yo kugera mu gihugu cy' isezerano? Ni ayahe mategeko yandi byegeranye mu rujyano? Hari ihuriro riri hagati yayo? Ni gute iri tegeko ryisanisha n' Isezerano rya Kera? Rirayobora abantu uko bakorera Imana? Riyobora abantu uko babana neza? Rifitanye isano n' ubuhinzi cyangwa ubworozi? Ni irihe sano rigaragara rishingiye kubuzima bwo mu gihugu cy' isezerano? Ni iki itegeko runaka risobanuye ku bacyumva bo mu Isezerano Rishya?

Sobanura itandukaniro hagati y' abaryumva bohambere n' abizera b' uyu munsi

Erekana imenyekanishamana n' ibihe bitandukanye hagati y' Abakristo b'uyu munsi n' abahawe Ubuntumwa bwa mbere. Urugero abizera bo mu itorero ry' iki gihe bari munsi y' Isezerano Rishya, ntabwo ari Isezeano rya Kera, kubw' ibyo ntibari munsi y'itegeko ryo mu Isezerano rya Kera. Ntabwo ari Abisiraheli bitegura kujya mu gihugu cy' isezerano cyangwa ngo bogeze Imana n' ibitambo by' amaturo. Ahubwo Abakristo bari munsi y'amategeko y' ubuyorobozi bwo mu isi ntabwo ari munsi y' amategeko bayoborwa n' amategeko y' ubuyorobozi bw' Imana nk' uko Abisiraheli bari bameze. Icyongeyeho abakristo bahura n' igititu kitari icyabanyedini babanyekanani ahubwo icyabandi batari Abakristo mu isi yose n' ibitekerezo by' ubwenge bw'abantu n' abadayimoni.

Kusanya amahame rusange avuye mu gice

Nyuma y' amategeko ya Mose ku bantu bumvaga mbere, y' ibihe byose. Buri tegeko ryo mu Isezerano rya Kera ryari rifite ubusobanuro kubari hamwe muri icyo gihe. Ubusobanuro bufitanye isano n' Isezerano rya Kera. Arikò ubusobanuro bwari muri rusange, harimo ukuri rusange, ukuri kwakorwa n' abantu b' Imana bose, hirengagijwe [p.32] igihe barimo n' isezerano ribatwara. Muri iyi ntambwe umuntu aribaza, "Ni irihe hame rusange ryerekana n' iri tegeko? Ni iki twashyira mu bikorwa nk' ihame uyu munsi?"

Ihame rikwiriye kuvugwaho hagendewe ku mirongo ngenderwaho myinshi: (a) rikwiriye kuba bisobanurirwa mu gice, (b) bigomba kuba ari ibintu by' igihe cyose, (c) bigomba kubabihura n' imenyekanishamana rishingiye ku byanditswe byose bisigaye, (d) bikwiye kuba atari ibintu bidashingiye ku mico no (3) kuba bifite akamaro ku masezerano yombi ku Isezerano rya Kera no kubizera bo mu Isezerano Rishya. Iri hame rusange akensi rizaba rifitanye isano neza neza ku miterere y' Imana no kwera kwayo, imiterere y' icyaha, n' ikibazo cyo kumvira, cyangwa kwita kubandi bantu.

Huza ihame n' inyigisho z' Isezerano Rishya

Shungura ihame rusange binyuze mu nyigisho zo mu Isezerano Rishya zirebana na ririya hame cyangwa zirebana n' itegeko runaka rishyizweho.

Amwe mu mategeko yo mu Isezerano rya Kera, urugero, yavuzwe mu Isezerano Rishya nk' amategeko yo mu Isezerano Rishya ku bizera. Igihe Isezerano rya Kera ryakurwagaho, amategeko yo mu Isezerano rya Kera yakuweho ntiyakomeje kuba amategeko y' Abakristo. Nyamara, igihe Isezerano Rishya risubiyemo itegeko riba ribaye itegeko, riba rigomba kubahirizwa nk' itegeko biva mu Isezerano Rishya ntabwo ari mu Isezerano rya Kera. Ikindi kandi rimwe na rimwe Isezerano Rishya risobanura itegeko ryo mu Isezerano rya Kera, rishobora kurisobanura cyangwa rikaryagura. Urugero, ni amategeko yo mu Kuv 20:14, "Ntuzasambane," ihame rusange rihuza ryerekeranye n' ukwera k' urushako no gusabwa kuba umwizerwa mu rushako. Nkuko rino hame rishungurwa mu isezerano rishya, inyigisho za Yesu kuri iyi ngingo zigomba guhuzwa n' ihame, Yesu yaravuze ati "Ariko mwebweho ndababwira yuko umuntu ureba umugore akamwifusa aba amaze gusambana nawe mu mutima we" (Mat 5:28), kubwo kwagura iri tegeko. Yarikoresheje kugikorwa cy' ubusambanyi ariko na none no kubitekerezo by' ubwo busambanyi. Rero itegeko ku Bakristo uyu munsi rivuga ngo "Ntuzasambane mu bikorwa no mu bitekerezo." Ariko Abakristo bakwiriye gushaka kubaha iri tegeko kubera ko ryerekana ukuri rusange kwa Bibilya gushingirwaho n' Isezerano Rishya, ntabwo ari gusa ko ari itegeko ryo mu Isezerano rya Kera.

Koresha ihame rusange rivuguruwe mu buzima uyu munsi

Muri iyi ntambwe ihame rusange ryasobanuwe mu ntambwe rikoreshwa mu gihe runaka mu buzima bw' abizera uyu munsi. Igihamya cy' ihame gishobora kubonwa mu Isezerano Rishya. Nkuko byavuzwe mbere, [p.33] imvugo ya Yesu yo muri 1 Sam 21 kugira ngo ahinyuze abafarisayo akurikiza urugero rumwe. Mu Abakorinto 9:9 Pawulo asubiramo Gutegekwa kwa kabiri 25:4 ("Ntukazirike umunwa ikimasa gihonyora ingano") mu gushigkira uburenganzira bw' inkunga y' ibifatika ivuye mu Bakristo (1 Kor 9:4,11-12). Mu buryo bwa kera iri tegeko ryo mu gutegeka kwa kabiri ntagushidikanya ntabwo rikwiye gushyirwa mu mategeko y' imyifatire. Pawulo yavuze nk' irishobora gushyirwa mu bikorwa. Kuva Pawulo ashimangira mu buryo bweruye ashimangira ahandi hantu ko Abakristo batari munsi y' itegeko ryo mu Isezerano rya Kera (Rom 6:14-15; 7:1-6; 1Kor 9:20; Gal 2:15-16; 5:18; Ef 2:15), ntabwo yarimo asubiramo Gutegeka kwa kabiri 25:4 nk' itegeko ahambira ku itorero ry' Ikorinto. Ahubwo yahakoresheje mu buryo bw' igereranya cyangwa urugero.¹⁴ Intumwa irasubiramo itegeko rifite ihame rishobora gukoreshwa mu bihe kuruta mu gihe ryatanzwemo, mu bizabaza byo mu mateka.

Abelewi 5:2 hatanga urugero rw' uburyo bwo kwereka ihame rishobora gukoreshwa n' abizera b' uyu munsi bashyira mu bikorwa umurongo urimo itegeko nta kuba munsi y' itegeko. Umurongo usomwa utya, cyangwa nihagira umuntu ukora kugihumanya cyose, gihumanya—naho yaba intumbi y' inyamaswa ihmumanya cyangwa iyi itungo rihumanya, cyangwa igikururuka gihumanya atabizi agahumana, azagirwaho n' "urubanza." Igikorwa gisaba gukora umuntu mu buryo bw' umuhango kubintu bihumanye muri uyu murongo urerekana indi mirongo mikeya. Nko 5-6 nayo ikwiye kubamo. "Igihe umuntu wese kwicira urubanza mu buryo nk' ubu, agomba kwatura muri buriya buryo icyaha cye nk' igihano cy icyaha yakoze, amagambo kuzanira Uwiteka umwagazi w' intama cyangwa w' ihene akuye mu mukumbi nk' igitambo cy' icyaha; umutambyi azakora impongano kubwe no ku bw' icyaha cye." Uburyo bwa kera gusa bushyira uyu murongo mu gice cy' amategeko y' imihango atagikoreshwa ku bizera b' uyu munsi. Nyamara, ugukoresha uburyo bwo kureba ihame, umuntu ashobora no gushyira mu bikorwa kino gice mu buryo bumwe nk' ubwo mu nkuru.

1) *Ni iki iki gice cyasobanuraga kubantu cyabwiraga mbere?* Urujyano rw' Abarewi rutubwira ko uburyo Abisiraheli bagombaga kubaho bejejwe, babanya n' Imana ihebuje yabaga hagati muri bo. Ni gute bagombaga kwegera Imana? Ni gute bahanganaga n' icyaha n'ibihumanya mu mucyo w'ukuboko kw' Imana hagati muri bo? Iyi mirongo n' igice cy' urujyano nyendimi cya 4:1-13 gavuga ibijyanye n' ibitambo byagombwa ku cyaha kitari icyitumanano. Abarewi 4 hita ku bijyanye n' abayobozi mu buryo bw' ibanke: Abalewi 5 hita ku bantu bakurikiza bimwe bidahinduka. Abalewi 5:2 hatangarizaga [p.34] Abisiraheli ko niba bakoze kugihumanya icyaricyo cyose (inyamaswa yapfuye, cyangwa inyamaswa izira); babaga bishe umuhango. Ibi byari ukuri nubwo bakoraga ku gihumanya cyose mu buryo bw' impanuka. Ukuba barabaga bahumanye, ntibashoboraga kwegera Imana ngo bayiramye. Guhumanurwa (kwezwa), bagombaga kwatura icyaha cyabo barangiza bakazanira umutambyi umwana w' intama n' ihene y' igitambo (5:5-6). Umutambyi yabatambiraga igitambo mu mukimbo cyabo bashoboraga kongera kwezwa, bikabemerera kongera kwegera imana bakayiramya.

2) *Ni irihe tandukaniro riri hagati y'abumvaga bambere n' uyu munsi?* Abakristo ntabwo bari munsi y'Isezerano rya Kera, ndetse ibyaha byabo bitwirwa n'urupfu rwa Kristo. Kandi kuberako begereye Imana binyuze muri Yesu Kristo, ntabwo bagikeneye ibitambo bitambwa nk' umuhuza.

3) *Ni irihe hame rusange riri mu gice?* Izingiro ry' ihame rusange riri muri iyi mirongo rifitanye isano n' igitekerezo cy' uko Imana ari iyera. Igihe iri hagati mu bantu Bayo, ukwera Kwayo gushaka ko bakomeza kwitandukanya n' icyaha n'

ikintu gihumanye. Niba bihumanije, bagomba kwezwa n' igitambo cy' amaraso. Iri hame riritabwaho hose mu imenyekanisha Mana ryo mu gitabo cy' Abalewi n' ahandi hose mu byanditswe. Rimwe na rimwe nk' ihame ryo gushyirwa mu bukorwa n' abantu bose b' Imana baba abo mu Isezerano rya Kera ndetse n' irishya.

4) *Ni gute inyigisho mu Isezerano rya Kera zihindura zikanasobanura iri ahme?* Dushingiye Isezerano rya Kera n' Isezerano Rishya ntabwo Imana ibonana n' abizera mu ihema ry'ibonaniro cyangwa urusengero. Ubu ibonana n' abizera mu buryo bwa Mwuka Wera, ukuboko kwayo, nyamara, kuracyahamagarira abizera ukwera mu ruhande rwabo. Gusaba ko badakora icyaha kandi bakitandukanya n ikintu gihumanye. Nyamara, Isezerano Rishya ryongera gusobanura ijambo "kwera" no "guhumana" "nta kinjira mu muntu kivuye inyuma ngo kimuhumanye (Mariko 7:15,20-23). Abizera bo mu Isezerano Rishya ntibahumanuya no gukora ku nyamaswa yapfuye. Bahumanywa n' ibitekerezo bibi cyangwa gukora icyaha.

Isezerano Rishya kandi ryahinduye uburyo abantu b' Imana bahangana n' icyaha no guhumana. Birenze kuzana intama n' ihene nk' impongano y' ibyaha, ibyaha by' abizera byatwikiriwe n' amaraso mu gihe cy' agakiza ku gitambo cya Kristo. Urupfu rwa Kristo rwogejeho icyaha runahindura ubuzima bw' abizera abavana mu guhumana abashyira mu kwera. Kwatura ibyaha, ariko biracyari ingenzi mu Isezerano Rishya (1Yoh 1:19), kuko byari bimeze mu Isezerano rya Kera.[p.35] Kubwiyompamvu imvugo y' ihame rusange uyu munsi kubabirwa bo mu Isezerano Rishya ikwiye kuba "itandukanye n' ibikorwa birimo icyaha n' ibitekerezo bibi, kandi wature kiriya cyaha wakire imbabazi binyuze mu rupfu rwa Kristo."

5) *Ni gute Abakristo b' uyu munsi bakwiye gushyira iri hame rusange rivuguruwe mu buzima bwabo?* Hari inzira nyinshi, ariko imwe mu nzira yumvikana yo gushyira mu bikorwa ifitanye isano na filime z' urukozasoni kumbuga nkoranya mbaga. Abakristo benshi bafite uburyo bwo kureba filime z' ubusambanyi no kugira ibikoresho bifashisha bazireba mu bwihiho bwo mungo zabo, cyangwa mu byumba bararamo. Iki gice kirigisha ko ukwera kw' Imana, ibana n' abizera, gusaba ko bagira ubuzima bwejejwe. Ukuropa filime z' ubusambanyi neza neza bijya mu rwego rw' ibyo Isezerano Rishya rivuga ko bihumanye. Igihama nk' iki ni ukwangiza ukwera kw' Imana kandi bibera ubu inzitizi ubushobozi bwo kuranya cyangwa gusabana n' Imana. Rero abizera bakwiye kwitandukanya na filime z' ubusambanyi kumbuga nkoranyambaga, menya ko bo zibahumanuya mu buryo bw' umwuka, kurakaza ukwera kw' Imana, no kwangiza ubusabane bagirana n' Imana. Nyamara, niba umuntu aguye muri icyi cyaha, agomba kucyatura, hanyuma binyuze mu rupfu rwa Kristo azabarirwa hanasanwe ubusabane bwe n' Imana.

Umwanzuro

Uburyo bwa kera bwo gutandukanya amategeko ya Mose mu mategeko mboneza mubano, y' imihango n' imiyitwarire, byangizaga uburyo bwo gusobanura nyabwo kubera ko ari ibintu bikomeza kandi bidafite ukuri guhamye bishingiye gufatika, kandi Isezerano Rishya ritanga. Ubu buryo bugira amakosa mu nzira ebyiri. Mu rundi ruhande kwirengagiza amategeko mboneza mubano n' amategeko y' imihango nkuko ari ashirwa mu bikorwa. Kurundi ruhande kandi kubahiriza ishyirwa mu bikorwa cyane amategeko y' imiyitwarire uko amatageko nyirizina ari. Icyongeye kandi uburyo bwa kera bukunda kwirengagiza urujyano rw' inkuru ndetse n' urujyano rw' Isezerano rya Kera n' ibikoresho by' Isezerano rya Kera.

Kugendera ku ihame, ubundi buryo bukenera kubona ihame rusange mu Isezerano rya Kera ibikoresho by' amategeko no gushyira mu bikorwa aya mahame kubizera uyu munsi. Ubu buryo buraramba cyane kurusha uburyo bwa kera, kandi bwita cyane ku mahame yo gusobanura ibyanditswe. Kandi byemerera abizera kubona ko ibyanditswe byose ari "ingenzi ku kwigisha, gucyaha, gukosora no gutoza mu gukiranuka" (2 Tim 3:26).

Irebero

a J. Daniel Hays ni Associate Professor of Biblical Studies na Theology, Ouachita Baptist University, Arkadelphia, Arkansas.

¹ Uretse utabyitayeho ibyanditswe byose byavuye muri New internet and version.

² Christopher J. H. Wright atekereza ibyiciro bitanu: ibyaha, imibanire, umuryango, urukundo rwa kivandimwe (*Ijisho rihorerwe Irindi: Umwanya w'Isezerano rya Kera Imiyitwarire uyu munsi* [Downers Grove, IL: InterVarsity, 1983] 152-59). Umwanditsi ntanakimwe muri ibi afata nk'ibintu rusange, mu rwego rw'imiyitwaririre.

³ Ugukoresha iri tandukaniro nk' umuyobozi ku myitwarire biradusubiza mu gihe cya John Calvin. Yatandukanije amategeko y' imiyitwarire n' ay' imihango. Itegeko ry'imiyitwarire, kurundi ruhande, rikomeza nk' itegeko ku Bakristo (*Institutes of the Christian Religion*, trans. Henry Beveridge [reprint, Grand Rapids: Eerdmans, 1975], 2.7-8). Kubwo gushyigikira uburyo muri iki gihe reba William A. Van Gemeren, itegeko ni ukuboneza gukiranuka muri Kristo Yesu:

Icyerekezo cy'impinduramatwara, mu *Mategeko, ubutumwa bwiza, n'Umukiristo w'iki gihe*, ed. Wayne C. Strickland (Grand Rapids: Zondervan, 1993), 1358.

⁴ Abandi bavugabutumwa ntibanyuzwe n' uburyo bwa kera ku bijyane n' itegeko. Urugero reba Davud Dorsey amategeko ya Mose n'Abakristo: Ubumvikane, *Journal of the Evangelical Theological Society* 34 (1991): 321-34.

⁵ Igenekereza mu gutandukanya hagati y' itegeko ry' imiyitwarire n' ayimbonezamubano bishingirwa ku itondeke ry' ibantu biri mu Balewi. Kunda mugenzi wawe bibanziriza ibuzanya ryo kubyaranra n' andi moko; interuro kwera iza mbere y' itegeko ryo kutabyara abana badahwitse (19:18; 20:79) (Gordon J. Wenham, *The Book of Leviticus*, Ubusobaruro bushya mpuzamahanga bw'Isezerano rya Kera [Grand Rapids: Eerdmans, 1979], 34).

⁶ Ibid., 32.

⁷ Urundi rugero rw' uko gukoresha uburyo bwo gushyira itegeko rimwe runaka mu bikorwa bikomeye ni mu Kub 5:11-31. Uyu murongo urerekana uko umugore wakekwagaho gusambana yagombaga kugeragezwa n' umutambyi. Ntagushidikanya ubusambanyi ni ikibazo cy' imiyitwarire. Iri tegeko ni itegeko rusange mu bihe byose? Dukwiye muri Afrika gushinja abasambanyi tubagerageza dukoresha uburyo bwanditswe muri uyu murongo? Kwerekana gucirwaho iteka kwe cyangwa ubudahemuka bwe, umutambyi yamunyweshaga amazi asharira. Iyo atarwaraga, yabaga ari umwre. Ibi bikwiye gukorwa uyu munsi? Ntagushidikanya ni hoyo. Kurundi ruhande, niba bitakorwa, iki gisobanuye ko atari itegeko ry' imiyitwarire, ko ubusambanyi atari ikibazo cy' imiyitwarire?

⁸ Urugero amategeko icumi atondetse mu Kuv 20:1-17, ariko usubira inyuma ako kanya mu nkuru ku murongo wa 18, ariwo uvuga gutya, igihe abantu babonye inkuba n' imirabyo bumva ijwi ry' amahembe umusozi ucumba umwotsi bawubonye bahinda umushyitsi bahagarara kure. Kimwe n' uko Imana yetetse Abisiraheli mu Kuv 21-23, ariko ibi kandi ni igice cy' inkuru, kubera ko ari igice cy' ikiganiro hagati y' Imana n' Abisiraheli. Abaturage bagasubiza uko gutangaza kw' Imana itangaza itegeko bagira bati, ikintu cyose Imana ivuze tuzagikora (24:3).

⁹ "Hanyuma Mose afata" (Lewi 8:10), "Hanyuma yerekana" (8:14), "Hanyuma Mose aravuga" (8:31), "Ku munsi wa munani Mose arataha" (9:1), "Hanyuma Aroni ajya kurutambiro" (9:8), "Kubw' iyo mpamvu umuriro uza uturutse mu bwiza bw' uwiteka urabatwika" (10:2), "Uwiteka avugana na Mose nyuma y' urupfu rw' abahungu babiri ba Aroni" (16:1).

¹⁰ Ijumbo ry' Igiheburayo rivuga "ubutaka" riboneka hafi ibilumbi bibiri mu gutegeka kwa kabiri. Imirongo yatoranjwe yerekana iri jambo neza neza ifatiye ku isezerano ry' ubuzima mu gihugu harimo 4:1,5,14, 40;5:16;6:1, 18,20-25;8:1;11:8;12:1;15:4-5;26:1-2;27:1-3;30:5;17:18; na 31:13.

¹¹ John Goldingay, *Models for Interpretation of Scripture* (Grand Rapids: Eerdmans, 1995),103.

¹² Kubwo kubona kimwe kuri Matayo 5:17-47 reba D.A Carson, "Matayo," mugitabo cyitwa *Expositor's Bible Comentary* (Grand Rapids:Zomdervan,1984), 8:142-44; R.T. France, *Matthew: Evangelist and Teacher* (Grand Rapids: Zondervan, 1989), 194-95; no Donald Hagner, *Matayo 1-13, Word Biblical Commentary* (Dallas: Word, 1993), 104-6.

¹³ Reba Roy B. Zuck, *Basic Biblical Interpretation* (Wheaton, IL: Victor, 1991), 286-89; Goldingay, *Models for Interpretation of Scripture*, 92; and Robert Chisholm, *From Exegesis to Exposition: A Practical Guide to Using Biblical Hebrew* (Grand Rapids: Baker, 1998), 223-24, 255. William Klein, Craig Blomberg, na Robert Hubbard Jr. vuga inyandiko kandi werekane itegeko ryakoreshejwe nk'urugero rudahinduka mu mahame y'imiyitwarire, imibanire, ndetse n'amahame y'imenyekanisha Mama itajanye n'igihe, umusobanuzi rero agomba kwihatira kuvumbura ukuri kudahinduka kuri inyuma y'umuco wabyo, (*Introduction to Biblical Interpretation* [Dallas: Word, 1993], 279). Igitekerozo kimeze kimwe n'iki cyafashwe na Wenham, *The Book of Leviticus*, 3335; and John E. Hartley, *Leviticus*, Word Biblical Commentary (Dallas: Word, 1992), lxxiii.

¹⁴ Gordon D. Fee, *The First Epistle to the Corinthians*, New International Commentary on the New Testament (Grand Rapids: Eerdmans, 1987), 408. Reba na none ikiganiro kuri uyu murongo cyakozwe Zuck, *Basic Bible Interpretation*, 263-65.

UMUGEREKA D

International Journal of Frontier Missiology 31:1 Spring 2014: 5-14

[P.5] ***Umuco n' umutimanama: Ukubonera kwa Bibiliya n' itandukana ry' umuco, T.Wayne Dye.***

Ikibazo

Igihe uruvange rw' umuco l rutemererwa n' ukuri ko muburyo bw' imyitwarire myiza ni ingenzi cyane kubuzima bwa buri munsi bw' aba Misyoneri abantu basubira iwabo harabonetse kwiyongera kw' impaka bahuye nazo n' ibibazo byinshi byabaye biboneka. Amakimbirane nk' ayo kubibazo by' imyitwarire biteza kugimpaka ko imyanzuro y' imyifatire ari ikintu kijyanye n' uko umuntu abyumva.

Nkuko njye n' umgore wanje, Sally, twakiranye n' ibi bibazo imyaka myinshi twaje kwemera ko hari ibyanditswe by' ibanze bitanaga ibisubizo kukizamura ayo makimbirane. Mu nyandiko ye kuri ibi bibazo *IJFM* (pp.15-25) "Imico itandukanye mu mutimanama: Uruhare rw' Imana mu mugambi wayo," Sally yanditse ibijyanye n' ukuntu umuco n' umutimanama bigira ingaruka z' ukuntu Umukristo akenera kumvira Imana. Inyandiko y' iki gihe wavuga impamvu Umukristo ukuze by' ukuri atubaha amategeko yose ya Bibiliya mu buryo bumwe.

Imyaka myinshi yashize twatekerezaga ko hari inzira imwe yo kumvira amategeko—uburyo twigishijwe mbere kubikora. Nk' abasemuzi ba Bibiliya bagomba guha itsinda ry' abantu Bibiliya yose. Igihe bayifite, bakwiye kuyibaha ntagushindikanya muburyo bwuzuye. Ubusobanuro bw' ijambo ryayo mu kubaho uko tugerageza kubaho. Nyamara abamisiyonerin' abarimu bazakaminuza za Bibiliya bigishije uburyo bwabo babaho nk' uburyo bwonyine bw' ukuri (no kwemera ko buri wese agomba kubaha amategeko muri ubwo buryo), hari ikintu cy' ingenzi mu itandukaniro ry' ukuntu amategeko agomba gukurikiza.

Ikibazo kimwe dufite twebwe Abiburengerazuba ntitwubaha amategeko yose kimwe. Dufata ibyanditswe bimwe tukabyubaha twiton Zwe, igihe twirengagije ibindi byanditswe, mu buryo bw' ururimi nt "dusuhuzanya dukoresheje guhoberana kwera" (Abaroma 16:16, NIV²). Ntabwo tunywa inzoga ngo dufashe igogorwa ry' ibirylo (1Timoteyo 5:23). Ntabwo dusenga buri munsi saa cyenda, "igihe cy'isengesho" (Ibyakozwe n'intumwa 3:1). Ntitwozanya ibirenge, keretse rimwe narimwe no mubihe bidasanzwe (Yohana 13:14). Umugore wanje ntajya yambara igitambaro mu mutwe mu rusengeri igihe ari muri muri Leta zunze ubumwe z' Amerika (1 Abakorinto 11:2-16).³ Mu kuri, hari amategeko menshi y'itorero mu Isezerano Rishya.⁴

[p.6] Iri "hitamo ryo kubaha" ntabwo ari iryo mu miterere yo mu matorero. Abakristo bose mu isi yose twatoranijwe kurwego rumwe. Ibibi bibyutsa ikibazo: turimo turakurikira ihame rya Bibiliya ryatoranijwe cyangwa turakora amakosa?

Ibantu nk'ibi bidahamye biri mu Isezerano rya Kera cyane mu buryo bugaragara, ari yo, yari "Bibiliya" y'itorero ryo mu Isezerano Rishya. Igihe Yesu n'intumwa ze bavugaga ibyanditswe buri gihe basubuiragamo Isezerano rya kera. Isezerano Rishya Mu buryo bwo gusobanura ryigisha ko Isezerano rya Kera ari iryo kubahwa. 2 Timoteyo 3:16-17 haravuga:
Ibyanditswe byera byose byahumetswe-n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, kumuhanira gukiranuka, kumukosora no kumutoza gukiranuka, kugirango umuntu w'Imana abe ashiyitse afite ibimukwiriye byose ngo akore imrimo myiza yose.

Igihe Pawulo yandikaga ibi kubijyanye n'Isezerano rya Kera yarimo yemeranwa n' Isezerano rya Kera ubwaryo. Amategeko yaryo arerekana neza, n'umumaro wo kuyumvira warashimangiye mu buryo bukomeye. Urugero, Gutegeka kwa kabiri 10:12-13 haravuga:

None, Israheli, icyo Uwiteka Imana yawe agushakaho ni ukumwumvira, no kugendera mu gukiranuka, kumukunda, kumukorera n'umutima wawe, n'ubugingo bwawe bwose, no kwitondera amategeko no kumenya; nyaguuhaye ku bw'inyungu zanyu uyu munsi?

Hari ibyanditswe nk'ibi byinshi. Iyo dusubiye mu bitabo bitanu bya Mose, tubonamo amategeko agaragara nk'amategeko ya buri muntu n' aya hantu hose avanze cyane n'amategeko make dukoresha uyu munsi. Abalewi 19 hatanga zimwe mu ngero. Umurongo 13 haravuga hati, "Ntukariganje cyangwa ngo unibe mugenzi wawe." Ntagushidikanya biriya byakurikiza uyu munsi. Umurongo ukomeza uvuga ngo "Ntukarararane igihembo cy' umukozi." No mu gihugu cyanje bubaha ibi. Umurongo wa 18 uravuga ngo, "... ukunde mugenzi wawe nkoko wikunda", ntagushidikanya ni itegeko rusange. Imirongo yegeranye n' iyi iravuga ngo "Ntushyire hamwe ubwoko bw' amategeko atandukanye.... Ntukambare umwenda uboshwe mu budodo bw' ubwoko bubiri." Ni iki abamisiyoneri bo mu gice cy' isi gishyuha twakora tutambaye imyenda yacu y' ubwoko butandukanye nk' ipamba na polesteri?

Umurongo 26 uravuga ngo, "Ntuzakore ubupfumu cyangwa ngo mushake ibimenyetso byerekana igihe kizaza." Turashaka kwigisha ababangikanye na b' incuti zazu. Ariko ni iki ikomeza ivuga? Iravuga ngo "Ntiwigoshe umusatsi wo mumusaya wawe cyangwa ntukate isonga y' ubwanwa bwawe." Gake cyane wabona abamisiyoneri bakurikiza iri tegeko. Hari

amategeko menshi nk'aya, ajyanye no kureka imyaka kugira ngo abahumbyi bayihumbe, gutanga inguzanyo nta nyungu, kuraza umurima, kugurisha ubutaka kuri nyirabwo nyuma y' imyaka mirongo itanu, ntidukurikiza iteka na rimwe muri yo ijambu ku ijambu uyu munsi.

Urufungozo mu miterere yo kumvira k' ukuri

Tugomba ubu kwizera uburyo bw' Abakristo binyuze mu myaka myinshi byabaye ukuri kuri bo. Abakristo bo mu madini menshi basomye Bibiliya mu mico yabo bwite, barangije bayisobanura mu buryo bukwiranye n' imico yabo. Ibi uku gusobanukirwa kutarimo gutekereza ni kwiza ku muco umwe. Gusa ubu buryo bunanirwa gukora iyo abantu bo mu mico itandukanye ihuye. Ikibazo cy' abamisiyoneri baje kubera ko tutumvise neza ibitekerezo by' abanzura, akensi dukoresha inyigisho za Bibiliya nkaho abizera bo muyindi mico ari nkatwe bemera ibyo twemera mu muco wacu. Kumpapuro zikurikira, ndizera ko zizadufasha kubona uko twebwe abavugabutumwa muburyo bufatiye hejuru dusobanura Bibiliya mu muco wacu tubayemo. Igihe dusobanukiwe neza intambwe zo gusobanura ibyanditswe, dushobora kubikora neza hanyuma Abakristo bo muyindi mico n' imico yungirije bakayikoresha mu muco wabo no mu bihe barimo.

Abantu bashobora kubaha itegeko rimwe mu buryo butandukanye?

Mubyanditswe bibiri bigaragara mu nzandiko, Pawulo yerekanye ko mu kuri Abakristo bumvira bo mu mico itandukanye bashobora, mu bihe bimwe na bimwe bakora rwose ibantu bitandukanye. 1 Abakorinto 8-10 na Abaroma 14 ni ahantu ho kwibandwaho hingenzi mu kwiga imico itandukanye mu murimo uyu munsi.

Korinto kari agace k' abantu basenga ibigirwa mana, abasengaga ibigirwamana muri uru rujyano bishyuraga amatungo y' ibitambo, bagafata igice cy' inyama zo kurya. Inyama zisigaye bakazigurisha, haba munsengeri cyangwa ku isoko. Aha umubare umunini w' abantu ntiwashoboraga kubona inyama mu buryo buhendutse. Kubera ibitambo byatambwaga buri munsi, abaturage bose bahaturiye babaga bakeneye ku isoko ibi byatumaga inyama zaterekerejwe zigomba kuziba icyuhu cy'inyama zabaga zikenewe ku isoko.

Ibi byazanye ibibazo ku bizerwa bashakaga kurya inyama batariye izaterekerejwe ibigirwamana. Abizera babanyamihanga bakuze (cyangwa abizera bakoraga mu Bayuda) bajyaga impaka ko kurya bene izo nyama ntatandukaniro ryazo n' zindi. Abandi, by' umwihariko abahindutse vuba bava mu muco wo kuramya ibigirwamana biyumvagamo gucirwa urubanza no kurya inyama nk'izi. Kubera iyi mpamvu, abizera b' Ikorinto basaba Pawulo kuvuga kuri iki kibazo. Igisubizo cye cyari gifashe impu zombi kandi gikurikiwe, n' imiterere y' impaka zitakoreshwa uyu munsi, kubw' ibyo intambwe mu ugutekereza rimwe na rimwe byabaga byabuze.

Ibigirwamana Ntabwo Biriho Kubw' ibyo Kurya Inyama Nta kibazo

Pawulo yatangiye ashimangira urukundo ruri hejuru y' ubumenyi buke, hanyuma akomeza avuga ko ibigirwamana atari rwose ikintu kiriho gifte imbaraga zo mu rwego rwo hejuru.

Kubw' ibyo rero, ibyerekeye ibiribwa byaterekerejwe ibigirwamana: Tuzi ko "Ikigirwa mana ntacyo kiricyo mu isi" kandi ko [p.7] "Ntayindi Mana iriho uretse imwe." Nubwo hari ibiyitwa-imana, haba mu isi no mu ijuru (nkuko mu by' ukuri hariho ibiyitwa "imana" byinshi n' "abatware"), benshi ariko kurtitwe hariho Imana imwe, Data, ukomokwaho n' ibantu byose; kandi hariho ariko Umwami umwe, Yesu Kristo, ibantu byose byabayeho kubwe kandi bibeshwaho nawe. (1 Abakronto 8:4-6)

Pawulo yemera ko ibi biha umudendezo bariya bafite "ukwizera gukomeye," bariya bafite mubigaragara babona Ubukristo muri ubu buryo. N'ubwo yabivuze mu rwandiko rwe mu ncamake y' amabwiriza y' urwandiko rwe yo gukomeza no kurya ibiryo ibyaribyobyoze biguzwe mu isoko cyangwa bitanzwe n' abatizera. Irumvikana kubwayo ko nta kitaribwa mu buryo nk' ibi, nta na kimwe cyo kwanduza ugukura kwacu kwa Gikristo.

Ariko ibiryo ntibitwegereza Imana. Ntakibazo niba tubiriye nta nikiza tuzunguka kubera kutabirya. (1 Abakristo 8:8)

Rya buri kintu cyose kiguzwe mu isoko ry' inyama ntakwirirwa utekereza cyane wibaza ibibazo, kuko, "Isi n' ibiyuzuye ni iby' uwiteka". Niba utizera agutumiye ngo musangire kandi, ushabora kuryayo, rya buri kintu cyose ashlyize imbere yawe nta kuzamura ibibazo byo mu mutima nama wawe. (1 Abakorinto 10:25-27).

Niba Umuntu Yizera ko Ibigirwamana Biriho Ntakarye Inyama

Hari ikindi kintu cyo kwitabwaho nyamara. Pawulo yavyuze ko bariya "badakomeye mu kwizera" ni ukuvuga badafite imisobanukirwe ya Bibiliya y' ibijyanye n' ibigirwamana bakoraga icyaha niba barariye ibyaterekerejwe ibigirwamana.

Ariko ntabwo ari buri wese ufite ubu bumenyi. Abantu bamwe baracyafite akamenyero k' ibigirwamana igithe bariye ibyo kurya byaterekerejwe ibigirwamana batekereza ko byaterakerejwe ibigirwamana, ni ibihumanya.... Itonde, ariko, kugira uburenganzira ntabwo bigomba kubera igisitaza abadakomeye. Kuko igithe udakomeye mu bumenyi bwe akubonye, mu bumenyi bwawe bwose urira mu ngoro y' ikigirwamana, uyu ntazasitazwa no kurya ibyaterekerejwe ibigirwamana? Ku bw' ibyo umuvandimwe udakomeye, Kristo yapfiriye, azasenyrwa n' ubumenyi bwawe. Igihe ugushije umuvandimwe muri ubu buryo kandi ugakomeretsa umutima we udakomeye, uba umuvanye kuri Kristo. Rero,

niba ibyo ndya bishobora kugusha mu cyaha mwene data, sinzongera kurya inyama ukundi kugira ngo ntazamugusha mu cyaha. (1 Abakoronto 8:7-13).

Pawulo yabonye aya makimbirane nko kumenya gushishikariza Abakristo bakuze kwitondera ababareba n' ukuntu abandi basasobanura ibyo bakora. Ubuhamya bwo mu mico itandukanye ni ngombwa gushaka ikibazo kubandi harimo no kwirinda igikorwa cyose cyatuma agwa mu cyaha niba atigeze amenya icyo gikorwa mu guhitamo kwe.

"Mfite uburenganzira bwo gukora icyaricyo cyose," niko bavuga – ariko ntabwo ari buri cyose kitugirira umumaro.

"Mfite uburenganzira bwo gukora icyaricyo cyose" – arikontabwo ari buri cyose cyubaka. Nta n' umwe ukwiye kwishakira ibyiza wenyine, ahubwo ashakira ikiza n' abandi... Ariko niba umuntu ukubwiye ati "Iki cyaterekeshejwe ibigirwmana," ntubiryre rero, byombi kubwa wa wundi ubikubwiye, no kubw' umutima uhana ndabivugira umutima uhana wa wawundi ubikubwiye, ntabwo ari uwawe Waba urya cyanwa unwa icyo ukora cyose, gikore kubw' icyubahiro cy' imitimanama. Ntuteze umuntu umwe gusitara, yaba Umuyuda cyangwa Umugiriki cyangwa itorero ry' Imana—yaba nko kugerageza kunezeza buri wese mu buryo ubwari bwo bwose kuko sinishakira ibyiza jyenyine ahubwo ibyiza byabensi kugira ngo bakizwe. (1 Abakorinto 10:23-29,31-33).

Ntabwo ari Munzira nziza Imwe Ahubwo Ebyiri

Kuki umudendezo watuma undi acirwaho iteka? Ni uburenganzira—biranemewe—kuri bariya bareba nk' uko isi ibibona rero no gusobanukirwa runaka kw' ikiza n' ikibi. Ku bantu bafite irebero ry' isi itandukanye, ariko, iki gikorwa ni icyaha gishobora kwangiza imyizerere yabari muri Kristo. Ikirenzeho, nta muntu ufite uburenganzira bwo gucira urubanza ibikorwa by' abandi.

Kuki umudendezo wanje ugomba gucirwa urubanza n' umutimanama w' undi muntu? Niba mfashe ibyo kurya nshima Imana, kuki na kwamaganwa kubera ikintu nariye ngishimira Imana? (1 Abakorinto 10:29b-30).

Ntagushidikanya, abizera bafite inshingano ntabwo ari "ukuba igisitaza" mu guhatira abandi gukora ibuntu bitababereye byiza. Nk'uko, iriya ngingo ibishimangira; ikintu kiza k'umuntu umwe gishobora kuba kibi k'uwindi. Iyi niyo mpamu dushobora gukomeretsa umuntu dukora ikintu twari gukora mu bundi buryo tubikoranye umutima mwiza. Kugirango turebe uko bigenda, dukeneye kureba nyine impamu kurya inyama zaterekerejwe ibigirwamana byari bibi ku bantu bamwe. 1 Abakorinto 10:18-21 bikazana impaka.

Turebe ubwoko bwa Israheli: Abaryaga ibi bitambo ntibabagaga bifatanije n'igicaniro? Naba nsobanuye ko biriya biryo byaterekerejwe hari ikindi kibirimo, cyangwa ibigirwa mana hari icyo biri cyo? Oya, ariko ibitambo by'abapagani byaterekerejwe abadayimoni, ntabwo ari Imana, kandi sinshaka ko wifatanya n'abadayimoni. Ntushobora kunwera kugikombe cy'Umwami no kugikombe cy'abadayimoni kandi; ntushobora kwifatanya n'ameza y'Umwmi n'ay'abadayimoni.

Muri bose Abayuda n'abanyamahanga b'iburengerazuba bwo hagati mu mico yabo y'icyo gihe, umuntu yaramyaga ikigirwamana mu kurya ibiryo bagitambiye. Abayuda n'Abanyamahanga baramyaga mu buryo bumwe mu kurya intonorano—ariko mu ntego zitandukanye zo kuramya. Igihe abanyamahanga baramyaga ibigirwamana babaga bakora icyaha kuko babaga bahisemo kuramya ikindi kintu bakagisumbisha Imamna y'ukuri. Satani n'abadayimoni be nibo babaga babyungukiyemo muri uku kwigomeka ku Imana bamuramya.

Pawulo asobanura neza ko ibikorwa by'Abakorinto igahe bari gutamba ibitambo kuki girwamana [p.8] ko ntacyo ubwabyo bisobanuye, kuko ikigirwamana atari ikintu gifite ubumana muri cyo. Nk'uko aha n'ahandi hose muri Bibiliya hashimangira, ko ikigirwamana ari ntacyo kiricyo, gusa igiti cyumye cyangwa ibuye cyangwa izahabu. Ni igitekerezo cyo gushaka kuramya giha igikorwa runaka guhinduka kuramya. Kuramya ni ikintu kiri mu busobanuro. Ni gikorwa kigamije guha ikigirwamana icyubahiro. Umuhakanyi wifatanije kuririmba indirimbo yo guhimbaza mu rusengero ntabwo abari kuramya n'ubwo bari kumwe nawe baririmba indirimbo imwe nawe. Abantu bakizera ibigirwamana ikitari igishushanyo. Nyamara, niba barasobanukiwe ko ibigirwamana ari ntacyo biricyo ko ari ibishushanyo, ntibababa bagishobora kubiramya kuko baba batabayizera nk'imana yo kuramya. Igihe bariye inyama ntibaba baterekereye; baba bariye inyama gusa.

Twafashe igahe kuri iyi ngingo kuko ifite ibitekerezo byinshi. Abizera b'Abakorintko bari abantu bo kwigiraho kubijyanye n'uruhrurane-rw'imico ihaha agaciro imyitwarire ya Gikristo. Kurwego rumwe buri gikorwa cy'umuntu mu myitwarire no mu mwuka bigaragaza imibanire ye n'Imana n'amategeko yayo, Haba mu kumvira no mugususugura ayo mategeko; ubu ni ubusobanuro bwo mu myifatire no mu mwuka. Abantu babona ibuntu baba ahantu hamwe bashobora kubaha Imana mu bikorwa byabo, kuva nta tegeko ry'Imana narimwe bishe. Umuntu w'ahantu hamwe nawe agasuzugura akora ikigaragara ikimwe n'icyagwa wawundi kuko kurwego ibikorwa bibiri byabo biratandukanye.

Menya ko mu igerageza rya Pawulo ari umu Kristo ukuze ubohokeye kurya inyama zaterekerejwe. Tumenya ko Imana yita ku Bakristo bashya, ariko uko bakura Imana ibereka uburyo bwiza bwo kuyumvira ariko bijyanye n'uko bakuze. Umuntu akwiye kumenya, ukwhiangana kw'Imana ku bizera abashya bikaba ubusobanuro bw'iki cyanditswe, ari kuri uru rugero abahindutse abakristo vuba bakizera ibigirwamana ko biriho bari bazitiwe cyane ku cyo bashoboraga gukora. Uko bakuraga batakizera ibigirwamana bagiraga umudendezo mwinshi.⁵ Abaroma 14 hatanga ingero zitandukanye.

Gukorera ikiza i Roma

Itorero rya mbere i Roma ryabagamo imico-myinshi mu imiterere y'umugi ubwawo. Abayuda n'Abanyamahanga Abakristo baturiraga hamwe baturutse mu mumpande zitandukanye z'ibihugu by'ubwami bw'Abaroma . Bageragezaga kumvikana, ariko uburyo bwari bwiza kuribo kuri ukubana batandukanije imico yabo. Abakristo bamwe ntibaryaga inyama,wenda birinda kurya ibiyaterekejwe ibigirwaman. Abandi biriraga byose. Abandi Bakristo bubahirizaga iminsi mikuru ya kiyahudi; abandi ntibabikore. Igisubizo cya Pawulo cyagendeye ku mpamvu zimwe n'izo yakoresheje ku Bakorinto.

Kwemera abafite kwizerwa guke, ntagutongana bajya impaka zidashira z'ibantu bidafite ishingiro. Ukwizera kumwemerera icyaricyo cyose, ariko undi, ufite ukwizera guke, arya imboga gusa. Urya byose ntakwiye gusuzugura utarya byose, utarya ibantu byose ntagomba gucira urubanza urya byose, kuko Imana imwemera. Uri nde wogucira umugaragu w'abandi urubanza? Kuri shebuja niho ahagarara cyangwa akahgwira. Kandi bazahagarara, kuko Umwami ariwe ubahagarika. Umuntu umwe ku munsi umwe ukawufata nk'uwerwa kuruta iyindi; undi agafa iminsi yose kimwe. Umwe muribo akwiye kweranwa n'ibitekereo bye. (Abaroma 14:1-5)

Buri wese agomba Gukora yemeranwa n'umutimanama ko ari cyo Imana Imushakaho

Buri mwizera agomba gukurikiza icyo atekereza ko ari kiza, akaba "yuzuye ukweranwa mu mitekerereze ye." Kandi akabikorera kudacira abandi urubanza, ntakubacunga ngo abacire urubanza kubwo kwemera bitandukanye. Abandi bantu nobo ni abagaragu b'Imana, kandi ni ubusobanuro bw'igikorwa cyabo bwerekana isano ryayo Imana yitaho. Mubirebana nabyo, "ko umwami ashobora [kuba] hagarika." Abaroma 14, umurongo wa 6 ugakomeza ku murongo wa 9 hasobanura iyingga neza.

Uwariwe wese wubaha umunsi nk'umunsi udasanzwe abikora kubw'umwami, urya inyama abikora kubw'umwami kandi ashima Imana, kuko ntanumwe muritwe ubaho kubwe, kandi nta n'umwe muritwe upfa kubwe. Niba turiho turiho k'ubw'umwami. Niba dupfa dupfa k'ubw'umwami kubwibyo twaba turiho cyangwa dupfuye turi ab'umwami. Kubw'iyimpamvu ikomeye, Kristo yarapfuye arazuka kugirango ashobore kuba umwami w'abazima n'abapfuye. (Abaroma 14:6-9)

Mayandi magambo, abakomeza umubano n'Imana ntitwigera tubatwe nyine. Ni umwami wacu umukoresha wacu , umutware wacu , ufite ubushobozi bwo kutubwira icyo dukora m'ubuzima bwacu bwose. Burigkorwa cyose kigira urugero rw'isomo no muri uku kubaho (kandi ntawundi) ntanumwe ugenewe ibi cyaba ikiza cyangwa ikibki. Pawuro akemeza avuko ibiryo turya ntamumaro ubwabyo, niba nyamara, umuntu yemera ko adakwiriye kurya ibiryo runaka, hanyuma agacumurira mu kubirya kuberako arwanyije icyo yabonaga nk'ubushake bw' Imana.

Nemerako mukwemezwu mu buryo bwuzuye ko mu mwami Yesu, ntagihumanye kiriho ubwacyo. Ariko niba umuntu uwariwe wese arebye ikintu runaka nk'ighumanye, hanyuma kubw'ubo muntu icyo kintu kirahumanye ... kubw'iyompamvu ikintu kijyanye n'ibi kiguma hagati yawe n'Imana. Hahirwa umuntu udacirwa urubanza n'icyo yiymelerera ko atari icyiza. Ariko buri wese ushidikanya acirwaho iteka iyo ariye, [p.9] kubera ko kurya kuba kutavuye mu kwizera; kandi buri kintu cyose kidakoramwe ukwizera ni icyaha. (Abaroma 14:14, 22-23)

Ntugahatire umuntu gukora ikintu kimubereye kibi

Pawulo yashimangiye ingingo y'ukuntu twakorana n'abantu bafite imisobanukirwe itandukanye n'ukuri. Tugomba kwitondera gucira abandi urubanza, kuko "buri wese azasobanukirwa ibye imbere y'imana" (Abaroma 14:12). Icyarimwe kandi ntidukwiye gukora icyaricyo cyose kizatuma abandi bayoba bagakora ikitubereye kiza ariko kuribo ari kibi.

Wowe, hanyuma, kuki ucira urubanza mwene so cyangwa mushiki wawe urubanza kuki ubafata nk'abasuzuguritse? Kuko tuzahagarara imbere yintebi y'imana y'Imana. Rero reka tureke gucira abandi imanza. Ahubwo, ugire mu mitekerereze yawe kutabera abandi igisitaza cyangwa inzitizi mu buryo bwa kivandimwe nka bene data na bashiki/bacu.... Niba umuvandimwe wawe cyangwa mushiki wawe asitajwe n'ibyo urya , ntabwo uba ugikorera murukundo. Ukurya kwawe ntkugasenye umuntu wa Kristo yapfiriy. Rero ntukemere ko icyo uzi ko ari cyiza kivugwa ko ari kibi. Kuko ubwami bw'Imana atari ukurya no kunwa ahubwo ni ugukiranuka, n'amahoro, no kwishimira mu Muka Wera) kuko ukorera Kristo muri ubu buryo anezeza Imana kandi aremerwa. Reka rero dushyire imbaraga cyane dukora ikintu cyose kiganisha ku mahoro no gukomezanya. Ibyo kurya byose birera, ariko ni icyaha kurya ibyo kurya bisitaza abandi. Ni byiza cyane kutarya inyama cyangwa kutanwa inzoga cyangwa gukora ikintu icyo aricyo cyose cyagusha mwene data cyangwa mushiki wacu. (Abaroma 14:10, 13, 15-21)

Niba Abakristo bose basabwa gukora nkaho— ikiza kubw'umuco umwe ari kiza ku mico yose ni— kibazo cyabaho. Ntibyanashoboka guteza abandi gusitara no kugushwa no kwigana yemerwa n'abandi mu bihe bimwe. Urufungozo rw'ingingo ya Pawulo ni uko yashakaga kuvuga ko hari itandukaniro ryiza ku ngingo imwe ku kitu cyo kutigana muri uku gutandukana.

Ingingo ya Pawulo mu buryo bwose bwo gukomeza gukorana n'abanyamahanga. Imana isaba ko abantu bubahiriza amategeko kimwe, ariko, muburyo bw'intege nke ariko bufite umumaro nyine uku kumvira kugomba kubaho mu buryo butandukanye. Ibi byabaho bite? Ntakuzana akavuyo? Ni iki amahame ya Bibiliya kubw'iyi myumvire yo kumategeko rusange? Mukiciro gikurikiraho nagerageje kwegeranya ya mahame.

Uburyo bwo kumvira Imana mu muco uwariwo wose

Hafatiwe hamwe amahame ane shingiro hasi kubutware ntakuka bwa Bibiliya n'umumaro nyawo imico itandukanye mu gusobanura ukuntu itegeko runaka rishyirwa mu bikorwa. Aya mahame ane aganisha ku ntambwe eshatu z'uburyo bwo gushyira mubikorwa umurongo.

Ihame rya 1. Ibyanditswe byose, Isezerano Rishya n'rya Kera, bifite ubutware hejuru y'ibantu byose, mu myaka yose n'imico yose.

Ibyanditswe byose byanditswe kubw'inyubgu zacu. Ntategeko narimwe rigomba gusuzuzugurwa, nta rugero rugomba gusuzugurwa. Ibyanditswe birenze cyane kuba umuyobozi wo kutwerekwa icyo dukora. Ni igitabo cyacu cyo "Muruganda Twakorewemo" kitubwira uko tubaho.⁶

Ihame rya 2. Nyamara, ibyanditswe byandikiwe abantu bose, ntibyandikiwe buri wese.

Umwanditsi wa buri cyanditswe yatanze ubutumwa bwe ku bantu bambere bazwi neza bakiraga ubwo butumwa kandi ubutumwa bukaba ubutumwa bufite umwimere w'ibyanditswe. Buri wese ni umugenzi ugomba gucencura mu byo Imana yavuze ibwira ababyumvaga mbere akumva icyo imana iri kumubwira ubu.

Ibyanditswe bibiri byo mu Isezerano Rishya bivuga ko abizera b'iki gihe bagomba kubaho bigiye ku Isezerano rya Kera, bidufasha kuboneza iri hame. 1 Abakorinto 10:6-14 hatubwira ibyabaye mu Isezerano rya Kera bikaba "byarabereyeho urugero rwo kurind a imitima yacu idakora bintu bibi abakera bakoze." Abaheburayo 11 hasubiramo ibantu byabaye byo mu Isezerano rya Kera by'ingero zo gukurikizwa. Hanyuma tugakora ibyo bikorwa uko bifite icyo bisobanuye kuri twe mubihe turimo uyu munsi. Birafasha cyane rero kureba ukuntu itorero rya mbere ryasobanuraga Isezerano rya Kera, kubera ko amatorero menshi yo mu kinyejana cya mbere atari ari mu mibereho imwe yose. Bamwe bari abakire cyangwa abakene cyane, bagiraga imigenzo n'imyifatire itandukanye, amwe yari mukaga gakomeye cyane gutotezwa andi afite agahenge, atandukanye mumibereho yayo muri rusange.

Ihame rya 3. Ni izingiro ry'ubusobanuro, ihame rusange ririmo ry'ubusobanuro, ihame ry'inyigishoya buri murongo w'ibyanditswe ushobora gukorwa muri rusange mugihe cyose.

Buri bwiriza na buri rugero bifite ubutumwa shingiro bitanga. Ibyanditswe byari mu buryo bw'umwimerere bifite ubutumwa byatangaga muri rusange byabaga bifite ubusobanuro bishingiyeho ibi ni ibyanditswe nk'ibi "Ntukibe" uyu murongo ufite ubusobanuro bumwe ahantu hose. Imirongo myinshi, ariko, yerekana ibihe bidasanze cyangwa itsinda ry'amabwiriza ku bantu bihariye kuburyo aba atairi ngombwa gukoreshwa kubantu bose. Muri iyo mirongo ubusobanuro shingiro bugomba kwiyunga kubihe no no kuri iyo mirongo. Inyigisho shingiro buri gihe kuri buri muntu no kuri buri mategeko yose, ariko ishyirwa mubikorwa hazamo itandukaniro mu bihe bitandukanye. Ni ubusobanuro shingiro rusange twita mu buryo bw' "ukuri ntakuka kwa Bibiliya." [p.19] Iyi ningo izumvikana mu ntambwe—eshatu ngenderwaho mu kuvumbura no gushyira mu bikorwa ubusobanuro shingiro.

Kubera ko ihame rya kane ritandukanye mu mitere, tuzabona intabwe zimeze kimwe mu kuvumbura no gushyira mu bikorwa icyanditswe cya Bibiliya mbere y'uko utangira kukivugaho. Intambwe ziciye inzira imwe kandi. Zisaba kuzigendamo witonze, kubera imicoco-itandukanye ishyirwa mubikorwa rimwe narimwe rishobora kurushya cyane.

Intambwe eshatu z'uburyo kuvumbura no gushyira mubikorwa ubusobanuro shingiro

Intambwe ya 1. Gusobanura "Ni iki byasobanuraga kuri bo?" Ni nde musomyi byari bigenewe, uwambere byabyirwaga? ? Ni ibihe bihe byabo, urujyano rwabo ni uruhe? Ni ubuhe busobanuro umwanditsi mu bigaragara yashakaga kuvuga mu butumwa bwe?

Intambwe ya 2. Robanura wibaza uti "Ni ik bisobanura?" Nirihe hame rusange ririmo hano? Ni ubuhe busobanuro shingiro? Ni gute buvugwa muyandi magambo ari rusange? Kuko abantu bakunda kubaha (Dye, T.W. 1987, 42-43), ibihe nk'ibihe byundi muntu wundi. Ni byiza kwerekana ya mahame rusange mu magambo arambuye.

Intambwe ya 3. Baza uti "Bisobanuye iki kuri jye?" Ni iki ubu busobanuro bufite cyo kumbwirana n'ababwumva, inshuti, cyangwa abo dukorana aha kandi uyu mwanya? Aha niho ibantu bigenda neza. Iyi ntambwe akensi yoroha kuyikora niba turi gushyira mu bikorwa ubusobanuro mu buzima bwacu cyangwa undi muntu umeze nkatwe.⁷ Niba ishyirwa mu bikorwa rishingiye ku mico itanduko ubwo tuzahura n'ikibazo cyo kuvangura uko tuzabishyira mu bikorwa. Abakozi bo mu mico itandukanye bazahura n'ikibazo cyo gukenera cyane ubufasha buturutse k'umuntu wo kugirango bakore gutyo.

Iki kituganisha ku ihame rya kane

Ihame rya 4. Amategeko ya Bibiliya ari hariya kugirango adufashe gukunda Imana n'abandi bantu.

Iri hame ni ingenzi cyane rigomba kwerekana nyuma. Pawulo ashyiraho isano n'andi mategeko muri ubu buryo:

Nti mukagire undi mwenda wose uretse uwo gukundana, kuberako ukunda mugenzi we aba asohoje amateko.

Amategeko “Ntugasambane,” “Ntukice,” “Ntukibe,” “Ntukifuze,” n’andi mategekoyose asohorera mu kuyavuga muri make muri iri tegeko rimwe “Kunda mugenzi wawe nk’uko wikunda.” Urukundo ntabwo rugirira nabi abandi. Rero urukundo rusohoza amategeko. (Abaroma 13:8-10)

Intego yayo mategeko n’umubano hagati y’abantu no kudushoboza kumenya uko dufata bagenzi bacu, hari inzira ebyiri mumategeko! kunda Imana bwa mbere ndetse na mugenzi wawe nk’uko wikunda . Ayandi mategeko ni ukutwureka ukotwubaaya abyiri.

Gusobanukirwa uko dukunda bagenzi bacu birakomeye

Twebwe abantu ntidushobora kumenya uko dukunda abandi muburyo bwo gukiranuka, kubw’iyo mpamvu byaravuzwe kubwacu mu nyigisho mboneza mubano nyinshi za Bibiliya. Pawulo yasobanuye neza icyo urukundo aricyo mu 1Abakorinto 13 urukundo rurihangna, rugwaneza , rwishimira ukuri, ruririnda, rwizera byose, ibyiringiro, rurihangana, kandi ntirutsindwa. Urukundo ntabwo ari ukugira ishyari, ntirurakara vuba, ntirushaka ibyarwo, ntirwiimbaza, ntirwikubira, ntirubeshya, kandi ntirwirimira ikibi kubandi.

Ubu bwoko bw’urukundo bugomba kubaho buri munsi mu muryango mubandi bantu tubana nabo n’abaturanyi bacu batandukanye. Uru rukundo ntawbo rworoshye, ariko gusa ruturuka “mu mutima uboneye n’umutimanama wo kwizera kutaryarya” (1:5). Bikiroroha cyane mu muco umwe aho umuntu umuco utegeka gukundana bigakomera cyane mu muco aho imico itandukanye. Mukuri,ibiranga urukundo biteza urujijo kandi akensi byumvikana nabi.

1. Urukundo nk’ikintu rusange n’inyigisho icukumbuye

Mu by’ukuri, hano hari ubwoko bubiri bw’amategeko mu byanditswe gukunda, abandi: abantu rusange n’umuntu mubana bombi babarabikeneye. Ntidutinyuka ko kubaho ubwacu mu buryo ubwaribwose dushobora kandi kudasuzugura abandi inyigisho zisobanutse ziboneka hombi mu Isezerano Rishya n’iryu Kera (ariko by’umwihariko mu Isezerano Rishya). Imana yaremye abantu irabakeye, ariyo mpamvu bari muri gahunda yayo. Twebwe abantu turatandukanye kandi akensi mu isi y’urujijo, ntawbo tuzi uburyo nyabwo bwo gukunda abandi tudafite umuyoboro w’inyigisho n’ingero z’ibyanditswe.

Mugihe kimwe, akensi uko twasobanura izi nyigisho mu buryo burambuye, kubw’ibyo ihame ry’urukundo akensi bakingiriza umucyo dukeneye gukoreramo. Igihe ishyirwa mubikorwa ry’amategeko abiri agaragara nk’ashyamiranye cyangwa igehe imico ibiri ihuriye hamwe bikaba ibantu bikomeye kugirango ishyirwa mu bikorwa ry’ibyanditswe bikwiranye ihame ry’urukundo rishobora ku twereka inzira.

2. Itandukana ry’umuco ku rukundo rwa Gikristo rw’ukuri

Igihe abantu runaka bumva Bibiliya ngo “ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda,” bagira igitekerezo cyo kwibaza icyo urukundo ari cyo, imibereho y’umuco wabo n’umutima nama bibabwira icyo bagomba gukora. Isimburana ry’amagambo “ibyo ushako ko abandi babagirira abe ari byo namwe mubagirira” rirasobanura neza ibantu. Aya magambo arashaka kuduha igitekerezo cyicyo undi akeneye. Urukundo rusaba ko “icyo ukeneye ko abandi bakugirira abe ari nacyo nawe ubagirira, ese nanjye ndi mu mwanya wabo nibyo nakwiyifurije?”

Iri bwiriza rizana inzitizi mu kuduha inama murindi tsinda rifite imyitwarire yihariye, nyamara, igehe umuntu agerageza kwerekana urukundo [p.11] kuri mugenzi we wo muyindi mico itandukanye, “nk’uko yikunda” yerekana urukundo gake cyane. Urugero niba umugore wanje angaburiye ibiryo biriho inyama z’ingurube ku ba Nyamerika bashobora kubibona nk’igikorwa cy’urukundo. Niba agabuye igaburo nk’iri ririho inyama z’ingurube ku Bayahudi cyangwa Abisilamu, n’abatanya inyama, bishobora kubabaza.

Dutekereza twese urukundo Abahinemosi mu kubajyana mu bitaro mu bwato ibirometero birenga makumyabiri tubajyana mu bitaro. Nyamara ubuzima bwa benshi muri bo bwarakize, ibitaro kuribo ni nk’inzu y’imbohe, by’umwihariko bitewe n’imyemerere yabo kubijyanye n’urupfu. Bemera ko iyo umuntu apfuye agapfira kure y’urugo, umwuka we ntushobora kongera kubona inzira ngo ugaruke mu rugo gushyingurwa neza bigatuma uteza ibyago cyangwa ibibazo umuryango wose.

Igikorwa umuntu abona ko ari icy’urukundo mu muco umwe runaka muby’ukuri gihinduka ikintu gishobora gukomeretsa mu genzi wawe wo mu wundi muco. Ibikorwa bimwe nabimwe bishobora kubateza gusitara no gutakaza ukwizera. Bisaba akensi kugendera ku 1Abakorinto13 urukundo ruvugwa, rwihangana kandi rugwa neza, ariko rutihimbaza, ntirusuzugura, ntirushaka ibyarwo, ntirwihutira kurakara.

Iki cyerekana ko; hari ibyanditswe bifite imbibí z’aho tutarenga mu kwemera imyitwariryé y’umuntu. Twebwe Abakristo ntitudgombá gukora ibyo twishakiye ngo twirengagize inyigisho ziri mubyanditswe. Ahubwo, tugomba gukunda mu buryo

bwose bwerekana urukundo tukiri mu kumvira amategeko yose ya Bibiliya. Intego yo gukunda abandi itwereka gushyira mu bikorwa ry'amategeko: ntabwo iyasimbura.

Ugukoresha intambwe yo gusobanura: Ingero ebyiri za Blibiliya

Kozanya ibirenge

Mbere y'ifunguro rya nyuma, Yesu yogeje ibirenge intumwa ze arangije aravuga ati,

Kuba jye, umwigisha wanyu n'umwami, nabogeje ibirenge, mukwiriye koza ibyabandi namwe. Nabashyiriyeho urugero mukwiriye gukorera abandi nk'uko namwe mbibakoreye. (Yohana 13:14-15).

Amatorero make cyane y'ikigihe akurikiza ibi ijambo ku ijambo. N'ubwo aya matorero akora uyu muhango wokozanya ibirenge babikora kubera ibihe bidasananzwe bakanabikora nk'ikimenyetso. Hari impamvu yumvikana, kozanya ibirenge nk'itegeko ryo mu buryo bw'umwimerere bishobora kugira umumaro muke mu muco w'ahantu bambara inkweto n'amasogisi, bagenda ahantu hatari umukungungu, kandi banabona amamazi yokoga ahagije.

